

REPUBULIKA Y'U RWANDA



INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

**RAPORO KU KARENGANE GAKORERWA U RWANDA
HASHINGIWE KU MUTEKANO MUKE MU BURASIRAZUBA
BWA REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA
KONGO**



YAKOZWE N'ITSINDA RIGIZWE NA :

Senateri Dr BIZIMANA Jean Damascène, Perezida w'Itsinda

Depite UWIMANIMPAYE Jeanne d'Arc, Umwanditsi w'Itsinda

Senateri Prof. KARANGWA Chrysologue

Senateri MUKABALISA Donatille

Senateri MUKASINE Marie Claire

Depite BAZATOHA Adolphe

Depite Ambasaderi KAYINAMURA Gedeon

Kigali, 11 Gashyantare 2013

REPUBULIKA Y’U RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

**RAPORO KU KARENGANE GAKORERWA U RWANDA HASHINGIWE KU MUTEKANO
MUKE MU BURASIRAZUBA BWA REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO**

YAKOZWE N’ITSINDA RIGIZWE na:

Senateri Dr BIZIMANA Jean Damascene, Perezida

Depite UWIMANIMPAYE Jeanne d’Arc, Umwanditsi

Senateri Prof. KARANGWA Chrysologue

Senateri MUKABALISA Donatille

Senateri MUKASINE Marie Claire

Depite BAZATOHA Adolphe

Depite Ambasaderi KAYINAMURA Gedeon

KIGALI, 11 Gashyantare 2013

ISHAKIRO

1. INKOMOKO YA RAPORO.....	8
2. UBURYO BWAKORESHEJWE MU BUSHAKASHATSI NO MU BWANDITSI	11
UMUTWE WA MBERE : AMATEKA YA KONGO N’ISANO AFITANYE N’U RWANDA.....	13
ICYICIRO CYA MBERE: AMATEKA YA MBERE NA NYUMA Y’UBWIGENGE BWA KONGO	13
Igice cya mbere: Imiterere y’Akarere mbere ya 1885.....	13
Igice cya kabiri: Isano y’u Rwanda n’Uburasirazuba bwa Kongo	15
1. Ubukoroni.....	15
2. Isano ishingiyeye ku Banyekongo bavuga ikinyarwanda	16
3. Ingengabitekerezo ya Jenoside n’ingaruka zayo	17
Igice cya gatatu: Ubwenegihugu n’ivangura ryakorewe abanyekongo bavuga ikinyarwanda	18
1. Amategeko yo mu gihe cy’ubukoroni.....	18
2. Amategeko ya nyuma y’ubwigenge.....	18
3. Ingaruka z’ihindagurika ry’amategeko arebana n’ubwenegihugu	19
ICYICIRO CYA KABIRI: IKWIRAKWIZWA RY’INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE MU BURASIRAZUBA BWA KONGO ITURUTSE MU RWANDA	21
ICYICIRO CYA GATATU: INTAMBARA ZO MU BURASIRAZUBA BWA KONGO NYUMA Y’IHUNGA RYA EX-FAR N’INTERAHAMWE	22
Igice cya mbere: Intambara ya mbere yatangijwe na AFDL.....	22
Igice cya kabiri: Intambara ya kabiri yatangijwe na RCD.....	23
Igice cya gatatu: Intambara ya gatatu yatangijwe na CNDP	24
UMUTWE WA KABIRI: AKARENGANE GAKORERWA U RWANDA HASHINGIWE KU BIBAZO BY’UMUTEKANO MUKE MU BURASIRAZUBA BWA KONGO	26
ICYICIRO CYA MBERE : URUHARE RW’UMURYANGO W’ABIBUMBYE	26
Igice cya mbere : Raporo ya Robert GERSONY.....	27
1. Amakosa ya GERSONY.....	27
2. Uko ibinyoma bya GERSONY byatahuwe.....	28

2.1.	Ibyagaragajwe n’Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta	28
2.2.	Anketi ya MINUAR.....	28
2.3.	Anketi y’Impuguke z’Umuryango w’Abibumbye	29
	Igice cya kabiri : Raporo za Roberto GARRETON.....	30
1.	Ibirego bya Roberto GARRETON ku Rwanda	30
2.	Amakosa ya Roberto GARRETON.....	32
	Igice cya gatatu : Raporo yiswe “PROJET MAPPING”	34
1.	Gupfobya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi	34
2.	Guhesha agaciro umutwe wa FDLR.....	35
2.1.	Kwamaganwa kwa FDLR ku rwego rw’Umuryango w’Abibumbye	36
2.2.	Kwamaganwa ku rwego rw’Umuryango w’Afurika Yunze Ubumwe	37
2.3.	Kwamaganwa ku rwego rw’Umuryango w’Ibihugu by’Iburayi	38
2.4.	Impamvu yatumye ingabo z’u Rwanda zijya muri Kongo	39
2.5.	Isohoka rya Raporo MAPPING n’ibyaha by’abasirikare ba MONUSCO	42
	Igice cya kane : Inenge z’itsinda rya STEVEN HEGE na raporo yaryo	42
1.	Kumena amabanga akubiye muri Raporo mbere yuko ishyikirizwa ONU.....	43
1.1.	Kumena ibanga mu itangazamakuru	43
1.2.	Impamvu yateye Abakozi ba MONUSCO kumena ibanga	44
1.3.	Ubufatanye hagati ya Human Rights Watch n’itsinda rya Steven HEGE	45
1.4.	Kwifashisha amakuru y’ibinyoma n’adafitiwe icyizere	46
1.5.	Kwemeza ubuhamya hadakoreshejwe ubushishozi buhagije	47
1.6.	Kurega abayobozi b’u Rwanda badahawe umwanya wo kubazwa	47
1.7.	Kuza mu Rwanda mu buryo bwo kwiyererutsa.....	49
2.	Amakosa ya Steven HEGE nk’umushakashatsi n’umuyobozi w’itsinda	51
2.1.	Gushaka gukoresha Umuryango w’Abibumbye mu nyungu ze bwite.....	51

2.2.	Gukorera FDLR ubuvugizi, guhakana Jenoside no gusebya Leta y'u Rwanda	51
2.3.	Guhakana ubwenegihugu bw'abanyekongo bavuga ikinyarwanda	52
3.	Amakosa ya ONU ku birebana na Steven HEGE n'itsinda rye	53
3.1.	Guhitamo impuguke zitujuje ibyangombwa.....	53
3.2.	Amakosa yihariye ya ONU mu guhitamo Steven HEGE	54
4.	Inenge ku zindi mpuguke zigize itsinda.....	54
4.1.	Ruben DE KOENING	55
4.2.	Stevann SPITTAELS	55
4.3.	Emilie SERRALTA	56
4.4.	Marie PLAMADIALA	56
4.5.	Nelson ALUSALA.....	58
5.	Inenge za Bernard LELOUP, umusimbura wa Steven HEGE	58
5.1.	Kwita ubuyobozi bw'u Rwanda ko ari ubutegetsu bw'abanyabyaha.....	58
5.2.	Gusebya Umukuru w'igihugu cy'u Rwanda	59
5.3.	Kwitirira u Rwanda gushoza intambara muri Kongo	60
5.4.	Kubeshyera u Rwanda ubusahuzi bw'amabuye y'agaciro ya Kongo.....	61
6.	Ibirebana n'akamaro ka MONUSCO	61
6.1.	Kurwanya ubufatanye bw'u Rwanda na Kongo	61
6.2.	Gutererana abasivile	62
6.3.	Guha ibikoresho bya gisilikare imitwe yitwaje intwari.....	64
6.4.	Ibindi byaha by'indengakamere byakozwe na MONUSCO	64
6.5.	Ibirebana n'ifatwa rya Jenerali Bosco NTAGANDA.....	65
	ICYICIRO CYA KABIRI : URUHARE RWA BIMWE MU BIHUGU BIKOMEYE.....	65
	Igice cya mbere : Ibiteganywa n'amategeko mpuzamahanga	65
	Igice cya kabiri: Ibiteganywa n'amasezerano hagati y'u Rwanda n'abaterankunga (Memorandum of Understanding)	67

Igice cya gatatu : Gusabira ibihano u Rwanda no kuruhagarikira inkunga	68
1. Guhagarika inkunga mu bya gisirikare	68
2. Guhatira U Rwanda kwamagana M23.....	69
3. Gukomanyiriza u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye.....	70
4. Gukangurira amahanga gukomanyiriza u Rwanda.....	72
5. Kwitirira u Rwanda kugira ububasha kuri M23.....	73
6. Gusaba u Rwanda gutegeka M23 guhagarika intambara	73
7. Gutegeka u Rwanda kwerekana ko atari rwo ntandaro y'intambara.....	74
8. Kwimisha u Rwanda umwanya mu Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi	75
9. Kumenyeshya ihagarika ry'ubufatanye hakoreshejwe Twitter	75
10. Kutuzuzanya amasezerano ibihugu byagiranye n'u Rwanda.....	76
11. Kurwanya isubukurwa ry'inkunga igenewe u Rwanda.....	78
Igice cya kane : Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi	79
Igice cya gatatu : Kubangamira ubufatanye n'ibigo mpuzamahanga by'imari	79
Igice cya gatandatu : Imyitwarire y'u Rwanda nyuma y'ibyemezo byo guhagarikirwa inkunga	81
Igice cya karindwi : Imyitwarire y'inteko zishinga amategeko z'ibihugu by'amahanga	81
ICYICIRO CYA GATATU : URUHARE RW'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA ITARI IYA LETA (NGOs/ONG)....	82
Igice cya mbere : Human Rights Watch (HRW)	83
1. Inkomoko n'imiterere ya HRW	83
2. Imikorere mibi ya HRW yamaganywe na bamwe mu bayishinze	83
3. HRW mu mugambi wo kubeshyera u Rwanda ku buryo buhoraho	84
3.1. Ibirebana n'imiyoborere y'u Rwanda	84
3.2. Ibirebana n'intambara yo mu Burasirazuba bwa Kongo.....	85
3.3. Ibirebana n'itorwa ry'u Rwanda mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi.....	86
4. HRW ikoresha uburyo bugayitse bwo kugura ubuhamya.....	88

5. HRW ishyigikira politiki y'ivangura n'ingengabitekerezo ya Jenocide	88
Igice cya kabiri : European Network for Central Afrika (EURAC)	89
1. Kwirengagiza uruhare rwa Leta ya Kongo	90
2. Kugira u Rwanda nyirabayazana w'ibibazo bya Kongo.....	90
3. Gushyigikira abakoze ibyaha bikomeye bihanwa n'amategeko y'u Rwanda.....	92
Igice cya gatatu : Imiryango mpuzamahanga cumi n'itanu (15)	93
Igice cya kane : International Crisis Group (ICG).....	94
Igice cya gatanu : Amnesty International.....	95
ICYICIRO CYA KANE : URUHARE RW'IZINDI NZEGO MPUZAMAHANGA.....	96
Igice cya mbere : Ubutabera bw'ibihugu by'amahanga.....	96
1. Anketi ya politiki y'umucamanza Jean-Louis BRUGUIERE.....	96
2. Umucamanza Fernando ANDREU-MERELLES	98
Igice cya kabiri : Impuguke z'Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda	100
1. Filip REYTNJENS.....	101
2. André GUICHAOUA.....	102
3. Padiri Serge DESOUTER.....	103
4. Bernard LUGAN	104
5. Madeleine RAFFIN	105
6. Dr Helmut STRIZEK.....	106
Igice cya gatatu : Abashakashatsi banditse "REMAKING RWANDA"	107
Igice cya kane: Itangazamakuru mpuzamahanga	109
Igice cya gatanu : Amashyirahamwe n'amashyaka y'abanyarwanda bo mu mahanga	112
Igice cya gatandatu: Sosiyete sivile ya Kongo	114
1. Amashyirahamwe y'abanyekongo bo mu mahanga	115
2. Sosiyete sivile yo mu Burasirazuba bwa Kongo.....	117

3. Sosiyete sivile yo mu zindi Ntara za Kongo	120
Igice cya karindwi : Abanyamadini bo muri Kongo	122
Igice cya munani : Inzego z’ubuyobozi bwa Kongo	126
1. Guhohotera no kwica Urubozo abanyarwanda.....	126
2. Kwica urubozo.	127
3. Gushakwaho ku gahato ibimenyetso byo gushinja u Rwanda	128
4. Kwicishwa inyota, inzara n’iyicwarubozo.	128
Amwe mu mafoto agaragaza uburemere bw’ibikorwa by’itotezwa n’iyicarubozo ryakorewe abanyarwanda muri kongo.....	130
5. Kwamburwa amafaranga n’ibindi bya ngombwa	131
6. Ihohoterwa ryakorewe Abanyekongo hashingiwe ku bwoko bwabo	131
7. Kwirengagiza uburenganzira bw’impunzi z’abanyekongo ziri mu Rwanda	133
UMUTWE WA GATATU: URUHARE RW’U RWANDA MU KUBAKA UMUTEKANO URAMBYE MU KARERE NO MURI KONGO	135
ICYICIRO CYA MBERE: INGAMBA N’IBIKORWA BYAGARAGAJWE N’U RWANDA MU KUBUNGABUNGA AMAHORO N’UMUTEKANO MURI KONGO.....	135
Igice cya mbere: Uruhare rw’u Rwanda mu kubaka amahoro mu Karere.....	135
Igice cya kabiri : Uruhare rw’u Rwanda mu gufasha Kongo kurwanya Imitwe yitwaje	137
1. Gufatanya na Kongo mu bikorwa byo kurwanya FDLR n’indi Mitwe	137
2. Inkunga mu gukemura ikibazo cy’intambara ya CNDP	138
3. Ibyagezweho mu gikorwa cya “UMOJA WETU”	138
3.1. Ibihe by’ingenzi byaranze UMOJA WETU	138
3.2. Umusaruro watanze na UMOJA WETU	140
3.3. Ingorane “UMOJA WETU” yahuye nazo	141
3.3.1. Ingorane zatewe na Kongo	142
3.3.2. Ingorane zatewe n’Umuryango w’Abibumbye.....	143
4. Itsinda ry’iperereza rihuriweho n’ibihugu byombi (Joint Intelligence Team)	143

5. Umutwe w’abasirikare wihariye wahuriweho n’u Rwanda na Kongo	146
Igice cya gatatu: Inkunga y’u Rwanda mu gukumira no guhagarika intambara muri Kongo.....	146
Igice cya kane : Uruhare rwihariye rw’Umukuru w’Igihugu cy’u Rwanda	150
ICYICIRO CYA GATANU: IBIREGO BISHINGIYE KU MABUYE Y’AGACIRO YA KONGO	151
Igice cya mbere: Amategeko agenga ubucukuzi n’ubucuruzi bw’amabuye y’agaciro.....	151
Igice cya kabiri: U Rwanda rufite amabuye y’agaciro kuva kera.....	152
ICYICIRO CYA GATANU: INGARUKA MBI ZA RAPORO YA STEVEN HEGE	156
Igice cya mbere : Ingaruka kuri Kongo	156
Igice cya kabiri: Ingaruka ku Rwanda	157
1. Gukingira ikibaba ibikorwa by’iterabwoba bya FDLR.....	157
2. Ingaruka ku iterambere ry’u Rwanda n’ubuhahirane mu Karere	158
3. Gusebya abayobozi bakuru b’u Rwanda	158
4. Kubangamira amasezerano y’uruja n’uruza rw’abantu n’ibintu	158
Igice cya 3 : Ingaruka ku Muryango w’Abibumbye	159
UMUSOZO	160
IMYANZURO	162
A. Inama y’Umuryango w’Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi.....	162
B. Ibihugu by’Amahanga	163
C. Imiryango Mpuzamahanga itari iya Leta.....	163
D. Guverinoma y’u Rwanda	164
E. Inteko Ishinga Amategeko.....	164
F. Sosiyeti sivili n’Itangamakuru	165
IMIGEREKA	I

INTANGIRIRO

1. INKOMOKO YA RAPORO¹

Uburasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo², cyane cyane Intara za Kivu y'Amajyaruguru na Kivu y'Amajyepfo, zaranzwe n'umutekano muke n'intambara zikomeje kwibasira ako Karere kandi zikagira ingaruka ku bindi bihugu bituranye na Kongo, cyane cyane u Rwanda. Intandaro y'icyo kibazo ishingiyeye ku mateka y'izo Ntara zituwe n'igice cy'abaturage b'abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda n'uruhare rw'abakoloni rwagize ingaruka mu miturire y'izo Ntara.

Icyo kibazo cyarushijeho gukomera guhera muri Nyakanga 1994 biturutse ku ngaruka za jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda, ubwo nyuma yo gutsindwa kw'ingabo zayikoze n'abo bari bafatanyije, bahungiyeye muri Zayire³, bagakomeza ibikorwa by'ubwicanyi, gukora imyitozo ya gisilikare, gushaka intwari no kugaba ibitero mu Rwanda.

Umuryango w'Abibumbye n'indi miryango mpuzamahanga n'igihugu cya Zayire ntibashoboye gukemura icyo kibazo biba intandaro y'intambara zitandukanye zirimo iyahuje ibihugu umunani muri 1998, ndetse havuka imitwe myinshi yitwaje intwari za gisilikare ikomeza guhungabanya amahoro n'umutekano mu Karere. Akenshi imwe muri iyo mitwe ishingwa ku bufatanye n'ubuyobozi bwa Kongo kandi igafatanyaga n'ingabo za Leta ya Kongo.

Zimwe muri izo ntambara zakozwe n'imitwe ya politiki y'abanyekongo (AFDL, RCD, CNDP) ifite amashami ya gisilikare, zirangizwa n'imishyikirano n'amasezerano y'amahoro yagombaga kubahirizwa na buri ruhande. Leta ya Kongo yahawe inshingano zo kwinjiza abasirikare b'iyo mitwe mu ngabo z'igihugu no kubahiriza izindi nshingano zirimo gucya impunzi z'abanyekongo bavuga ikinyarwanda bahungiyeye mu bihugu bitandukanye kubera intambara, abenshi bakaba bari mu Rwanda na Uganda.

Ni muri urwo rwego hasinywe amasezerano ya Lusaka yo ku wa 10 Nyakanga 1999. Mu buryo bwo gufasha Kongo mu ishyingirwa mu bikorwa ry'ibikubiye muri ayo masezerano, Umuryango w'Abibumbye wafashe icyemezo N0 1279 cyo ku wa 30 Ugushyirahamwe 1999 gishyirahamwe ingabo za MONUC (Mission des Nations Unies au Congo). MONUC yaje

¹ Muri iyi Raporo, harimo amagambo akoresheje mu ndimi z'amahanga : igifaransa cyangwa icyongereza, cyane cyane ibyemezo by'Imiryango mpuzamahanga n'amagambo yavuzwe n'abayobozi b'abanyamahanga. Twabikoze nkana mu buryo bwo kubahiriza ireme ry'icyashatse kuvugwa n'abo bantu, ariko twagerageje kugaragaza muri make ibitekerezo bikubiyemo.

² Mu buryo bwo kworoshya imyandikire, muri iyi raporo turakoresheje ijamba Kongo bishakira kuvuga Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.

³ Niko Kongo yitwaga icyo gihe.

guhindurirwa izina ku itariki ya 1 Nyakanga 2010 yitwa MONUSCO (Mission de l'Organisation des Nations unies pour la stabilisation en République démocratique du Congo) ikaba ifite inshingano zo kugarura amahoro n'umutekano muri Kongo hibandwa cyane cyane ku bikorwa byo kurengera abaturage b'abasivile.

Mu rwego rwo guhangana n'ibyaha bikomeye n'intambara bikorerwa muri Kongo, Umuryango w'Abibumbye wafashe icyemezo muri 2003 cyo kubuza igurwa ry'intwari no gufasha imitwe ya gisilikare kubona intwari⁴. Icyo cyemezo cyanabage Guverinoma ya Kongo cyavanyweho muri 2008 ku ruhande rwa Guverinoma, gisigara kireba gusa imitwe yitwaje intwari za gisilikare⁵.

Hagamijwe kunoza iyubahirizwa ry'ibyo byemezo by'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi, Umuryango w'Abibumbye wafashe ibindi byemezo bitandukanye byo gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byose birebana n'itangwa n'igurishwa ry'intwari ku mitwe ya gisilikare ikorera ku butaka bwa Kongo, atari mu Burasirazuba bw'icyo gihugu bwonyine. Ibyo byemezo bigena uburyo bwo guhana imitwe yitwaje intwari n'abayifasha⁶.

Ni muri ubwo buryo, ku itariki ya 12 Werurwe 2004 hashyizweho Ishami (Komite) ry'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi rishinzwe kugenzura ishyingirwa mu bikorwa ry'ibyo byemezo no gufata ibihano ku batarabyubahirije⁷. Icyo cyemezo cyavugururwe kenshi mu rwego rwo kunoza ibitaragenda neza hakurikijwe imiterere y'ibibazo n'imikorere y'imitwe yitwaje intwari ifite amayeri menshi yo kutubahiriza ibyemezo bya ONU no kubica ku ruhande.

Kugira ngo Komite y'ibihano ishobore kumenya amakuru yifashisha impuguke zoherezwa muri Kongo zigakora raporo igaragaza imiterere y'ibibazo by'umutekano muke, ababitera, ikibyihishe inyuma, kandi zigatanga inama n'ibyifuzo byafasha Umuryango w'Abibumbye gufata ibyemezo nyabyo byo kubungabunga amahoro muri Kongo no mu Karere.

Hakurikijwe manda bahawe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ku wa 21 Kamena 2012, itsinda ry'abiswe impuguke z'uwo Umuryango ryasohoye raporo y'agateganyo ku kibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo⁸ cyatewe ahanini n'imirwano hagati y'ingabo za Leta n'umutwe wa gisilikare wa M23. Raporo yashyizwe

⁴ Icyemezo N^o 1493 cyo ku wa 28 Nyakanga 2003 cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi

⁵ Icyemezo N^o 1807 cyo ku wa 31 Werurwe 2008 cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi

⁶ Ibyemezo N^o 1533 (2004), 1596 (2005), 1649 (2005), 1698 (2006), 1768 (2007), 1771 (2007) na 1799 (2008). Icyemezo cya mbere cyo muri 2003 cyabage gusa imitwe yitwaje intwari za gisilikare ikorera mu ntara za Kivu y'Amajyaruguru, Kivu y'Amajepfo no muri Ituri.

⁷ Icyemezo N^o 1533

⁸ Raporo y'izo mpuguke isohoka kabiri mu mwaka, iya mbere y'agateganyo isohoka mu kwezi kwa Gicurasi cyangwa Kamena naho iya nyuma igasohoka mu kwezi kwa Ukwakira cyangwa Ugushyingo.

ahagaragara yavanywemo imigereka yayo, bikavugwa n'itangazamakuru ko yarimo ibirego bishinja u Rwanda gushyigikira M23.

Raporo y'agateganyo ikimara gusohoka, itangazamakuru mpuzamahanga ryayivuzeho byinshi, haba radiyo, televiziyo n'ibinyamakuru byandika, rigaragaza ko impuguke za ONU zivuga ko zifite ibimenyetso byerekana ko bamwe mu bayobozi b'ingabo z'u Rwanda bashyigikiye ibikorwa bya M23⁹. Ku isonga ry'abaregwa hari Minisitiri w'Ingabo, Jenerali James KABAREBE; Umugaba Mukuru w'Ingabo, Jenerali Charles KAYONGA n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisitiri y'ingabo, Brigadiye Jenerali Jack NZIZA, n'abandi bayobozi bakuru b'ingabo z'u Rwanda.

U Rwanda rwagaragaje ko ibyo birego byose nta shingiro bifite, ko raporo ya ONU ibogamye, ishingiyeye ku bimenyetso bitakorewe icukumbura rya ngombwa, ko u Rwanda rutigeze rubazwa n'izo mpuguke mbere yo gusohora raporo y'agateganyo¹⁰.

Mu biganiriro byakozwe n'abayobozi b'u Rwanda mu nzego mpuzamahanga zitandukanye, bagaragaje impungenge batewe no gushyirwa mu majwi kwa Leta y'u Rwanda hashingiye ku binyoma, nta no guha u Rwanda umwanya wo kwisobanura mbere yo gutangaza ibirego bikomeye nk'ibyo. Abayobozi b'u Rwanda bagaragaje ko mu gihe cya vuba Guverinoma izatanga ibimenyetso ku birego byose bivugwa ku Rwanda¹¹. icyo gisubizo u Rwanda rwagitanze mu buryo bwanditse ku itariki ya 27 Nyakanga 2012 rugishyikiriza Umuyobozi w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe ibihano kuri Kongo¹².

Ku itariki ya 12/10/2012, nibwo raporo ya nyuma y'itsinda ry'impuguke yatangajwe. Muri iyo raporo, itsinda ry'impuguke rivuga ko ryashyikirijwe ibisobanuro byatanzwe na Guverinoma y'u Rwanda ariko rigasobanura ko ritigeze rihindura imyanzuro yaryo kuko ngo basanga nta kintu gifatika Guverinoma y'u Rwanda igaragaza cyatuma bahindura ibirego bashinja u Rwanda ku birebana n'umutekano muke mu burasirazuba bwa Kongo. Raporo y'iryo tsinda yakomeje gushimangira ko u Rwanda rushyigikiye, mu rwego rwa gisilikare, M23 n'imitwe imwe n'imwe ikorera mu Burasirazuba bwa Kongo.

Mu gisubizo cyatanzwe na Guverinoma y'u Rwanda, buri kirego cyahawe ibisobanuro n'ibimenyetso bifatika, birimo n'inyandiko, bigaragaza ko nta reme bifite, ko ntaho u Rwanda ruhuriye n'ibyo rushinjwa muri raporo. Guverinoma y'u Rwanda kandi yagaragaje uburyo

⁹ Guhera mu kwezi kwa Mata 2012, umutekano warahungabanye cyane mu Burasirazuba bwa Kongo bitewe ahanini n'ivuka ry'umutwe wa gisilikare wa M23 urega Leta ya Kongo kuba itarubahirije ibikubiye mu masezerano y'amahoro yashyizweho umukono hagati ya Guverinoma na CNDP ku wa 23 Werurwe 2009. Iyo ntambara yatangiye biturutse ku mpamvu zitandukanye harimo icyemezo cya Perezida KABILA cyo gufata Jenerali Bosco NTAGANDA no kumushyikiriza Urukiko mpuzamahanga rwa La Haye.

¹⁰ Ibisobanuro kuri icyo kibazo byatanzwe na Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga n'ubutwererane w'u Rwanda

¹¹ Jeune Afrique yo ku wa 28/06/2012 : "RDC -Nord Kivu : Le Rwanda veut fournir des preuves que les accusations sont fausses."

¹² Republic of Rwanda, Ministry of Foreign Affairs and Cooperation: Rwanda's Response to the allegations contained in the addendum to the UN Group of Experts interim Report.

ubushakashatsi bwakozwe n'itsinda ry'Umuryango w'Abibumbye bwanyuranyije n'amategeko agenga ubushakashatsi mpuzamahanga, haba mu buryo bwakoreshejwe mu gushaka amakuru, kubona ibimenyetso byo gushinja, ndetse n'imyitwarire y'impuguke za ONU igaragaramo kubogama no gukora icukumbura rigamije gushinja gusa.

Guverinoma y'u Rwanda yerekanye ko umuyobozi w'izi mpuguke, Bwana Steven HEGE ari umuntu wagaragaje kwikoma Leta y'u Rwanda no gushyigikira umutwe wa FDLR ugizwe n'interahamwe n'abahoze ari abasirikare mu ngabo zatsinzwe bahunze igihugu bamaze gukora Jenocide. Aho bagereye muri Kongo, abo bicanyi bakomeje ibikorwa by'ubwicanyi n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu, ibyaha by'intambara, ibyaha bimunga ubukungu n'iyicarubozo bakorera abaturage ba Kongo.

Nubwo ibisobanuro byatanzwe na Guverinoma y'u Rwanda bifite ireme n'ukuri kandi bikagaragaza ibimenyetso byerekana ko buri kirego nta shingiro gifite, u Rwanda rwafatiwe ibyemezo bishingiye kuri iyo raporo; ibyo byemezo binafatwa ikiri na raporo y'agateganyo itaremezwa n'Umuryango w'Abibumbye. Ibyo byemezo byafashwe n'ibihugu bimwe bihagarika imfashanyo byageneraga u Rwanda, ibindi birarukomanyiriza binyuze mu miryango mpuzamahanga y'imari.

Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda yifuje kumenya neza imiterere y'icyo kibazo, itegura ikiganiro nyunguranabitekerezo gihuriweho n'Imitwe yombi. Icyo kiganiro cyabaye ku itariki ya 04 Ukuboza 2012 mu Nteko Ishinga Amategeko, gitangwa na Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi. Nyuma y'ibisobanuro byatangiye muri icyo kiganiro, Inteko Rusange y'Imitwe yombi yasanze ari ngombwa kugicukumbura ku buryo buhagije, ifata umwanzuro wo kugena uburyo bwo gukora ako kazi.

Ku wa 07 Ukuboza 2012, Inteko Rusange y'Umutwe wa Sena n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite zarateranye zishyiraho **Itsinda rishinzwe gusesengura impamvu zituma ukuri kuvugwa n'u Rwanda ku bibazo biri mu Burasirazuba bwa Kongo kutemerwa n'amahanga**¹³. Inteko Rusange zemeje abagize Itsinda¹⁴ ndetse n'inshingano rifite.

2. UBURYO BWAKORESHEJWE MU BUSHAKASHATSI NO MU BWANDITSI

Abagize Itsinda bakoze inama zitandukanye bungurana ibitekerezo kandi bafata ingamba zirebana n'uburyo bazakoresha kugirango barangize inshingano zabo neza kandi mu gihe bahawe. Bemeje kubahiriza amahame mpuzamahanga y'ubushakashatsi haba mu gukusanya no gusesengura inyandiko n'amakuru, kuganira n'abatangabuhamya no mu isuzuma

¹³ Inshingano z'abagize itsinda ziri ku mugereka w'iyi raporo

¹⁴ Abagize Itsinda bashyizweho n'Inteko Rusange ni Abadepite 4 n'Abasenateri 4. icyakora Depite MUKAYUHI RWAKA Constance yararwaye ntiyashobora gukomezanya n'Itsinda.

ry'ibindi bimenyetso byose bikenewe. Ay'ingenzi muri ayo mahame ni ayerekeye kwubahiriza ukuri no kwiga impamvu zose z'ikibazo n'imiterere yacyo nta kubogama cyangwa kwirengagiza ukuri (neutralité, independence, impartialité).

Ku birebana n'abatangabuhamya, abagize itsinda bifashishije abantu batandukanye bafite ubumenyi n'ubunararibonye ku kibazo kirebana n'amahoro n'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo by'umwihariko no mu bihugu bigize akarere k'ibiyaga bigari muri rusange. Abatangabuhamya bifashishijwe n'itsinda bari mu byiciro bitandukanye birimo impuguke mu by'amateka, politiki mpuzamahanga, ubumenyi mu bya gisilikare, imiterere y'imitwe yitwaje intwari ikorera mu karere, imikorere y'imiryango mpuzamahanga yaba ihuje ibihugu n'itari iya Leta, itangazamakuru mpuzamahanga, impuguke mu bushakashatsi n'isesengura ry'ibibazo bya politiki yo mu Karere, etc.

Amakuru kandi yashakiwe mu nzego za Leta y'u Rwanda zagize uruhare mu gukurikirana ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo n'ingaruka icyo kibazo cyateye u Rwanda. Ni muri urwo rwego abagize itsinda baganiriye na Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri ushinze Umutungo kamere. Ibibazo by'ingenzi byaganiriweho na buri wese muri aba ba Minisitiri biri ku mugereka w'iyi Raporo. Muri ibyo biganirwa kandi, abagize itsinda basabye kandi bahabwa na buri Minisiteri inyandiko zose za ngombwa zanditswe na Leta y'u Rwanda cyangwa abanyamahanga zirebana n'ikibazo cy'umutekano muke muri Kongo, zikaba zarifashishijwe mu gusesengura amakuru no kwandika iyi raporo.

Andi makuru yashakiwe mu batangabuhamya bahuye n'ibibazo bitandukanye byo gufungirwa muri Kongo no guhohoterwa nyuma y'itangira ry'imirwano ya M23. Abagize itsinda babonye n'abanyarwanda bahohotewe muri Kongo kugirango hashobore kugaragazwa amakuru y'imvaho y'ibibazo abanyarwanda bahura nabyo. Abagize itsinda kandi bifashishije ubuhamya bwakiriwe na Komisiyo ya Sena y'ububanyi n'amahanga, ubutwererane n'umutekano yakoreye ingendo mu nkambi zose z'impunzi z'Abanyekongo ziri mu Rwanda. Ubuhamya bwashingiweho bwari bubanje gusuzumanwa ubwitonzi n'ubushishozi hakerekanywa ukuri gukubiyemo.

Abagize itsinda bashakije kandi by'umwihariko amakuru mu nyandiko z'Umuryango w'Abibumbye n'Imiryango itari iya Leta yo mu mahanga muri rusange no muri Kongo by'umwihariko, mu itangazamakuru mpuzamahanga no mu bashakashatsi. Basomye raporo y'impuguke z'Umuryango w'Abibumbye hamwe n'igisubizo cyatanzwe na Leta y'u Rwanda.

Ikigaragarira abagize itsinda ari nacyo iyi raporo yibandaho, nuko amakuru ryakusanyije agaragaza ko hari akarengane amahanga akorera u Rwanda hashingiwe ahanini ku nyungu za politiki, ubukungu n'ubucuruzi muri Kongo. U Rwanda rwagizwe nyirabayazana w'ikibazo cyitaruturutseho kandi rudafitemo uruhare, hirengagizwa inkomoko yacyo nyayo, impamvu

zagiteye, imiterere yacyo, ababifitemo uruhare n'ingamba nyazo zo kugicyemura ku buryo burambye.

UMUTWE WA MBERE : AMATEKA YA KONGO N'ISANO AFITANYE N'U RWANDA

Kugira ngo uwo ari we wese ashobore kumva neza impamvu zitandukanye zituma nyuma y'ubwigenge bwa Kongo, umutekano muke wabaye karande mu Burasirazuba bw'icyo gihugu, ni ngombwa ko amateka y'aho hantu asesengurwa ku buryo bwimbitse. Kugaruka kuri ayo mateka byafasha uwo ari we wese ufite ubushake bwo kumenya ukuri ku gitera uwo mutekano muke muri ako gace ka Kongo. Ayo mateka yavugwaho byinshi ariko kubera ko ikigenderewe muri iyi nyandiko ari ukugaragaza impamvu nyamukuru zakomeje kuba imbarutso y'umutekano muke muri Kivu zombi, twasanze twakwibanda ku mateka arebana n'ibi bikurikira:

- a) Imiterere y'aka karere n'imipaka yako mbere na nyuma y'ubukoroni;
- b) Isano u Rwanda rufitanye na Kongo ishingiyeye ku banyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda;
- c) Uruhare rw'ingengabitekerezo ya jenocide yakwirakwijwe mu karere;
- d) Uruhare rwa Leta zagiye zisimburana muri Kongo;
- e) Uruhare rw'ibibazo byabaye mu bihugu bihana imbibi n'aka karere.

ICYICIRO CYA MBERE: AMATEKA YA MBERE NA NYUMA Y'UBWIGENGE BWA KONGO


Amateka agaragaza uburyo igice cy'Uburasirazuba bwa Kongo gituwe na bamwe mu baturage bavuga ururimi rw'ikinyarwanda.

Igice cya mbere: Imiterere y'Akarere mbere ya 1885

Mbere y'uko abazungu bagabana ibihugu by'Afurika mu nama yabereye i Berlin mu Budage, hagati y'itariki ya 15 Ugushyirwa 1884 n'ya 26 Gashyantare 1885, teritwari za Goma, Masisi, Rutshuru n'ikirwa cya Ijwi zari mu bice bigize u Rwanda. Izo teritwari zaje kwegurirwa Congo Belge mu masezerano anyuranye yabaye hagati y' Ububiligi n'Ubudage ku wa 14 Gicurasi 1910¹⁵; nk'uko hari ikindi gice cy'u Rwanda cyeguriwe igihugu cya Uganda. Ibyo bice u Rwanda rwatakaje byajyanye n'Abanyarwanda bari babituyemo ariko ntibahindura umuco cyangwa ururimi; bese barakomeje bavuga ikinyarwanda n'ubwo batari bagifite ubwengehugu nyarwanda. Ikarita ikurikira irerekana uko imipaka y'u Rwanda yari iteye mu mwaka wa 1885.

¹⁵ Amasezerano hagati y'Ubudage n'Ububiligi yegurira ibice by'u Rwanda igihugu cya Congo

Le Rwanda en 1896



En 1896, le Rwanda s'étendait bien plus au nord qu'actuellement. La plupart de ses districts étaient soumis à l'impôt. Seuls quatre royaumes ne payaient pas tribut : Busige et Bumbogo, dans le centre du Rwanda, et Bukunzi et Busozo, dans le sud.

Igice cya kabiri: Isano y'u Rwanda n'Uburasirazuba bwa Kongo

Uburasirazuba bwa Kongo bufitanye isano itaziguye n'u Rwanda ishingiyeye kuri ibi bintu bitatu by'ingenzi:

(a) amateka y'ubukoroni, kubera ko igice kimwe cyari kigize u Rwanda mbere y'ubukoroni cyeguriwe Kongo kandi ibihugu byombi bikaza gutegekwa n'Ububirigi (1916) Ubudage bumaze gutsindwa intambara ya mbere y'Isi ;

(b) abaturage bavuga Ikinyarwanda basigaye muri biriya bice byeguriwe Kongo mbirigi (Congo belge) mu ntangiriro z'ubukoroni n'abandi abakoroni ubwabo bimuriye muri Kongo hagati ya 1937 na 1954, muri gahunda yiswe "Mission Immigration Banyarwanda";

(c) ingengabitekerezo ya Jenocide yakwirakwijwe muri aka karere guhera mu gihe cy'ubukoroni, ikomeza gukwirakwizwa n'abakoze jenocide mu Rwanda muri 1994 bahungiyeye muri Kongo.

1. Ubukoroni

Mu ntambara ya mbere y'Isi, Abongereza n'Ababirigi bamaze gutsinda Abadage, Ababirigi bigaruriye Ruanda-Urundi babyomera kuri Kongo yari isanzwe ari koroni yabo, naho Abongereza batwara Tanganika territory¹⁶.

Muri 1919, amasezerano ya Versailles (Le traite de Versailles) yarangije intambara ya mbere y'Isi, ni yo yemeje burundu ko u Ruanda-Urundi byeguriwe Ububirigi bikomekwa kuri Congo belge. « Societe des Nations » (SDN) yaje kuragiza u Bubirigi (sous tutelle) Ruanda-Urundi. Iyi nshingano u Bubirigi bwaje kuyemera mu Kwakira 1924.

Iri ragizwa ryongeye kwemezwa n'Umuryango w'Abibumbye (ONU), imaze gusimbura « Societe des Nations » (SDN), nyuma y'intambara ya kabiri y'Isi muri 1946.

Intego nyamukuru yahabwaga igihugu kiragijwe ikindi yari iyo «gufasha ibihugu by'indagizo kugera ku majyambere mu rwego rwa politiki, urw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage, biganisha ku bushobozi bwo kwitegeka ubwabyo cyangwa kubigeza ku bwigenge busesuye ».

*Indi ntego yari iyo gufasha ibyo bihugu « gushimangira ihame ryo kubahiriza uburenganzira bwa muntu, n'uburenganzira bw'ibanze bw'abaturage ».*¹⁷

¹⁶ Réf. Alexis KAGAME, *Un abrégé de l'ethnohistoire du Rwanda*, Butare 1972; *Les Défis de l'Historiographie rwandaise*, BYANAFASHE et compagnie.

¹⁷ www.un.org : régime international de tutelle, chap. XIII

Kutagira uburenganzira busesuye ku bihugu by'indagizo ntibyabujije Ababirigi gutegeka u Rwanda n'u Burundi nk'uko bategekaga Kongo, n'ubwo yo yari ingaringari yabo ibindi ari indagizo (tutelle) gusa.

Itegeko ry'ababirigi ryo Ku wa 26 Kanama 1925 ryemeje ko Ruanda-Urundi byomekwa kuri Congo belge bikarema « *Vice Gouvernement général* » ku rwego rumwe n'Intara ya Katanga. Itegeko ryo Ku wa 11 Mutarama 1926, ryemeza mu ngingo yaryo ya 4 ko amategeko ngenga yose agenga ubutegetsi bwa Congo belge azajya anakurikizwa muri Ruanda-Urundi.

Bashingiye ku mategeko anyuranye yashyizweho icyo gihe, Ababirigi bategetse Ruanda-Urundi nk'uko bategekaga Congo belge, *batitaye ku biteganywa n'amasezerano y'indagizo yo gutegura ibi bihugu mu nzego zinyuranye no kubifasha kuzagera ku bwigenge*. Nubwo hari hateganyijwe igenzura ry'aya masezerano ntacyo ubugenzuzi bwigeze bugeraho, bwaba ubwa SDN cyangwa ubwa ONU, Ububirigi bwakomeje kwikorera nkaho Ruanda-Urundi nabyo ari koroni yabo. Ingero nkeya zikurikira ziraturagarariza bimwe mu bikorwa bitandukanye bakoze muri ibi bihugu :

Bimuye abanyarwanda baja kubatuzi i Masisi mu Burasirazuba bwa Kongo (1937-1954)¹⁸. Aba Banyarwanda bagiyeyo basanga bene wabo bahuje ururimi, umuco n'ibyo bise amoko (Hutu-Tutsi) ku buryo byoroheye abakwirakwije ingengabitekerezo ya jenocide kuyigeza muri aka karere igitangira gutekerezwa mu Rwanda.

Bohereje abakozi ba Leta hirya no hino batitaye ku gihugu bakomokamo, ubwigenge bugera hari abanyarwanda bakora i Kongo bigumirayo kubera ibibazo benewabo bari bafite mu gihugu bakomokamo.

2. Isano ishingiyeye ku Banyekongo bavuga ikinyarwanda

Uburasirazuba bwa Kongo butuwe na bamwe mu baturage babwo bavuga ikinyarwanda. Hari abasigaye inyuma y'imipaka y'u Rwanda igihe Ababirigi basinyaga amasezerano yo kuyishyiraho hakabaho n'abimuriwe muri Kongo n'ubutegetsi bw'Ububirigi nk'uko byagaragajwe mu bika bibanziriza iki.

Twibutse ko kwimurira abanyarwanda muri « Congo belge » byatangiye muri 1937 birangira muri 1954. Iyo gahunda yiswe « **Mission Immigration Banyarwanda (M.I.B)** » yabatuje muri Kivu y'amajyaruguru, muri Masisi (Gishari, Mokoto, Muvunyi, Bigiri na Bafuna) na Rutshuru (Mushari na Bwito).

¹⁸ Hakiza Rukatsi, *L'intégration des immigrés au Zaïre : le cas des personnes originaires du Rwanda*, thèse de doctorat, Université Libre de Bruxelles, 1988

3. Ingengabitekerezo ya Jenoside n'ingaruka zayo

Ingengabitekerezo ya Jenoside yatangiye mu Rwanda mbere y'ubwigenge. Yatangijwe n'abakoronni bashyiraho icyiswe amoko (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa) bakayashyira mu ndangamuntu nyuma bakagaragaza ko abatutsi atari abanyarwanda ko ari abimukira bavuye muri Etiyopiya. Iyo ngengabitekerezo yaje guhabwa ingufu muri 1959 igihe abategetsi b'abakoronni birengagije amabwiriza ya ONU¹⁹ bavanaho abategetsi b'abanyarwanda bariho bishyiriraho abari bafite imyumvire bashakaga.²⁰

Ingaruka y'iyi myitwarire y'abakoronni yabaye iyo gusenyerera abatutsi hose mu Rwanda, bamwe bashyirwa mu nkambi zari zateguwe n'ubwo buyobozi bw'abakoronni (Nyamata na Rukumberi) abandi bahungira mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda : Uburundi, Uganda, Tanzaniya na Congo Kinshasa. Abenshi mu bahungiyeye muri Congo Kinshasa bagiye mu Burasirazuba bwayo batuzwa mu nkambi z'impunzi za Karongi, Ihura na Bibwe n'abandi bagiye batura hirya no hino hatari inkambi.

Leta z'u Rwanda nyuma y'ubukoronni zashimangiye iyo politiki y'ivangura mu banyarwanda, ku buryo abiswe abatutsi bakomeje guhohoterwa bituma bakomeza guhungira muri ibyo bihugu bituranye n'u Rwanda. Iyo politiki yari yubakiye ku macakubiri yaje kugera ku ndunduro yayo hakorwa jenoside yakorewe abatutsi muri 1994. Nyuma y'ihagarikwa rya Jenoside n'ingabo zahoze ari iza RPF/Inkotanyi, EX-FAR n'interahamwe bagize uruhare rukomeye muri iyo jenoside bahungiyeye muri Kongo hamwe n'abaturage bafashe bugwate.

Kugeza ku bwigenge bwa Kongo, abanyekongo bavuga ikinyarwanda bari bagifatanyije guhangana n'ibibazo basangiye cyane cyane ikibazo cy'ubwenegihugu bwabo. Muri 1962 nibwo batangiye kuryana, bishingiye ahanini ku bitekerezo byavuye i Rwanda byo kwanga abatutsi no kubangisha abandi bose mu karere.

Guhera muri 1963 habaye intambara yitiriwe Mulele. Ubuyobozi bw'Intara y'Amajyaruguru bwibasira abatutsi bavuga ko bafatanyije n'ingabo za Mulele. Abanyekongo bavuga ikinyarwanda bagerageje kwirwanaho muri izo mvururu bikurura indi ntambara izwi ku izina ry' **intambara ya Kanyarwanda** ²¹ . Iyi ntambara yayogoje cyane cyane akarere ka Masisi ikaba ari na yo yabaye iya mbere mu ntambara zakomeje kwibasira abanyekongo bavuga ikinyarwanda muri rusange n'abatutsi by'umwihariko.

¹⁹ Resolutions de l'ONU 1412,1413,1419

²⁰ J.P. Harroy, Rwanda. *De la féodalité à la démocratie*, 1955-1962

²¹ Jean Claude Willame, Banyamulenge et Banyarwanda, *Gestion de l'identitaire au Kivu*, Ed. Cedaf, Bruxelles 1997.

Igice cya gatatu: Ubwenegihugu n'ivangura ryakorewe abanyekongo bavuga ikinyarwanda

Amategeko agena ubwenegihugu muri Kongo yagiye ahindagurika kuva mu gihe cy'ubukoroni na nyuma y'ubwigenge.

1. Amategeko yo mu gihe cy'ubukoroni

- Iteka ryo Ku wa 27 Ukuboza 1892 ni ryo rya mbere ryasobanuye ubwenegihugu bw'abaturage ba Congo belge. Mu ngingo yaryo ya mbere ryemeje ko « *ubwenegihugu bwa Kongo bukomoka ku mavuko ku bana bavukiye muri Kongo babyawe n'ababyeyi b'abanyekongo...* » Abanyekongo bavuga Ikinyarwanda bari muri Congo belge mbere ya 1885 nta kibazo bakwiye kugira : ni abanyekongo nk'abandi bose hamwe n'abana babyaye.
- Itegeko teka (Ordonnance legislative) n0 25/552 ryo ku ya 6 Ugushyingo 1959 ryemerera abimukira gutora no gutorwa.
- icyemezo (Resolution) n0 11 cya « Table ronde belge congolaise » yabereye i Buruseri mu Bubirigi muri 1960, cyemereye abimukira bamaze nibura imyaka 10 gutora no gutorwa,
- Itegeko ry'amatora n0 13 ryo ku wa 23 Werurwe 1960 ryashimangiye icyemezo cya Table ronde.
- Itegeko Nshinga ryo Ku wa 19 Gicurasi 1960, ryemeje mu ngingo yaryo ya 255 ibiteganyijwe mu itegeko ryo ku wa 23 Werurwe 1960.

2. Amategeko ya nyuma y'ubwigenge

- Itegeko Nshinga ryiswe irya Luluabourg, muri 1964 ryemeje ko *ubwenegihugu bwa Kongo buhawe umuntu wese ufite umwe mu basekuru ukomoka mu bwoko cyangwa igice cy'ubwoko (partie de tribu) bwari butuye ku butaka bwa Leta ya Kongo mbere y'itariki ya 18.10 1908* »
- Itegeko teka n0 71-002 ryo Ku wa 28 Werurwe 1971 ni ryo ryemeje ku buryo bw'umwihariko ko *abantu bakomoka muri Ruanda-Urundi bari batuye muri Congo ku itariki ya 30 Kamena 1960 babonye ubwenegihugu (Zairoise) kuri iyo tariki.*
- Iri tegeko teka ryakurikiwe n'itegeko no. 72-002 ryo ku wa 5 Mutarama 1972 rishimangira mu ngingo yaryo ya mbere ibyateganyijwe mu Itegeko Nshinga rya Luluabourg, ko *ubwenegihugu bwa Kongo buhawe umuntu wese ufite umwe mu basekuru ukomoka mu bwoko cyangwa igice cy'ubwoko (partie de tribu) bwari butuye ku butaka*

bwa Leta ya Kongo mbere y'itariki ya 15 Ugushyingo 1908 . Mu ngingo yaryo ya 15 ivuga by'umwihariko abimukira bakomoka muri Ruanda-Urundi, igasobanura ko abantu bakomoka muri Ruanda-Urundi batuye mu ntara ya Kivu mbere y'itariki ya mbere Mutarama 1950 kandi bakomeje kuhatura kugeza igihe iri tegeko risohokeye, babonye ubwenegihugu ku itariki ya 30 Kamena 1960.

- Bitangijwe n'abanyapolitiki bo muri Kivu zombi bafatanyije n'imiryango itari iya Leta, haje gutegurwa irindi tegeko ryatowe mu Nteko Ishinga Amategeko kuri 26 Ukuboza 1978 riza rivuga ko abanyamahanga bose bahawe ubwenegihugu mu ngingo ya 15 y'itegeko no. 72-002 ryo ku wa 15 Mutarama 1972 babutakaje guhera iri tegeko risohotse.

Iri tegeko rimaze gutorwa n'Inteko Ishinga Amategeko ya Kongo, Perezida wa Repubulika yanze kurisinya asobanura ku buryo burambuye, mu ibaruwa yandikiye Inteko Ishinga Amategeko, impamvu abona rizatera umutekano muke mu gihugu²². Yavuze ko abona rizabangamira umutekano w'igihugu n'umudendezo w'abaturage ryambuye uburenganzira kandi rikabangamira umubano n'ibihugu bituranye na Kongo. Yarishubije Inteko Ishinga Amategeko, ariko irarenga iraritora bwa kabiri uko ryakabaye.

- Itegeko n^o 81-002 ryo ku wa 29 Kamena 1981 ryakomeje ibyo bitekerezo byo kwambura abanyekongo bavuga ikinyarwanda ubwenegihugu. Ryagaragaje ko Itegeko ryo muri 1972, mu ngingo yaryo ya 15, ryaba ryaratanze muri rusange ubwenegihugu bwa Kongo ku banyamahanga.

3. Ingaruka z'ihindagurika ry'amategeko arebana n'ubwenegihugu

Kuvuguruzanya bigaragara muri aya mategeko bigaragaza ubushake buke bw'ubuyobozi bwa Kongo bwo gufata abaturage b'icyo gihugu ku buryo bumwe, ahubwo ubwo buyobozi bukaba ari bwo buba ku isonga mu gushyiraho ingamba zo gushyigikira amacakubiri. Bigaragara muri aya mategeko ko hari ukwibasira ku buryo bw'umwihariko abanyekongo bavuga ikinyarwanda. Ikindi kigaragarira muri aya mategeko ni ukwiringagiza nkana amategeko mpuzamahanga arebana n'ubwenegihugu²³ bishingiye ku bibazo bya politiki n'inyungu z'abanyapolitiki bayagizemo uruhare mu bihe binyuranye.

Ihindagurika ry'aya mategeko kandi nta kindi ryari rigamiye kitari ugushyigikira ibikorwa byo gutoteza no kwigizayo bamwe mu baturage ba Kongo bazizwa ko bavuga ikinyarwanda. Ingero kuri ibi bikorwa ni izi zikurikira:

²² Ngirabatware Cyubahiro, op. cit.

²³ Droits de l'homme, Convention sur l'apatridie

- Duhereye muri 1959, mbere gato y’ubwigenge, mu nama zateguraga ubwigenge muri Kivu y’amajyaruguru, Shefu Andre KALINDA wategekaga Sheferi y’Abahunde yasabye abategetsi b’Intara ya Kivu ko, abo we yitaga abanyarwanda bazanywe muri Kongo, batabona uburenganzira bwo gutorwa no gutorwa, mu matora yagombaga gushyiraho ubuyobozi bushya nyuma y’ubwigenge.
- muri 1960 igihe cy’ubwigenge, abaturage ba Kongo bavuga ikinyarwanda batuye mu Burasirazuba bwayo, bahagarariwe mu nzego zitandukanye z’ubuyobozi bw’icyo gihugu :
 - Marcel BISUKIRO yatorewe muri Sena hanyuma aba ministre w’ubucuruzi bwo hanze (du Commerce Exterieur).
 - Joseph MIDIBURO ni umwe muri batatu batorewe muri “Chambre des Representants” yaje kubera umuyobozi bikamuha no kuba umuyobozi wa gatatu mu gihugu,
 - Mu Ntara ya Kivu hatowe abanyekongo bavuga ikinyarwanda batandatu, babiri muri bo baba ba Ministres, uw’uburezi, Cyprien RWAKABUBA, n’uw’imari, Jean Nepomuscene RWIYEREKA.

N’ubwo bahagarariwe mu butegetsi bw’igihugu kuva ku bwigenge, ntibyabujije ko muri « Conference Nationale » yo muri 1991 mu bari bahagarariye abanyekongo bavuga ikinyarwanda batuye mu Burasirazuba bwa Kongo, abitwaga abatutsi birukanywe muri icyo nama. Ibi bigaragaza ku buryo budasubirwaho ko no guhindagura ariya mategeko y’ubwenegihugu buri gihe byari bigamije itotezwa ryihariye ry’igice kimwe cy’abanyekongo bavuga ikinyarwanda ari bo abatutsi. Iryo totezwa ry’umwihariko rigaragarira nanone mu bikorwa bitandukanye byakorewe Abanyamulenge nk’uko bigaragazwa mu ngero nke zikurikira :

- Muri 1969 abayobozi banze kwandika abanyamulenge mu ibarura rusange ry’abaturage bisaba ko guverineri wa Kivu yandika ngo yemeze²⁴ ko ari abanyekongo nk’abandi ariko nabwo ntibandikwa bese.
- Muri 1979 “Chef de Collectivité” Bavira yanze ko Ministri w’Ubutegetsi bw’igihugu asubizaho “groupement” ya Bijombo, y’abanyamulenge agaragaza ko n’ubwo azi neza ko abanyamulenge batuye muri ako karere kuva mu kinyejana cya 18, ko atabona aho bashingira basaba kugira uruhare mu buyobozi bw’igihugu.²⁵

²⁴ Gouverneur TAKIZALA (cf. RUKATSI HAKIZA, op. cit.)

²⁵ Chef de Collectivité –Chefferie Bavira, lettre N° 5072/132/1979/F03/MCD/79 du 6/6.79

- Guhera muri 1994 abanyamulenge benshi birukanywe mu gihugu cyabo, abandi benshi baricwa bazira ko abaturanyi babo bemeza ko atari abanyekongo. By'umwihariko, muri 1996 Visi Guverineri w'Umujyi w'Intara ya Kivu y'Amajyepfo, Luasi NGABO LWABANGI, yategetse ko abanyamulenge bagomba kuva muri Zaire bitaba ibyo bakicwa. ²⁶
- Hagati ya 1994 na 1996, abasirikare b'abanyekongo bafatanyije n'impunzi z'abanyarwanda na ba Mai Mai Ngilima bateye Abatutsi bo muri kariya karere, hagwa abantu benshi kandi n'inka zabo zirenga 350.000 barazimara. ²⁷

ICYICIRO CYA KABIRI: IKWIRAKWIZWA RY'INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE MU BURASIRAZUBA BWA KONGO ITURUTSE MU RWANDA

Politiki ishingiyeye ku macakubiri yatangijwe n'abakoroni ikaza gukomezwa n'abayoboye u Rwanda guhera muri 1962 kugeza muri 1994, yarenze imipaka y'u Rwanda igera no mu Burasirazuba bwa Kongo. Gukwirakwiza iyo politiki hakurya y'imipaka y'u Rwanda byorohejwe n'uko muri ibyo bihugu by'aka karere hatuye abenegihugu bafite byinshi basangiye n'abanyarwanda. Ayo macakubiri hagati y'abiswe abahutu n'abatutsi niyo yashingiweho hashyirwaho ibyo bise imitwe ya politiki nka MDR Parmehutu²⁸ na CDR²⁹ mu Rwanda n'amashyirahamwe nka MAGRIVI³⁰ mu burasirazuba bwa Kongo.

Muri icyo gice politiki ishingiyeye ku macakubiri yatangijwe n'ubukoroni ikaza guhabwa ingufu n'ihunga rya Ex-FAR n'interahamwe zahungishirijwe ku mipaka ya Kongo babifashijwemo n'ingabo z'Ubufaransa zari mucyo bise "Operation Turquoise". Abo bose bakomeje gufashwa n'izo ngabo kwikusanya ku buryo bwa politiki n'ubwa gisirikare, ari byo byavuyemo imitwe itandukanye: ALIR³¹, RDR³² na FDLR³³.

Iyo myitwarire y'izo mpunzi z'u Rwanda zo muri 1994 yashyigikiwe ku buryo bugaragara na Leta ya Kongo ndetse n'ibihugu bimwe by'amahanga. Ingaruka z'iyo myitwarire ku bijyanye n'umutekano muke zikaba zigera ku Rwanda no kuri Kongo. Bigaragara rero ko amateka y'iryo vangura n'uruhare rw'abasize bakoze Jenoside mu Rwanda ari byo biri ku isonga y'ibitera intambara z'urudaca ziri mu burasirazuba bwa Kongo. Ibi ni byo bikwiye

²⁶ [Wikipedia.org/wiki/Premiere guerre du Congo](https://en.wikipedia.org/wiki/Premiere_guerre_du_Congo)

²⁷ Human Rights Watch et Fédération Internationale des droits de l'homme, Zaire: violence à l'encontre des Tutsis, forces de fuir, juillet 1996

²⁸ [Iwacu1.com](http://iwacu1.com).Amateka: MDR Parmehutu

²⁹ Coalition pour la defense de la Republique

³⁰ Parti du Mouvement de l'emancipation hutu

³¹ Alliance pour la libération du Rwanda

³² Rassemblement pour le retour des réfugiés et de la démocratie au Rwanda

³³ Forces démocratiques pour la libération du Rwanda

gushyirwa mu majwi igihe cyose habaye ingaruka z'ayo macakubiri muri aka karere. Kubyirengagiza byaba bifite ibindi bibyihishe inyuma, nk'uko igice cy'iyi nyandiko gisesengura ku buryo bwimbitse inyandiko zitandukanye zirengagije ingaruka z'ayo mateka y'amacakubiri zikagaragaza aho ukuri kutari.

ICYICIRO CYA GATATU: INTAMBARA ZO MU BURASIRAZUBA BWA KONGO NYUMA Y'IHUNGA RYA EX-FAR N'INTERAHAMWE

Nyuma y'aho FPR Inkotanyi itsinze urugamba rwo kubohora u Rwanda igahagarika jenocide yakorewe abatutsi muri 1994, abanyarwanda barenga miriyoni imwe n'ibihumbi magana abiri bahungiyeye mu gihugu cy'abaturanyi cya Zaire. Interahamwe n'ingabo zatsinzwe (ex-FAR) zahunganye na bo, zijya mu nkambi ziri ku nkengero z'umupaka w'u Rwanda na Zaire mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo n'iy'Amajyaruguru.³⁴

Kuva icyo gihe, Repubulika ya Zaire yarushijeho kugira umutekano muke wagiye ugaragarira mu ntambara z'urudaca zibasiye cyane cyane Akarere k'Uburasirazuba bwa Zaire zishingiye ahanini ku ngengabitekerezo ya jenocide yambutse umupaka n'ubuyobozi budafata kimwe abanegihugu bacyo, bukabavutsa uburenganzira bwabo.

Igice cya mbere: Intambara ya mbere yatangijwe na AFDL

Impunzi z' abanyarwanda zimaze guhungira muri Zaire, ingengabitekerezo ya jenocide yakomeje gukwirakwizwa muri ako gace impunzi zihereyemo, cyane cyane muri Kivu y'Amajyepfo. Byaje gukomera ubwo, tariki ya 7/10/1996, Visi Guverineri w'Intara ya Kivu y'Amajyepfo, LUASI NGABO LWABANGI, ashingiye ku cyemezo cy'Inteko ishinga amategeko y'inzibacyuho cyo ku wa 28 Mata 1995, yategetse ko abanyamulenge bagomba kuva muri Zaire bitaba ibyo bakicwa.³⁵

Abanyamulenge batangiyeye kwibasirwa n'ingabo za Zaire, "Forces Armées Zaïroises" (**FAZ**), maze batangira guhungira mu bihugu bikikije akarere batuyemo.

Muri icyo gihe kandi Abasirikare ba EX-FAR hamwe n'Interahamwe banze kuva ku izima bashinga Umutwe wiswe "Rassemblement pour le retour de la démocratie au Rwanda" (**RDR**). Inkambi z'impunzi z'abanyarwanda zihinduka indiri z'abarwanyirizwa zikoreshwa mu kwitwaza no gutwaza uruburako bagamije kugaba ibitero byo guhungabanya

³⁴RCD_Chronologie; Source :<http://www.3tamis.org>, p.8

³⁵ Wikipedia.org/wiki/Premiere_guerre_du_Congo

umutekano w'u Rwanda mu cyaje kuba intambara y'abacengezi. Ibi byose babikora bashyigikiye n'ubutegetsi bwa Zaire iyobowe na Perezida Mobutu.³⁶

U Rwanda rwasabye Leta ya Zaire n'Imiryango Mpuzamahanga, gutandukanya impunzi n'abafite ibirwanisho no kwigiza inkambi kure y'umupaka w'u Rwanda nk'uko biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga agenga impunzi, ariko ntibagira icyo babikoraho³⁷.

Umutekano muke w'abanyekongo bavuga ikinyarwanda bo muri Kivu y'amajyepfo n'iy'amajyaruguru wahuriranye no guhungabanya umutekano w'u Rwanda bikozwe n'Interahamwe n'Ingabo za ex-FAR, ni byo byabaye intandaro y'intambara ya AFDL.

Mu gihe abanyekongo bibwiraga ko bakize ingoma ya Perezida Mobutu, bumva ko bagiye gutekana, igihugu cyabo kigatera imbere, si ko byagenze kuko bidatinze, muri 1998, mu buryo butunguranye Perezida Kabila yatangiye ibikorwa byo guhohotera abanyekongo bavuga ikinyarwanda cyane cyane abo mu bwoko bw'abatutsi; ni na bwo yatangiye gufatanya n'interahamwe, aziha imyambaro n'ibikoresho, ndetse azorohereza gucuruza amabuye y'agaciro kugirango zirusheho kugira ingufu.³⁸

Muri Kanama 1998, Minisitiri Abdoulaye Yerodia NDOMBASI yavuze ijamba mu ruhamwe rihamagarira abaturatione guhiga no kwica abanyekongo bo mu bwoko bw'abatutsi abita ko ari « **vermines à éradiquer** »³⁹. Iryo jambo ryakurikiye n'ubwicanyi bwahereye i Kinshasa, bamwe baratwikwa abandi bajugunywa mu ruzi rwa Kongo; bukomereza no mu bice byinshi by'igihugu. **Ingero** : i Kisangani havumbuwe icyobo cyiciwemo abatutsi mu busitani bwa Guverineri Yagi Sitolo; mu kwezi kwa Kanama 1998, indege Boieng 727 ya Sosiyete GOMAIR y'abanyekongo bavuga ikinyarwanda yashwanyagurijwe i Kinshasa ku mabwiriza yatanze na Perezida KABILA. Abasirikare 148 b'aba ofisiye b'Abanyekongo bavuga ikinyarwanda biciwe mu kigo cya gisirikare cya Kamina, umunsi umwe⁴⁰.

Igice cya kabiri: Intambara ya kabiri yatangiye na RCD

Ibi bikorwa byose byo guhohotera abanyekongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda ni byo byatumye havuka intambara ya RCD (**Rassemblement Congolais pour la Démocratie**).

Ku wa 1 Nzeri 1998, mu nama ya 12 y'ibihugu bitagira aho bibogamiye yabereye i Durban muri Afurika y'Epfo, Minisitiri muri Perezidansi y'u Rwanda, Bwana Patrick MAZIMPAKA yasabye ko iyo nama yamagana imyitwarire ya Leta ya Kongo yo gutoteza abaturatione bavuga ikinyarwanda n'abantu bafite isura nk'iy'abanyarwanda. Yatangaje kandi ko u Rwanda rufite

³⁶ Dr BIZIMANA Jean Damascene, "La liberation du Rwanda à travers la victoire totale sur les ABACENGEZI", DIALOGUE Numero Spécial, 25^{ème} anniversaire FPR INKOTANYI, Janvier 2013.

³⁷ Convention relative au statut des *réfugiés*. Entrée en vigueur : 22 avril 1954. Adoptée le 28 juillet 1951.

³⁸ Democratic Republic of Congo, Security information (updated:12 January 2005), History of conflict, p.8

³⁹http://fr.wikipedia.org/wiki/Abdoulaye_Yerodia_Ndombasi

⁴⁰Ubuhamya bwahawe Itsinda na Prof. RWIGAMBA BALINDA.

ibimenyetso bifatika byerekana ko Perezida KABILA ashyigikiye interahamwe mu mugambi wazo wo gutera u Rwanda. Yagaragaje ko icyifuzo cy' u Rwanda ari uko hashakwa umuti wa politiki ku kibazo cy'intambara yari muri Kongo kubera ko n'impamvu zayiteye ari iza politiki.⁴¹

Mu nama yabaye ku wa 3 Nzeri 1998, ibihugu bigize SADC byagiranye inama yabyo yihariye. Mu kiganiro n'abanyamakuru gisoza iyo nama, ibyo bihugu byatangaje ko bigiye kohereza ingabo muri Kongo.⁴²

Perezida Yoweri MUSEVENI wa Uganda yagaragaje ko kwivanga kw'ibihugu bya SADC mu ntambara bizatera ibibazo bikomeye kurusha uko bizatanga umuti, yifuza ko habaho imishyikirano.

Ku itariki ya 18 Nzeri 1998, Perezida wa Zimbabwe Robert MUGABE yatangaje ko, hari ibihugu byinshi by' Afurika byiteguye gushyigikira KABILA mu rugamba arwana n'inyeshyamba z'abatutsi. Bivuze ko RCD yose yayifataga nk'abatutsi kandi harimo Abanyekongo b'ubwoko butandukanye.⁴³ Uko gufata ikibazo kireba Kongo kikitirirwa ubwoko bw'abatutsi byerekana ko ibihugu bimwe bya Afurika, cyane cyane ibya SADC, bifite imyumvire idahuye n'ukuri.

Guverinoma ya KABILA yinjije interahamwe na ex-FAR mu gisirikare cyayo kugira ngo ziyifashe kurwana na RCD. Ku wa 25 Nzeri 1998, umuvugizi wa HCR muri Congo Brazaville, Mme Judith KUMIN, na we yatangaje ko Guverinoma ya KABILA ikura interahamwe mu nkambi z'impunzi z'abahutu zo muri Congo Brazaville⁴⁴. Guverinoma y'u Rwanda na yo igaragaza icyo gihe ko no muri ZIMBABWE haberaga ibikorwa nk'ibyo.⁴⁵

Kuva mu mwaka wa 1999, hatangiye imishyikirano inyuranye igamije guhagarika imirwano no kwemeranya ku nzira y'amahoro no kugarura umutekano mu karere.

Iyi ntambara yarangiye mu mwaka w'2003 irangijwe n'amasezerano y'ubwumvikane hagati ya Leta ya Kongo n'abayirwanyaga ; hashyirwaho ubuyobozi buhuriweho n'impande zose.

Igice cya gatatu: Intambara ya gatatu yatangiye na CNDP

Kutubahiriza amasezerano y'amahoro Leta ya Kongo yari yasinye byabereye imbarutso abayirwanyaga, gutangira indi ntambara yakozwe n'umutwe wa CNDP. Iyo ntambara yatangiye mu 2004 yarangiye n'amasezerano hagati ya Leta ya Kongo na CNDP yasinywe ku wa 23 Werurwe 2009.

⁴¹Depeche Agence Rwandaise d'Information (ARI) N0 105 yo ku wa 27 Kanama kugeza 02 Nzeri 1998.

⁴² ARI N0 106 yo ku wa 3-9 Nzeri 1998.

⁴³ ARI N0108.

⁴⁴ ARI N0109.

⁴⁵ARI N0 151.

Aya masezerano yari akubiyemo ingingo z'ingenzi zikurikira:

- CNDP guhinduka umutwe wa Politiki igahabwa imyanya muri guverinoma, ingabo zayo zikinjizwa mu ngabo z'igihugu ;
- guha agaciro amapeti yabo ya gisirikare
- gushyiraho itegeko ritanga imbabazi (amnesty) ku byaha byakozwe kuva muri Kamena 2003 kugeza ku wa 23 Werurwe 2009 ;
- kubaka ubumwe n'ubwiyunge,
- kunoza imiyoborere myiza no gushyiraho uburyo bwo gukemura amakimbirane ;
- gushyiraho uburyo bwo gucyura impunzi no gusubiza abantu mu byayo (Internal displaced people «IDP»);
- kuvugurura igisirikare n'igipolisi, no gushyiraho Komisiyo y'amatora yigenga.⁴⁶

Kutubahirizwa kw'aya masezerano ni byo nanone byabaye imbarutso y'indi ntambara yatangijwe n'umutwe wa M23, wiyitiriye ariya masezerano.

⁴⁶ Peace agreement between the Government and le Congrès National pour la Defense du Peuple (CNDP), Goma, March 23, 2009.

UMUTWE WA KABIRI: AKARENGANE GAKORERWA U RWANDA HASHINGIWE KU BIBAZO BY'UMUTEKANO MUKE MU BURASIRAZUBA BWA KONGO

Isesengura rya Raporo mpuzamahanga zanditswe kuva muri 1994 ryerekana ko hari abantu, imiryango n'abandi b'ingeri zitandukanye bagenda bagira uruhare mu gutangaza amakuru adafite aho ahuriye n'ukuri, agamije gukomanyiriza u Rwanda no kurutesha agaciro. Umuryango w'Abibumbye ubifitemo uruhare rw'ibanze, urundi rukagirwa na bimwe mu bihugu bikomeye, Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta (ONG/NGOs) hamwe n'izindi nzego zitandukanye, zaba iz'ibihugu nk'ubucamanza, abashakashatsi, abanyamakuru, abanyapolitiki, abanyamadini, n'abandi. Turibanda kuri buri rwego dutanga ingero zerekana uburyo u Rwanda rugenda ruhura n'ibibazo byo kurusebya ruterwa na buri gice muri ibyo bimaze kuvugwa.

ICYICIRO CYA MBERE : URUHARE RW'UMURYANGO W'ABIBUMBYE

Uruhare rw'Umuryango w'Abibumbye rugaragarira ahanini muri za Raporo zikorwa n'intumwa cyangwa abitwa impuguke z'uwo Muryango mu izina ryawo, hakurikijwe inshingano uba wabahaye. Mu mikorere y'izo mpuguke cyangwa se intumwa z'Umuryango w'Abibumbye, hari igihe zishyira imbere inyungu zazo bwite cyangwa se inyungu za politiki za bimwe mu bihugu bikomeye, aho kurengera inyungu rusange z'Umuryango w'Abibumbye. Hari n'ibihugu n'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta bikoresha nabi Umuryango w'Abibumbye bigamije inyungu zabyo. Niko byagenze kuri raporo zakozwe na bamwe muri abo bitwa impuguke kuva muri 1994.

Dutange ingero eshatu: **Robert GERSONY, Roberto GARRETON, STEVEN HEGE** n'abandi. Izo ngero ziratwerekana ko imikorere mibi y'impuguke n'intumwa za ONU atari iy'ubu. Icyahindutse nuko muri 1994, Umuryango w'Abibumbye wari ufite ubushake bwo gusesengura, gusuzuma no gutinyuka kunyomoza raporo zanditswe n'impuguke zawo iyo byabaga byagaragaye ko zakoze amakosa. Muri iki gihe, Umuryango w'Abibumbye wakira raporo uko zimeze kandi ukazemeza utyo, nta genzura cyangwa isuzuma ry'inyongera ribayeho, kabone n'iyi ibihugu bishyirwa mu majwi bigaragaje ko hari amakosa akomeye akubiye muri izo raporo.

Igice cya mbere : Raporo ya Robert GERSONY

Muri 1994 nyuma y’aho impunzi nyinshi z’abanyarwanda zigereye muri Tanzaniya, ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku mpunzi (UNHCR) ryohereje intumwa yaryo yitwa Robert GERSONY, ufite ubwenegihugu bw’ubunyamerika, mu nkambi kugira ngo asuzume imiterere y’icyo kibazo, abikoreho Raporo yerekana icyakorwa kugira ngo imibereho y’impunzi irushaho kuba myiza, kandi n’itahuka ryazo rishoboke. Robert GERSONY ntiyari afite ubumenyi buhagije ku karere u Rwanda ruherereyemo, cyane cyane ibirebana nuko jenocide yakorewe abatutsi yateguwe, uko yashyizwe mu bikorwa n’ababigizemo uruhare. Imikorere ye yagaragayemo amakosa akomeye yashyize igisebo ku Rwanda nubwo Umuryango w’Abibumbye washishoje ntubihe agaciro.

1. Amakosa ya GERSONY

Mu gihe gito cy’amezi abiri yamaze mu nkambi ya Benako, Robert GERSONY yaganiriye n’impunzi z’abanyarwanda, ariko akorana bya hafi n’abayobozi b’inkambi, barimo ba ruharwa bateguye jenocide, bakayishishikariza kandi bakayishyira mu bikorwa. Umwe mu bayobozi b’inkambi bakoranye na GERSONY ni Sylvestre GACUMBITSI wayoboraga Komini Rusumo muri jenocide yakorewe abatutsi 1994, ubu wahamwe n’icyaha cya jenocide, akaba yarakatiwe igihano cyo gufungwa burundu n’urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda. Undi ni Jean Baptiste GATETE wahoze ari Burugumesitiri wa Murambi n’abandi. Aba bicanyi bashyize ibinyoma muri GERSONY, bayobya amateka nyayo y’uko jenocide yagenze, bamubwira ko ubwicanyi bukomeye bwabaye mu Rwanda bwakozwe na FPR.

GERSONY yumvise ari ikintu gishya, noneho ashya ku ruhande inshingano z’ibanze yari yahawe na UNHCR atangira gukusanya ubuhamya bw’abo bantu b’abicanyi ba ruharwa. Amayeri bakoresheje ni ukumubwira ibirebana n’ubwicanyi bo ubwabo bari barakoze, ariko batabimwerurira, bakagaragaza ahantu hatandukanye hiciwe abantu benshi mu cyahoze ari Perefegitura ya Kibungo, cyane cyane mu duce twegereye Tanzaniya. Mu buhamya bwabo, bafashe ubwicanyi bwakozwe n’interahamwe bakabushyira ku basilikare ba “Rwandan Patriotic Army” (RPA), bakanagenda bavuga aho ibyobo byatabwemo imibiri y’abishwe ihereye. Ibyo binyoma byose, Robert GERSONY yabifashe nk’ukuri, abishyira muri Raporo yohereje Umuryango w’Abibumbye mu mpera za Nzeri 1994.

Iyo Raporo ya GERSONY yayikoze atarigeze ashya imbaraga mu kugenzura niba ibyo yanditse ari ukuri. Nubwo iryo ari ikosa rikomeye mu mikorere y’iperereza nkusanyamakuru, ntibyamubujije kwandika raporo ivuga ko ingabo za RPA zishe abahutu barenga ibihumbi mirongo itatu (30.000) muri Perefegitura ya Kibungo, ngo kandi abo

bahutu bishwe ni abantu batari baragize uruhare na rutoya muri jenocide yakorewe abatutsi. Birumvikana ko GERSONY yashakaga kwerekana ko bishwe kubera ubugome gusa budashingiye ku gahinda no kwihorera byashoboraga gukorwa na bamwe mu basilikare ba APR babaga bageze aho ababo biciwe. Mu kubivuga atyo, GERSONY yashakaga kvanaho ikintu cyose kirebana n'inyoroshyacyaha ku ngabo za APR. GERSONY yongeyeho ko muri icyo gihe ngo ingabo za RPA zari zikica abantu bagera kuri 250 ku munsu!

2. Uko ibinyoma bya GERSONY byatahuwe

Raporo ya GERSONY imaze gushyikirizwa Umuryango w'Abibumbye, UNHCR yahise ifata icyemezo cyo kuba ihagaritse igikorwa yari yaratangiye ifatanyije na Guverinoma y'u Rwanda cyo gucyura ku bushake impunzi z'abanyarwanda⁴⁷. icyakora, habayeho igenzura rakozwe na MINUAR ndetse n' Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, ryagaragaje ko raporo ya GERSONY ari ibinyoma.

2.1. Ibyagaragajwe n'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta

Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta, irimo AMNESTY INTERNATIONAL, yatangaje ko ibyanditswe na GERSONY bikwiye kwitonderwa, ko nta bimenyetso bigaragaza ko hari ubwicanyi busesuye ingabo za RPA zigeze zikorera abaturage b'abahutu. Iyo Miryango yongeyeho ko ubuhamya bwashingiweho na GERSONY nta gaciro bufite kuko bwatanze n'abantu bari ku isonga yo gukora Jenocide ku Batutsi, ndetse igaragaza uburyo inkambi ziyoborwa n'abakoze jenocide bakoresha igitugu n'iterabwoba mu nkambi no gukomeza kugaragaza urwango bafitiye abatutsi⁴⁸.

2.2. Anketi ya MINUAR

Raporo ya GERSONY ikimara kumenyekana, MINUAR yashyizeho itsinda rizobereye mu iperereza ry'ibyaha kugira ngo risuzume ibikubiye muri raporo ya GERSONY. Itsinda ryari rigizwe n'impuguke zikomoka mu gihugu cya CANADA ryagiye muri Kibungo, ahantu hose hari havuzwe muri raporo ya GERSONY, ndetse rijya n'ahandi henshi ribyibwirije. Mu gihe cy'ibyumweru bitatu, iryo Tsinda ryakoze iperereza ryimbitse ku bwicanyi bwavuzwe na GERSONY risanga ahantu henshi havugwaga na GERSONY ko hari ibyobo birimo abantu bishwe nta byigeze bibaho. Ntihanabonetse umuntu n'umwe muri benshi babajijwe, wagaragaje ubuhamya bufite aho buhuriye n'ibyanditswe na GERSONY. Ahubwo icyavuye

⁴⁷ Alain FRILET, "Polémiques sur les représailles rwandaises", Liberation, 27 octobre 1994

⁴⁸ Ibidem

muri iryo perereza nuko ahantu havuzwe na GERSONY bagasanga hari ibyobo, ari iby'abatutsi bari barishwe n'interahamwe na EX-FAR mbere yuko Inkotanyi zihagera.

MINUAR yabyanditse muri aya magambo : “ *On nous avait indiqué l'existence d'une fosse commune, aux abords de Rwamagana dans laquelle, selon les témoignages recueillis par le HCR, on retrouverait les cadavres d'une centaine de civils hutus massacrés par les soldats de l'Armée patriotique rwandaise. On a retrouvé la fosse, mais, selon plusieurs témoignages, les soldats de l'Armée patriotique Rwandaise n'avaient pas encore conquis cette région à la date avancée par le HCR pour ce massacre*⁴⁹”.

Ku itariki ya 14 Ukwakira 1994, umuyobozi mukuru wari uhagarariye MINUAR mu Rwanda, Bwana SHAHARYAR KHAN yabyanditse muri Raporo yohereje umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye⁵⁰.

2.3. Anketi y'Impuguke z'Umuryango w'Abibumbye

Kubera uburemere bw'ibyaha byanditswe na GERSONY, Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, BOUTROS-BOUTROS GHALI yohereje Komisiyo y'impuguke gukora iperereza kuri ubwo bwicanyi. Nyuma y'igenzura, iyo Komisiyo yamuhaye raporo yemeza ko ibyatangajwe na GERSONY nta kuri bifite, ko kandi ubuhamya bwashingiweho na GERSONY nta cyizere bugomba kugirirwa. Iyo raporo y'itsinda rya ONU yatangajwe mu binyamakuru mpuzamahanga byerekana imikorere idahwitse ya GERSONY : “*La plupart des témoignages cités par les enquêteurs du HCR ont été recueillis dans les camps de réfugiés hutus de Tanzanie ou se cachent la plupart des auteurs du génocide*⁵¹”.

Icyakora nubwo raporo ya GERSONY yateshejwe agaciro na ONU ubwayo, abantu bose bahakana Jenocide yakorewe abatutsi ndetse n'abandi basebya Leta y'u Rwanda bakomeje kugerageza kuyihesha agaciro. Umucamanza BRUGUIERE yarayikoresheje. Abanyamategeko baburanira abakoze jenocide mu rukiko rw' Arusha nabo barayikoresheje ariko uru rukiko rugaragaza ko iyo raporo nta cyizere igomba guhabwa n'ubutabera mpuzamahanga⁵².

Ibi birerekana ko niyo ikinyoma kibeshyujwe, cyirakomeza cyigakora ibibi nubwo cyaba cyarateshejwe agaciro. Iyo rero noneho ikinyoma kitateshejwe agaciro nkuko bimeze kuri

⁴⁹ Ibidem

⁵⁰ United Nations, Mission pour l'assistance au Rwanda, Outgoing code cable to ANNAN, MIR 209, 14 october 1994. Subject : THE GERSONY “REPORT” RWANDA

⁵¹ Ibidem

⁵² ICTR-98-41, affaire major Aloys NTABAKUZE

raporo y'itsinda rya Steven HEGE, kirusha ukuri imbaraga, bigatera ingaruka z'igihe kirekire ku bagiriwe ako karengane. Niyo mpamvu ONU yagombye kujya yitondera raporo itangaza.

Igice cya kabiri : Raporo za Roberto GARRETON

Kuva mu mwaka wa 1996, Umuryango w'Abibumbye wasohoye raporo zitandukanye zirega imitwe yitwaje intwari za gisilikare ndetse n'u Rwanda kugira uruhare mu mutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo. Izo raporo zatangiye gusohoka mu mwaka wa 1997 zikoreshejwe na Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu⁵³ zinakomeza gutanga ibyobowe mu mwaka wa 1998 ziyobowe n'umunyamategeko ukomoka muri Chili witwaga Roberto GARRETON wabaye Intumwa idasanzwe ya Komisiyo ya ONU y'uburenganzira bwa muntu muri Kongo kuva 1994 kugeza 2001⁵⁴. Raporo zagiye zandikwa na Roberto GARRETON ntabwo zahawe agaciro gakomeye n'Umuryango w'Abibumbye kuko wazakiraga ariko ntizigire ikindi uzikoresha ndetse n'ibyifuzo abazanditse basabye ntibihabwe agaciro na ONU.

Uko kutaziha agaciro kwa ONU kwatumye abazanditse kimwe n'izindi nzego ziganjemo imiryango mpuzamahanga itari iya leta nka Human Rights Watch, bigaragara ko yari ibiri inyuma, bakora ibishoboka bazihuriza hamwe bakoresheje Komisiyo ya ONU y'uburenganzira bwa muntu, bikaba aribyo byaje kubyara icyiswe "PROJET MAPPING". Iyi Projet yakusanyije ibikubiye muri raporo za mbere n'inyandiko zose zari zarasohowe na Roberto GARRETON kuva yagera muri Kongo kugeza arangije manda ye.

1. Ibirego bya Roberto GARRETON ku Rwanda

Muri Raporo ya Roberto GARRETON yasohotse ku itariki ya 30 Kamena 1998, u Rwanda rwaregwaye kuba rwarafatanyije n'ingabo za "*Alliance des Forces Démocratiques pour la Libération du Congo-Zaïre (AFDL)*" bagakora ubwicanyi ku mpunzi z'abahutu⁵⁵. Guverinoma ya Kongo yabanje guhakana ko ubwo bwicanyi butabayeho⁵⁶ ndetse Perezida Laurent Désiré KABILA akoresha amagambo akarishye ateye atya : "*Mon Gouvernement invite instamment les peuples africains à rejeter avec la plus extrême indignation un prétendu rapport d'enquête*

⁵³ Rapport de la mission conjointe chargée d'enquêter sur les allégations des massacres et autres atteintes aux droits de l'homme ayant eu lieu à l'Est du Zaïre depuis 1996 en application du paragraphe 6 de la résolution 1997/58 de la Commission des droits de l'homme, juillet 1997.

⁵⁴ Roberto Garreton, rapporteur spécial sur la situation des droits de l'homme en République démocratique du Congo, Rapport E/CN.4/1998/64

⁵⁵ "Rapport sur la situation des droits de l'homme en RDC", Haut Commissariat des Nations Unies aux Droits de l'Homme, Genève, octobre 1998; "Final Report of the International Commission of Inquiry", N.Y., 18 novembre 1998 (S/1998/1096)

⁵⁶ Le Monde, 2 juillet 1998

*constitue d'affabulations, de mensonges de ceux qui, après l'avoir porté sur ses fonts baptisimaux, ont soutenu l'ignoble régime de Mobutu*⁵⁷”.

Guverinoma ya Kongo kandi yakoresheje imyigaragambyo mu mijyi itandukanye yo kwamagana raporo z'Umuryango w'Abibumbye zakozwe na Roberto GARRETON zikubiyemo ibyo birego⁵⁸. Aho Perezida Laurent Désiré KABILA ahinduriye politiki ye ku Rwanda, ndetse agatangira kwica no guhohotera Abanyarwanda baba muri Kongo⁵⁹, hiyongereyeho n'intambara ya RCD yari itangiye kumurwanya itangiriye i Goma; mu kwezi kw'Ugushyingo 1998, nibwo bwa mbere yavuze ko habayeho ubwicanyi muri Kongo, ariko ko bwakozwe n'ingabo z'u Rwanda.

Ayo magambo ya Perezida Laurent Désiré KABILA adafitiwe ibimenyetso yakiriwe n'abantu bamwe nk'ukuri ndetse akwirakwizwa n'abanditsi, barimo abarimu bamwe ba Kaminuza zo mu Bufaransa, abanyamakuru n'abakorera Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta basanzwe babogamiye ku ruhande rw'abarwanya Leta y'u Rwanda. Abari ku isonga yo gukwiza izo mpuha n'ibinyoma bya KABILA bashingiye kuri raporo za Roberto GARRETON ni Rony BRAUMAN, Claudine VIDAL na Stephen SMITH mu nyandiko basohoye mu mwaka wa 2000 aho banditse ngo muri Kongo-Kinshasa, FPR ntabwo yakurikiranye gusa igikorwa cyo gusenya inkambi z'impunzi z'abahutu, nubwo izo nkambi zari ikibazo koko ku mutekano w'u Rwanda, ahubwo yabakurikiranye mu rugendo rwa Km 2000 mu ishyamba ry'inzitane, yica abagera ku bihumbi magana abiri b'abasivile, abandi bicishwa inzara n'indwara n'ingabo zihariye zoherejwe na Guverinoma ya Kigali⁶⁰.

N'ubwo ibyo birego byandikwaga na Roberto GARRETON nk'intumwa idasanzwe ya Komisiyo ya ONU ishinzwe uburenganzira bwa muntu, bigasubirwamo nta bushishozi, n'imwe mu miryango itari iya Leta na bamwe mu banyamakuru n'abarimu ba Kaminuza, Umunyamabanga Mukuru wa ONU, Bwana Koffi ANNAN icyo yakoze ni ugusaba u Rwanda na Kongo ngo bikore iperereza ku birego byagaragajwe na GARRETON. Bigaragara ko Koffi ANNAN yifuzaga ko bene izo raporo zigomba kubanza gushyikirizwa abaregwa bagatanga ibisobanuro. Iyo mikorere yakoreshejwe na Koffi ANNAN ntabwo icyubahirizwa muri iki gihe n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku isi, kuko yemera guha agaciro raporo zanditswe n'impuguke zayo, itabanje gusuzuma ko zakurikije amategeko n'amahame mpuzamahanga agenga ubushakashatsi.

Na none ku byerekeye raporo yakozwe na Roberto GARRETON ku wa 30 Kamena 1998, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe impunzi, HCR, naryo ryarayivugurujwe

⁵⁷ Le Monde, 2 juillet 1998

⁵⁸ ARI/RNA No 97 du 02 au 08 juillet 1998, “Kinshasa manifeste contre le rapport de l'ONU sur les presumedés massacres de réfugiés Hutu dans le Kivu”.

⁵⁹ ARI/RNA No 105 du 27 aout au 2 septembre 1998; ARI/RNA No 116 du 12 au 18 novembre 1998

⁶⁰ Rony BRAUMAN, Stephen SMITH et Claudine VIDAL, “Politique de terreur et privilège de l'impunité au Rwanda”, Esprit, 2000.

ritangaza ko impunzi nyinshi zatashye mu Rwanda rikaba nta bimenyetso rifite bigaragaza ko zishwe. HCR yasubizaga ibyari byatangajwe na Emma BONINO⁶¹, wari Komiseri w'Umuryango w'Ibihugu by'i Burayi ushinzwe ubutabazi, ubwo yari mu rugendo i Tingi Tingi ku wa 02 Gashyantare 1997, yatangarije abanyamakuru ko impunzi z'abanyarwanda zishwe n'ingabo za AFDL zifashijwe n'iz'u Rwanda. Biraboneka ko iyo ONU isanga ibyo birego byatanzwe na GARRETON, Emma BONINO n'abandi, bifite ireme, yari gufata ibyemezo biremereye mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi icyo gihe. Nta mpamvu ONU yari gutegereza raporo MAPPING yaje nyuma y'imyaka irenga icumi (10) izo raporo za mbere zisohowe.

2. Amakosa ya Roberto GARRETON

Nk'uko tuza kubyerekana kuri Steven HEGE wagaragaje imikorere irimo kubogama no kubangamira amahame ngenderwaho mu bushakashatsi mpuzamahanga⁶², Roberto GARRETON nawe yaranzweho amakosa akomeye mu mikorere. Mbere y'uko akora ako kazi ku rwego mpuzamahanga, Roberto GARRETON yari umuburanyi (avocat) mu gihugu cy'e, akorera Umuryango utegamiye kuri Leta wa Kiliziya Gatorika yo muri Chili witwa « VICARIA DE LA SOLIDARIDAD ». Uyu muryango washinzwe mu mwaka wa 1974 wari ufite inshingano zo kunganira mu mategeko abantu bahohotewe na Leta ya Jenerali PINOCHET n'imiryango yabo. Kubera ako kazi ko kunganira iteka abarenganyijwe n'ubutegetsi, Roberto GARRETON yibanze mu mikorere ye, gukurikirana buri gihe abantu bakora muri Leta, kandi amakuru ye menshi akayakomora ku mashyirahamwe ya Kiliziya Gatorika no mu Miryango irengera ikiremwa muntu.

Ni muri ubwo buryo, aho agereye muri Kongo nk'intumwa ya ONU ishinzwe kureba iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu, yahisemo gushakira amakuru mu miryango itari iya Leta ya za Kiliziya, Imiryango mpuzamahanga irimo "Human Rights Watch", "Amnesty International" n'indi ikorerera muri Kongo. Mu gushakira amakuru no gusaba ibisobanuro, nta ruhare runini Roberto GARRETON yigeze aha inzego za Leta, cyane cyane igihugu cy'u Rwanda yaregaga ubwicanyi n'ibindi byaha bikomeye, birimo gusahura amabuye y'agaciro ya Kongo. Ingero :

Mu mwaka wa 1999, Roberto GARRETON yasuye intara ya Katanga aha abanyamakuru ikiganiro ku byerekeye imirimo ye. Abajijwe icyo atekereza ku miterere y'ibibazo n'impamvu Umuryango w'Abibumbye watinze gukora iperereza, yashubije ko Umuryango w'Abibumbye usa nk'aho utitaye ku kagambane ko guterwa wagiriwe n'ihuriro ry'abatutsi b'abanyarwanda, bo mu Burundi no muri Uganda: *"Le rapporteur spécial des Nations Unies*

⁶¹ France 3, 21 Septembre 1996

⁶² Turabigarukaho mu mpapuro zikurikira

reconnait par ailleurs qu'il y a insensibilité de l'ONU à l'agression injuste imposée à la RDC par la coalition tutsi rwandais, burundais et ougandais⁶³.

- Iyo mvugo igaragaza ironwabwoko no kwikoma igice kimwe cy'abaturage bo mu bihugu by'akarere k'ibiyaga bigari, iyo myitwarire ikaba itandukanye n'ihame ryo kutabogama no kuba inyangamugayo bigomba kuranga impuguke ya ONU, cyane cyane, umukozi wo ku rwego rwo hejuru nka Roberto GARRETON, wari ufite mu nshingano ze kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu gihugu nka Kongo kirangwamo intambara z'urudaca no kugira Leta ijegajega.
- Mu gihe cyo guhagarika imirimo ye muri Kongo, Roberto GARRETON yanditse inyandiko y'impapuro esheshatu ku itariki ya 17 Ukwakira 2001, ayikwirakwiza kuri interineti no mu binyamakuru byinshi byo ku isi, agaragazamo urwango n'agasuzuguro afitiye u Rwanda : *"J'ai été critiqué et parfois en des termes très durs. Cela m'a même valu d'être déclaré "persona non grata" pendant plus de deux ans, au Congo, de 1997 à 1998. J'ai été qualifié de menteur souvent et de partial très souvent. Dans l'enceinte de la Commission des droits de l'homme, au mois d'avril 2000, j'ai même été accusé de 'complice du génocide rwandais' par le représentant d'un pays 'non invité au Congo [donc le Rwanda]. Lorsque dans mon rapport à la Commission des droits de l'homme en 1997, j'ai révélé que des milliers de réfugiés rwandais avaient été massacrés au Zaïre, j'ai été qualifié de fabulateur.*

(...) J'ai cependant un regret. Celui de ne pas pouvoir, en raison de l'incompatibilité entre mes nouvelles fonctions et le statut d'expert indépendant qui caractérise le mandat d'un Rapporteur spécial, me rendre au Congo pour remercier personnellement toutes celles et tous ceux qui m'ont soutenu et encouragé. Je formule toutefois le voeu d'avoir la possibilité de visiter votre pays avec ma famille, qui m'a tant aidé et soutenu au cours de ces années. Ce souhait m'habite depuis ma première mission au Congo⁶⁴.

Birumvikana ko impuguke ifite imyumvire yo kwikoma u Rwanda no kubogamira kuri Kongo ku buryo bweruye, iba itacyujye ubunyangamugayo busabwa impuguke z'Umuryango w'Abibumbye, bityo ikaba itagombye gushingwa gukora ubushakashatsi bw'Umuryango w'Abibumbye na raporo mpuzamahanga z'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu. Ni kimwe mu bimenyetso byerekana impamvu RAPORO MAPPING ikubiyemo ibinyoma byikoma u Rwanda kuko ahanini yanditswe hakurikijwe amakuru yakusanyijwe na Roberto GARRETON afatanyije na ONG zanga u Rwanda.

⁶³ La Reference Plus n°1514 du 26 fevrier 1999 : *"Roberto GARRETON s'est entretenu pendant 30 minutes avec OLENGHA NKOY"*.

⁶⁴ Roberto GARRETON, *"Lettre ouverte aux Congolaises et aux Congolais"*, 17 octobre 2001

Igice cya gatatu : Raporo yiswe “PROJET MAPPING”

Inyandiko ndende yiswe “Projet Mapping⁶⁵” kuri Kongo, yakozwe na Komisiyo y’Umuryango w’Abibumbye yita ku Burenganzira bwa muntu, ifite icyicaro I Genève mu Busuwisi, isohoka ku itariki ya 01 Ukwakira 2010. Uretse kuba iyo raporo ikubiyemo amakosa menshi ku bibazo byateye intambara muri Kongo n’imigendekere yazo, inandika ibinyoma bikomeye ku Rwanda, birimo kugoreka amateka, guhimba icyaha cya jenocide bise ko cyakorewe impunzi z’abahutu muri Kongo, n’ibindi.

1. Gupfobya amateka ya Jenocide yakorewe Abatutsi

Raporo ya “Projet Mapping” igizwe n’impapuro zirenga 600. Ikubiyemo ibyaha bigera kuri 617 byakusanyijwe hagati y’ukwezi kwa Nyakanga 2008 na Kamena 2009 ku butaka bwose bwa Kongo. Iyo raporo igaragaza uruhare rw’ingabo z’ibihugu bitandukanye zari muri Kongo, ariko ikagira umwihariko wo kurega ingabo z’u Rwanda izitirira kuba zarakoze icyaha cya jenocide ku mpunzi z’abahutu. Ubu buryo bwo kugoreka amateka bwerekana imikorere yaranze Umuryango w’Abibumbye ku kibazo cya jenocide yakorewe abatutsi no kwirengagiza ingaruka zayo mu karere k’ibiyaga bigari.

Ikindi giteye ikibazo ni uburyo bwakoreshejwe kugirango raporo ya “Projet MAPPING” imenyekane. Mbere y’uko iyo raporo itangazwa ku mugaragaro na ONU, yabanje kunyuzwa mu binyamakuru “*Jeune Afrique*” na “*Le Monde*” byo mu Bufaransa, hanyuma irindi tangazamakuru naryo rirabikwiza kandi ibihugu biregwa bitayimenyeshajwe n’Umuryango w’Abibumbye, ndetse nawo ubwawo ugifata iyo raporo nk’imbanzirizamushinga, ukiri ibanga. Ibihugu, birimo u Rwanda, Uganda n’Uburundi, byahise bigaragaza ko bitishimiye ibivugwa muri iyi raporo, bituma Umuryango w’Abibumbye ubiyishyikiriza uyita imbanziriza mushinga, ubiha igihe kingana n’amezi abiri cyo kuyisoma bikagira icyo biyivugaho. Ubwabyo ni ikibazo gikomeye cyo gusaba buri gihugu kuba cyasomye raporo y’impapuro 600 no kuba cyatanze ibisobanuro bikivugwaho mu gihe cy’amezi abiri gusa.

Icyo mbere kiboneka nuko abanditse raporo MAPPING, batagaragaje ubushake bwo gukora ubushakashatsi busesenguye ku byaha bivugwa no gusuzuma ishingiro n’ireme ry’ibimenyetso bashingiyeho bashinja u Rwanda. Abayanditse ntibafashe umwanya uhagije wo gukora iperereza kuko bakoze anketi mu gihe cy’amezi atandatu (6) gusa kandi ku byaha byabereye muri Kongo yose mu gihe cy’imyaka icumi (10) bizwi ko ari igihugu kinini gifite ubuso bungana na Km² 2.345.410. Uru rugero rurerekana ko Umuryango w’Abibumbye

⁶⁵ Rapport du Projet Mapping concernant les violations les plus graves des droits de l’homme et du droit humanitaire commises entre mars 1993 et juin 2003 sur le territoire de la République démocratique du Congo

utigeze ugira ubushake bwo gucukumbura bihagije ibikubiye muri raporo MAPPING mbere yo kubitangaza.

Abanditse raporo MAPPING bari bagamiye gupfobya jenocide yakorewe abatutsi muri 1994 bakoresheje amayeri yo kwerekana ko impande zombi, APR/FPR na Ex-FAR na Guverinoma y'abatabazi bakoze ubwicanyi bungana, buri ku rwego rwa jenocide. Iryo pfoya rigaragarira mu magambo umwe mu bayanditse, Luc COTE, yatangaje nyuma gato y'aho ibinyamakuru bitangariye ibiyikubiyemo.

Luc COTE yavuze ko intambara zabaye muri Kongo zisa zose mu migendekere yazo kuko zigaragazwa n'ibitero byihariye, bya rurangiza kandi biteguwe neza (= *des attaques ciblées, vastes et systématiques*)⁶⁶ biteye kimwe n'ibyabaye mu Rwanda muri 1994. Ubwo buryo bwo gushyira ku kigero kimwe ubwicanyi bwakozwe buhoro buhoro mu gihe cy'imyaka icumi muri Kongo hagati ya 1993 na 2003, bukagereranywa na jenocide yateguwe na guverinoma y' u Rwanda, igahitana abantu barenga miliyoni mu gihe cy'amezi atatu, yateguranywe umugambi wo kurimbura ubwoko bwose bw'abatutsi, byerekana neza ko abanditse raporo MAPPING, bari bafite aho babogamiye n'icyo bashaka kugeraho kidafite ihuriro n'ukuri.

Ikindi gitangaje n'uko mu gushaka ibimenyetso, abanditse raporo MAPPING bakusanyije gusa ibituruka ku ruhande rushinja u Rwanda, cyane cyane iby'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta, birimo inyandiko zisaga 80 zatanzwe na Human Rights Watch n'izikomoka muri Sosiyete civile ya Kongo, bizwi ko yikoma u Rwanda ku buryo budashidikanywaho.

2. Guhesha agaciro umutwe wa FDLR

Raporo MAPPING yirengagiza uruhare rukomeye rwa FDLR mu guhungabanya amahoro n'umutekano mu Burasirazuba bwa Kongo no mu Rwanda. Nyamara birazwi ko uyu mutwe wakomeje ibikorwa byo gukora imyiteguro yo gutera u Rwanda, guhohotera abaturage b'impunzi z'abanyarwanda bababuza kugaruka mu gihugu ku bushake, kwica no gukorera urugomo abanyekongo batuye mu Ntara za Kivu n'ibindi. Raporo MAPPING yirengagiza nkana ibyaha bikomeye bikorwa na FDLR birimo ibyaha byibasiye inyoko muntu, ibyaha by'intambara, iby'iterabwoba, ubwicanyi, ubugome, ubusahuzi n'ibindi bikorwa na FDLR.

⁶⁶ AFP, 28 Aout 2010

2. 1. Kwamaganwa kwa FDLR ku rwego rw'Umuryango w'Abibumbye

Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yafashe ibyemezo bitandukanye byerekana ko FDLR ari Umutwe w'iterabwoba ugomba kurwanywa n'amahanga⁶⁷ kandi ibyibutsa kenshi, unagaragaza uburemere bw'ibyaha ndengakamere bikorwa na FDLR. Urugero ni icyemezo No 1804 13 Werurwe 2008 cyanditse muri aya magambo : « *Déplorant la persistance des violations des Droits de l'Homme et du droit international humanitaire commises par les FDLR, les ex-FAR/Interahamwe, et autres groupes armés rwandais qui opèrent dans l'Est de la République démocratique du Congo, et condamnant en particulier les violences sexuelles commises par ces groupes* ».

(...) « *Exige de tous les membres des FDLR, ex-FAR/Interahamwe et autres groupes armés rwandais qui opèrent dans l'Est de la République démocratique du Congo qu'ils déposent immédiatement les armes et se présentent aux autorités congolaises et à la MONUC sans plus tarder et sans conditions préalables en vue de leur désarmement, démobilisation, rapatriement, réinstallation et réintégration* ». (...)

« *Qu'ils cessent immédiatement de recruter et d'utiliser des enfants, libèrent tous les enfants dans leurs rangs et mettent fin aux actes de violence sexiste, en particulier le viol et les autres formes de sévices sexuels, ainsi qu'à toutes les autres formes de violence* ».

« *Demande aux Etats membres d'envisager de prendre les mesures nécessaires pour empêcher qu'un soutien financier, technique ou autre quel qu'il soit ne soit apporté par leurs nationaux ou à partir de leur territoire aux FDLR, ex-FAR/Interahamwe ou autres groupes armés rwandais opérant dans le territoire de la République démocratique du Congo directement ou à leur profit.*»

ONU kandi yashyize abayobozi bakuru ba FDLR ku rutonde rw'abanyabyaha ruharwa bagomba gushakishwa no gukomanyirizwa n'amahanga. Abo ni aba bakurikira :

1. MUDACUMURA Sylvestre, alias Radja ou Mupenzi Bernard ou Général Major. Ni umuyobozi mukuru wa gisilikare muri FDLR.
2. Dr MURWANASHYAKA Ignace, Prezida wa FDLR.
3. MUSONI Straton, Visi Perezida wa FDLR.
4. IYAMUREMYE Gaston, Général de brigade, Umuyobozi mukuru wa kabiri wa gisilikare wa FDLR (second Vice-Président).
5. MUGARAGU Léodomir, Chef d'état-major wa FDLR/FOCA.

⁶⁷ Conseil de sécurité, Résolution 1596 (2005)

6. MUJYAMBERE Léopold, Colonel, umuyobozi wa diviziyo y'inkeragutabara ya FDLR.
7. NSANZUBUKIRE Félicien alias Fred Irakiza, umuyobozi wa batayo ya mbere ya FOCA/FDLR.
8. NTAWUNGUKA Pacifique, Colonel, alias Colonel Omega Nzeri Israël : umuyobozi wa diviziyo ya mbere ya FOCA/FDLR.
9. NZEYIMANA Stanislas alias Déogratias Bigaruka Izabayo Deo, Jules Mateso, Mulamba. Umuyobozi wungirije wa FOCA/FDLR⁶⁸.

Ku itariki ya 17 Ugushyingo 2009, Ignace MURWANASHYAKA na Straton MUSONI, bafatiwe mu Budage barafungwa, bashinjwa ibyaha byibasiye inyoko muntu n'iby'intambara bikorwa n'abayoboze babo muri Kongo. Ku itariki ya 13 Nyakanga 2012, Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha ruri i La Haye rwatanze urupapuro rwo gufata umuyobozi w'abarwanyi ba FDLR, Jenerali Sylvestre MUDACUMURA, kubera ibyaha bikorwa nawe ubwe ndetse n'abarwanyi be ayobora muri Kongo⁶⁹.

2.2. Kwamaganwa ku rwego rw'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe

Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe, nawo wamaganwe kenshi ibikorwa by'iterabwoba n'ibindi byaha ndengakamere bikorwa na FDLR. Inama y'amahoro n'umutekano y'uwo Muryango yabigaragaje kenshi. Kimwe muri ibyo byemezo cyafashwe ku itariki ya 10 Mutarama 2005 kibyerekana muri aya magambo : « *Le Conseil a réitéré sa grave préoccupation face à la situation sécuritaire qui prévaut à l'Est de la RDC, ainsi que face à la présence continue, dans les Kivu, des ex-FAR/Interahamwé, présence qui menace la paix et la sécurité de la RDC et du Rwanda, alimente la tension entre les deux pays, et sape les processus de paix et de transition en RDC* ». (...) « *le problème posé par la présence continue des ex-FAR/Interahamwe et d'autres groupes armés à l'Est de la RDC requiert une action décisive de la part de la communauté internationale en général et de l'Afrique en particulier, pour désarmer et neutraliser effectivement ces groupes armés* ».

Ikindi cyemezo cyafashwe n'Inama y'Amahoro n'Umutekano y' Afurika Yunze Ubumwe, ku wa 25 Kamena 2005, gitanga inshingano ku bihugu byose by'Afurika zo gufatanya kurwanya FDLR no kureka gushyigikra uwo mutwe mu buryo ubwo aribwo bwose⁷⁰.

⁶⁸ Conseil de sécurité, Résolution 1896 (13 août 2010)

⁶⁹ Cour Penale Internationale : mandat d'arrêt contre Mudacumura, *Le Figaro*, 13 juillet 2012.

⁷⁰ Conseil de paix et de sécurité, 33^{ème} session, Réunion du 24 juin 2005 Addis Abeba, Rapport du Président de la Commission sur le suivi de la décision de la 23^{ème} réunion du Conseil de paix et de sécurité (CPS) sur la situation à l'Est de la République démocratique du Congo (RDC) entre la RDC et le Rwanda, PSC/PR/2.(XXXIII).

2.3. Kwamaganwa ku rwego rw'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi

Ku itariki ya 14 Gicurasi 2008 no ku ya 8 Ukuboza 2010, Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi (Conseil de l'Union européenne) wafashe ibyemezo bisaba ibihugu byose bigize uwo muryango, gufatanya bikarwanya FDLR n'imitwe yose yitwaje intwaro iri muri Kongo. Ibyo byemezo bibuza n'abaturage b'ibihugu by'iburayi kugira inkunga iyo ariyo yose yaba intwaro, amafaranga, ubufasha bwa politiki, n'ibindi baha imitwe yitwaje intwaro ikorera muri Kongo⁷¹. icyemezo cyo ku wa 8 Ukuboza kibivuga muri aya magambo:

« Sont interdits la fourniture, la vente ou le transfert, directs ou indirects, par les ressortissants des États membres ou depuis le territoire des États membres, ou à l'aide de navires ou d'aéronefs relevant de leur juridiction, d'armements et de tout matériel connexe de quelque type que ce soit, y compris des armes et des munitions, des véhicules et des équipements militaires, des équipements paramilitaires et des pièces détachées pour les susdits, qu'ils proviennent ou non de leur territoire, à destination de tous les individus et entités non gouvernementales opérant sur le territoire de la République démocratique du Congo (RDC).

1) *Il est également interdit :*

a) *d'octroyer, de vendre, de fournir ou de transférer une assistance technique, des services de courtage et autres services liés à des activités militaires et à la livraison, la fabrication, l'entretien et l'utilisation d'armements et de matériel connexe de quelque type que ce soit, y compris des armes et des munitions, des véhicules et des équipements militaires, des équipements paramilitaires et des pièces détachées pour les susdits, directement ou indirectement, à tous les individus et entités non gouvernementales opérant sur le territoire de la RDC;*

b) *de fournir un financement ou une aide financière en rapport avec des activités militaires, en particulier des subventions, des prêts ou une assurance-crédit à l'exportation, à l'occasion de toute vente, toute fourniture, tout transfert ou toute exportation d'armements et de matériel connexe, ou à l'occasion de tout octroi, toute vente, toute fourniture ou tout transfert d'assistance technique, de services de courtage et autres services connexes, directement ou indirectement, à tous les individus et entités non gouvernementales opérant sur le territoire de la RDC ».*

Ku itariki ya 17 Ukuboza 2009, Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi yamaganye ku mugaragararo, ibikorwa by'ubwicanyi n'andi mahano akorwa na FDLR, isaba ko

⁷¹ Conseil de l'Union européenne, Position commune N°2008/369/PESC concernant l'adoption de mesures restrictives à l'encontre de la RDC.

imbaraga zagombye kongerwa mu buryo bwo guhana FDLR : « *déplore dans les termes les plus vifs les massacres, les crimes contre l'humanité et le recrutement d'enfants soldats et les actes de violence sexuelle contre les femmes et les jeunes filles qui perdurent; appelle tous les acteurs à renforcer la lutte contre l'impunité;*

2) *demande qu'il soit immédiatement mis fin aux violences et aux atteintes aux droits de l'homme en RDC; **souligne qu'il faut redoubler d'efforts pour mettre un terme aux activités des groupes armés étrangers, en particulier des FDLR et la LRA, dans l'est de la RDC;** exhorte l'ensemble de ces groupes armés à déposer immédiatement les armés et à mettre un terme à leurs attaques contre la population civile; et invite l'ensemble des parties prenantes aux accords du 23 mars 2009 à respecter le cessez le-feu et à mettre en œuvre leurs engagements, effectivement et de bonne foi ».*

Ibi byemezo bikomeye byafatiwe FDLR n'iyi Miryango mpuzamahanga, iyo bidashyizwe mu bikorwa uko bikwiye, bituma uyu mutwe ukomeza ibikorwa byawo by'iterabwoba ku baturage b'inzirakarengane. Na none kandi iyo hasohotse raporo nk'iya Steven HEGE, ikaza yirengagiza ukuri, ahubwo ishyira mu majwi abasirikare b'u Rwanda bari bafite uruhare mu kubungabunga amahoro mu karere, bituma FDLR yibagirana, ikaboneraho uburyo bwo gukomeza iterabwoba nkuko bimeze muri iki gihe. Amahanga yose ahanze amaso M23 na raporo zose zisohoka ziza ari M23 gusa zivuga bigasa nkaho FDLR nta kibazo igiteye kandi ari wo mutwe wica abantu benshi unakora ibyaha ndengakamere umunsi ku wundi.

2.4. Impamvu yatumye ingabo z'u Rwanda zijya muri Kongo

Ku itariki ya 15 Ugushyingo 1996, ingabo z'u Rwanda zinjiye muri Kongo hagamijwe gutabara impunzi z'abanyarwanda zari zarafashwe bugwate na ex-FAR n'INTERAHAMWE, gukumira jenocide n'ibikorwa byo gushoza intambara mu Rwanda byategurwaga na ex-FAR/Interahamwe. Mu kohereza abasirikare muri Kongo, u Rwanda rwashoboye gucyura no gusubiza mu byabo impunzi z'abanyarwanda zirenga miliyoni, zari zifashwe bugwate n'abicanyi kandi Umuryango w'Abibumbye n'ibindi bihugu byari byarananiwe gukemura icyo kibazo.

Mu gihe cy'iminsi ine (4) gusa, u Rwanda rwari rumaze gucyura no kwakira impunzi z'abanyarwanda zigera ku bihumbi magana atandatu (600,000) bakomoka mu nkambi zo muri Kivu y'amajyaruguru ya Kongo.

N'izindi mpunzi zari mu nkambi zitandukanye muri Kivu y'amajyepfo zakomeje gutaha mu Rwanda ku buryo abakomeje gufatwa bugwate na ex-FAR/Interahamwe ari bake kandi nabwo u Rwanda rwakomeje kubashakisha no kubazana mu gihugu, runabakura mu

mashyamba ya kure ya Kongo. Abandi batatashye mu Rwanda ni abahisemo gukomeza inzira y'ishyamba, ariko ibyo ntibyatewe n'ingabo z'u Rwanda. Imibare yakusanyijwe na Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu yerekana ko u Rwanda rwacyuye impunzi ku buryo bukurikira zari zarahungiyeye mu bihugu bikikije u Rwanda⁷² :

UMWAKA	UMUBARE W'IMPUNZI ZATASHYE
1994	1.200.008
1995	338.825
1996	1.362.273
1997	219.750
1998 - 2010	271.895
Igiteranyo Rusange	3.392.751

Iyo mibare y'impunzi zose zatashye mu Rwanda, Raporo MAPPING irayiceceka nkana, ikerekana ko Ingabo z'u Rwanda nta kindi zakoze muri Kongo uretse kwica impunzi z'abahutu⁷³. Nyamara umurimo w'ibanze zakoze wabaye uwo kubohora impunzi no kuzigarura mu gihugu cyabo.

Indi mibare iri mu mbonerahamwe ikurikira yatanze na UNHCR mu kwezi kwa Kamena 1996, irerekana ko impunzi zari muri Kongo zanganaga na 1.105.172⁷⁴. Kugereranya iyi mibare bifasha kwibonera ko abakomeje guhungira mu bice byo muri Kongo imbere ari bake cyane. Bikabeshyuzwa ikinyoma cyakunze gukwizwa n'ababeshyera u Rwanda ngo kuba rwarishe impunzi ibihumbi magana atatu 300.000⁷⁵.

⁷² Rwanda, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'igihugu, 2010.

⁷³ Ku itariki ya 30 Nzeri 2010, Guverinoma y'u Rwanda yatanze ibisobanuro birambuye ku birego biri muri Raporo MAPPING nicyo bigamije : "République du Rwanda, ministère des affaires étrangères et de la coopération, commentaires officiels du Gouvernement rwandais en réponse au rapport du Projet Mapping concernant les violations les plus graves des droits de l'homme et du droit international humanitaire commises entre mars 1993 et juin 2003 sur le territoire de la République Démocratique du Congo".

⁷⁴ UNHCR, information Bulletin, June 1996

⁷⁵ MUSABYIMANA Gaspard, L'APR et les réfugiés rwandais 1996-1997. Un génocide nié, L'Harmattan, 2004.

Plaine de la Rusizi

Kamanyola	11304
Kanganiro	21305
Lubarika	7041
Luvungi	7930
Luberezi	2479
Rwenena	19
Kibogoye	1098
Kajembo	6002
Biliba	4
Riningo	12812
Kagongo	1500
Vulne/Uvira	334
Total	71.828

Region de Bukavu

Bideka	1005
Chimanga	21480
Bugarama	10800
Chondo	6300
Karama	3606
Bwina	7100
Kabingu	8560
Izirangabo	1295
Kalehe	17525
Katana	3508
Muku	2537
Musheshwe	1251
Inera	55117
Murhala	6878
Nyangezi	8883
Nyantende	9780
Kabira	28601
Kashusha	47.339
Nyamirangwe	21583

Nyangezi-Mulwa	27152
ADI Kivu	6878
Nyakavogo	6086
Shabarabe	5025
Sites UAM	752
Panzi	7312
Total	316.353

Region du Nord Kivu

Mugunga	156115
Katale	202566
Kahindo	112875
Kibumba	194986
Lac Vert	49449
Total	715.991

2.5. Isohoka rya Raporo MAPPING n'ibyaha by'abasirikare ba MONUSCO

Mu minsi Raporo Mapping yasohokaga, ku itariki ya mbere Ukwakira 2010, abasirikare ba MONUSCO bashinzwe kugarura amahoro n'umutekano no kurengera abaturage muri Kongo, bavugwagaho n'itangazamakuru kuba baragize uruhare mu bikorwa byo guhohotera abakobwa n'abagore, bikaba byari byatanze isura mbi ku Muryango w'Abibumbye na MONUSCO by'umwihariko⁷⁶. Mu buryo bwo kuyobya uburari kugira ngo ibyaha bya MONUSCO bidakomeze kuvugwa, isohoka rya raporo MAPPING ryarihutishijwe kugira ngo itangazamakuru ribone inkuru nshya ikomeye rihugiraho, maze amakosa akomeye yakozwe n'ingabo za MONUSCO bibe bishyizwe ku ruhande⁷⁷.

Igice cya kane : Inenge z'itsinda rya STEVEN HEGE na raporo yaryo

Itsinda ryiswe impuguke za ONU ziyobowe na Steven HEGE ryashyizweho n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi, rifite inshingano yo gusuzuma ishikirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'Umuryango w'Abibumbye guhera muri 2003

⁷⁶ Voir <http://www.afriqueactu.net>, « Immobilisme de la Monusco : Mea culpa de l'Onu, 8 septembre 2010 »; "L'ONU bat sa coulpe en RDC", 11 septembre 2010, <http://afriqueactu.net>

⁷⁷ Reba igice kirebana n'amakosa ya MONUSCO

byo kubuza igurwa ry'intwano no gufasha Imitwe ya gisilikare ikorera muri Kongo⁷⁸. Iryo tsinda rikora isuzuma ku mikorere y'imitwe yitwaje intwano n'uburyo ibona intwano n'ubundi bufasha hanyuma, igakorera raporo Komite y'Inama ishinzwe Amahoro ku Isi, nayo igafata icyemezo ikurikije ibyifuzo biba byatanze n'impuguke. Ni muri urwo rwego Itsinda riyobowe na Steven HEGE ryakozemo imirimo yaryo.

Inkuru y'ibikubiye muri raporo y'itsinda riyobowe na Steven HEGE yamenyekaniye bwa mbere mu itangazamakuru, hanyuma ikurikirwa n'amatangazo ya Human Rights Watch ashyingikira iyo raporo. Iyo raporo yasohotse mu bice bitatu : Raporo y'agateganyo (21 Kamena 2012)⁷⁹, Inyongera kuri raporo (27 Kamena 2012)⁸⁰ na raporo ya nyuma (15 Ugushyamba 2012)⁸¹ igaragaramo amakosa yakozwe n'impuguke ndetse n'Umuryango w'Abibumbuye, inenge nyinshi mu buryo bwakoreshejwe mu iperereza, ubumenyi n'ubushobozi buke bwa bamwe mu mpuguke n'andi makosa akomeye atagombye kubaho kuri urwo rwego, kandi ugasanga amahanga atayaha agaciro n'uburemere afite, agahitamo kuyirengangiza no gukomanyiriza u Rwanda.

1. Kumena amabanga akubiye muri Raporo mbere yuko ishyikirizwa ONU

Igikorwa cyo kumena ibanga ry'akazi rirebana n'ibikubiye muri raporo y'itsinda riyobowe na Steven HEGE, cyakozwe ku buryo butandukanye kandi kigamije gusebya u Rwanda no guharabika isura yarwo. Byabaye hagati y'abakozi ba MONUSCO ubwabo, nabo babigeza ku bandi bitagombaga kureba, ubundi bikorwa binyujijwe mu itangazamakuru, ariko byagizwemo uruhare n'abagize itsinda rya Steven HEGE n'abakozi bakuru ba MONUSCO.

1.1. Kumena ibanga mu itangazamakuru

Inkuru y'uko hari ibirego bishinje u Rwanda guhungabanya umutekano muri Kongo yatangajwe bwa mbere muri BBC News. Ku itariki ya 25 Gicurasi 2012 umunyamakuru wa BBC News witwaga Gabriel GATEHOUSE yayitangaje kuri Twitter muri aya magambo : “ *Conflict in the Eastern Congo : 70.000 people from their homes. But is Rwanda involved? And if so, how deep? I'm trying to find out*”.

Nyuma y'iminsi itatu, ku itariki ya 28 Gicurasi 2012 saa saba n'iminota mirongo itatu n'umwe z'ijoro (1h31), uwo munyamakuru yarongeye yohereza indi nyandiko ngufi kuri

⁷⁸ Icyemezo N0 1493 cyo ku wa 28 Nyakanga 2003 cy'Inama ya ONU Ishinzwe Amahoro ku Isi

⁷⁹ S/2012/843, Rapport final du Groupe d'experts sur la République démocratique du Congo conformément au paragraphe 4 de la résolution 2021 (2011)

⁸⁰ S/2012/843, Rapport final du Groupe d'experts sur la République démocratique du Congo conformément au paragraphe 4 de la résolution 2021 (2011)

⁸¹ S/2012/348, Rapport d'étape du Groupe d'experts sur la République démocratique du Congo, conformément au paragraphe 4 de la résolution 2021 (2011)

Twitter noneho yemeza ikirego muri aya magambo: “*Rwanda supporting D.R. Congo, says UN, exclusively revealed by the BBC*”⁸².

Kugira ngo uyu munyamakuru wa BBC amenye iyi nkuru, yayihawe n’umukozi wo hejuru uyobora ibiro bya MONUSCO i Goma muri Kongo witwa Mme Hiroute SELASSIE-GABRE. Izina rye ryatangajwe n’ikindi kinyamakuru cyo mu Bufaransa, A.F.P. ku wa 28 Gicurasi 2012 cyavuze ko Mme SELASSIE ariwe wabitangarije BBC, asobanura ko hari abatangabuhamya batangaje ko bavanywe mu Rwanda i Mudende bakajyanwa muri Kongo kugira ngo bafashe M23. Ubwo intambara y’itangazamakuru yahise itangira biturutse ku kumena ibanga rya MONUSCO, bigaragara ko hari inyungu ishobora kuba yari ibifitemo.

Twakwibutsa ko aya mayeri yo gukoresha ibinyamakuru mbere yuko raporo isohoka akorehwa buri gihe n’abantu bose bibasira u Rwanda. Muri Werurwe 2004, umucamanza w’Umufaransa Jean Louis BRUGUIERE yabanje gukwiza mu binyamakuru “Le Monde” na “Jeune Afrique” ibizajya mu kirego cye kandi ataranarangiza iperereza. icyo kirego yaje kugisohora nyuma y’imyaka ibiri, akwiza ibinyoma mu binyamakuru agamije gusebya abayobozi bakuru b’u Rwanda⁸³.

1.2. Impamvu yateye Abakozi ba MONUSCO kumena ibanga

Ku itariki ya 28 Gicurasi 2012, inkuru yuko u Rwanda rufasha M23 isohoka mu binyamakuru, hari hasigaye umunsi umwe gusa kugira ngo haterane Inama y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi, yagombaga kuganira ku kibazo cyo kongera manda ya MONUSCO. Kugira ngo iyo nama yite ku mpamvu MONUSCO igomba guhama muri Kongo, nibwo MONUSCO yasohoye amakuru ashinja u Rwanda gushyigikira M23 ibinyujije mu itangazamakuru.

Habanje kubaho igikorwa cyo kumena ibanga hagati y’itsinda riyobowe na Steven HEGE na bamwe mu bakozi ba MONUSCO. Abakozi ba MONUSCO bamaze guhabwa ibikubiye muri raporo ya Steven HEGE, bakoze igikorwa cyo kuyashyikiriza umunyamakuru arayatangaza kandi raporo itarashyikirizwa Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, ari nayo yari igenewe. Uko kumena ibanga kwakozwe n’itsinda rya Steven HEGE hamwe n’abakozi bakuru ba MONUSCO kandi babigendereye ku mpamvu yo kubeshyera u Rwanda, binyuranye n’amabwiriza y’ibanga agenga imikorere ya ONU, abakozi bayo n’impuguke zayo.

Babisohoye mu binyamakuru kandi bitarashyikirizwa uwabatumye, ni ukuvuga Inama y’Umuryango w’Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, ibyo bikaba bigaragaza umugambi wo kubogama no gushaka guharabika u Rwanda.

⁸² bbc.co.uk/news/world-afr

⁸³ Turabigarukaho

Ikindi nuko icyo gikorwa cyo kumena ibanga nk'iryo imburagihe, ubwabyo ni uguteza umutekano muke mu baturage kandi ariwo MONUSCO ishinze kurinda. Ibi byagarajwe nuko nyuma y'aho itangazamakuru rivugiye ibikubiye muri raporo ya Steven HEGE n'abo bafatanyije, umutekano muke wariyongereye kubera ubwoba n'urwikekwe byashyizwe mu baturage. Ikindi cyari kigambiriwe mu gukwiza mu itangazamakuru ibijyanye n'inkunga u Rwanda rwitirirwaga gutera M23, byari ugushaka impamvu zo kumvisha amahanga ko manda ya MONUSCO igomba kongerwa. Ni nako byagenze kuko manda ya MONUSCO yongerewe kugeza kuri 30 Kamena 2013.

1.3. Ubufatanye hagati ya Human Rights Watch n'itsinda rya Steven HEGE

Buri gihe isohoka rya raporo y'impuguke za ONU ku kibazo cya Kongo ribanzirizwa mbere gato n'indi raporo ya "Human Rights Watch (HRW)", isa nk'aho ije gutegurira amayira raporo ya ONU. Ibi byerekana ko mu mikorere y'iri tsinda, habaye ubufatanye bwa hafi na HRW mu buryo bwo guhererekanya amakuru akubiye muri raporo y'impuguke, kugira ngo HRW iyatangaze, bityo bisasire kandi bitegure isohoka rya raporo ya ONU.

Ku itariki ya 21 Kamena 2012 nibwo impuguke zashyikirije Umuryango w'Abibumbye raporo y'agateganyo. Ku itariki ya 4 Kamena 2012, HRW yari yasohoye raporo ivuga ko ifite ubuhama bwizewe, bwemeza ko u Rwanda rufite uruhare mu iyuburwa ry'imirwano muri Kivu y'Amajyaruguru⁸⁴. HRW yakomeje ivuga ko abatangabuhama bayibwiye ko babonye Jenerali Bosco NTAGANDA mu Rwanda, ko ingabo z'u Rwanda zohereje abasirikare, intwari n'amasasu mu barwanyi ba M23 muri Kongo, ko kandi u Rwanda rushyigikiye Jenerali Bosco NTAGANDA ushamburwa n'urukiko mpuzamahanga rwa La Haye. HRW yashimangiye ko u Rwanda rwohereje abasirikare bashya bari hagati ya 200 na 300 n'intwari za rutura n'amasasu yazo. HRW isoza yemeza ko hari uruburako rushishikarizwa n'u Rwanda kujya ku rugamba rwa M23, rugahabwa imyitoto ya gisirikare mu Rwanda, hanyuma rukoherezwa kurwana ku ruhande rwa M23.

Ibyo birego byose uko bitangwa na HRW biri muri raporo y'impuguke za ONU kandi ibimenyetso bishingirwaho bikaba ari bimwe, bikerekana rero ko HRW n'impuguke za ONU zihana amakuru cyangwa zigakorana ku buryo bwa hafi, ibyo bikaba binyuranye n'ihame ry'ubwigenge no kugira ibanga bigomba kubahirizwa n'izo mpuguke. Raporo za HRW zahise zikwizwa mu itangazamakuru ryo mu bihugu byinshi⁸⁵, ibyo bikaba byarafashije impuguke

⁸⁴ HRW, 4 juin 2012: "RD CONGO : Le Rwanda doit cesser d'aider un criminel de guerre présumé. Le général congolais renégat Bosco NTAGANDA reçoit des recrues et des armes depuis le RWANDA."

⁸⁵ Le Monde et A.F.P., 4 Juin 2012, *Human Rights Watch accuse des militaires rwandais de soutien à la mutinerie en RDC*; Jeune Afrique, 5 juin 2012, *Après un rapport confidentiel de la MONUSCO : HRW cloue le Rwanda*; RTBF, 5 juin 2012; VOA, 4 Juin 2012, *Human Rights Watch: "Le Rwanda a fourni des armes aux rebelles de la RDC"*; BBC, 4 juin 2012 : "Rwanda : un rapport qui accuse"

za ONU gutegura imyumvire y'abantu n'ibihugu by'amahanga kugira ngo raporo ya ONU izasohoke bisa nkaho ari ukwemeza ibyo basanzwe bazi.

Ku itariki ya 21 Kamena 2012 ku munsu impuguke za ONU zari zashyikirije raporo yazo Inama ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, HRW yasohoye itangazo rigamije gushyira igitutu kuri Leta Zunze ubumwe z'Amerika ndetse n'Umuryango w'Abibumbye, rishinja Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ngo kuba zari zibangamiye ko raporo ya ONU ishyirwa ahagaragara. icyo kirego cya HRW cyabeshyujwe n'umuvugizi wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika⁸⁶ agaragaza ko igihugu cye kitigeze kigira iyo myifatire. Ibi birerekana kubogama kwa HRW n' imikorere yayo idahwitse.

1.4. Kwifashisha amakuru y'ibinyoma n'adafitiwe icyizere

Kugira ngo ubushakashatsi bwose bugere ku kuri bugomba gushingira ku makuru ya nyayo, afitiwe icyizere. Iryo niryohame ry'ibanze rikoreshe mu bushakashatsi no mu iperereza iryo ari ryo ryose. Bisobanuye ko impuguke za ONU zagombye gukoresha amakuru akomotse ku bantu bizewe, badafite inyungu runaka mu kibazo, batagaragaje kubogama no kugira uruhande bikoma. Mu gushimangira ko u Rwanda rutera inkunga Umutwe wa M23, impuguke ziyobowe na Steven HEGE zakoresheje amakuru menshi aturutse ku ruhanda rwa Leta ya Kongo kandi ifite uruhare mu ntambara n'andi menshi aturutse mu Miryango mpuzamahanga itari iya Leta no mu bantu bagaragaje urwango kuri Leta y'u Rwanda.

Nkuko bigaragara muri raporo y'izi mpuguke, amakuru yabo bayavanye aha hakurikira:

- Serivisi z'iperereza za Kongo kandi bizwi ko zakoraga amakuru mpimbano zikoresheje itoteza rigamije kwemeza abantu ko babaye muri M23 kandi boherejwe n'u Rwanda⁸⁷;
- Mu buyobozi bw'ingabo za Kongo;
- Muri Sosiyete sivile ya Kongo nayo ikaba ikomeje kugaragaza kubogama mu buryo bwa politiki no kwikoma u Rwanda haba mu nyandiko zayo, mu magambo, mu mikorere no mu matangazo atandukanye yasohoye mu itangazamakuru n'ahandi;
- Mu mitwe yitwaje intwari za gisilikare irwanya ubwoko bw'abatutsi. Urugero ni aho raporo y'impuguke ivuga ko zakoranye n'umutwe w' APCLS (Alliance des patriotes pour un Congo libre et souverain). Uyu ni umwe mu mitwe ya Mai Mai ukorera mu karere ka MASISI urwanya Leta ya Kongo. Uyu mutwe wafatanyije na AFDL guhirika ubutegetsi bwa Perezida Mobutu. Ubu urasaba ko kugira ngo uhagarike imirwano ugomba guhabwa indishyi na Guverinoma ya KABILA kubera uruhare wagize

⁸⁶ BBC, 21 Juin 2012

⁸⁷ Turabigarukaho mu gice cyo hepfo

umufasha gukuraho MOBUTU. Muri iki gihe, uyu Mutwe wa APCLS ukorana n'uwa FDLR kandi ugatangaza ko utemera abanyekongo b'abatutsi⁸⁸.

1.5. Kwemeza ubuhamya hadakoreshejwe ubushishozi buhagije

Uburyo impuguke za ONU zakoresheje zemeza ishingiro n'uburemere bw'amakuru zahawe n'abatangabuhamya burimo inenge zikomeye. Raporo y'impuguke isobanura ko kugira ngo zemeze niba ubuhamya zakiriye bufite ireme n'inshingiro, nuko bwagombaga kwemezwa byibura n'abantu batanu. Gushingira kuri iryo hame ryonyine ni ukudashishoza no kwirengagiza inzira zagombye gukoreshwa kugira ngo hasuzumwe kandi hemezwe ireme ry'ubuhamya. icya mbere nuko umubare w'abantu benshi atari wo kamara kugira ngo ubuhamya bube bufitiwe icyizere.

Mu iperereza nk'iryakozwe n'izi mpuguke, umutangabuhamya agomba guhatwa ibibazo bihagije, ku buryo bituma buri wese usoma ibyo atangaza n'isesengura ribukorewe yibonera koko ko ibyo avuga bishingiye ku kuri no ku byo yabonye cyangwa afitiye gihamya. Uretse kuvuga ko zashingiraga ku buhamya butanzwe n'abantu batanu, ntabwo impuguke za ONU zerekana:

- uburyo zakoresheje ngo zigenzure ko abo bantu batanu batabeshya;
- ko batahawe ruswa;
- ko batabikoreshejwe n'inyungu runaka;
- ko batagambiriye urwango no gusebanya, n'ibindi.

Birazwi ko mu Karere ka Kivu no muri Kongo muri rusange, bitewe na ONG nyinshi zihakorera n'abanyamakuru b'abanyamahanga benshi bahagenda bashaka amakuru, abantu benshi bahatuye bamenyerejwe guhabwa amafaranga kubera amakuru batangaje, bakaba badatinya guhimba kugira ngo bahabwe amafaranga cyangwa boroherezwe kujyanwa mu bihugu by'amahanga ya kure⁸⁹.

1.6. Kurega abayobozi b'u Rwanda badahawe umwanya wo kubazwa

Mu mikorere y'impuguke ziyobowe na Steven HEGE ntabwo zigeze zigaragaza ubushake bwo kuganira n'abayobozi b'u Rwanda bashyirwa mu majwi no kumva ibisobanuro byabo mbere yo kwandika Raporo. Nyamara amabwiriza ya ONU agenga imigendekere y'ubushakashatsi n'imikorere y'izi mpuguke, yashyizweho Ku wa 18 Ukuboza 2006 mu gace kayo ka 26 niko abiteganyaga: « *Monitoring mechanisms should emphasize impartiality and fairness during the report drafting process, and make available to relevant parties (State*

⁸⁸ Radio OKAPI, 4 avril 2012 ; AFP, 23 août 2012

⁸⁹ Reba igice cy'iyi Raporo cyerekana uburyo HRW ishaka amakuru muri Kongo

authorities, entities or individuals), if appropriate, any evidence of wrongdoing for their review, comment and response, within a specified deadline. Rebuttals, with an assessment of their credibility, and corrections regarding already published allegations, should be included in subsequent reports ».

Mu kiganiro n'umunyamakuru Colette BRAECKMAN, abajijwe impamvu atabajije abayobozi b'u Rwanda mu iperereza rye, Steven HEGE yabeshye ko ngo mu kwezi kwa gatanu itsinda rye ryaje mu Rwanda, maze abayobozi bakanga kuryakira ngo bavuga ko akazi karyo ntaho gahuriye n'imitwe yitwaje intwari. icyo ni ikinyoma cyambaye ubusa⁹⁰. Tubisobanure :

Ku itariki ya 19 Mata 2012 nibwo umuyobozi w'impuguke, Steven HEGE, yandikiye Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye, amumenyesha ko bifuzaga kugirira uruzinduko mu Rwanda ku matariki ya 14-16 Gicurasi 2012. Steven HEGE yavugaga ko bazaba bazanywe no gushaka ibimenyetso u Rwanda rwaba rufite ku mitwe irurwanya ikorera muri Kongo. U Rwanda rwagaragaje ko ayo matariki atarunogeye kuko abayobozi bafite izo nshingano batari kuboneka. Steven HEGE yashubije ko badashobora guhindura ayo matariki, kuko raporo yabo y'agateganyo yagombaga gusohoka bitarenze ku wa 18 Gicurasi 2012, nk'uko icyemezo N0 2021 cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi cyo ku wa 29 Gicurasi 2011 cyabiteganyaga.

Impuguke zaje mu Rwanda kuri 14-16 Gicurasi 2012, ariko ntizashobora kubona abayobozi zifuzaga kuko batari bahari, kandi n'u Rwanda rwari rwarabibamenyesheje. Mu bo zashoboye kubonana nabo, barimo Umuvugizi w'ingabo. Bazisabye kuzagaruka mu kwezi kwa Nyakanga 2012 kugirango babonane n'abayobozi bose bakeneye.

Ku itariki ya 12 Kamena 2012, Steven HEGE n'itsinda rye bagiye New York mu Ishami ry'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi (Department of Peacekeeping Operations = DPKO), kugirango batange amakuru ku bizaba bigize raporo yabo, harimo n'ibyo bakuye mu biganiro bagiriye mu karere. Muri iyo nama, yari yitabiriwe n'abahagarariye ambasade y'u Rwanda muri ONU, nta na hamwe impuguke zigeze zivugaga ko zifite ibirego ku Rwanda.

Ku itariki ya 13 Kamena 2012, izo mpuguke zagiranye ikiganiro na komite y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe ibihano kuri Kongo⁹¹. Muri iyo nama, nibwo bwa mbere, itsinda rya Steven HEGE ryavuze ko hari n'amakuru bakuye muri Kongo ku nkunga u Rwanda ruha M23. Bongeyeho ko bagiperereza bakazasohora ayo makuru muri Raporo ya nyuma yagombaga gutangwa Ku wa 19 Ukwakira 2012. Basobanuye ko baje mu Rwanda muri Gicurasi 2012, hanyuma ariko ntibakirwa n'abayobozi bifuzaga.

⁹⁰ "Au nom des experts de l'ONU, Steven HEGE se defend", Carnet de Colette BRAECKMAN, art. cité

⁹¹ Iyo Komite igizwe n'abahagarariye ibihugu 15 bigize Security Council.

Mu bagize Komite y'ibihano kuri Kongo, hari abasabye ko ayo makuru bafite ku Rwanda agomba guhita ashirwa muri raporo. Abahagarariye USA bo bavuga ko kubera ko ayo makuru ari mashya kandi akaba ashirwa igihugu mu majwi, byaba byiza ayo makuru, abanje kumenyeshwa u Rwanda, rukagira icyo ruyavugaho, bityo iyo raporo ikaba irimo n'igisubizo cy'u Rwanda. Ni nako biteganywa n'amabwiriza ya ONU agenga imikorere y'impuguke mu bushakashatsi zikora mbere yo gusohora raporo no kuyishyikiriza ONU⁹².

Nubwo binyuranyije n'ayo mabwiriza, muri icyo nama hafashwe icyemezo cy'uko ayo makuru asohoka. Impuguke zarabyemeye, ariko zisobanura ko raporo yabo y'agateganyo yamaze kwandikwa. Zongeyeho ko ayo makuru areba u Rwanda zitazayasohora muri raporo y'agateganyo, ko zigiye kuyakorera raporo yihariye, izaba inyongera (*addendum*) kuri raporo ya nyuma. Iyi raporo y'agateganyo niyo yasohotse ku itariki ya 21 Kamena 2012, ariko abanyekongo bakomeza gushyiraho igitutu ngo na addendum isohoke.

1.7. Kuza mu Rwanda mu buryo bwo kwiyererutsa

Iyo Steven HEGE n'itsinda rye baza kuba bashishikajwe no gukora ubushakashatsi n'iperereza bitabogamye, byujuje koko ibyangombwa bisabwa ku rwego mpuzamahanga, baba baraje mu Rwanda gukora iperereza mbere yo gusohora raporo. Ntibabikoze, n'igihe bemeye kuhaza ni u Rwanda rwabibasabye, baza gusa baje kwiyererutsa nkuko bigaragazwa n'ibimenyetso bikurikira :

Ku itariki ya 25 Kamena 2012, Minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'u Rwanda yabonye na Steven HEGE, i New York, amubwira ko yatangajwe no kumva ko bagiye gusohora raporo ishinja u Rwanda kandi rutarigeze rumenyeshwa ibiyikubiyemo, ngo rugire icyo ruyivugaho. Steven HEGE yashubije ko yaje mu Rwanda ntibamwakira. Minisitiri yamwibukije ko impamvu bitashobotse ari uko abayobozi bifuzwaga n'itsinda batashoboraga kuboneka kuri ayo matariki, ariko ko u Rwanda rushobora kubaha andi matariki bazabonekeraho. Minisitiri yamwibukije kandi ko igihe itsinda ry'impuguke ryasabaga kuza mu Rwanda bwa mbere, ko ritari ryigeze rigaragaza ko hari ibirego rishinja u Rwanda ryari rikeneye kuganiraho n'abayobozi b'u Rwanda.

Twakwibutsa ko kuri aya matariki iri Tsinda ryasabaga kuza mu Rwanda kubonana n'abayobozi bakuru b'igihugu, ryari ryaramaze gushyikiriza Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi raporo yaryo y'agateganyo. Umuntu akaba yakwibaza icyo kuza mu Rwanda byari kumara mu gihe Steven HEGE na bagenzi be bari baramaze kwandika ibirego byabo. Ndetse n'ibyo birego byari byaramaze guhabwa HRW yarabisohoye mu matangazo na raporo zayo kandi ibikwirakwiza mu binyamakuru guhera muri Gicurasi 2012, isebya u Rwanda, inahamagarira ibihugu n'Imiryango mpuzamahanga kurufatira ibihano.

⁹² Amabwiriza agenga impuguke yo ku wa 18 Ukuboza 2006, agace ka 26

Icyakora, nubwo u Rwanda rutemeraga iyo mikorere ya Steven HEGE na bagenzi be, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w' u Rwanda yahise abatumira kuza mu Rwanda, kugirango u Rwanda rutange ibisobanuro bikenewe. Itsinda ryemeye ubwo butumire rinabyandika muri Addendum ya raporo yasohotse ku itariki ya 27 Kamena 2012 :

« However, during a meeting to discuss the Group's current findings in New York on 25 June 2012, the Rwandan Minister for Foreign Affairs invited the Group to Kigali for a second official visit in order to conduct an exhaustive point-by-point review of the information contained in the present addendum. The Group is eager to accept such an invitation and is committed to clarifying and/or correcting any information in this addendum as well as annexing any formal written response from the Rwandan Government in its final report to be submitted to the Committee in October 2012 ».

Ku itariki ya 11 Nyakanga 2012, u Rwanda rwongeye kwandikira itsinda rya Steven HEGE ruritumira kuza mu Rwanda mu mpera z'ukwo kwezi. Ku itariki ya 16 Nyakanga 2012, itsinda ryemeye ubwo butumire mu nyandiko, ritanga icyifuzo cyo kuza ku matariki ya 23-24 Nyakanga 2012.

Abagize itsinda baje mu Rwanda mu kwezi kwa Kanama 2012 bahabwa ibisobanuro byose bakeneye, ndetse babonana n'abayobozi bashyirwaga mu majwi. Ariko muri ibyo biganiri ntabwo bigeze bemera kujya impaka n'abayobozi b'u Rwanda ngo basobanure impamvu n'ishingiro ry'ibirego babashyiraho. Abagize itsinda babwiye abayobozi b'u Rwanda ko icyabazanye ari ukumva ibisobanuro byabo, ariko batsindagira ko badashaka kugira ikibazo na kimwe babazwa kijyanye n'ireme n'ishingiro ry'ibirego bashyikirije Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, cyangwa se ikibazo cyose cyirebana n'imikorere yabo mu buryo bwo gushaka amakuru bashingiraho batanga ibirego.

Abagize itsinda bumvishaga abayobozi b'u Rwanda ko nta kibazo na kimwe itsinda rigomba kubazwa nabo, kabone n'iyi cyaba gifite ihuriro rya hafi n'ibirego bireba abo bayobozi. Iyo mikorere ni mibi, kandi inyuranye n'amahame mpuzamahanga ateganya ko ushinjwa wese ahabwa uburyo n'uburenganzira bwo kwiregura cyangwa kumwumva mbere yo gutanga ibirego. Mu kiganiri Steven HEGE yagiranye na Colette BRAECKMAN hagaragaramo neza ko we na bagenzi be, mu gihe babonana n'abayobozi b'u Rwanda, nta bushake na buke bari bafite bwo guha agaciro ibisobanuro by'abo bayobozi : *« Pour l'essentiel, les officiels du Gouvernement rwandais ont essayé de nous convaincre que nous avons été victimes d'un grand complot ourdi par le gouvernement congolais et plus particulièrement ses services de renseignement⁹³ ».*

⁹³ C. Braeckman, art. cite

2. Amakosa ya Steven HEGE nk'umushakashatsi n'umuyobozi w'itsinda

Steven HEGE ni Umunyamerika akaba n'umuyobozi w'itsinda ry'impuguke za ONU kuva muri 2010. Mu cyemezo cy'Umuryango w'Abibumbye kimushyiraho, ONU imwerekana nk'impuguke ku bijyanye n'imitwe yitwaje intwaro za gisilikare⁹⁴. Mbere yo kugirwa impuguke ya ONU, Steven HEGE yakoreye Umuryango wa Kiliziya gatorika witwa Jesuit European Social Centre. Yakoze kandi igihe gito muri Kongo akorera Umuryango witwa "Refugees International", nyuma akorera undi Muryango witwa "Peace Appeal Foundation". Muri iyi Miryango mpuzamahanga yose itari iya Leta Steven HEGE yakoreye, nta na hamwe hafitanye isano n'ibirebana n'imitwe yitwaje intwaro za gisilikare. Uretse iyo nenge ikomeye y'ubushobozi buke, Steven HEGE yagaragaje amakosa akomeye mu kazi ke.

2.1. Gushaka gukoresha Umuryango w'Abibumbye mu nyungu ze bwite

Muri Gashyantare 2009, Steven HEGE afatanyije na Jason STEARNS bari bafite igitekerezo cy'uko bazishingikiriza kuba barabaye abakozi ba ONU muri Kongo bagashinga sosiyete yitwa "STEARNS & HEGE INC" byari biteganyijwe ko izakoresha impuguke 15 zirimo abanyekongo. Iyo Sosiyete yari guhabwa amafranga angana na miliyoni eshanu z'amadorari (5.000.000US\$) n'abaterankunga, igakora ibikorwa byo gucukura no kugenzura amabuye y'agaciro ya Kongo : "*Projet de supervision independante des mines du Congo oriental*". Bateganyaga ko bazakora aka kazi nyuma ya manda yabo nk'impuguke za ONU⁹⁵.

Biraboneka ko Steven HEGE na Jason STEARNS bari bafite umugambi wo gukoresha ONU kugira ngo bagere ku nyungu zabo bwite zishingiye ku mutungo wa Kongo, kandi bitwaje ubunararibonye bakuye muri ONU nk'abakozi bakuru bayikoreye. Imyifatire nk'iyi siyo iranga impuguke nyayo.

2.2. Gukorera FDLR ubuvugizi, guhakana Jenoside no gusebya Leta y'u Rwanda

Mbere yo kugirwa umuyobozi w'itsinda ry'impuguke, Steven HEGE yaranzwe no:

- Kubeshya amahanga ku miterere y'ubuyobozi buriho mu Rwanda avuga ko bwihariwe n'agatsiko k'abatutsi bakomoka Uganda ("*concentrated in the hands of the Ugandan Tutsi elite from the RPF*") kandi Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda rigaragaza neza uburyo ubutegetsu busaranganywa n'imitwe ya politiki yemewe mu gihugu, bikaba ari nako biteye.

⁹⁴ Conseil de sécurité, S/2011/77 du 17 février 2011; Conseil de sécurité S/2012/85 du 10 février 2012

⁹⁵ NANOJV : "*Le business modèle en or de HEGE au Congo: devenir par la grâce de l'ONU le contrôleur suprême des mines de RDC*", Depeche yo ku wa 21/08/2012

- Gushyigikira FDLR yerekana ko ari umutwe udateye ikibazo witunguwe n’ubuhinzi (“*the FDLR are also take part in mundane activities such as agriculture*”);
- Kugira inama FDLR yo kwihangana igategereza igihe Umuryango Mpuzamahanga uzikoma ubutegetsu bw’i Kigali bityo FDLR ikabona uburyo bwiza bwo kwemerwa nk’umutwe wa politiki (*when international opinion eventually sours on the Rwandan regime*);
- Gushimangira ko intandaro y’ibyaha byibasiye inyoko muntu n’ibindi byaha bikorwa na FDLR ari nko kwihorera guturuka ku bwicanyi bwakorewe impunzi z’abahutu muri Kongo hagati ya 1996 na 1999 (*the massive revenge killings of Hutu refugees in the eastern Congo from 1996 to 1999*)⁹⁶.
- Gupfobya no guhakana jenocide yakorewe abatutsi ayita intambara isanzwe ya gisivile (*during the civil war against the RPF*);

Iyi mvugo ya Steven HEGE ni intero imwe nk’iy’abanditsi ba raporo MAPPING, akaba ari bumwe mu buryo bukoreshwa n’abahakanyi ba jenocide yakorewe abatutsi, aho bafata kimwe abakoze jenocide n’abayihagaritse.

Ku itariki ya 6 Ukuboza 2012, muri Univerisité ya Stanford, Steven HEGE yongeye kuvuga ibinyoma ku Rwanda, atangariza abanyeshuri bo mu ishami ry’amategako ko bamwe mu basirikare barwanirira M23 harimo abasirikare bahoze muri FDLR batashye mu Rwanda, nyuma bakaza koherezwa n’ingabo z’u Rwanda kurwanira M23.

Yabivuze muri aya magambo : “*Ironically, I’m accused of being a supporter of FDLR yet there is a large number of troops of M23 that were FDLR themselves and they have re-recruited by the Rwandan Defence Forces to go out and reinforce M23*”⁹⁷. Steven HEGE yabikoze agamije kuyobya abanyeshuri ngo batamenya imiterere nyayo ya FDLR.

2.3. Guhakana ubwenegihugu bw’abanyekongo bavuga ikinyarwanda

Mu mwaka wa 2010, mbere gato yuko ahabwa inshingano zo kuyobora impuguke za ONU, Steven HEGE yasohoye inyandiko yikoma abanyekongo bavuga ikinyarwanda avuga ko aribo bagomba kwerekana ko ari abanyekongo ba nyabo: « *Le fait qu’ils se proclament congolais ne suffit pas. À eux de démontrer qu’ils le sont véritablement en privilégiant leur relation avec*

⁹⁶ Ibi bitekerezo bya Steven HEGE bikubiye mu nyandiko yakoreye Umuryango witwa « Peace Appeal Foundation » muri 2009 (*UNDERSTANDING THE FDLR IN THE DR CONGO*).

⁹⁷ <http://nanojv.wordpress.com/2012/12/10/HEGE-confessions/>

*leurs concitoyens congolais par rapport aux intérêts économiques et territoriaux du Rwanda*⁹⁸ ».

Iyi mvugo ya HEGE ninayo yakoreshwaga n'abayobozi ba Kongo muri politiki yabo y'ivangura n'ingengabitekerezo ya jenocide byakorewe abanyekongo bavuga ikinyarwanda nk'uko byagaragajwe mu gice cy'amateka cy'iyi raporo.

Iyo mvugo kandi igaragaza urwango n'ivangura ku banyekongo bavuga ikinyarwanda ni ikimenyetso ko Steven HEGE ari umuntu ubogamye kandi ufitiye urwango n'ivangura igice kimwe cy'abaturage ba Kongo, bityo akaba atagombye kugirwa impuguke ikora raporo kuri icyo gihugu kandi ifitanye isano n'imibereho y'abo baturage.

3. Amakosa ya ONU ku birebana na Steven HEGE n'itsinda rye

Amakosa ya ONU n'imikorere mibi bya Steven HEGE n'itsinda yari ayoboye byasobanuwe bihagije mu gisubizo Guverinoma y'u Rwanda yagejeje ku Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi. Iyo nyandiko yagaragaje neza uburyo Steven HEGE n'itsinda yari ayoboye bakoze ku buryo bunyuranyije n'amahame y'ubushakashatsi mpuzamahanga⁹⁹. Turibanda kuri amwe mu makosa akomeye dusanga ko atagombye kurangwa mu mikorere ya ONU, kuko ayo makosa yatumye ONU igwa mu mutego wo guha agaciro raporo ifite inenge zikomeye. Ibyo byatumye u Rwanda rufatirwa ibyemezo bitari bikwiye, kandi bishobora guhungabanya ibikorwa by'ubukungu, iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

3.1. Guhitamo impuguke zitujije ibyangombwa

Amahame mpuzamahanga agenderwaho mu guhitamo impuguke ateganya ko abantu bashingwa ako kazi bagomba kuba ari :

- Inararibonye mu bikorwa bijyanye n'inshingano nshya bagiye guhabwa;
- Bafite ubumenyi buhagije kandi barakoze igihe kirekire imirimo isa n'iyi bahamagarirwa gukora;
- Barakoze ubushakashatsi n'inyandiko zishobora gushingirwaho mu gusuzuma ubushobozi bwabo;
- Indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba barangwa n'ubwigenge mu mikorere no gushaka ukuri.

⁹⁸Albert RUDATSIMBURWA, "*Le Rwanda, coupable ou victime d'une machination?*"

<http://www.rnw.nl/afrique/article/le-rwanda-coupable-ou-victime-d'une-machination>

⁹⁹ Republic of Rwanda, Ministry of Foreign Affairs and Cooperation, 'Rwanda's Response to the Allegations contained in the Addendum to the U.N. Group of Experts Interim Report', 27 July 2012.

Ayo mahame ni nayo y’ingenzi akurikizwa iyo Umuryango w’Abibumbye ushaka guha akazi abakozi bayo bahoraho¹⁰⁰. Ikiagaragara nuko impuguke esheshatu zakoze raporo ishinja u Rwanda ziyobowe na Steven HEGE zitujije ayo mahame y’ingenzi asabwa ku bakozi n’abashakashatsi mpuzamahanga.

Isuzuma ry’ibyangombwa mu bumenyi by’izi mpuguke ryerekana ko:

- benshi muri bo nta bwigenge na buke bw’imitekerereze bafite bwagombye kubemerera guhabwa uwo mwanya;
- hafi ya bose badafite ubumenyi buhagije ku kibazo kiremereye cyirebana n’imikorere y’imitwe yitwaje intwari muri Kongo bagomba kugaragaza imizi n’imitetere yacyo;
- inyinshi muri izi mpuguke zakoze gusa muri za ONG ikaba ari imwe mu mpamvu isobanura igituma mu kazi kabo muri Kongo baragiye bakorana cyane na za ONG zimenyereye imikorere isa nk’iyabo;
- umwe muri bo yakoreye ONG yitwa “GLOBAL WITNESS” bizwi ko isanzwe ifite ibirego byo gushinje u Rwanda gucukura amabuye y’agaciro muri Kongo.

3.2. Amakosa yihariye ya ONU mu guhitamo Steven HEGE

Mbere yuko ONU itoranya Steven HEGE nk’umuyobozi w’itsinda kandi ikamuha inshingano zikomeye, yagombye kuba yarakoze ubugenzuzi bwo kumenya ko ari umuntu wakoze amakosa akomeye atagombye kumuhesha akazi mu Muryango w’Abibumbye.

Niba ONU itari izi izo nyandiko za Steven HEGE n’ibyo bitekerezo bye, ikaba yaramuhaye akazi bitewe nuko yaba yarayibeshye, icyo gihe ONU yagombye kumufatira ibyemezo by’akazi cyangwa ikamujiyana mu rukiko rukurikirana amakosa y’abakozi bayo (Tribunal administratif des Nations Unies).

Niba kandi ONU yari izi amakosa ya STEVEN HEGE ikayarengaho ikamugira umukuru w’impuguke, ONU ubwayo yagombye gushaka abakozi bayo babigizemo uruhare bakabihanirwa kuko bayikoresheje amakosa bitwaje imirimo bashinzwe.

4. Inenge ku zindi mpuguke zigize itsinda

Steven HEGE asobanura ko we na bagenzi be ngo ari abahanga basobanukiwe ibibazo byo mu karere k’ibiyaga bigari: *“l’équipe dispose d’une connaissance approfondie de la région des Grands Lacs, notamment les dynamiques régionales concernant les groupes armés étrangers*

¹⁰⁰ Ayo mahame ari kuri web site y’Umuryango w’Abibumbye no mu matangazo yose ya ONU n’amashami yayo atanga akazi: www.un.org

*ainsi que nationaux*¹⁰¹". Nyamara, siko biteye kuko benshi mu bagize itsinda rye nta bumenyi bafite buhagije ku Burasirazuba bwa Kongo.

4.1. Ruben DE KOENING

Akomoka mu Buholandi akaba yarahawe akazi nk'impuguke mu by'umutungo kamere. Mbere yo guhabwa ako kazi, yakoreye ikigo cy'ubushakashatsi mu by'amashyamba cyitwa CIFOR (Centre pour la recherche forestière Internationale) muri Kameruni. Muri 2005, yakoze nka Consultant mu Muryango wa Kiliziya gatorika witwa "Pax Christi", ishami ryo mu Buholandi, yandika igitabo cyitwa: "What warriors want : Young men's perspectives on armed violence, peace and development".

DE KOENING yanakoreye ikigo mpuzamahanga giharanira amahoro kiri "Stockholm (Sweden): Stockholm International Peace Research Institute" (SIPRI)¹⁰², akaba muri icyo gihe yarasohoye inyandiko zimwe na zimwe ku bucuruzi bw'amabuye y'agaciro muri Kongo nk'iyitwa : "*Controlling Conflict Resources in the Democratic Republic of Congo*", July 2010¹⁰³. Biragaragara ko hari ubumenyi afite kuri Kongo. Ikibazo gikomeye nuko mu bushakashatsi bwe yibanze gusa ku bijyanye n'amabuye y'agaciro kandi akaba yarakoreye Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta isanzwe ishinja u Rwanda kugira uruhare mu bucuruzi no mu bucuruzi butemewe bw'amabuye y'agaciro ya Kongo, ibyo bikerekana kubogama kwe.

4.2. Stevonn SPITTAELS

Ni Umubiligi, akaba ari impuguke mu bijyanye n'imari (« expert en finances »). Ni umushakashatsi wigenga, akaba yarayoboye Umuryango utari uwa Leta wo mu Bubiligi (ONG) witwa "International Peace Information Service" (IPIS)¹⁰⁴, uhabwa inkunga n'Umuryango w'Ibihugu by'iburayi na Minisiteri ishinze ubutwererane y'Ububiligi. Iki kigo kiri mu birega u Rwanda gushyigikira intambara muri Kongo, kikanemeza ko u Rwanda ruvoma umutungo wa Kongo rufatanyije na M23 ngo nk'igihe Goma ifatwa¹⁰⁵.

Mu gihe yari umushakashatsi wa IPIS, Stevonn SPITTAELS yasohoye inyandiko muri 2010 igaragaza ubushakashatsi ku bijyanye n'isano y'amabuye y'agaciro n'intambara mu bice bimwe bya Kongo : Ituri, Haut Uele, Bas Uele na Bafwasende¹⁰⁶. Yakoze kandi indi nyandiko

¹⁰¹ "Au nom des experts de l'ONU, Steven HEGE se défend", Carnet de Colette BRAECKMAN, 30 janvier 2013. <http://blog.lesoir.be/colette-braeckman/>

¹⁰² <http://www.sipri.org>

¹⁰³ Ruben de Koning, "*Conflict Minerals in the Democratic Republic of the Congo: Aligning Trade and Security Interventions*", SIPRI Policy Paper no. 27.

¹⁰⁴ <http://www.ipisresearch.be/>

¹⁰⁵ <http://www.ipisresearch.be/publications>

¹⁰⁶ Stevonn SPITTAELS et Filip HILGERT, "*Cartographie des motivations derrière les conflits : Province orientale (RDC)*", Anvers, 17 Mars 2010

yitwa “*Une analyse du secteur minier dans l’arrière-pays du Kivu* » (décembre 2010). Ni we ugaragaza kuba yarakoze inyandiko zitandukanye z’ubushakashatsi busesuye kuri Kongo ku kibazo gifitanye isano n’inshingano z’izi mpuguke. Ikibazo nuko yakoreye ubushakashatsi mu Muryango IPIS ufite ibitekerezo bibi ku Rwanda, unagira uruhare mu kurubeshyera na mbere yuko agirwa impuguke ya ONU¹⁰⁷.

4.3. Emilie SERRALTA

Akomoka mu Bufaransa, akaba afatwa nk’impuguke mu bibazo byo mu karere “*experte en questions régionales* ». Yize ibijyanye n’Ububanyi n’amahanga muri Université ya “Aix en Provence” mu Bufaransa (1999-2001), hanyuma akurikira amasomo ajyanye n’amakimbirane muri Kaminuza ya Londres. Yakoze igihe gito muri Amnesty International (2004-2005), hanyuma akorera Umuryango utegamiye kuri Leta muri Kongo witwa “GLOBAL WITNESS” (2006-2008). “GLOBAL WITNESS” ni Umuryango washyize imbere ibikorwa byo guharabika u Rwanda kuva kera urubeshyera kugira uruhare mu bucukuzi n’ubucuruzi butemewe bw’amabuye ya Kongo¹⁰⁸. SERRALTA yakoze kandi igihe gito muri Nijeriya ashinzwe umushinga wo guteza imbere abagore witwa LEDAP (2005). Ubu niwe wasimbuye Steven HEGE ku buyobozi bw’itsinda.

Ikigaragara nuko Emilie SERRALTA adafite ubumenyi n’ubunararibonye bihagije byatuma agirwa umuyobozi w’itsinda nk’iri rifite inshingano zikomeye. Ikindi nuko nawe yari mu bari bagize itsinda rya Steven HEGE, kandi nkuko biboneka muri raporo yabo bahaye ONU ibeshyera u Rwanda, byagaragaye ko bakoze amakosa akomeye mu mikorere yabo, mu bushakashatsi ndetse no mu myitwarire yabo nk’impuguke¹⁰⁹.

4.4. Marie PLAMADIALA

Akomoka mu gihugu cya Moldavia. icyemezo cy’Umuryango w’Abibumbye kivuga ko ari impuguke mu bijyanye na gasutamo n’imicungire y’ibikoresho (“*Experte des douanes et de la logistique*¹¹⁰”), ikindi kikavuga ko ari impuguke mu bijyanye na gasutamo n’iby’indege

¹⁰⁷ Muri Raporo ya IPIS ya November 2012 banditse ko : “*Après s’être emparés de Goma, le M23 a eu accès à des stocks de coltan et de cassiterite en attente d’exportation. Selon des sources locales, le M23 a libéré une cargaison de 1.3 tonnes de minerais que les autorités de la RDC avaient confisquées le 3 novembre. Ces sources ont expliqué que les commandants du M23 Innocent ZIMULINDA et Baudouin NGARUYE ont facilité l’exportation frauduleuse vers le Rwanda de grandes quantités de minerais issus des mines de Ngungu.*” Cf. <http://www.ipisresearch.be/publications>.

¹⁰⁸ <http://www.globalwitness.org>

¹⁰⁹ Reba Igisubizo cya Guverinoma y’u Rwanda kuri raporo ya Steven HEGE, 1 Aout 2012

¹¹⁰ Conseil de sécurité, S/2011/77

(Experte des douanes et aviation)¹¹¹. Biraboneka ko n’Umuryango w’Abibumbye ubwawo ushidikanya ku bumenyi nyabwo bw’iyi “mpuguke”.

Nta kintu kigaragaza ubumenyi bwihariye Marie PLAMADIALA afite ku bibazo by’imitwe yitwaje intwari mu Burasirazuba bwa Kongo; nta n’ubushakashatsi yakoze bufite aho buhuriye n’inshingano zo guhabwa akazi k’impuguke muri ONU. Nta nyandiko n’imwe y’ubushakashatsi yigeze yandika mbere yo kugirwa impuguke ya ONU.

Marie PLAMADIALA nta mirimo yigeze akora igaragaza ubushobozi bumunye (experience) bwatuma agera ku rwego rw’impuguke. Nkuko bigaragara ku mwirondoro we, muri 2005 nibwo PLAMADIALA yabonye “dipolôme” ya kaminuza mu Mategeko y’Iburayi n’Amategeko Mpuzamahanga (Master’s in European Union and International Law). Muri 2007 yakoreye indi “Master’s” mu mibanire y’ibihugu (International relations).

Imirimo yakoze nayo ni migufi cyane kandi yagiye ahindaguranya ahantu henshi ku buryo biboneka ko ubumenyi yakuye aho hantu butamushyira mu rwego rw’impuguke mpuzamahanga. Imirimo yakoze ni iyi ikurikira:

- 2004 : ukwezi kumwe muri “Philippines” mu by’uburenganzira bw’abana (researcher assistant, children’s rights);
- 2005 : amezi ane mu Rukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda nk’uwunganira abacamanza (chambers support);
- 2006 : amezi ane, kwikorera ku giti cye (Private Attorney, Bruxelles);
- 2006 : amezi abiri, umujyanama mu mategeko arebana n’uburenganzira bw’abana muri Minisiteri y’urubyiruko (Moldavie);
- 2007 : amezi atatu muri Komisiyo y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe uburenganzira bwa muntu muri Sudani na Kongo;
- hagati ya 2007 na 2011 nibwo yatangiye gukora muri MONUC.

Utu turimo yagiye akora hirya no hino kandi mu gihe kigufi cyane ntitumugira inararibonye yakorehwa n’Umuryango w’Abibumbye nk’impuguke, ifite inshingano zisabwa abashakashatsi b’inzobere mu bibazo byo mu burasirazuba bwa Kongo.

Mu mikorere ye nk’umwe mu bagize itsinda muri Kongo, Marie PLAMADIALA ni umwe mu bagiyeye batanga amakuru muri za ONG kandi ari mu itsinda ry’impuguke za ONU zifite inshingano zo kugira ibanga. Mu kwezi kwa Nyakanga 2012 yabonyiye i Goma n’intumwa za “*Jesuit European Social Center*” zari mu rugendo rw’akazi muri Kongo zireba ibirebana n’amabuye y’agaciro. Izo ntumwa zabyanditse muri raporo yazo muri aya magambo : “*D’un point de vue institutionnel, nous avons échangé avec l’expert régional de la CIRGL, Eddy Mbona,*

¹¹¹ Conseil de sécurité, S/2012/85

ainsi que deux membres du Groupe d'experts des Nations Unies, Stevonn Spitaels et Marie Plamadiala¹¹²”.

4.5. Nelson ALUSALA

Akomoka mu gihugu cya Kenya, akaba afatwa nk'impuguke mu by'intwano “expert en armement”. Afite impamyabushobozi y'ikirenga mu bya Politiki (PHD in Political Sciences) yo muri Kaminuza ya Prétoria, akaba yarabaye umushakashatsi mu kigo cyo muri Afurika y'Epfo gishinzwe ubushakashatsi ku by'umutekano (I.S.S.). Umuntu wize ibya politiki, ashobora ate kuba impuguke izobereye mu by'intwano kugeza ubwo akorera aka kazi Umuryango mpuzamahanga nka ONU mu ntara za Kongo ziganjemo imitwe myinshi yitwaje intwano za gisilikare?

5. Inenge za Bernard LELOUP, umusimbura wa Steven HEGE

Nyuma yo gutanga raporo ye ya nyuma, Steven HEGE ntiyasubijwe mu itsinda ry'impuguke za ONU. Steven HEGE yasimbuwe na Emilie SERRALTA wari usanzwe mu itsinda, hanyuma yongeramo Umubiligi witwa Bernard LE LOUP usanzwe ari umwarimu muri kaminuza ya “Antwerpen” mu Bubiligi. Yanigishije muri kaminuza ya “Anvers” nayo yo mu Bubiligi, akorana na Profeseri Filip REYNTJENS wabaye umwarimu we, akanamuzamura amushyira mu kigo cy'ubushakashatsi ku Karere k'Ibiyaga Bigari yashinze muri kaminuza ya “Anvers”. Mu myitwarire ye no mu nyandiko ze, Bernard LELOUP ni umuntu wanga u Rwanda kandi wikomye ubuyobozi bw'u Rwanda kuva muri 1994.

5.1. Kwita ubuyobozi bw'u Rwanda ko ari ubutegetsi bw'abanyabyaha

Mu mwaka wa 2003 mbere gato y'amatora ya Perezida wa Repuburika mu Rwanda, Bernard LELOUP yanditse inyandiko ivuga ko ngo nta Demokarasi iriho mu Rwanda, ngo n'ihari ni iy'urwiyerurutso; ko kandi Perezida w'u Rwanda akoresha akarengane, ko nta butabera buri mu Rwanda, ko ubuyobozi bw'u Rwanda burangwa no gukora ibyaha bikomeye: *“The Government of Rwanda has stifled all criticism and strictly controls its population. Since RPF's ascension to power in 1994, the regime has not ceased to harden, particularly during the last few years. Repression has reached great heights, as political instability has increased across the country and within the army. Political parties in Rwanda assure the regime a democratic facade, while the RPF is concentrating power at all levels and is ready to discard all potential competitors in the planned referendum. (...) Finally, Maj. Gen. Kagame should be continually*

¹¹² The Jesuit European Social Centre, « *La situation des creuseurs artisanaux au Kivu* », 18 juillet 2012 : <http://www.corporatejustice.org>

reminded that anyone, within his regime, who commits crimes, would sooner or later be brought to justice¹¹³”.

Amatora amaze kurangira, Bernard LELOUP yongeye kwandika indi nyandiko igaragaramo agasuzuguro, ibitutsi n’urwango birenze ibyo yari yavuze mbere. Yanditse ko noneho agiye kuvuga ukuri kwe atakunyuze ku ruhande, avuga ko amatora yabaye mu Rwanda ntacyo avuze, ngo ahubwo yahaye agaciro ubutegetsu bw’igitugu bwa Perezida Paul KAGAME: *“Nous n’irons pas par quatre chemins : le processus qui s’est déroulé dans ce pays n’a d’élétoral que le nom; tant le contexte politique qui l’a précédé que la façon dont se sont déroulés les scrutins ont consacré le caractère de plus en plus totalitaire du régime du général Paul KAGAME¹¹⁴”.*

5.2. Gusebya Umukuru w’igihugu cy’u Rwanda

Yibasiye by’umwihariko Umukuru w’igihugu cy’u Rwanda akoresheje imvugo n’inyandiko zimusebya. Bernard LELOUP yerekanye kandi urwango rukomeye afitiye u Rwanda na Perezida warwo amugereranya n’abanyapolitiki babiri b’iburayi barangwa n’ibitekerezo n’ibikorwa by’ivangura no kwanga abanyamahanga. Abo ni Umberto BOSSI w’umutaliyani na Jorg HAIDER wo muri Autrishiya. Bernard LELOUP yabigaragaje yamagana mu nyandiko uwari Minisitiri uw’ububanyi n’amahanga w’Ububiligi Bwana Louis MICHEL ngo kuba yaraje mu Rwanda muri Mata 2003 mu muhango wo kwibuka jenocide yakorewe abatutsi. Ngo kuza kwibuka jenocide ubwabyo ntacyo bitwaye. Ariko ngo kubigerekaho kuramutsa Perezida KAGAME ngo kandi yarigeze kwanga kuramutsa UMBERTO Bossi na Jorg HAIDER ngo ntibyumvikana kuko abo bantu batatu ntaho bataniye : *“Il ne convient assurément pas de remettre en question ni une indispensable commémoration de l’innommable, ni une participation belge à celle-ci, mais comment ne pas s’indigner de la compréhension coupable dont notre pays fait preuve à l’égard d’un régime totalitaire?” (...) Puisse Louis MICHEL un jour s’en souvenir et s’interroger sur le sens du refus – à notre avis légitime – d’une poignée de main avec Jorg HAIDER ou Umberto BOSSI, si c’est pour serrer celle du général KAGAME et de sa clique?¹¹⁵”*

Twibutse ko imvugo nk’iyi ariyo yakoreshejwe n’abanditsi barangwa n’urwango nka Pierre PEAN wanditse ko adashobora kuzagera mu Rwanda ngo kuko atifuza kuba yaha ikiganza cye Perezida Paul KAGAME¹¹⁶. N’uwari Minisitiri w’ububanyi n’amahanga w’ubufaransa, Alain JUPPE, yavuze amagambo nk’ayo, asobanura impamvu yafashe ingendo zo kujya mu mahanga igihe Nyakubahwa Perezida w’u Rwanda yasuraga Ubufaransa mu kwezi kwa Nzeri

¹¹³ Bernard LELOUP, *“Opinion”*, The Monitor (Kampala), June 8, 2003

¹¹⁴ B. LELOUP, *“Rwanda : entre Démocratie et dictature”*, Hemisphères, Journal de débats sur le développement, Numero 28, avril – mai 2005.

¹¹⁵ B. LELOUP, Op.cit., Hemispheres.

¹¹⁶ P. PEAN, *Noires fureurs, Blancs menteurs*, Fayard, 2005

2011 : “M. Kagamé a dit que je ne serais pas le bienvenu au Rwanda, et je lui ai répondu que je n’avais pas l’intention d’y aller tant que circulerait le rapport qui met en cause M. Mitterrand, M. Balladur, M. Védrine, M. de Villepin, M. Léotard, moi-même et l’armée française. Ce tissu d’inventions et de mensonges est destiné à créer un contre-feu à l’instruction judiciaire menée en France. Comme je l’ai dit devant la commission de l’Assemblée nationale présidée par M. Quilès, l’opération Turquoise est à l’honneur des militaires français qui ont sauvé des centaines de milliers de vies¹¹⁷”. JUPPE yongeyeho ko atazigera ahindura na rimwe ahindura ibitekerezo bye ku Rwanda: “Je suis très décontracté. La France doit entretenir avec tous les pays africains de bonnes relations. Je me réjouis tout à fait que nos relations avec le Rwanda se soient beaucoup améliorées. Cela ne me pose strictement aucun problème. Pour ce qui est du passé, j’ai mes convictions et je n’en changerai pas¹¹⁸”. Ibitekerezo n’ibikorwa bya Bernard LELOUP nabyo biteye nk’ibi ngibi bya Alain Juppé.

5.3. Kwitirira u Rwanda gushoza intambara muri Kongo

Mu nyandiko nini yakozwe muri 2005, ku birebana n’u Rwanda na Kongo, Bernard LELOUP afite imyifatire yo gushinja u Rwanda ngo kuba rufite gahunda yo kwigira igihangange mu karere, ngo ikaba ariyo mpamvu u Rwanda rushoza intambara muri Kongo. LELOUP avuga ko u Rwanda rutera umutekano muke muri Kongo, ngo kugira ngo rwibagize abaturage barwo amacakubiri ari mu buyobozi kuva aho KAYUMBA NYAMWASA ahungiyeye, ngo u Rwanda rukaba rukoresha ayo mayeri rugamije gushakisha ukuntu Umuyobozi warwo w’ikirenga yagarurirwa icyizere n’abaturage :

“Fort de sa victoire militaire acquise de haute lutte en 1994, le Rwanda devient une puissance régionale émergente et cherche à faire valider ce principe. La quête de prestige le mène à la guerre, lui dont la force, acquise récemment, n’est pas encore reconnue dans l’ordre politique régional. Mais le déficit de prestige est autant interne qu’externe, à tel point qu’on peut aussi parler de guerre de division. Depuis que la tension se polarise fortement autour de KAYUMBA NYAMWASA et des dissensions croissantes au sein du clan ougandais, insister sur une menace au Congo et fomenter des troubles au Kivu peut susciter l’union de la nation autour de son chef.¹¹⁹” N’iyo haba hari ibibazo mu buyobozi bwo mu Rwanda, ni iyihe sano bifitanye n’ibikorwa u Rwanda rwaba rukora muri Kongo. Birerekana ko gukoresha imvugo nk’iyi yo kugereranya ibintu bidafite aho bihuriye n’ukuri ari uburyo nyabwo bwo gusebanya.

¹¹⁷ Marianne, “L’éventuelle visite de Kagamé en France provoque la colère d’anciens du Rwanda”, <http://www.marianne.net/blogsecretdefense>

¹¹⁸ “Visite de Paul Kagame : Alain Juppé ne changera pas de convictions sur le Rwanda”, Le Point, 13/9/2011

¹¹⁹ B. Leloup, “Le Rwanda et ses voisins” in Annuaire L’Afrique des Grands Lacs, L’Harmattan, 2005, p.141

5.4. Kubeshyera u Rwanda ubusahuzi bw'amabuye y'agaciro ya Kongo

Mu nyandiko ze, Bernard LELOUP yemeza kandi ko ngo u Rwanda arirwo ntandaro y'umutekano muke ngo kubera gucukura no gusahura amabuye y'agaciro ya Kongo : *“le système d'exploitation est mise en place des la première guerre; les agresseurs se rendent vite compte du potentiel du pays, ce qui explique que lors du second conflit, ils connaissent parfaitement la localisation des ressources naturelles et les bénéfiques susceptibles d'être tirés de leur appropriation : deux périodes peuvent être distinguées : dans un premier temps, entre septembre 1998 et août 1999, le pillage systématique de tous les stocks de minéraux, bois d'oeuvre, produits agricoles ainsi que les fonds et le cheptel qui se trouvent dans le territoire conquis; dans un deuxième temps, une fois ces stocks épuisés, les forces d'occupation et leurs alliés sont passés à une phase d'exploitation active des richesses de ce pays doté de ressources minérales et forestières remarquables¹²⁰”*. Gutoranya umuntu ufite ibitekerezo nk'ibi ngo yinjire mu itsinda rya ONU rikora iperereza ku bibazo by'umutekano muke muri Kongo ni ikimenyetso ko Umuryango w'Abibumbye udashaka guhitamo impuguke nyayo izakoresha ukuri mu bushakashatsi. Birerekana neza ko ONU ihitamo abantu izi neza ko bazasebya byanze bikunze u Rwanda. Iri ni ikosa rikomeye.

6. Ibirebana n'akamaro ka MONUSCO

Inshingano y'ibanze ya MONUSCO muri KONGO ni ukurinda abasivile ibikorwa bibi bagirirwa n'imitwe yitwaje intwari n'abandi bose bahungabanya amahoro n'umutekano wabo. Kuva MONUSCO yajya muri Kongo, yaranzwe no kunanirwa kuzuzwa inshingano zayo, ahubwo abasirikare bayo bakagira uruhare muri bimwe mu byaha byabereye muri Kongo nko gufata abakobwa n'abagore ku ngufu, gucukura no gucuruza amabuye y'agaciro, gutererana abaturage bakicwa na FDLR, n'ibindi¹²¹. N'ubuyobozi bwa Kongo bukaba bwaragiye bugaragaza kenshi ko MONUSCO ntacyo imaze¹²².

6.1. Kurwanya ubufatanye bw'u Rwanda na Kongo

MONUSCO yaranzwe n'imyitwarire yo kubeshyera u Rwanda kenshi, ariko cyane cyane bigaragarira mu myitwarire yayo yo kurwanya ubufatanye bw'u Rwanda na Kongo mu guhangana n'umutwe wa FDLR.

¹²⁰ B. LELOUP, *“Le Rwanda et ses voisins. Activisme militaire et ambitions régionales”*, Afrique contemporaine 2005/3 (n° 215); *“Tentatives croisées de déstabilisation dans l'Afrique des Grands Lacs Le contentieux rwandougandais”*, Politique africaine 2004/4 (N° 96); B. LELOUP, *“Le Rwanda dans la géopolitique régionale”*, L'Afrique des Grands Lacs. Annuaire 2000-2001

¹²¹ Bimwe muri ibi byaha byagaragajwe ku gice cy'iyi Raporo kirebana na MAPPING REPORT.

¹²² La Prospérité, 25 Mai 2012 : *“ Zacharie BABABASWE exige l'expulsion de Manodje MOUNOUBAI”*

Ku itariki 21 Mutarama 2009, mu gihe cya UMOJA WETU, MONUSCO yatangaje ko umubare w'abasirikare b'u Rwanda bari mu majyaruguru ya Kivu uri hagati ya 3500 na 4000. Ku itariki ya 24 Mutarama 2012, MONUSCO irongera ivuga ko yibeshye, ko ahubwo uwo mubare ugera kuri 5000. Iyo mibare yari imihimbano kuko MONUSCO ku itariki ya 25 Mutarama 2009 aribwo MONUSCO yagejejweho na Jeneral John NUMBI inyandiko yashyizweho umukono n'ibihugu byombi yerekana imiterere yose ya UMOJA WETU.

Intumwa yihariye ya Nyakubahwa Perezida wa Repuburika w'u Rwanda mu karere k'ibiyaga bigari, Joseph MUTABOBA, yamaganye iyo mibare yari yatanganjwe na MONUSCO avuga ko iyihimba ku bushake igamije gutera urujijo hagati y'ibihugu byombi. Ni nako byari byagenze kuko ku munsu MONUSCO yitangaza bwa mbere, ku itariki 21 Mutarama 2009, Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Vital KAMERHE yahise yamagana igikorwa cya Kongo cyo gufatanya n'u Rwanda muri "UMOJA WETU" avuga ko ari ibintu bitagombye kubaho, kandi ko bizatera ingaruka igihugu cye¹²³.

Biraboneka ko MONUSCO yatangazaga amakuru y'ibinyoma, idafitiye gihamya, igamije guteza umwuka mubi hagati y'ibihugu byombi, cyane cyane ku ruhande rwa Kongo, kugira ngo "UMOJA WETU" irebwe nabi kandi yoye kugera ku nshingano zayo.

6.2. Gutererana abasivile

Ahantu henshi MONUSCO yatereranye abaturage b'abasivile bahuye n'ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bakorerwa n'imitwe yitwaje intwari, cyane cyane uwa FDLR, cyangwa se n'ingabo za Kongo. Dufate zimwe mu ngero zo muri iyi myaka ya vuba :

"UMOJA WETU" ikirangira mu ntangiriro za 2009, ingabo z'u Rwanda zikagaruka mu Rwanda, abarwanyi ba FDLR bahise bagaruka mu ntara zacungwaga na "UMOJA WETU" kandi MONUSCO ariyo yacungaga umutekano w'abaturage. FDLR imaze kuhagera yatoteje abaturage ibashinja kuba barafatanyije n'ingabo z'u Rwanda muri UMOJA WETU.

Guhera mu kwezi kwa Mata 2009, abakuru b'imirenge ya Luofu, Kalete, Kanyabayonga na Kibua bandikiwe inyandiko n'abakuru ba FDLR bababwira ko bazishyura ubufatanye bwabo na FARDC/RDF muri UMOJA WETU. Muri uko kwezi, ingo 250 z'abaturage zatwitswe na FDLR n'abantu baricwa, ariko MONUSCO ntiyabatabara¹²⁴. Muri icyo gihe, bamwe mu basirikare ba Kongo nabo bakoze ibikorwa nk'ibyo ku basivile, cyane cyane ibyo gusambanya abakobwa n'abagore ku ngufu.

¹²³ I.C.G., Rapport Afrique No 151, 9 Juillet 2009, p.7

¹²⁴ Raporo ONU, 23 Novembre 2009, S/2009/603

Muri 2009, raporo y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku baturage (Fonds des Nations Unies pour la population) yakusanyije ubuhamya bw'abantu b'igitsina gore ibihumbi umunani basambanyijwe ku ngufu mu burasirazuba bwa Kongo. Iyo raporo yerekana ko ibyo bikorwa by'ubugizi bwa nabi bwakozwe na FDLR na FARDC¹²⁵.

Hagati y'itariki 30 Nyakanga na 2 Kanama 2010, FDLR ifatanyije na Mai Mai Cheka yigaruriye imirenge 15 muri Zone ya Luvungi mu ntara ya Walikale. Basambanyije abagore n'abakobwa bagera kuri 250 ariko MONUSCO ntiyatabara kandi ihafite ingabo¹²⁶.

Hagati y'itariki 2-8 Kanama 2010, FDLR yagabye ibitero ku baturage mu ntara ya Shabunda isenya amazu 1230, basambanya ku ngufu abakobwa n'abagore 130 barimo abakobwa bato bafite muni y'imyaka 15. Ibyo bitere byatumye abaturage 38.000 bava mu byabo¹²⁷. Ku itariki ya 13 Kanama 2010, FDLR yatwitse amazu 350 y'abaturage i Ntoto ku birometero 70 uvuye Walikale kandi batwara bunyago abasivile¹²⁸.

Ayo marorerwa yose yakozwe na FDLR yatumye ku itariki 8 Nzeri 2010, umunyamabanga mukuru wungirije w'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe amahoro n'umutekano, Atul KHARE, yemera amakosa ya MONUSCO imbere y'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi. Atul KHARE, yandikiye Inama ishinzwe Amahoro ku Isi, ayigezaho raporo yerekana ko MONUSCO yananiwe akazi kayo ko kurinda abasivile¹²⁹. Iyo raporo yari ifite ingero nyinshi zerekana ko abasirikare ba MONUSCO bananiwe inshingano zabo, ko batashoboye kuburizamo ibikorwa bibi byo gukorera abagore n'abakobwa ibya mfura mbi byakozwe ku buryo bwa rusange kandi ku bantu benshi.

Atul KHARE yagaragariye Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ko abagore n'abakobwa bagera kuri 500 harimo abana, bakorewe ibyo bikorwa mu mirenge cumi n'itatu. Yagaragaje kandi ko hagati y'itariki ya 30 Nyakanga na 3 Kanama 2010, hari abagore n'abakobwa 242 bakorewe ibya mfura mbi; abo bese bakaba baragombaga kurindwa na MONUSCO.

Atul KAHRE yongeyeho ko ibyaha 260 byo muri ubwo bwoko byiyongera ku bimaze kuvugwa, byakorewe ku bagore n'abana, barimo abafite imyaka irindwi, mu Ntara za Kivu y'Amajyepfo na Kivu y'Amajyaruguru, mu kwezi kwa Kanama 2010. Mu bakoze ibyo byaha,

¹²⁵ UN News Center, 9 fevrier 2012, "More than 8000 women raped last year by fighters in Eastern KONGO". www.unfpa.org/public/cache/offonce/news/pid/4852

¹²⁶ The New York Times, 31 aout 2010 : "UN e-mail shows early warning of Congo rapes"

¹²⁷ Bulletin d'information humanitaire, Province du Sud Kivu, OCHA, 31 aout 2010

¹²⁸ Radio OKAPI " Walikale : Les FDLR frappent à Budere", 19 Aout 2010

¹²⁹ Rapport preliminaire de la mission d'enquete du Bureau conjoint des Nations Unies aux droits de l'homme commis par une coalition de groupes armés sur l'axe Kibua-Mpofi, en territoire de Walikale, province du Nord Kivu, du 30 juillet au 2 aout 2010.

raporo yerekanaga ko harimo abarwanyi ba FDLR, abasirikare ba Leta ya KONGO (FARDC), abagize Imitwe ya Mai Mai n'abasirikare ba MONUSCO.

Ku itariki 12 Gicurasi 2012, abarwanyi ba FDLR bateye umudugudu wa Mijembe muri Kivu y'amajyepfo bica abasivile. MONUSCO ntiyatabaye kandi ibirindiro by'ingabo zayo byari biri ku birometero bitatu gusa. Iyo myitwarire ya MONUSCO yarakaje abaturatione bituma batega abasirikare ba MONUSCO bakomeretsamo cumi n'umwe¹³⁰.

Ibikorwa bibi bikorerwa abasivile muri Kongo ni byinshi cyane, na raporo za ONU zisohoka kabiri mu mwaka kuri Kongo zirabigaragaza. Ni kimwe mu bimenyetso byerekana ko MONUSCO nta kamaro kanini ifitiye abaturatione ba Kongo. Ndetse raporo za ONU zinagaragaza ko FDLR ihohotera Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta igamije guca intege iyo Miryango ngo ive mu turere twigaruriwe na FDLR¹³¹.

6.3. Guha ibikoresho bya gisilikare Imitwe yitwaje intwaro

Ku itariki ya 28 Kanama 2008, abasirikare ba MONUSCO bakomoka mu Buhinde no muri Pakistani bashinjwe kuba baratanzwe intwaro n'amasasu babiha imitwe yitwaje intwaro za gisilikare, nayo ikabaha zahabu, mu Ntara ya Ituri¹³². Umuntu yakwibaza uburyo abasirikare ba MONUSCO bashobora gusohora amabuye y'agaciro muri Kongo ndetse n'aho bayabika mbere yo kuyasohora. Kwibaza icyo kibazo, nubwo nta gisubizo gifitiwe, bituma bigaragara ko imicungire y'abasirikare ba MONUSCO idahwitse.

6.4. Ibindi byaha by'indengakamere byakozwe na MONUSCO

Mu mwaka wa 2006, abasirikare ba MONUSCO bakomoka muri Pakistani bavuzweho kwica abasivile mu murenge wa Kazana, mu Ntara ya ITURI¹³³. Mu mwaka 2008, abasirikare ba MONUSCO bakomoka mu Buhinde, Nepal, Maroc no mu Bufaransa bagaragayeho ibyaha byo gufata ku ngufu no gusambanya abagore n'abakobwa¹³⁴. Iyi myifatire mibi yose iranga MONUSCO yerekana mu by'ukuri ko ntacyo MONUSCO imaze, ko yagombye gusimbuzwa undi Mutwe ufite ubushobozi, ubushake n'ubumenyi ku Karere k'ibiyaga bigari nkuko byakomeje gusabwa n'Ihuriro ry'Ibihugu bihuriye ku Karere k'ibiyaga Bigari (ICGLR).

¹³⁰ Radio OKAPI, 14 mai 2012, "RDC : Onze casques bleus de la MONUSCO blessés à Kamananga"

¹³¹ Rapport du Secrétaire général de l'ONU sur les enfants et les conflits armés en République Démocratique du Congo, Conseil de sécurité, S/2010/669, 9 juillet 2010

¹³² L'ONU très discrète sur les exactions de la police de Kabila : <http://www.africatime.com/rdc/nouvelle>.

¹³³ The Observer, 18 June 2006

¹³⁴ <http://www.7sur7.be>, « Un Français, ancien de la Monuc, jugé pour viols sur mineures en RDC », 8/09/08

6.5. Ibirebana n'ifatwa rya Jenerali Bosco NTAGANDA

MONUSCO kimwe n'abayobozi bakuru ba Kongo, batangaje kenshi ko badafite Manda yo gufata Jenerali Bosco NTAGANDA, nkuko byifuzwa n'Urukiko mpuzamahanga rw'i La Haye¹³⁵. Ariko, aho abayobozi ba Kongo batangarije ko bifuzwa gufata NTAGANDA bakamutanga, MONUSCO nayo yahise ihindura invugo n'imyifatire, itangaza ko yiteguye kumufata. MONUSCO yanongeyeho ko NTAGANDA ateye ikibazo ku birebana n'amahoro n'umutekano muke muri Kongo. Umuyobozi wa MONUSCO Roger MEERCE yabivuze atya: « *Bosco NTAGANDA constituait depuis longtemps une menace pour la sécurité* ».

Ibi biragaragaza ko MONUSCO ikorera inyungu za politike kuko niba koko ari ubutabera irengera, nta mpamvu yumvikana igaragaza icyatumye itegereza imyaka 5 yose kuko impapuro zo gufata Jenerali NTAGANDA ziriho kuva muri 2006, ndetse Bosco NTAGANDA akaba yarabaga i Goma ku mugaragaro, MONUSCO ibireba !

ICYICIRO CYA KABIRI : URUHARE RWA BIMWE MU BIHUGU BIKOMEYE

Bimwe mu bihugu bikomeye byashingiye kuri raporo y'itsinda rya Steven HEGE, bikoresha uburyo bwa dipolomasi, byihutira gufatira ibihano u Rwanda no guhatira ibindi bihugu gukurikiza icyifuzo cyabyo. Igitangaje n'uko ibyo bihugu byihutiye gufata ibyemezo mu gihe raporo yari ikiri iy'agateganyo, kandi itaremezwa n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi. Gushingira kuri raporo itari yemezwa ni ikosa rikomeye mu mategeko no mu mikoranire y'ibihugu. Ikindi n'uko ibyo bihano byafatiwe u Rwanda kandi rutari rwashyikirizwa n'iyoro raporo ngo rugire icyo ruyivugaho. Rikaba ari irindi kosa.

Igice cya mbere : Ibiteganywa n'amategeko mpuzamahanga

Amasezerano ahuje ibihugu ashiraho Umuryango w'Abibumbye (Charte des Nations Unies/Charter of United Nations) ateganya, mu ngingo yayo ya 2 agace ka 2, ko kugira ngo hashobore kubaho uburinganire mu guhabwa uburenganzira bumwe, ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bigomba kubahiriza nta mananiza amasezerano byiyemeje hagati yabyo hashingiwe ku biteganywa n'iryo tegeko Umuryango w'Abibumbye ugenderaho : *“Les Membres de l'Organisation, afin d'assurer à tous la jouissance des droits et avantages résultant de leur qualité de Membre, doivent remplir de bonne foi les obligations qu'ils ont assumées aux termes de la présente Charte. = All Members, in order to ensure to all of them the rights and*

¹³⁵ Radio OKAPI, 4 Avril 2012 : *“Madnodje MOUNOUBAI, La MONUSCO n'est impliqué ni de près ni de loin à l'arrestation de Bosco NTAGANDA”*.

benefits resulting from membership, shall fulfil in good faith the obligations assumed by them in accordance with the present Charter.)

Amasezerano mpuzamahanga ya Vienne yo ku wa 23 Gicurasi 1969, mu ngingo yayo ya 26, ateganya ko iyo ibihugu byasinye amasezerano hagati yabyo bigomba kuyubahiriza uko ari nta mananiza: *“Tout traité en vigueur lie les parties et doit être exécuté par elles de bonne foi.”* Ingingo ya 27 yongeraho ko nta gihugu gishobora gushingira ku mategeko yacyo bwite ngo kiburizemo ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano cyagiranye n’ikindi gihugu mu gihe iki gihugu cyubahiriza inshingano ziri muri ayo masezerano : *“Un Etat partie à un traité ne peut invoquer les dispositions de son droit interne comme justifiant la non-exécution du traité”*. Iri hame kandi ryatsindagiwe n’Urukiko mpuzamahanga rw’Umuryango w’Abibumbye (Cour internationale de Justice/International Court of Justice) rwagaragaje mu manza nyinshi ko ari ndakuka.

Amasezerano ya Vienne yo muri 1969, mu ngingo yayo ya 57, anemera ko igihugu kimwe gishobora gufata icyemezo cyo guhagarika amasezerano cyagiranye n’ikindi. Ibyo bishoboka iyo hari impamvu zibitera ariko zikaba zarateganyijwe mu masezerano ibihugu byombi byagiranye. Ariko iyo ngingo yongeraho ko n’iyo bigenze gutyo, icyo cyemezo gifashwe n’igihugu gitangira gukurikizwa nyuma y’igihe kingana n’umwaka uhereye ku muni cyafatiweho (ingingo ya 57.2).

Amasezerano ya Vienne yo muri 1969 ateganya ko impamvu zishobora gutuma igihugu kimwe gifata icyemezo cyo guhagarika iyubahirizwa ry’amasezerano ari ebyiri. Iya mbere ni iyo ikindi gihugu cyitacyubahiriza ibikubiye mu masezerano (ingingo ya 61). Indi mpamvu ni igihe habayeho impinduka zikomeye ariko zidaturutse kuri kimwe muri ibyo bihugu (changement fondamental de circonstances). Izo mpinduka zigomba kuba zifitanye isano ya hafi cyane n’ibikubiye mu masezerano kandi bikaba bigaragara ko kudahagarika cyangwa kutayasubiramo byatera ikibazo gikomeye ishyirwa mu bikorwa ryayo (ingingo ya 62). Urukiko rw’Umuryango w’Abibumbye rwemeje ibikubiye muri izi ngingo mu manza zitandukanye rwaciwe zijyanye n’iki kibazo¹³⁶.

Izi ngingo zose z’amasezerano ahuza ibihugu ya Vienne yo muri 1969 tumaze kuvuga, kimwe n’ibyemezo bitandukanye by’urukiko rwa ONU, zirerekana ko ibihugu byafatiye ibyemezo u Rwanda byo kuruhagarikira inkunga, bishingiye kuri raporo y’ibinyoma yakozwe n’itsinda rya HEGE, byishe amategeko mpuzamahanga agenga ishyirwa mu bikorwa ry’amasezerano yashyizweho umukono hagati y’ibihugu.

¹³⁶ Cour Internationale de Justice, arret du 2 fevrier 1973 relatif a la competence en matiere de pecheries. Recueil CIJ 1973, paragraphes 36-37, p.18-19 et 63

Ibyo bihugu byagombaga kubahiriza amasezerano byagiranye n’u Rwanda uko ateye, kandi byaba bisanze ari ngombwa ko asubirwamo nabwo hagakurikizwa ingingo ya 39 y’amasezerano ya Vienne yo muri 1969 iteganya ko amasezerano ashobora gusubirwamo iyo ibihugu byayashyizeho umukono bibyumvikanyeho. Buri gihugu gifite uburenganzira bwo kubisaba kikabimenyeshya ikindi, hagatangira ibiganiro byo gusubiramo amasezerano.

Ibiteganyijwe muri aya masezerano mpuzamahanga ya Vienne ni nabyo byagombaga gukurikizwa n’ibihugu bifatanye amasezerano y’ubutwererane n’u Rwanda.

Igice cya kabiri: Ibiteganywa n’amasezerano hagati y’u Rwanda n’abaterankunga (Memorandum of Understanding)

Hagati ya Guverinoma y’u Rwanda n’abaterankunga batandukanye, baba ibihugu cyangwa ibigo mpuzamahanga by’imari, hari amasezerano yihariye yashyizweho umukono na buri muterankunga w’u Rwanda, haba abayanyuza mu ngengo y’imari ya Leta cyangwa mu yindi mishinga. Ayo masezerano ateganya ko iyo habayeho impungenge cyangwa impamvu yo guhagarika burundu cyangwa gukerereza inkunga, umuterankunga agomba kubimenyeshya umugenerwa bikorwa, ariwe Guverinoma y’u Rwanda.

Amasezerano yo ku wa 24 Nzeri 2008 u Rwanda rwagiranye na Banki Nyafurika itsura Amajyambere, Banki y’Isi, Ubuhorandi, Suwede, Ubudage, Umuryango w’Ibihugu by’Iburayi, Ubwongereza, yanditse muri aya magambo:

“Any donor may withdraw or terminates its budgetary support for the EDPRS by giving the other signatories notice of its intention to withdraw or terminate support. Any such withdrawal or termination will not impact on the timely disbursement of funds already committed.” “In the event of a breach of the underlying principles set out in this MOU any signatory may invite the chair person of the Budget Support Harmonisation Group (BSHG) to convene a meeting of all members with view to facilitating the clarification of facts and open frank dialogue between the concerned parties¹³⁷.”

Ku bijyanye n’ihagarikwa ry’inkunga ryakozwe n’ibihugu bitandukanye bishingiye kuri raporo y’itsinda riyobowe na Steven HEGE, u Rwanda ntirwigeze rumenyeshwa ihagarikwa ry’inkunga. Ibihugu by’ u Buhorandi, u Budage, Suwede n’u Busuwisi byafashe icyemezo byirengagije ibiri mu masezerano; u Rwanda rwabimenye mu buryo butunguranye binyuze mu bitangazamakuru mpuzamahanga bitandukanye. Ikindi nuko bamwe mu bahagarariye ibyo bihugu mu Rwanda nabo bamenyeye mu binyamakuru ibyemezo by’ibihugu byabo.

¹³⁷ Art 61 and 62 of MOU governing the provision of Direct Budget Support in the implementation of Rwanda’s Economic Development Poverty Reduction Strategy (EDPRS)

Igice cya gatatu : Gusabira ibihano u Rwanda no kuruhagarikira inkunga

Bimwe mu bihugu bikomeye bisanzwe bifatanye ubufatanye n'ubutwererane n'u Rwanda byafatiye ibihano u Rwanda ku byemezo byabyo bwite, ibindi bikoresha Umuryango w'Abibumbye, Umuryango w'Ibihugu by'I Burayi n'ibigo mpuzamahanga by'imari nka Banki y'Isi na Banki Nyafurika itsura Amajyambere kugira ngo bikomanyirize u Rwanda. Bimwe muri ibyo bihugu byashyize imbaraga mu guhatira ibindi gufatanya bagahagarikira inkunga u Rwanda bose hamwe, aho kurekera buri gihugu ubushobozi bwo guhitamo gukomeza gukorana n'u Rwanda cyangwa se kubihagarika. Iyo politiki yatumye ibihugu bimwe byemera ibyo byasabwe n'ibindi kubera ubufatanye n'ubwumvikane bisanzwe bifatanye. Buri gihe, ibihano byafashwe nta ruhare Guverinoma y'u Rwanda ibigizemo kandi hadakurikijwe amategeko mpuzamahanga agenga ubutwererane n'amasezerano u Rwanda rwagiranye na buri gihugu agenga ubufatanye n'iterankunga.

1. Guhagarika inkunga mu bya gisirikare

Nyuma gato y'isohoka rya raporo y'agateganyo ya Steven HEGE, hari ibihugu byihutiye guhagarika inkunga mu bya Gisirikare. Ku itariki ya 21 Nyakanga 2012, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zahagaritse inkunga yari igenewe ishuri rya gisilikare rya Nyakinama, kandi iryo shuri ritigisha abanyarwanda gusa. icyo gihugu cyasohoye itangazo, rikwizwa mu binyamakuru, rivuga ko gihagaritse inkunga y'amafaranga ibihumbi magana abiri y'amadolari (200.000\$) byageneraga ingabo z'u Rwanda. Iryo tangazo ryasobanuye ko icyo cyemezo gifashwe bitewe n'inkunga u Rwanda rutera imitwe yitwaje intwara ikorera mu Burasirazuba bwa Kongo : *" Hashingiwe ku makuru avuga ko u Rwanda rushyigikiye imitwe yitwaje intwara muri Kongo, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zemeje ko zitagishoboye gukomeza guha u Rwanda inkunga ya gisilikare muri uyu mwaka"*. Ibikubiye muri iryo tangazo byasobanuwe n'umuvugizi wa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Victoria NULAND, mu biganiro yahaye abanyamakuru¹³⁸. Itangazo rya USA ryasabaga kandi Guverinoma y'u Rwanda kureka gushyigikira abigometse ku butegetsi bwa Kongo rivuga ko bahungabanya umutekano mu karere.

Umuvugizi wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Darby HOLLADAY, yatangarije abanyamakuru ko ayo mafaranga yari agenewe ishuri rya gisilikare ry'u Rwanda, ariko

¹³⁸ AFP, 29 July 2012,

atangaza ko igihugu cye kizakomeza kwigisha abasirikare b'u Rwanda boherezwa mu bikorwa mpuzamahanga byo kurinda no kubungabunga amahoro n'umutekano ku isi¹³⁹.

Twakwibutsa ko nyuma ya Pakisitani, Bangladesh, Ubuhinde, Etiyopiya na Nijeriya, u Rwanda ni igihugu cya gatandatu ku isi mu bihugu byohereza abasirikare benshi mu bikorwa byo kubungabunga amahoro ku isi. Ubu u Rwanda rufite abasirikare 4 571 bari hirya no hino mu bikorwa byo kugarura amahoro.

2. Guhatira U Rwanda kwamagana M23

Ku itariki ya 1 Ukwakira 2012, Umunyamabanga Wungirije wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ushinzwe Afurika, Johnnie CARSON, yatangaje ko bitaba bitangaje, ko kandi atari ukurengera no gukabya niba basabye Guverinoma y'u Rwanda kwamagana umutwe wa gisilikare wangiza ubuzima bw'abantu kandi ugahungabanya umutekano w'igihugu gituranye n'u Rwanda¹⁴⁰. Yongeyeho ko M23 iyoborwa n'abantu bashakishwa n'Urukiko Mpanabyaha ruhuriweho n'ibihugu ruri I La Haye mu Buholandi (International Criminal Court =I.C.C.), bakaba baregwa ibyaha bikomeye byo kwangiza uburenganzira bwa muntu. Ntibyumvikana ukuntu umwe mu bayobozi ba Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, nk'igihugu kiri ku isonga ryo kutemera uru rukiko no kutarushyigikira iyo bireba inyungu zabo, aribo bahamagarira u Rwanda gufatanya n'urwo rukiko no kuruhesha icyizere kubera Kongo!

Icyakora, ku itariki ya 19 Ukuboza 2012, Johnnie CARLSON yitabye Komite ishinzwe ububanyi n'amahanga mu Badepite (Chambre des representants), yasuzumaga ikibazo cya Kongo, agaragaza ko Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika nta kimenyetso na kimwe ifite, cyerekana ko u Rwanda rwaba rwararigishije cyangwa rwaranyereje inkunga ruhabwa ngo rushyigikire intambara ibera muri Kongo. Yavuze ko ahubwo u Rwanda rwakoze ibitandukanye n'ibiruvugwaho.

Johnnie CARLSON yavuze ko mu mwaka wa 2012, USA yateye u Rwanda inkunga mu mishinga y'ubuhinzi n'ubuvuzi, kandi ko iyo nkunga yakoreshejwe neza cyane, ku buryo bushimishije budasanze, birushije ibihugu byinshi by'Afurika. Yanavuze ko ndetse binarenze bimwe mu bihugu byateye imbere. Yasobanuriye kandi abo badepite ko nta nkunga USA ishyira mu ngengo y'imari y'u Rwanda, ko inkunga yayo inyura muri za ONGs, kandi ko zikoresha neza amafaranga zihabwa.

¹³⁹ AFP, 21 Juillet 2012

¹⁴⁰ www.onevision.com. Consulte le 6 janvier 2013; REUTERS, 1er octobre 2012, Les Etats-Unis demandent au Rwanda de condamner publiquement le M23!

Yarangije yongera kunyomoza ibivugwa ku Rwanda muri aya magambo : *“Nta kimenyetso na kimwe dufite, nta na kimwe, cyerekana ko inkunga twahaye u Rwanda yaba yaranyerejwe kugira ngo ihabwe inyeshyamba izo ari zo zose (...) u Rwanda rufitiwe icyizere cyo mu rwego rwo hejuru mu bijyanye n’uburyo rukoresha umutungo rufite; sinshidikanya ko u Rwanda rukoresha neza umutungo warwo¹⁴¹”*.

3. Gukomanyiriza u Rwanda mu Muryango w’Abibumbye

Igihugu cy’Ubufaransa cyashyize imbaraga mu gushaka uko u Rwanda na M23 byafatirwa ibihano mu rwego rw’Umuryango w’Abibumbye. Ibyemezo bitandukanye bigenewe kujyanwa mu Muryango w’Abibumbye byateguwe n’Ubufaransa bikagaragaza ubushake bwo kwitiranya u Rwanda na M23 no kubishyira ku rwego rumwe rwitirirwa ibikorwa by’umutwe wa gisilikare wa M23. icyo gikorwa cy’Ubufaransa cyo gukoresha Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi cyarabworoheye kubera ko Ishami rya ONU rishinzwe ibikorwa by’ingabo z’Umuryango w’Abibumbye zoherezwa gucunga amahoro mu bihugu bitandukanye byo ku Isi (DPKO) riyoborwa n’umudipolomate w’Umufaransa, Herve LADSOUS kuva ku itariki ya 2 Nzeri 2011.

Herve LADSOUS asanzwe azi u Rwanda kandi yagize uruhare muri politiki irureba. Yabaye Ambasaderi wungirije w’Ubufaransa mu Muryango w’Abibumbye kuva 1990 kugeza 1992 mu gihe cy’intambara yo kubohora u Rwanda yatangiye na FPR INKOTANYI kandi muri icyo myaka Ubufaransa bwafashaga Guverinoma y’u Rwanda yakoze Jenoside muri 1994; by’umwihariko buyiha inkunga muri dipolomasi bubinyujije muri ONU cyane cyane burwanya ibyemezo byashyigikiraga ibyifuzo FPR-INKOTANYI yatangaga bigamije kuzana amahoro n’iyubahirizwa ry’uburenganzira bwa muntu mu Rwanda¹⁴².

Herve LADSOUS yabaye kandi umuvugizi wa Guverinoma y’Ubufaransa kuva 2003-2006, nyuma aba umuyobozi w’ibiro bya Minisiteri y’ububanyi n’amahanga y’Ubufaransa kuva mu Gushyamba 2010 iyoborwa na Michele ALLIOT-MARIE no ku gihe cya Alain JUPPE. Yakoze ako kazi kugeza yoherezwa n’igihugu cye gukora muri ONU aho yasimbuye abandi Bafaransa : Alain LEROY wayoboye iryo shami kuva ku wa 30 Kamena 2008, Jean-Marie Guéhenno wayoboye iryo shami kuva ku itariki ya mbere ukwakira 2000 na Bernard MIYET wariyoboye kuva 1997-2000¹⁴³.

¹⁴¹ nanojv.wordpress.com/2012/12/19/johnnie-carson-rwanda

¹⁴² Reba raporo yakozwe na Komisiyo y’Igihugu yigenga ishinzwe kugaragaza uruhare rwa Leta y’Ubufaransa muri Jenoside (ikunze kwitwa Raporo MUCYO), 15 Ugushyamba 2007, pp. 122-133

¹⁴³ Biteye kwibazwaho impamvu serivisi ikomeye ya ONU ishinzwe amahoro n’umutekano ku isi iyoborwa n’igihugu kimwe mu gihe cy’imyaka cumi n’itanu.

Ku bijyanye no gukomanyiriza u Rwanda hashingiwe ku ntambara ya M23, igihugu cy'Ubufaransa nicyo cyateguye ibyemezo hafi ya byose byashyikirijwe Inama ishinzwe Amahoro ku Isi ya ONU bisaba ko u Rwanda na M23 byafatirwa ibihano hashingiwe kuri raporo y'impuguke ziyobowe na Steven HEGE.

Ku itariki ya 28 Nyakanga 2012, Minisitiri w'Ubufaransa ushinzwe Francophonie, Mme Yamina Benguigui, yatangariye i Kinshasa, ko Ubufaransa busangiye umuhangayiko n'abanyekongo kubera umutekano muke uri mu Burasirazuba bw'icyo gihugu, ko kandi buri ku ruhande rwa Kongo mu kurwanya no kwamagana M23 n'abayishyigikiye. Minisitiri BENGUIGUI yongeyeho ko mu minsi ya vuba cyane Ubufaransa buzasaba Inama ishinzwe Amahoro ku Isi gushimangira icyo cyifuzo cyabwo¹⁴⁴.

Ku itariki ya 19 Ugushyingo 2012, Ubufaransa bwashyikirije Inama ishinzwe Amahoro ku Isi inyandiko (projet de resolution), buyisaba gukaza ibihano byari byafatiwe M23, ariko muri iyo nyandiko Ubufaransa bwongeraho ko hagomba gushyirwamo n'ibindi bihugu bitungwa agatoki na raporo y'impuguke za ONU. Ubufaransa bwateguye iyo nyandiko busaba Inama ishinzwe Amahoro ku Isi ko yacyiga mu nzira y'ubwihutirwe ku itariki ya 21 Ugushyingo 2012. Ubufaransa bwakoresheje iyo nzira kuko butari bwishimiye icyemezo cyafashwe n'Inama ishinzwe Amahoro ku Isi ku wa 17 Ugushyingo 2012. Iki cyemezo cyari cyibanze ku bintu bibiri : gusaba M23 guhagarika imirwano no kudahabwa inkunga. Ubufaransa bwifuzaga ko u Rwanda ruvugwa mu izina, ariko bubonye bidakunze buhita butegura undi mushinga w'icyemezo kiganisha muri iyo nzira¹⁴⁵.

Ibyo byifuzo by'Ubufaransa n'uburyo icyo gihugu cyakoresheje mu kwikoma u Rwanda byari bitandukanye muri icyo gihe n'inzira Umuryango w'Abibumbye ubwawo ndetse n'Afurika Yunze Ubumwe byari bishyigikiye. Umuryango w'abibumbye wari ushyigikiye icyifuzo cy'Umuryango w'Afurika yunze Ubumwe, cyo gushyigikira imishyikirano yari yatangiye n'Ihuri ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga bigari (ICGLR). Uyu Muryango w'Afurika yunze Ubumwe, ukurikirira hafi ikibazo cy'amahoro n'umutekano mu karere k'Ibiyaga bigari; hagati ya Kongo na M23 wasabaga ko imbaraga zo gukemura intambara zashyirwa mu biganiriro byayoborwa n'Ihuri ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga bigari¹⁴⁶.

Nkuko byagaragajwe muri 2008 na Komisiyo y'u Rwanda yigenga ishinzwe kugaragaza uruhare rw'Ubufaransa muri jenocide (Komisiyo MUCYO), sibwo bwa mbere igihugu

¹⁴⁴ RFI, 28 Juillet 2012, "La France veut faire condamner le M23 par le Conseil de sécurité de l'ONU"

¹⁴⁵ Byatangajwe na Ambasaderi w'Ubufaransa muri ONU, Gerard ARAUD, binashimangirwa na Minisitiri ushinzwe Francophonie, Yamina BENGUIGUI : Ouest France, "Congo. Paris va présenter à l'ONU une résolution condamnant le M23", 19 novembre 2012; Depeche OKAPI, 19 Novembre 2012, "ONU : la France va présenter une résolution condamnant le M23".

¹⁴⁶ African Union, Communiqué RDC, 19 Novembre 2012

cy'ubufarasa gikoresha umwanya gifite mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi kigakomanyiriza u Rwanda.

4. Gukangurira amahanga gukomanyiriza u Rwanda

Mu bihe bitandukanye, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'Ububiligi, Didier REYNDERS, yashishikariye ibihugu byibumbiye mu Muryango w'Ibihugu by'Iburayi gushyira hamwe bigafatira ibihano u Rwanda arwitirira ko arirwo ntandaro y'intambara ibera muri Kongo. Yakoze ibishoboka ngo ibihugu by'iburayi bigire imyumvire imwe kandi bifatanye gukomanyiriza u Rwanda, anakwiza impuha n'ibinyoma ku Rwanda mu itangazamakuru mpuzamahanga kugira ngo isura y'u Rwanda ibe mbi ku isi.

Ku itariki ya 23 Kanama 2012, Didier REYNDERS yavugiyeye i Lubumbashi, amaze kubonana na Perezida Joseph KABILA, ko ashingiyeye ku cyemezo cyari cyafashwe na USA cyo guhagarika inkunga yari igenewe ishuri rya gisilikare ry'u Rwanda, icyo we yifuza ari uko u Rwanda rwafatirwa ibihano ku rwego rwa ONU noku rwego rw'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi : *"J'ai entendu l'annonce des Etats-Unis qui porte sur la suspension de son aide au Rwanda de l'ordre de 200 mille dollars. Je ne pense pas que ça fasse une pression importante. (...) Moi je préfère travailler avec une coordination pour que si des mesures doivent être décidées qu'elles le soient pour tous ensemble dans l'Union Européenne ou aux Nations unies. Les actions isolées semblent être des effets d'annonce"*¹⁴⁷.

Ku itariki ya 12 Ukwakira 2012, ari i Kinshasa mu nama ya 14 y'ibihugu bikoresha ururimi rw'igifaransa, Didier REYNDERS yahaye abanyamakuru ikiganiro amaze kubonana na Minisitiri w'Intebe wa Kongo, Augustin Matata PONYO, atangaza ko yifuza ko iyo nama yamagana ibihugu bishyigikiye M23: *"Il faut que la rébellion cesse". "J'espère que le sommet de la Francophonie va aller dans ce sens, en condamnant la mutinerie M23 et tout soutien extérieur"*. REYNDERS kandi yanenze Perezida w'Ubufaransa, Francois HOLLANDE, wari wavuze ko Leta ya Kongo itubahiriza uburenganzira bwa muntu. Didier REYNDERS we yagaragaje ko Kongo itagombye kunengwa kuri iyo ngingo: *"Je regrette toujours qu'il y ait des déclarations très fortes qui sont davantage destinées à l'opinion nationale"*¹⁴⁸.

Hari n'abandi bategetsi b'Ububiligi bari mu murongo wa REYNDERS kuri iki kibazo nka Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko André FLAHAUT, ku wa 21 Ukuboza 2012, yakira Minisitiri wa Maroc ushinzwe ububanyi n'amahanga, Youssef AMRANI, yamusabye ko Maroc yakoresha umwanya yabonye mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku

¹⁴⁷ OKAPI, 24 aout 2012 : « Guerre dans l'Est de la RDC: Didier Reynders préconise des sanctions concertées contre le Rwanda »

¹⁴⁸ www.rtb.be : "RDC: Didier Reynders dénonce la rébellion et les "soutiens extérieurs", 12 octobre 2012. Consulte le 6 Janvier 2013

Isi kugira ngo ikibazo gitangwa na Kongo cyumvikane¹⁴⁹. icyaba cyiza nuko hashakwa koko umuti ariko hatitawe ku bivugwa na Kongo yonyine. Birazwi ko ubuyobozi bwa Kongo bufite uruhare runini mu bituma hakomeza kubaho intambara n’umutekano muke biri mu Burasirazuba bw’icyo gihugu. Nta mpamvu rero yo gufata Kongo nkaho irengana, hirengagizwa uruhare rwayo.

5. Kwitirira u Rwanda kugira ububasha kuri M23

Kuva ku wa 25-27 Kanama 2012, avuye muri Kongo aho yari amaze iminsi itanu, Didier REYNDERS yagiriye uruzinduko rw’iminsi ibiri mu Rwanda. Ku itariki ya 25 Kanama 2012, yasuye inkambi ya Nkamira yakira impunzi z’abanyekongo zaje mu Rwanda kubera intambara iri muri Kongo. Izo mpunzi zamubwiye akarengane ko kwicwa, guhohoterwa, gutotezwa, kwamburwa ibyabo, n’ibindi byaha by’ubugome zagiriwe n’ingabo za Kongo, FDLR n’indi mitwe yitwaje intwari. Impunzi zasobanuye ko ako karengane kibasiye by’umwihariko abanyekongo b’abatutsi kandi kagashyigikirwa n’ingabo za Leta ya Kongo.

Mu ijamba rye yagejeje ku mpunzi, Didier REYNDERS yababwiye ko ababajwe n’urugomo ruri muri Kongo, ko azakora ibishoboka kugira ngo impunzi zisubire mu byabo, asaba u Rwanda ko rwagira uruhare rugaragara mu guhagarika ibikorwa bya M23. Iri jambo ryerekana ko REYNDERS yumva ko u Rwanda rufite ubushobozi bwo gutegeka M23 gukora icyo rwifuzaga : *“Nous sommes particulièrement horrifiés par les violences que l’on voit depuis quelques mois en RDC” (...)* *Nous allons tout faire pour essayer de pacifier la région et vous permettre de regagner vos villages et vos villes (...)* *Je forme le vœu qu’il sera possible de recommencer une nouvelle vie et de vivre en paix avec les autres communautés sur un même territoire (...)* *Je reitere mon appel au Rwanda à jouer un rôle actif pour mâter la rébellion”*¹⁵⁰. U Rwanda rwonyine rufite izihe mbaraga zo gukemura ibibazo by’impunzi z’abanyekongo biterwa na Kongo kandi bireba imiyoborere ya Kongo?

6. Gusaba u Rwanda gutegeka M23 guhagarika intambara

Ku itariki ya 12 Nzeri 2012, Didier REYNDERS yatangarije Komisiyo z’ububanyi n’amahanga z’Inteko Ishinga Amategeko y’igihugu cye, Imitwe Yombi, ko yemera nta gushidikanya ko u Rwanda rufite uruhare mu ntambara ibera mu burasirazuba bwa Kongo kandi asaba Guverinoma y’u Rwanda kwamagana M23 ku buryo bweruye gukora ibishoboka kugira ngo intambara ihagarare : *“Le Rwanda doit condamner la rébellion (du mouvement du 23 mars, M23) de façon explicite” et participer à l’action pour y mettre fin en cessant tout soutien. (...)* *Ma conviction, c’est qu’il y a un soutien direct ou indirect du gouvernement rwandais (dans) ce*

¹⁴⁹ BELGA, 21 octobre 2011

¹⁵⁰ www.rtb.be : « Didier Reynders "horrifié" par les témoignages des réfugiés congolais », 26 Aout 2012. Consulte le 6 janvier 2013

qui se passe dans l'Est du Congo¹⁵¹". REYNDERS yongeyeho ko icyo cyifuzo yari yakigejeje kuri Minisitiri w'u Rwanda w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane wari mu ruzinduko mu Bubiligi.

Ku itariki ya 20 Ugushyngoye 2012, Didier REYNDERS yitabye Inteko Ishinga Amategeko y'Ububiligi, Umutwe w'Abadepite, bamubaza icyo Ububiligi buzakora ku birebana no guhagarika inkunga igenerwa ibikorwa by'iterambere mu Rwanda. Yashubije ko Ububiligi bushyigikiye ibihano ku rwego mpuzamahanga bifashwe n'ibihugu mu rwego rwa ONU n'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi :

"A ce jour, je ne souhaite pas prendre une attitude différente que celle de respecter la procédure en cours devant le Conseil de sécurité" (...) Je mets en garde contre l'idée, alors que des rapports sont officiellement déposés devant l'instance qui les a demandés, à savoir le Conseil de sécurité des Nations unies, que la Belgique décide de prendre des sanctions. Cela n'aurait aucun sens par rapport à une concertation européenne mais surtout par rapport à l'ordre international et de la façon dont on peut y travailler" (...) "Il faut encore essayer de convaincre le Rwanda de participer à une solution. En effet, sans sa participation, on n'arrivera jamais à une solution dans la région. Le Rwanda ne peut plus se dire non concerné par une rébellion qui attaque une ville à sa frontière. Il est essentiel que les deux présidents se parlent, puis qu'un dialogue s'établisse afin de trouver le plus rapidement possible une solution à la crise et une solution plus durable aux causes profondes d'instabilité dans l'est de la République démocratique du Congo¹⁵²".

7. Gutegeka u Rwanda kwerekana ko atari rwo ntandaro y'intambara

Ku itariki ya 26 Kanama 2012, Minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'ububiligi, Didier REYNDERS yakiriwe na Nyakubahwa Perezida wa Repuburika w'u Rwanda mu biro bye i Kigali mu gihe cyirenze amasaha abiri. Yanakiriwe kandi n'abandi bayobozi bakuru b'u Rwanda barimo Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane. Abo bayobozi bose bamuhaye ibisobanuro byose bya ngombwa ku binyoma byitirirwa u Rwanda.

Nyamara mu kiganiro Didier REYNDERS yahaye abanyamakuru i Kigali asoza uru ruzinduko, yatangaje ko asaba u Rwanda kugira uruhare rugaragara mu kugarura amahoro mu karere kandi rugatanga ibimenyetso ko atari rwo ntandaro y'ibibazo, bitaba ibyo rugafatirwa ibihano ku rwego mpuzamahanga : *"Le chef de la diplomatie belge a de nouveau exhorté le*

¹⁵¹ BELGA, 12 septembre 2012, « M. Reynders 'convaincu' d'une implication rwandaise dans l'est de la RDC »

¹⁵² www.rtb.be, 20 novembre 2012, "REYNDERS: La Belgique ne prendra pas seule des sanctions contre le Rwanda". Consulté le 6 Janvier 2013.

Rwanda à prendre une part active dans le processus de pacification de la région et à prouver qu'il n'est pas une partie du problème, sous peine de sanctions internationales"¹⁵³.

8. Kwimisha u Rwanda umwanya mu Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi

Nubwo bidasanze ko iyo igihugu cyandikiye ikindi ko kizagishyigikira mu matora ayo ariyo yose, ko nyuma icyo gihugu kisubiraho, Ububiligi bwo bwisubiyeho mu Ukwakira 2012 bwanga gutora u Rwanda mu Nama y'Umuryango w'Abibubye ishinzwe Amahoro ku Isi. Ndetse bashishikariye nibindi bihugu kudatora u Rwanda.

Ububiligi bwamenyesheje u Rwanda mu nyandiko ko buzashyigikira ijwi ry'u Rwanda mu amatora y'ibihugu 10 byagombaga kwinjira mu Nama y'Umuryango w'Abibubye ishinzwe Amahoro ku Isi. Ariko ku munsu w'amatora, mu gitondo cyo ku itariki ya 22 Ukwakira 2012, bwamenyesheje mu magambo Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibubye ko bwahinduye icyemezo cyabwo, ko butagishyigikiye itorwa ry'u Rwanda. Ibyo byashoboraga no guhama mu ibanga kuko ari uburenganzira bw'igihugu runaka guha ijwi abo gishaka. Ibi bigaragaza imyitwarire idakwiye mu mibanire y'ibihugu.

Nyuma y'amatora, Didier REYNDERS yatanze ibiganiro mu binyamakuru amenyesha ko igihugu cye cyifashe, ko kitatoye u Rwanda : *"Nous nous sommes abstenus (...) pour marquer le coup" (...)"Une abstention est comptabilisée en bout de course comme une opposition" (...)"Voir un pays impliqué dans un dossier de ce point de vue siéger au Conseil de sécurité cela n'était évidemment pas notre priorité"*¹⁵⁴.

9. Kumenyeshya ihagarika ry'ubufatanye hakoreshejwe Twitter

Ku itariki ya 11 Ugushyngi 2012, Minisitiri Didier REYNDERS yanditse inyandiko ngufi kuri Twitter avuga ko Ububiligi buhagaritse ubufatanye mu bya gisilikare na Leta y'u Rwanda kubera uruhare rwayo mu gushyigikira M23 : *"La Belgique suspend sa coopération militaire avec Kigali"*. Ubusanzwe mu mikoranire hagati y'ibihugu, ntabwo ihagarikwa ry'amasezerano y'ubutwererane areba ibihugu bibiri rigomba kumenyekanishwa na Minisitiri, ku giti cye, kandi akoresheje ubu buryo.

Biragaragara ko Minisitiri Didier REYNDERS akomeje kugaragaza urwango afitiye u Rwanda, kuko nubwo igihugu cye kitahagaritse inkunga giha u Rwanda mu bikorwa by'iterambere,

¹⁵³ RFI + REUTERS, 27 Aout 2012, *"Conflit à l'est de la RDC: la Belgique exhorte le Rwanda à s'impliquer dans la pacification de la région"*

¹⁵⁴ www.rtf.be, 22 octobre 2012, *La Belgique s'est abstenue lors de l'élection du Rwanda au Conseil de sécurité* ». Consulte le 6 janvier 2013

ntibimubuza gutsimbarara ku cyemezo cyo guhagarika inkunga zose zigenerwa u Rwanda hakoreshejwe ubufatanye bw'amahanga.

10. Kutuzuzanya amasezerano ibihugu byagiranye n'u Rwanda

Ku birebana n'inkunga itangwa n'igihugu cy'Ubwongereza, byari biteganyijwe ko icyo gihugu cyagombaga kugirana ibiganiro n'u Rwanda mu kwezi kwa Mata 2012 kugira ngo hasuzumwe uburyo ibikubiye mu masezerano y'ubufatanye byubahirijwe n'u Rwanda. Raporo y'isuzuma ryakozwe n'Ubwongereza ku mikoreshereze y'inkunga ihabwa u Rwanda yatinze kuboneka. Mu kwezi kwa Nyakanga 2012 niho u Rwanda n'Ubwongereza bahuye noneho igihugu cy'Ubwongereza cyereka u Rwanda raporo y'isuzuma cyakoze ku mirongo migari y'amahame agenga ayo masezerano.

Ibibazo byerekeye Kongo, Ubwongereza bwabigaragaje gusa nk'impungenge bufite zishobora gutuma imikoranye y'ibihugu byombi ihungabana, ntabwo bwagaragaje icyo gihe ko ari ikibazo cyabangamira ubufatanye n'ubutwererane mu byerekeye guhagarika cyangwa kugabanya inkunga buha u Rwanda. U Rwanda rwasobanuye ko ibiruvugwaho birebana na Kongo ari impuha zidafite ishingiro kandi ko ntaho bihuriye n'amahame rusanze rugenderaho.

Iyo raporo y'isuzuma niyo yagombaga gushingirwaho n'Ubwongereza bufata icyemezo cyo gutanga Miliyoni 5 z'Amapawundi (pounds) z'igice cy'amafaranga cyagombaga guhabwa ingengo y'imari ya Leta y'u Rwanda. Amafaranga yose Ubwongereza bwagombaga gutanga ni Miliyoni 16 z'Amapawundi (pounds) zagombaga gutangwa muri **Nyakanga 2012**, ariko Minisitiri w'Ubwongereza ushinze ubutwererane wariho icyo gihe, Bwana Andrew MITCHELL, avuye ku ayo mafaranga azakorerwa akaza mu kwezi kwa **Kanama 2012**.

Hagati aho Ubwongereza bwohereje ingingo nshya eshatu zitari zisanze mu masezerano y'ubufatanye kandi zitaganirwaho mu biganiro bwari bwagiranye n'u Rwanda, nyuma ya raporo y'isuzuma bwari bwakoze. Ubwongereza bwagaragaje ko izi ngingo eshatu nshya arizo zigomba gushingirwaho kugira ngo amafaranga bwagombaga guha u Rwanda atangwe. Izi ngingo nshya zasabwe u Rwanda ni izi zikurikira:

1. kugaragaza neza ko rudafasha Umutwe wa gisilikare wa M23;
2. kugaragaza ubushake n'uruhare mu gukemura ibibazo by'umutekano muke n'intambara mu Burasirazuba bwa Kongo;
3. Perezida w'u Rwanda agomba kwamagana ku mugaragaro umutwe wa M23.¹⁵⁵

¹⁵⁵Kuri izi ngingo uko ari eshatu u Rwanda rwakoze inyandiko itanga ibisobanuro ku birego bikubiye muri raporo ya HEGE nabo bafatanyije, ishyikirizwa Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi n'ibihugu biwugize, n'ibindi bihugu bifatanye ubutwererane n'u Rwanda.

U Rwanda rwakomeje gusobanurira Ubwongereza ko ibirego byose biruvugwaho ntaho bihuriye n’ukuri, ko kandi ntaho bihuriye n’amasezerano y’ubufatanye n’ubutwererane yashyizweho umukono n’ibihugu byombi, ko kandi kuzana ingingo nshya zitigeze ziteganywa ngo zumvikanweho mbere atari ibintu byiza mu mikoranire isanzwe hagati y’ibihugu byombi. Izo ngingo nshya ntizumvikanyweho n’impande zombi. Nta nubwo Ubwongereza bwigeze bubwira u Rwanda ku mugaragaro ko buzahagarika inkunga.

Mu mpera z’ukwezi kwa Kanama 2012, Minisitiri Andrew MITCHELL yasohoye itangazo rishingiye kuri izo ngingo nshya eshatu afata icyemezo cyo gutanga icya kabiri cy’inkunga yagombaga guhabwa u Rwanda, ni ukuvuga miliyoni 8 z’amapawundi (pounds). Izindi miliyoni 8 zigashyirwa mu bikorwa bitandukanye by’iterambere birimo imishinga y’Ubumunsi n’Ubumwe. Ubwongereza bwatanze aya mafaranga mu kwezi kwa Kanama 2012 muri ubwo buryo. U Rwanda rwagaragaje ko icyo cyemezo kitarubangamiye kuko n’ubusanzwe amafaranga y’inkunga zitangwa n’ibihugu by’amahanga anyujijwe mu ngengo y’imari ya Leta, akoreshwa mu bikorwa by’iterambere ry’abaturage.

Mu gufata icyo cyemezo, Minisitiri Andrew MITCHELL yasobanuye ko ingingo ebyiri zari zasabwe n’Ubwongereza basanze zujijwe n’u Rwanda kuko byagaragaye ko nta bimenyetso bihari ko u Rwanda rufasha umutwe wa M23. Yongeyeho kandi ko u Rwanda rufite ubushake n’ibikorwa byo kugarura amahoro muri Kongo. Arangiza avuga ko u Rwanda rukoresha neza inkunga ruhabwa, ko ishyirwa mu bikorwa bifitiye abaturage akamaro nkuko biba byumvikanyweho n’ibihugu byombi¹⁵⁶.

Ingingo ya gatatu ijyanye no gusaba Nyakubahwa Perezida wa Repuburika kwamagana M23, Minisitiri MITCHELL yatangaje ko bazakomeza bakabiganira n’u Rwanda.

Ku itariki ya 30 Ugushyamba 2012, Ubwongereza bwatangaje ko bwongeye guhagarika inkunga yari igenewe u Rwanda yagombaga gutangwa mu ngengo y’imari mu kwezi kw’Ukuboza 2012. Minisitiri w’ubutwererane mpuzamahanga, Justine GREENING, yatangaje ko icyo cyemezo agifashe bitewe n’impungenge zituruka kuri raporo abona ko ifitiwe icyizere kandi ko idashidikanwaho, ku ruhare u Rwanda rufite mu bibazo biri muri Kongo. Ibinyamakuru byahise byuririra kuri icyo cyemezo bitangaza ko gifite igisobanuro gikomeye, ko u Rwanda rugiyeye guhura n’ingorane bitewe n’uburemere bw’inkunga itangwa n’Ubwongereza ko kandi icyo cyemezo kizahangayikisha Perezida Paul KAGAME:

“La décision de Londres est significative et ne va pas manquer d’inquiéter le président Paul Kagame. C’est en effet la première fois en vingt ans que le Royaume-Uni, l’un des donateurs les plus généreux du Rwanda, fait volte-face, et cela implique que le régime de Kigali ne recevra

¹⁵⁶ Reuters, Mardi 4 septembre 2012, “ La Grande Bretagne debloque la moitié de son aide gelée au Rwanda”; La Libre Belgique, 6 septembre 2012, “Londres reprend son aide à Kigali”

pas la prochaine tranche d'aide budgétaire de quelque 26 millions d'euros prévue le 15 décembre¹⁵⁷”.

Nyuma y'icyemezo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika cyo guhagarika inkunga, igihugu cy'Ubuholandi nacyo cyahise kimenyesha ku itariki ya 26 Nyakanga 2012 ko gihagaritse inkunga ya miliyoni eshanu z'amafaranga y'amayero (5.000.000€) cyagombaga guha u Rwanda. Buvuga ko buzaganira n'ibindi bihugu by'iburayi kugira ngo bisuzumire hamwe uburyo ubutwererane bwabyo n'u Rwanda kwasubirwamo. Ariko bwongeraho ko buzakomeza kunyuzwa amafaranga mu miryango mpuzamahanga itari iya Leta ikorera mu Rwanda¹⁵⁸.

Minisitiri ushinze iterambere w'Ubudage yasohoye itangazo rivuga ko igihugu cye kibaye gihagaritse inkunga mu gihe gitegereje ibisobanuro by'u Rwanda. Ku itariki ya 1 Gashyantare 2013, nyuma y'uruzinduko rwa Minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'u Rwanda mu Budage, iki gihugu cyatangaje ko gisubukuye ishyirwa mu bikorwa ry'igice kimwe cy'amasezerano y'ubufatanye n'u Rwanda.

Minisitiri ushinze ubutwererane wa Suwede, Gunilla CARLSSON, yatangarije Radio y'igihugu cye ko ku bijyanye n'inkunga ihabwa u Rwanda, Suwede yahisemo kuba iyihagaritse bitewe n'intambara ibera muri Kongo, kuko abategetsi b'u Rwanda bayivanzemo. Yasobanuye ko batayivanyeho burundu, ko ahubwo babaye bayihagaritse by'agateganyo, asaba u Rwanda kugaragaza ubushake mu gukemura ibibazo no kugira uruhare mu iterambere ryo mu karere¹⁵⁹.

Impamvu zatumye ibyo bihugu bimaze kuvugwa bifata ibyo byemezo ni ugushingira kuri Raporo y'agateganyo ya ONU yo ku wa 27 Kamena 2012 ishinja u Rwanda gufasha M23. Ibyo bihugu byafashe ibyemezo bibyibwirije, bitabajije u Rwanda kandi bititaye ku bisobanuro byanditse u Rwanda rwatanze ku binyoma biruvugwaho muri raporo ya Steven HEGE n'abo bafatanyije.

11. Kurwanya isubukurwa ry'inkunga igenewe u Rwanda

Ubwongereza bumaze gufata icyemezo cyo gutanga igice cy'inkunga igenewe u Rwanda, amashyamba atavugaga rumwe na Guverinoma y'icyo gihugu n'imwe mu Miryango mpuzamahanga itari iya Leta nka "Human Rights Watch" ntibabyishimiye. Kubera gutsimbarara no gukomeza kubeshya no guharabika u Rwanda, abo bose banenze icyemezo cy'Ubwongereza ndetse babusaba kugisubiraho.

¹⁵⁷ RFI, 1 Décembre 2012

¹⁵⁸ Le Monde, 28 juillet 2012

¹⁵⁹ AFP + Jeune Afrique, 13 Aout 2012

Ibyo byatumye ku itariki ya 8 Kanama 2012, Komisiyo y’Inteko ishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga ihamagaza Minisitiri Andrew MITCHELL, kwisobanura ku mpamvu yatumye atanga igice cy’inkunga cya miliyoni umunani y’amapawundi (8.000.000£) kigenewe u Rwanda¹⁶⁰. Nyuma yaje kwegura muri Guverinoma asimburwa na Justine GREENING.

Ibyo byemezo byafashwe n’ibihugu bikomeye byatumye itangazamakuru mu bihugu byinshi, bisohora inyandiko zisebya u Rwanda zerekana ko ibibazo by’umutekano muke, intambara, indwara z’ibyorezo, ubucukuzi n’ubucuruzi butemewe by’amabuye y’agaciro ya Kongo, ko byose ari u Rwanda rubitera. Bimwe muri ibyo binyamakuru, byifashishije mu nyandiko zabyo abiyita inzobere z’ibibazo byo mu karere k’ibiyaga bigari nka Filip REYTJENS, Pierre PEAN, Andre GUICHAOUA n’abandi kandi ari abantu basanzwe banga u Rwanda ku buryo buzwi, banagiye barwandikaho ibintu bibi¹⁶¹.

Igice cya kane : Umuryango w’Ibihugu by’Iburayi

Ku itariki ya 27 Nzeri 2012, umuvugizi w’Umuryango w’Ibihugu by’Iburayi nawo watangaje mu itangazamakuru ko ubaye uhagaritse imishinga mishya y’ubufatanye n’ubutwererane wagombaga gusuzumana n’u Rwanda .

Ambasaderi uhagarariye uwo Muryango muri Kongo, Jean-Michel DUMOND, yavuze ko icyo cyemezo bagitewe n’uruhare rw’u Rwanda mu kwivanga mu busugire bwa Kongo kandi bakaba barusaba gufatanya n’impuguke za ONU no gutangaza ku mugaragaro ko rwamaganye M23 : « *Il s’agit de faire comprendre très clairement à nos amis rwandais qu’ils doivent explicitement condamner le M23, qu’ils doivent travailler avec le groupe d’experts des Nations Unies et qu’ils doivent faire en sorte que cessent toutes interférences et ingérences dans les affaires internes congolaises*¹⁶² ».

Hari n’ibiganiro byanyuze kuri radio nyinshi z’i Burayi (BBC, Radio France Internationale, Radio Netherlands, RTBF, RTL/TV,...) bitanzwe n’abayobozi b’Umuryango w’ibihugu by’Iburayi nabo bavuga ko nta mishinga mishya uwo Muryango uzongera kuganiraho na Guverinoma y’u Rwanda.

Igice cya gatanu : Kubangamira ubufatanye n’ibigo mpuzamahanga by’imari

Hashingiwe kuri raporo y’ibinyoma yakozwe n’itsinda rya Steven HEGE, bimwe mu bihugu bikomeye byashyize imbaraga mu kubangamira u Rwanda mu bigo mpuzamahanga by’imari

¹⁶⁰ Jambonews, 20 novembre 2012, « *Royaume-Uni – Rwanda : Quid de l’aide financière* » ? ; VOA, 26 Nzeri 2012; Le Potentiel, 27 octobre 2012, “*Reprise de l’aide publique de la Grande-Bretagne au Rwanda : l’opposition britannique en colère*”.

¹⁶¹ Le Monde, 10 Aout 2012; The Financial Time, 28/07/2012

¹⁶²Depeche OKAPI, 26 septembre 2012

nka Banki y'isi na Banki Nyafurika y'Iterambere bigamije kuburizamo ibyemezo biha u Rwanda inkunga n'inguzanyo bigenewe iterambere ry'u Rwanda.

Muri Nyakanga 2012 ni bwo Inama y'Ubutegetsi ya Banki Nyafurika itsura Amajyambere yagombaga guterana ikemeza ibijyanye no guha u Rwanda inkunga. Ibihugu byinshi by'u Burayi byakomeje kugaragaza ko kugira ngo ubusabe bw'u Rwanda bwemerwe bwagombaga gutorwa ku majwi nibura 75 ku ijana. Aya matora akorerwa mu mafasi. Ubwongereza bwari bwiteguye gushyigikira u Rwanda ariko kubera ko bwari mu itsinda rimwe n'Ubudage, Ubutaliyani, Canada, Suwede, Ubufaransa n'Ubuhinde bitari bishyigikiye ko Banki itanga inkunga igenewe u Rwanda, byatumye haboneka gusa amajwi 71% bituma dosiye isubikwa, bityo inkunga igenewe u Rwanda ntiyashobora gutangwa ku gihe cyari giteganyijwe¹⁶³.

Mu kwezi kw'Ukwakira 2012, nibwo Inama y'Ubutegetsi ya Banki y'Isi yagombaga guterana. Kubera ibyari byabereye muri Banki Nyafurika itsura Amajyambere, Banki y'Isi yafashe icyemezo cyo kuba iretse kuzanamo ingingo yerekeye u Rwanda kugira ngo izabanze ikore ibiganiro n'ibihugu birwanya u Rwanda. Banki y'Isi yari yashyizweho igitutu n'Imiryango itari iya Leta¹⁶⁴, cyane cyane "Human Rights Watch", yayandikiye ibaruwa ndende iyisaba guhagarika amafaranga yose yagombaga guha u Rwanda ajyanye n'imishinga y'iterambere¹⁶⁵.

Iyi myitwarire ya bimwe mu bihugu bikomeye yo kuvanga politiki n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye mu iterambere yasinywe hagati y'u Rwanda n'ibigo mpuzamahanga by'imari ni ikosa. Ntabwo ibihugu byagombye kwitwaza impamvu iyo ariyo yose ngo bihagarike ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano igihugu iki n'iki cyagiranye n'Umuryango mpuzamahanga ufite ubuzima gatozi nkuko bimeze kuri Banki y'Isi na Banki Nyafurika itsura Amajyambere. Amategeko mpuzamahanga agenga ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano hagati y'ibihugu ni nayo yubahirizwa ku bijyanye n'amasezerano hagati y'ibihugu n'Imiryango mpuzamahanga, bikaba rero bitumvikana ukuntu bimwe mu bihugu bikomeye byitwaza raporo y'itsinda rya Steven HEGE bikaburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano u Rwanda rufitanye n'ibigo mpuzamahanga by'imari.

Ikindi nuko iyi myifatire y'ibyo bihugu ubwayo, ibangamiye imikorere y'ibigo mpuzamahanga by'imari, kuko ari ukubyinjiza muri politike kandi ubusanzwe icyo bigenderaho ari ukureba gusa ko amasezerano byagiranye n'abafatanyabikorwa babyo yubahirizwa uko ateye. Kubibuza gukora akazi kabyo kubera impamvu za politiki ni ukubivangira no kubishyira muri dosiye zidafite aho zihuriye n'inshingano zabyo. Ku

¹⁶³ The Financial Time, 28/07/2012

¹⁶⁴ LE MONDE 28.09.2012 : "Le Rwanda privé de l'aide internationale"

¹⁶⁵ HRW, " Rwanda : Lettre au Vice-président de la Banque mondiale pour la Région Afrique concernant le Rwanda : Préoccupations relatives à la situation des droits humains au Rwanda et au soutien militaire rwandais au groupe armé M23 en RD Congo", 5 septembre 2012

bijyanye n’u Rwanda, yaba Banki y’Isi, yaba Banki Nyafurika itsura Amajyambere, ibi bigo byombi byishimiye imikonanire yabyo n’u Rwanda, ikaba nta yindi mpamvu ishingiyeye ku mategeko yagombye kubangamira inkunga n’inguzanyo byagombaga guha u Rwanda.

Igice cya gatandatu : Imyitwarire y’u Rwanda nyuma y’ibyemezo byo guhagarikirwa inkunga

U Rwanda rumaze kumenya ko bamwe mu baterankunga baruhagarikiye imfashanyo, rwabandikiye rugaragaza ko ibyemezo byabo binyuranye n’amasezerano bagiranye yerekeye inkunga. U Rwanda rwagaragaje ko:

- ibyemezo byafashwe n’ibyo bihugu byashingiye kuri raporo y’agateganyo ya Steven HEGE na bagenzi be;
- ibyo byemezo byose byafashwe u Rwanda rutaratanga ibisobanuro byarwo kubera ko iyo raporo rwayishyikirijwe yaramaze kugezwa mu Nama y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi;
- rutigeze rumenyeshwa ku mugaragaro ko inkunga zahagaritswe, nk’uko amasezerano abiteganyaga.

Muri rusange, igisubizo cyatanzwe n’abaterankunga kwari ukuvuga ko impamvu y’ihagarikwa ry’inkunga ari ikibazo cy’umutekano muke muri Kongo, kandi ko u Rwanda rugifitemo uruhare hashingiye ku bikubiye muri raporo ya Steven HEGE.

Igice cya karindwi : Imyitwarire y’inteko zishinga amategeko z’ibihugu by’amahanga

Akenshi ibyemezo byafatiwe u Rwanda nta ruhare rugaragara, Inteko Zishinga Amategeko z’ibihugu by’amahanga zabigizemo. icyakora, Inteko za bimwe muri ibyo bihugu zashishikarijwe n’Imiryango Itari iya Leta n’amashyamba ya politiki atavugaga rumwe na Guverinoma guhagarika ubufatanye n’u Rwanda. Zasabye ibisobanuro Guverinoma z’ibihugu byabo, ndetse bamwe mu bagize Inteko bakaza umurego mu gusaba ko inkunga igenewe u Rwanda ihagarara, bashingiyeye ku makuru y’ibinyoma bahawe n’abanzi b’u Rwanda. Niko byagenze mu Bwongereza, muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, Ubuholandi, Ububiligi, Ubudage ndetse no mu Muryango uhuje Ibihugu by’iburayi.

ICYICIRO CYA GATATU : URUHARE RW'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA ITARI IYA LETA (NGOs/ONG)

Imwe mu Miryango mpuzamahanga itari iya Leta, ifite uruhare runini mu gukwiza ibinyoma n'impuha ku miterere y'ibibazo by'amahoro n'umutekano muke biri mu burasirazuba bwa Kongo. Aho kenshi bikaba n'intandaro y'umutekano muke muri Kongo. Iyo miryango yagiye ikorana bya hafi n'itsinda rya ONU, riyobowe na Steven HEGE nkuko yari yarakoranye n'ababanjirije iri tsinda, barimo Roberto GARRETON nkuko twabisobanuye hejuru.

Imikoranire ya hafi hagati y'itsinda rya Steven HEGE na za ONG yagaragaye ku buryo bubiri. Ubwa mbere nuko ONG zahaga itsinda rya Steven HEGE amakuru, ubundi iri tsinda naryo rigaha amakuru rifite za ONG, bityo hakabaho ikintu cyo guhererekanya no kugendera ku bimenyetso bimwe kandi byashatswe mu buryo bumwe. Aya makuru niyo yagiye akoreshwa na za ONG mu bikorwa byo kumvisha bimwe mu bihugu n'imiryango mpuzamahanga bifatanye ubufatanye n'u Rwanda ko bigomba guhagarika ubutwemerane, kandi akanakoreshwa mu bundi buryo bwose bwo gusebya no kubeshyera u Rwanda.

Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta, yitwaza ko iharanira uburenganzira bwa muntu igakwiza amakuru atari yo, ahanini igamije kwerekana uruhande rubi, kugira ngo yumvikanishe impamvu igomba gukomeza guhabwa amafranga n'ibihugu bikomeye, yo kuyifasha gukomeza gukorera muri Kongo. Iyo Miryango yifata nkaho ari yo yonyine ifite amakuru ya nyayo mu karere ikoreramo, kandi igakoresha uburyo budahwitse mu gushaka amakuru, nko guha amafranga abantu kugira ngo batange ubuhamya bushimangira icyo iyo miryango ishaka kumva no kumenyekanisha. Ubu buryo nibwo bwakoreshejwe na "Human Rights Watch" mu gushaka amakuru yo gushinja M23 n'u Rwanda.

Iyo imaze kwegeranya amakuru ikeneye, Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta ishyira igitutu ku bategetsi bo mu bihugu bikomeye by'Amerika n'Uburayi, ikanakoresha Inteko Zishinga Amategeko z'ibyo bihugu, ibagezaho ibikubiye muri raporo zayo kandi isaba Inteko gufata ibyemezo bihuye n'ibyifuzo iyo miryango iba yatanze.

Mu gihe iyo miryango iba ishishikariza abategetsi b'ibihugu bikomeye, gufata ibyemezo ibi n'ibi, inakoresha izindi nzego zitandukanye cyane cyane itangazamakuru kugira ngo riyifashe kwinjiza mu bantu propaganda yayo. Ibyo ibifatanya no kwifashisha abashakashatsi, amadini, amashyaka ya politiki n'andi mashyirahamwe kugira ngo raporo zayo zishobore kwakirwa no gusomwa n'abantu bo mu byiciro bitandukanye, bityo ibivugwa n'iyo Miryango bibe aribyo bifatwa nk'ukuri n'iyo byaba ari ikinyoma. Iyo Miryango ni myinshi, dufate ingero z'imwe muriyo.

Igice cya mbere : Human Rights Watch (HRW)

HRW yashyize imbaraga nyinshi cyane mu guhimba no gukwiza ibinyoma byo gusebya u Rwanda no kuruhagarikishiriza inkunga rugenerwa n'ibihugu n'imiryango mpuzamahanga, yaba iy'imari cyangwa iy'ubutwererane. HRW yitwaza ko ifitiwe icyizere ku rwego rw'isi igakora ubukangurambaga bwa politiki mbi bugamije gusenyerera u Rwanda.

1. Inkomoko n'imiterere ya HRW

HRW yashinzwe muri 1978 yitwa "HELSINKI WATCH". Ishingwa yari ifite ishingano zo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya Helsinki (Finlande). Aya masezerano yasinywe ku itariki ya 1 Kanama 1975 n'ibihugu 35 by'iburayi harimo na Leta Zunze Ubumwe z'America na Canada hagamijwe kunoza imibanire hagati y'ibyo bihugu na Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti zakurikizaga amahame ya gikomunisite. Nyuma yabwo hashinzwe indi miryango ishingiyeye kuri "Helsinki Watch" ifite inshingano zo kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu ku isi mu tundi turere two ku isi : "American Watch" muri 1981, "Asia Watch" muri 1985, "Africa Watch" muri 1988 na "Middle East Watch" muri 1989. Iyi miryango yose yaje kwishyira hamwe muri 1988 ibyara HRW.

HRW ifite icyicaro gikuru i New York, ikaba iyoborwa na Keneth ROTH kuva 1993. Ifite ingengo y'imari ingana na miliyoni 48 z'amadolari y'amanyamerika (48000000\$US). Muri 2010, HRW yahawe impano ya miliyoni 100 z'amadolari y'amanyamerika (100000000\$ US) n'umuhurwe w'Umunyamerika witwa Georges SOROS kugira ngo ishobore kongera ubushobozi bwayo bw'abakozi ku isi ku kigero cya 1/3 cy'abo yari isanganywe¹⁶⁶.

2. Imikorere mibi ya HRW yamaganywe na bamwe mu bayishinze

Mu Kwakira 2009, umwe mu bashinze HRW, Robert BERNSTEIN yanditse inyandiko muri "NEW YORK TIMES" anenga cyane imikorere ya HRW no kuba yivanga cyane mu bikorwa bya politiki bitandukanye n'inshingano zayo¹⁶⁷. Kuba HRW ikora ibikorwa bya politiki ikanakoresha kubogamira ahari inyungu za politiki byanzwe kandi n'abandi bantu batandukanye barimo abashakashatsi, abarimu ba kaminuza n'abanyamakuru. Benshi muri bo bagaragaje ko HRW isa nk'aho ari igikoresho cya Sosiyete SOROS na Minisiteri y'ububanyi n'amahanga ya Leta Zunze Ubumwe z'America, kandi berekana ko ikunze kubogama muri za Anketi na raporo zayo¹⁶⁸.

¹⁶⁶ Communiqué HRW, 7 septembre 2010

¹⁶⁷ http://www.nytimes.com/2009/10/20/opinion/20bernstein.html?_r=1&ref=todayspaper

¹⁶⁸ Paul Treanor, *Who is Behind Human Rights Watch?*, 2004;

<http://web.inter.nl.net/users/Paul.Treanor/HRW.html>; Pierre Lefebvre, *HRW : d'un rapport à l'autre*, 29 août 2007; Joe Emersberger, *L'insoutenable attente près du téléphone : Human Rights Watch dénonce encore une fois*

3. HRW mu mugambi wo kubeshyera u Rwanda ku buryo buhoraho

3.1. *Ibirebana n'imiyoborere y'u Rwanda*

Kuva mu kwezi kw'Ukuboza 1994, HRW yatangiye ibikorwa byo guhimbira u Rwanda ibinyoma bashyira jenocide yakorewe abatutsi ku rugero rumwe n'ibyaha byakozwe na bamwe mu basilikare ba "Rwandan Patriotic Army"¹⁶⁹. HRW yarwanyije porogaramu nyinshi zubaka zashyizweho n'u Rwanda cyane cyane iz'ubumwe n'ubwiyunge, amategeko ahana icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenocide, ayerekeye Inkiko Gacaca, ubuvuzi, uburezi, n'ibindi¹⁷⁰.

Kubera ko inyandiko zabeshyeraga u Rwanda ntacyo zagezeho, HRW yanze kuva kw'izima ndetse ikaza umurego wo guharabika u Rwanda kuko ishyari ry'uko porogaramu z'u Rwanda HRW yarwanyaga zakomeje gutera imbere, ndetse zigirira akamaro abanyarwanda, nkuko byagaragajwe na raporo nyinshi z'imiryango mpuzamahanga ikorana n'u Rwanda. Twatanga urugero ku bushakashatsi bwakozwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Abaturage (UNFPA), bwagaragaje ko u Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu buzima n'uburezi¹⁷¹.

Ikindi nuko iyo ubutabera bw'u Rwanda bukurikiranye abanyamakuru kubera ibyaha baba bakoze, HRW isohora amatangazo yamagana ubutabera bw'u Rwanda, nkaho ishaka kumvisha ko abanyamakuru bagomba guhabwa uburenganzira bwo kutubahiriza amategeko¹⁷². HRW igaragaza kandi bene iyo myifatire ku banyapolitiki bakurikiranywe n'ubutabera bw'u Rwanda. Kuva INGABIRE-UMUHOZA Victoire atangiye gukurikiranwa n'ubutabera kubera ibyaha yakoze, HRW ntiyahwemye gusaba ko arekurwa no kwereka amahanga ko arengana, ndetse n'aho icyaha kimuhamiye, HRW ntiyaretse kuvuga ko azira gusa kuba atavuga rumwe n'ubuyobozi bw'u Rwanda buyobowe na FPR¹⁷³. Ni nako HRW ibivuga ku bandi banyapolitiki bahamwe n'ibyaha bakoze nka NTAGANDA Bernard, NTAKIRUTINKA Charles, MUSHAYIDI Déogratias n'abandi.

Hugo Chavez, 2008; Larry Derfner, « Rattling the Cage: The smearing of human rights organizations », dans *The Jerusalem Post*, 22 juillet 2009

¹⁶⁹ HRW, RWANDA : A new catastrophe?, 1er December 1994, Vol. 6, NO 12, pp. 10-19; RWANDA. AUCUN TEMOIN NE DOIT SURVIVRE, Karthala, 1999

¹⁷⁰ "HRW: Rwanda, justice compromise : l'héritage des tribunaux communautaires GACACA", 31 mai 2011

¹⁷¹ UNFPA State of World Population 14 November 2012, World bank report 2010.

¹⁷² Rwanda : Il faut mettre fin aux attaques contre les journalistes et les opposants, 26 juin 2012

¹⁷³ Rwanda : confirmation de la peine prononcée contre un dirigeant de l'opposition, 27 avril 2012

3.2. Ibirebana n'intambara yo mu Burasirazuba bwa Kongo

Mbere yuko umutwe wa M23 utangira imirwano, HRW yasohoye raporo zitandakunye zitirira u Rwanda ibibazo bya Kongo¹⁷⁴. Aho M23 ivukiye, HRW yasohoye raporo ku mpamvu zitera umutekano muke muri Kongo, zirimo ibirego mpimbano bibeshyera u Rwanda guha inkunga ya gisilikare umutwe wa M23. Urugero ni raporo ya HRW yo ku wa 4 Kamena 2012 yakwijwe mu binyamakuru bikomeye byo ku isi (VOA, BBC, RTBF, RFI, Le Monde,...) isa n'iyateguraga iya Steven HEGE na bagenzi be yasohotse nyuma y'ibyumweru bitatu (3) gusa. Iyo raporo ikubiyemo ibirego biteye neza neza n'ibiri mu ya Steven HEGE. Ibi bikagaragaza na none ko hari ubufatanye bwa hafi hagati ya Steven HEGE na HRW.

Uretse izo raporo, HRW yanditse amatangazo menshi agenewe itangazamakuru abeshyera u Rwanda, arwitirira ibibazo bya Kongo, ndetse asaba u Rwanda gukemura ibibazo bireba Kongo nko kurusaba gufata Jenerali Bosco NTAGANDA no kumushyikiriza Urukiko Mpuzamahanga rw'i La Haye¹⁷⁵. Gusaba u Rwanda ko rufasha amahanga gufata Jenerali NTAGANDA ni ukurengera kuko bisa nko gusaba u Rwanda kwinjira ku butaka bwa Kongo ngo bufatireyo Umunyekongo. Ibi byaba ari ukuvogera ubusugire bw'ikindi gihugu, bikaba binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga¹⁷⁶, kimwe n'ibyemezo byinshi byafashwe n'Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye¹⁷⁷, iby'Inama ya ONU ishinzwe amahoro ku Isi¹⁷⁸ n'iby'Urukiko rw'Umuryango w'Abibumbye¹⁷⁹. Guverinoma ya Kongo nayo ntabwo yigeze iyoberwa aho NTAGANDA aherereye, yewe na MONUSCO irahazi.

Ku itariki ya 05 Nzeri 2012, HRW yandikiye ibaruwa Bwana Makhtar DIOP Perezida wungirije ushinzwe Afurika muri Banki y'Isi, igamije kwerekana ko u Rwanda rukoresha inkunga nabi, ko rutubahiriza uburenganzira bwa muntu, ko porogaramu zo kurwanya ubukene zitagezweho, kandi rugomba gufatirwa ibihano by'ubukungu n'imari kandi Banki y'Isi igahagarika amafaranga yose yagombaga guha u Rwanda¹⁸⁰.

Nyamara, Umutungo buri mu nyarwanda yinjiza (GDP) wazamutseho 8% mu mwaka wa 2011 ndetse n'ubukene bwaragabanutse. HRW itangaza ibinyoma yirengagije ko na Banki y'isi ubwayo yari imaze gusohora raporo igaragaza ko u Rwanda rwagabanyije ubukene

¹⁷⁴ HRW. DR CONGO : *"Vous serez punis. Attaques contre les civils dans l'Est du Congo"*, 13 Décembre 2009; HRW. DR CONGO : Nouvelle crise au Nord-Kivu, 2007.

¹⁷⁵ HRW, 4 juin 2012, Le Rwanda doit cesser d'aider un criminel de guerre présumé

¹⁷⁶ Charte des Nations Unies, article 2, paragraphe 7;

¹⁷⁷ ONU, Assemblée générale, Resolution No 36/103 du 9 Décembre 1981

¹⁷⁸ Ibyemezo byinshi byafashwe kuri Kongo n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi bigaruka kuri ayo mahame

¹⁷⁹ Rec. CIJ 1986, paragraphe 202, p.106, affaire des activités militaires et paramilitaires des Etats Unis au Nicaragua, arrêt du 27 Juin 1986; Rec. CIJ 9 avril 1949, affaire du Detroit de Corfou, etc.

¹⁸⁰HRW, "Rwanda : Lettre au Vice-président de la Banque mondiale pour la Région Afrique concernant le Rwanda : Préoccupations relatives à la situation des droits humains au Rwanda et au soutien militaire rwandais au groupe armé M23 en RD Congo", 5 septembre 2012

kuva kuri 56.9% muri 2005 bikagera kuri 44.9% muri 2011¹⁸¹. Ku kirego cya HRW cy'uko u Rwanda rukoresha inkunga nabi, HRW yirengagije ko raporo mpuzamahanga zitandukanye zagaragaje ko u Rwanda ruri mu bihugu bya mbere mu gukoresha inkunga neza. Urugero raporo y'ibihugu 30 byateye imbere ku isi byibumbiye muri OECD ya 2010, yagaragaje ko u Rwanda ari kimwe mu bihugu bibiri ku Isi byahawe urwego rwa mbere rwa A (Grade A) mu gukoresha neza inkunga nkuko byateganijwe muri gahunda ya Paris (Paris agenda) yo gukoresha inkunga ibihugu bihabwa¹⁸²

Mu ihuriro rya 4 ryo ku rwego rwo hejuru ku mikoreshereze myiza y'inkunga (4th high level Forum on Aid effectiveness) ryagaragaje ko u Rwanda ari igihugu cy'intangarugero muri Afurika mu gukoresha neza inkunga gihabwa.¹⁸³

Iyo myifatire ya HRW yo gusabira u Rwanda ibihano bidafite aho bishingiye ni ugutandukira ishingano ya mbere HRW ifite, yo kurengera uburenganzira bwa muntu, kuko u Rwanda rutari mu bihugu bibangamira ubwo burenganzira. Ikindi nuko HRW ishaka gusubiza u Rwanda inyuma, ibi bikagaragaza imigambi mibi HRW ifitiye u Rwanda mu buryo bwose bushoboka. Impamvu yo kwandikira banki y'Isi kuri iyi tariki nabyo bifite icyo bisobanura kuko nibwo Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yari igiye gutangira inama yayo ngaruka mwaka yo muri nzeri 2012. Bigaragaza umugambi wa HRW wo gushaka kuyobya no gukoresha Umuryango w'Abibumbye kugira ngo bakomanyirize u Rwanda muri gahunda zarwo z'iterambere ry'abaturage n'ubukungu bw'igihugu.

3.3. Ibirebana n'itorwa ry'u Rwanda mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi.

Muri uko gushishikara kwa HRW mu guharabika no gutesha agaciro u Rwanda, ntibyabaye ku rwego rw'ubukungu gusa nkuko babikoze muri Banki y'Isi, biyemeje no kurusebya mu rwego rwa politiki mpuzamahanga kandi bitari mu shingano zabo.

Mbere na nyuma yuko u Rwanda rutorerwa kwinjira mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, HRW yashyize imbaraga mu bikorwa byo kurwanya ko u Rwanda rutorwa ndetse na nyuma y'aho amatora arangiriye, HRW ntiyanejejwe n'ayo matora nkuko bigaragarira mu mvugo no mu nyandiko zikurikira :

¹⁸¹ World banque report 2011

¹⁸² Paris Agenda for Aid effectiveness

¹⁸³ www.aideffectiveness.org

- Ida SAWYER, umushakashatsi wa HRW ushinzwe ubuvugizi muri RDC yavuze ko: *“La présence du Rwanda à ce siège aura un impact négatif sur les populations congolaises victimes de la guerre à l’Est de la RD” (...)* « *Nous étions très déçus après l’élection du Rwanda comme membre non permanent du conseil de sécurité. Le Rwanda sera maintenant en mesure de bloquer les sanctions impliquant les officiels rwandais et d’autres initiatives dans la recherche de la paix en RDC. Nous pensons que ce sera une situation grave qui pourra avoir des conséquences négatives sur la population à l’Est de la RDC*» (...) « *le Rwanda n’est pas crédible pour occuper maintenant ce siège à cause de son soutien aux rebelles du Mouvement du 23 mars (M23) en guerre contre la RDC* » (...) « *Nous estimons que c’est un conflit d’intérêts d’avoir un pays à la table du conseil de sécurité qui a ouvertement violé l’embargo sur les armés imposé par les Nations unies et qui est en train de soutenir une rébellion dans un pays voisin et qui est responsable des crimes de guerre dirigés par Bosco Ntaganda recherché par la Cour Penale Internationale*¹⁸⁴ ».
- Philippe BOLOPION, umuvugizi wa HRW mu Muryango w’Abibumbye akaba n’umunyamakuru uhagarariye Radio mpuzamahanga y’Ubufaransa, RFI, i New York, yatangariye Radio RFI ku wa 31 Ukuboza 2012 ko : *“ Le fait que le RWANDA occupe un siège au Conseil de sécurité à partir de demain est essentiellement problématique et inhabituel par ce que le RWANDA a été accusé à plusieurs reprises par le rapport des experts de l’ONU d’avoir armé et soutenu un mouvement rebelle, le M23, dans l’Est de la République Démocratique du Congo, qui commet les graves violations des droits de l’homme. Malgré ça, le Rwanda a été élu au Conseil de sécurité et va être en position de prendre des décisions cruciales pour l’avenir du Congo, le pays dont il est accusé de destabiliser*¹⁸⁵”.

Abakozi bo hejuru ba HRW barimo:

- umuyobozi mukuru wayo, Keneth ROTH;
- umuyobozi w’abashakashatsi ba HRW mu ishami ryayo rishinzwe Afrika akaba anayihagarariye mu Buholandi, Anneke VAN WOUDEBERG;
- Red BLODDY, umwe mu bayobozi ba HRW wagize uruhare mu bwanditsi bwa raporo ya Projet Mapping ;
- Carina TERTSAKIAN wahoze ahagarariye HRW mu Rwanda, ubu akaba ari umuyobozi mu ishami rya HRW rishinzwe Afurika rikorera Nairobi, nibo bari ku isonga y’abayoboye ibikorwa bya propaganda y’ubukangurambaga mu mahanga bugamije gusebya u Rwanda no gushishikariza ibihugu n’ibigo mpuzamahanga by’imari

¹⁸⁴ www.jambonews.net; www.lepotentielonline.com. Consulté le 9 janvier 2013

¹⁸⁵ RFI, 31 Décembre 2012. Aya makuru yahamwe kuri web site ya RFI mu gihe cy’ibyumweru bibiri.

gufatira ibihano u Rwanda, bishingikiriye ibirego byatanzwe n'itsinda riyobowe na Steven HEGE.

4. HRW ikoresha uburyo bugayitse bwo kugura ubuhamya

Mu bushakashatsi bwayo, HRW itanga amafaranga kugira ngo ibone amakuru, bigatuma abantu bashobora guhimba no guhimbira abandi kugira ngo babwire HRW icyo ishaka kumva. Niko byagenze nu ikusanya ry'amakuru areba M23 n'inkunga u Rwanda rwitwa ko rutera uwo mutwe. Abakozi ba HRW bagiye batanga amafaranga ku batangabuhamya kugira ngo bashimangire ibirego mpimbano bishyirwa ku Rwanda no kuri M23. Iyo mikorere yagiye igaragazwa n'abantu batandukanye barimo abaturage ba Goma, ndetse n'abanyamakuru mpuzamahanga bageze aho HRW ikorera.

Umunyamakuru Maria MALAGARDIS ukorera ikinyamakuru Libération cyo mu Bufaransa yabyanditse muri aya magambo : *“Sauf qu'à Goma, la survie n'incite guère à l'introspection. Dans ce dispensaire de quartier, les femmes l'affirment sans détour: elles ont faim. Alors elles acceptent la petite compensation financière offerte par Lane, enquêteur américain de l'ONG Human Rights Watch. «Il cherche des témoignages contre le M23», explique maladroitement Assumpta, la responsable du lieu. Le jeune Américain est servi : «La nuit, les infiltrés du M23 continuent à tuer, à égorger», s'insurgent les femmes en chœur. Où sont les corps des victimes ? «On les mange», murmure Assumpta, en roulant des yeux. Encore une légende ?¹⁸⁶”*

Ubwo buryo bwo kumenyereza abantu kubaha amafaranga kugira ngo batange ubuhamya, bubashyira mu bishuko byo guhimba ibinyoma byo kugereka ku bo HRW n'indi miryango ikora nkayo ishakaho ibimenyetso byo gushinja. Ntawashidikanya ko ibimenyetso bikusanywa na HRW muri Kongo kuri ubu buryo bigizwe n'ibinyoma bihimbwa n'abantu bashaka kwibonera indonke.

5. HRW ishyigikira politiki y'ivangura n'ingabitekerezo ya Jenocide

Mu mwaka wa 2003, nyuma y'ubwicanyi bwakorewe i Kaduha mu Karere ka Nyamagabe bwari bwibasiye abacitse ku icumu rya jenocide n'abatangabuhamya ba Gacaca, Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda yakoze ubushakashatsi ku ngengabitekerezo ya Jenocide igaragaza ko hari amashyamba n'amashyirahamwe akwiza propaganda y'ivangura n'ingabitekerezo ya jenocide mu baturage.

Mu bagaragajwe, harimo Umuryango Nyarwanda uharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu (LIPRODHOR = Ligue pour la promotion des droits de l'homme

¹⁸⁶ Maria MALAGARDIS, *“Goma survit à portée des tirs rebelles”*, Libération, 10 décembre 2012

au Rwanda) aho bamwe mu bayobozi baryo bakoranaga n'ishyaka rya Mouvement Démocratique Republicain (MDR) mu gukwiza ibitekerezo by'ivangura, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenocide¹⁸⁷. Iyo raporo niyo yabaye intandaro y'icyemezo cyafashwe n'u Rwanda cyo gusesa ishyaka rya MDR. icyo gihe, HRW yasohoye itangazo ku itariki ya 8 Gicurasi 2003 ryamagana icyemezo cyo gusesa MDR.

Bitewe n'uburemere bw'ibikubiye muri iyo raporo, bamwe muri abo bayobozi ba LIPRODHOR bagize ubwoba bahungira mu mahanga, cyane cyane muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, bakwiza ibinyoma ko bahunze urugomo rwa FPR¹⁸⁸. Umwe muri abo witwaga Aloys HABIMANA, amaze kugera muri Amerika, yahawe akazi muri HRW, aza no kuzamurwa mu ntera agirwa umuyobozi wungirije ushinze Umugabane w'Afurika afite icyicaro i Nairobi (2006-2011). Aloys HABIMANA ari mu bagize uruhare mu gutanga amakuru yatanzwe na HRW yo gushyirwa muri raporo ya Projet MAPPING. Aloys HABIMANA yanaranzwe no kwandika inyandiko zisebya u Rwanda, zimwe muri zo zishishikariza Urukiko rw' Arusha gufata no gukurikirana abayobozi bakuru b'u Rwanda¹⁸⁹. Ni umwe kandi mu banditse igitabo cyitwaga REMAKING RWANDA gikubiyemo inyandiko zisebya porogaramu zose z'iterambere zagezweho na Leta y'u Rwanda¹⁹⁰.

Igice cya kabiri : European Network for Central Afrika (EURAC)

EURAC ni impuzamashyirahamwe igizwe n'imiryango mironko ine n'ibiri (42) iri mu bihugu by'iburayi¹⁹¹. EURAC ifite icyicaro cyayo mu Bubiligi. Kuva aho imirwano hagati ya FARDC na M23 itangiriye, EURAC yasohoye amatangazo byibura rimwe mu kwezi ku kibazo cy'amahoro n'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC, ahamagarira amahanga kwamagana uruhare rw'u Rwanda no kurukomanyiriza ku rwego mpuzamahanga. Andi muri

¹⁸⁷ Rapport de la commission parlementaire sur les tueries de GiKongoro et l'idéologie du génocide au Rwanda, approuvé par le parlement rwandais dans sa séance du 17 septembre 2004

¹⁸⁸ Amnesty International, "Aloys Habimana, un défenseur des droits humains obligé de quitter son pays pour se protéger d'une arrestation", 25 septembre 2006

¹⁸⁹ Lettre du 1er juin 2009

¹⁹⁰ Remaking Rwanda, State Building and Human Rights after Mass Violence, Edited by Scott Straus and Lars Waldorf, University of Wisconsin-Madison, 2010.

¹⁹¹ Iyo miryango ni iyi : 11.11.11 [Belgique], Action Damien [Belgique], AEDH [France], ALBOAN [Espanye], ATOL [Belgique], Broederlijk Delen [Belgique], C.D.I-Bwamanda [Belgique], CCFD [France], Christian Aid [Royaume-uni], Comité de Solidarité avec l'Afrique Noir [Belgique], CORDAID [Pays-bas], DIAKONIA [Suede], Entraide et Fraternité [Belgique], Fastenophier/Action de Carême [Suisse], Forum réfugiés/Cosi [France], Frères des Hommes [France], GRET [France], GRIP [Belgique], HEKS [Suisse], ICCO [Pays-bas], Institut Panos Paris [France], IPIS [France], IRC Belgique (membre associé) [Belgique], Justice et Paix francophone de Belgique [Belgique], KIOS [Finlande], La FONCABA [Belgique], Le CNCD [Belgique], Louvain Développement [Belgique], Maendeleo [Belgique], MEMISA [Belgique], Norwegian Church Aid (NCA) [Norvege], Pax Christi International [International], RéFAC [France], Réseau Oecuménique de l'Afrique Centrale [Allemagne], Rete Pace Per il Congo [Allemagne], Secours Catholique/Caritas France [France], Solidarité Socialiste [Belgique], SOS Faim [Belgique], Trocaire [Irlande], UMOYA [Espanye], Vredeseilanden [Belgique], WSM [Belgique].

ayo matangazo akwiza ibinyoma kuri politiki y'imiyoborere iri mu Rwanda kugeza aho EURAC ishyigikira abantu bakoze ibyaha bikomeye, birimo kugambanira igihugu no kukibuza umudendezo n'ingengabitekerezo ya jenocide, kandi bakatiwe ku buryo budasubirwaho n'inkiko.

1. Kwirengagiza uruhare rwa Leta ya Kongo

Kimwe mu bigaragara mu matangazo ya EURAC ni ukwirengagiza imiterere nyayo y'ikibazo cy'umutekano mucye n'intambara zagiye zibera mu burasirazuba bwa Kongo, kandi igatanga umuti utari wo kubera ko Eurac itajya mu mizi y'impamvu nyazo zitera intambara zikunze kwibasira aka karere ka Kongo. Uruhare rwa Guverinoma ya Kongo ntiruhabwa umwanya n'agaciro bikwiye ahubwo ibihugu byose byo mu Karere k'ibiyaga bigari bikitirirwa ibibazo bya Kongo ku rwego rumwe.

Itangazo ryo ku wa 17 Gicurasi 2012 riragira riti : “ (...) la question de l'insécurité à l'Est de la RDC reste un problème régional et qui devrait être réglé comme tel. (...) De notre point de vue, la seule solution durable consiste dans la résolution des problèmes de la sécurisation des frontières rwando-congolaises, dans la création d'une armée unifié avec un commandement unique et dans la lutte du trafic illicite des ressources naturelles qui financent les groupes armés”¹⁹² (= Ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo ni ikibazo gihuriweho n'ibihugu byose byo mu karere cyagombye gushakirwa umuti muri ubwo buryo. (...) Ku bwacu, umuti wonyine kandi urambye ni ugukemura ibibazo by'umutekano muke uri muri Kongo hakoreshejwe gushyira abasirikare ku mupaka uhuza u Rwanda na Kongo, hagashyirwaho Umutwe w'ingabo uhuje ibice byose ariko ufite ubuyobozi bumwe, kandi hakabaho ibikorwa byo kurwanya ubucuruzi butemewe bw'amabuye y'agaciro, kuko ariyo imitwe yitwaje intwaro ivanamo amafanga”).

2. Kugira u Rwanda nyirabayazana w'ibibazo bya Kongo

Ku itariki ya 16 Nyakanga 2012, EURAC yasohoye irindi tangazo, na none rigenewe by'umwihariko Umuryango w'Ibihugu by'iburayi. Muri iryo tangazo, EURAC irashingira kuri raporo ya ONU yakozwe n'itsinda riyobowe na Steven HEGE, ikerekana ko iyo raporo ifite ibimenyetso simusiga bigaragaza uruhare rw'u Rwanda mu ntambara iri muri Kongo, ko kubera iyo raporo, u Rwanda rwagombye gufatirwa ibihano bikaze. EURAC iragaya Umuryango w'ibihugu by'iburayi kuba:

- utagaragaza ibyemezo bikomeye ufatira u Rwanda;
- udahindura politiki yawo y'ubufatanye n'ubutwererane ufatanye n'u Rwanda;

¹⁹²EURAC, l'insécurité à l'Est de la RDC ?, 17/05/2012

- utamagana u Rwanda ku mugaragaro;
- udafata ikibazo cya Kongo nk'aho kireba ibihugu byose byo mu Karere;
- ukomeza kureba u Rwanda nk'igihugu giharanira umutekano mu Karere kandi ahubwo u Rwanda ngo ari igihugu gihungabanya uwo mutekano;
- utabaza Guverinoma y'u Rwanda imikoreshereze y'inkunga y'amafranga ruhabwa kugira ngo hasuzumwe niba ayo mafranga u Rwanda rudahindukira ngo ruyahe imitwe yitwaje intwaro ikorera mu gihugu gituranye narwo.

Dore bimwe mu bice by'iryo tangazo rya EURAC :

“Le manque d'un signal fort de la part de l'UE¹⁹³ ne ferait que la décrédibiliser et confirmer, une fois de plus, la politique de 'deux poids deux mesures'. Condamner le Rwanda pour son soutien à la rébellion à l'Est de la RDC impliquerait effectivement un changement de stratégie politique par rapport à la question de la stabilisation de la région des Grands Lacs et, entre autres, demanderait de :

- effectivement considérer la problématique comme régionale et pas exclusivement congolaise ;
- arrêter de considérer le Rwanda comme un acteur pacificateur dans la région, mais plutôt déstabilisateur ;
- questionner le gouvernement rwandais sur l'utilisation de l'appui financier reçu pour s'assurer qu'il ne soit pas utilisé pour l'appui aux groupes rebelles actifs dans le pays voisin”.

EURAC isoza iryo tangazo ivuga ko nkuko yari yabisabye mu rindi tangazo yasohoye ku wa 10 Nyakanga 2012, izakomeza urugamba rwo gusaba ko:

Raporo yakozwe n'itsinda rya Steven HEGE itakwibagirana nkuko byagendekeye raporo MAPPING ngo kuko byaba ari ikosa rikabije ku cyizere gifitiwe Umuryango w'Ibihugu by'iburayi n'Umuryango mpuzamahanga muri rusange;

Guverinoma y'u Rwanda igomba guhita ihagarika, kandi nta mananiza, ibikorwa byayo binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga;

Gufatira ibihano abayobozi b'u Rwanda bavugwa muri raporo y'itsinda ryari riyobowe na Steven HEGE;

¹⁹³ Union Européenne

Gusuzuma no kwizera ko inkunga ihabwa u Rwanda, cyane cyane ishyirwa mu ngengo y'imari ya Leta, itanyerezwa kugira ngo ishyigikire imitwe yitwaje intwari, kandi ikaba igira uruhare mu guteza umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga bigari.

EURAC yabyanditse muri aya magambo:

“L'Addendum du Groupe d'Experts est tellement explicite et perturbateur qu'essayer de « l'oublier » dans un tiroir comme le Mapping des violations des Droits de l'Homme par le même Rwanda dans la décennie 1993-2003 serait une grave erreur qui porterait un coup fatal à la crédibilité de l'UE et de toute la communauté internationale. Pour cette raison, EurAc et ses membres continueront à demander des réactions fortes à ces deux rapports parce que la stabilisation et la pacification de la région des Grands Lacs passent impérativement par l'éradication des causes profondes du conflit à l'Est de la RDC qui sont, entre autres, de la part de plusieurs acteurs, la volonté de contrôler ce territoire et la prédation de ses richesses.

C'est pourquoi, dans son dernier communiqué du 10 juillet, EurAc demande entre autre de : exiger du Gouvernement rwandais de mettre fin immédiatement et sans conditions à ces actes contraires au Droit International ; prendre des sanctions contre les officiels rwandais cités dans l'Addendum; s'assurer que l'aide octroyée au Rwanda, en particulier l'aide budgétaire, n'est pas utilisée pour le soutien aux groupes rebelles et à la déstabilisation de la région des Grands Lacs.¹⁹⁴”

Hari indi miryango mpuzamahanga y'ubushakashatsi igaragaza ko umuti wo gukemura ikibazo uzava mu miyoborere myiza ya Kongo¹⁹⁵.

3. Gushyigikira abakoze ibyaha bikomeye bihanwa n'amategeko y'u Rwanda

Ku itariki ya 18 Kamena 2012, EURAC yasohoye itangazo rigenewe Umuryango w'Ibihugu by'iburayi. Iryo tangazo ryaje ryibutsa ko u Rwanda n'Uburundi biri hafi kwizihiza imyaka mirongo itanu y'ubwigenge bwabyo, ariko ko iyo myaka irangiye nta bwinyagamburiro buri muri ibyo bihugu. Mu gutanga uko ibona ibintu, EURAC igera aho ishyigikira abantu bakatiwe n'ubutabera ku byaha bikomeye bakoze, birimo guhungabanya umudendezo w'igihugu n'ingengabitekerezo ya Jenocide. EURAC yabyanditse muri aya magambo :

“Au Rwanda, le manque de la liberté d'expression et la fermeture de l'espace démocratique sont la cause de l'agonie d'une société civile qui n'ose plus s'exprimer parce qu'elle a été mutilée. En effet, même ses représentants les plus courageux, qui osaient encore s'exprimer il y a quelques

¹⁹⁴ EURAC, “Appel à l'Union Européenne pour plus de fermeté vis-à-vis du Rwanda”, 16/07/2012

¹⁹⁵ Center strategic for international, Washington, by Christian Hennemeyer Jan. 28, 2008. Governance crisis and conflict in the democratic republic of Congo by Seema Shekawat University of Mumbai January 2009.

années par rapport à la vie politique et sociale de leur pays, se sont tus. Dans le même temps, l'opposition politique a pratiquement été rayée du paysage politique suite aux arrestations de Mme Victoire Ingabire des FDU (actuellement en jugement), de Déo Mushayidi du Pacte pour la Défense du Peuple (PDP) qui vient d'être condamné à perpétuité et au jugement de Bernard Ntaganda du Parti Social (PS-Imberakuri) condamné à 4 ans de réclusion. Il y a donc un clair besoin d'ouverture de l'espace politique et de garantie de sécurité pour les représentants des partis politiques d'opposition pour que le Rwanda puisse renouer avec la culture démocratique".

EURAC isoza iryo tangazo ryayo ivuga ko Umuryango w'Ibihugu by'iburayi utonesha u Rwanda, ariko ugafatira Uburundi ibyemezo bikarishye, ngo wishingikirije ko mu Rwanda hari iterambere, ngo kandi naryo rifitwe n'agatsiko gato cyane k'abanyarwanda. EURAC igashingira kuri iyo mibonere isaba Umuryango w'Ibihugu by'iburayi gushyira igitsure ku Rwanda, rugafatwa kimwe n'Uburundi:

(...) Face à ces situations, nous observons que, pour le Rwanda, l'Union Européenne (UE) et ses Etats membres pratiquent une acceptation presque aveugle du «statu quo» au nom d'un développement économique qui, en réalité, profite à une infime minorité de la population. En ce qui concerne le Burundi, l'UE et ses Etats membres osent une critique plus ouverte de l'action du gouvernement et nous assistons en même temps à l'abandon de ce pays comme partenaire de développement. Il nous semble que cette attitude de «deux poids deux mesures» décrédibilise l'action de l'UE. Nous sommes plutôt convaincus que les partenaires internationaux des deux pays devraient continuer à exercer sur ceux-ci la même pression pour éviter qu'ils ne retombent 50 ans en arrière¹⁹⁶."

Ibyo bitekerezo n'amatangazo abikwiza, yakomeje kwandikwa no gukwizwa na EURAC hirya no hino mu bihugu by'iburayi no mu yandi mahanga, bikanashyirwa ku mbuga za Interineti¹⁹⁷. Nyamara mu kunenga iryo terambere EURAC yirengagiza ko rigezwa ku banyarwanda bose ntavangura ribaye haba mu mu buvuzi, uburezi, ubutabera, uburinganire bw'umugabo n'umugore, ibikorwa remezo no guteza imbere urubyiruko, ubuhinzi, kurengera ibidukikije n'ibindi.

Igice cya gatatu : Imiryango mpuzamahanga cumi n'itanu (15)

Ku itariki ya 10 Ukuboza 2012, Imiryango cumi n'itanu (15) itari iya Leta, ifite icyicaro muri Amerika n'Uburayi yishyize hamwe yandikira Perezida Barak OBAMA wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ibaruwa ndende imusaba ko Guverinoma ye ifatira ibihano bikomeye u

¹⁹⁶ EURAC, "Burundi et Rwanda: 50 ans d'indépendance. Quel bilan ?", 18/06/2012

¹⁹⁷ EURAC, "L'Union Européenne doit exercer une pression forte sur le Rwanda et l'Ouganda pour qu'ils cessent leur soutien au M23", 21/11/2012

Rwanda, kandi ikanenga Perezida OBAMA kuba atita kuri iki kibazo¹⁹⁸. Ikimenyetso iyo miryango itanga ni ugusubiramo ibirego byatanzwe n'itsinda ryari riyobowe na Steven HEGE, cyane cyane batsindagira ko ngo ibimenyetso byakusanyijwe na Steven HEGE ari simusiga kandi bigomba gushingirwaho bafatira ibihano u Rwanda.

Iyo miryango inenga cyane Perezida OBAMA, ivuga ko kuva aho ibyo birego bitangiwe nta cyemezo gifatika Guverinoma ye yari yafatira u Rwanda. Ikomeza isaba Perezida OBAMA gushyiraho intumwa idasanzwe ihagarariye Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu Karere k'Ibiyaga Bigari, kandi igahagarika idatinze inkunga yose mu bya gisilikare no mu iterambere igenera Guverinoma y'u Rwanda, ngo kubera uruhare rwayo mu gushyigikira M23. Igaragaza kandi ko mu myaka 15 ishize, uruhare Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Zagize mu Karere k'Ibiyaga Bigari rwo gufasha kugarura amahoro, ko rutageze ku cyo rwari rutegerejweho cyo kubuza u Rwanda kwinjira muri Kongo.

Iyo miryango yongeraho ko impamvu zitangwa n'u Rwanda zidahagije ngo kuko ruterekana ishingiro ryo guhungabanya umudendezo wa Kongo, kutubahiriza uburenganzira bwa muntu no kurenga ku cyemezo cyo kudaha intwari imitwe ya gisilikare. Igaya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika izishinja kuba ngo zihitamo kumva ibisobanuro by'u Rwanda kandi ngo biba atari ukuri, bigatuma USA nayo igwa mu makosa. Ishimangira ko iyo myifatire ya USA ntacyo yamaze kuko itatumye u Rwanda ruhindura politiki yarwo, ngo ni nayo mpamvu rwohereje abasirikare barwo gufata umujyi wa Goma.

Iyo miryango kandi yanditse ko itemera imishyikirano hagati ya Guverinoma ya Kongo na M23, ngo kuko ibiganiro nk'ibyo bishobora gutuma abantu bakoze ibyaha bikomeye bashyirwa mu gisilikare cya Leta, ngo bityo bikabaha ubushobozi bwo gukomeza ibikorwa byo guhungabanya umutekano mu Karere. Imiryango yashoje inavuga ko idashyigikiye ibiganiro biyobowe n'Ihuriro ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari ngo kuko u Rwanda ruri muri iryo Huriro¹⁹⁹.

Igice cya kane : International Crisis Group (ICG)

Raporo zandikwa na **I.C.G.** kuri Kongo zibeshyera u Rwanda kuba ku isonga ry'ibihugu bitera umutekano muke. ICG kandi isaba ibihugu bikomeye n'Imiryango mpuzamahanga gufatira ibihano u Rwanda. Dutange urugero kuri raporo ICG yanditse ku itariki ya 4 Ukwakira 2012 iravuga ngo : *“pour sortir de la gestion de crise et résoudre ce conflit qui dure depuis presque deux décennies dans les Kivus, les bailleurs doivent exercer des pressions sur Kigali et Kinshasa”. (...) Pour passer de la gestion de crise à la résolution du conflit, il convient de faire*

¹⁹⁸ Le Potentiel 13/12/2012, *“Guerre dans l'Est : des ONG occidentales accusent Obama”*

¹⁹⁹ Imiryango yanditse iyo baruwa ni iyi: Africa Europe Faith and Justice Network, Africa Faith and Justice Network, Atma Foundation, The Enough Project, Falling Whistles, Freedom House, Global Centre for the Responsibility to Protect, GLOBAL WITNESS, Humanity United, Invisible Children, Jewish World Watch, Open Society Foundations, Refugees International, Resolve, United to End Génocide.

*cesser l'ingérence du Rwanda dans les affaires congolaises (...) Pour ce faire, les donateurs occidentaux doivent maintenir la suspension de l'aide au Rwanda (...)*²⁰⁰.

Ku itariki ya **19 Nzeri, 2012**, Umuyobozi wungirije wa I.C.G, **Mark SCHNEIDER**, asobanura ibibazo biri mu Burasirazuba bwa Kongo, yavugiyeye imbere ya Komisiyo y'ububanyi n'amahanga y'Abadepite b'Amerika amagambo arimo ibinyoma n'ivangura agamije gusebya u Rwanda na M23. Yatangaje ko M23 ari umutwe ugizwe n'abatutsi kandi ngo bakaba barwanira gusa inyungu zabo bwite aho guharanira iz'ubwoko bakomokamo : *"M23 is mainly Tutsi-based" "defend the business interests"*²⁰¹.

Umuyobozi wa programe z'Afurika yo hagati muri I.C.G., Thierry VIRCOULON, yatangaje kenshi amagambo ku maradiyo mpuzamahanga, cyane cyane RFI, BBC na VOA yitirira u Rwanda ikibazo cya RDC, avuga ko arirwo ruha intwari M23²⁰².

Igice cya gatanu : Amnesty International

"AMNESTY INTERNATIONAL" yasohoye amatangazo menshi yerekana ko u Rwanda ari rwo gashozantambara muri Kongo kandi asaba Umuryango mpuzamahanga gukurikiza ibyifuzo biri muri raporo y'itsinda ryayobowe na Steven HEGE, bagafatira u Rwanda ibihano ku rwego mpuzamahanga.

Mu itangazo ryo ku wa 11 Nyakanga 2012, **Aster Van Kregten**, Umuyobozi mukuru wungirije ushinze Afrika muri "Amnesty International" yasinye itangazo rivuga ngo : *"Le Conseil de sécurité de l'ONU doit exhorter le gouvernement du Rwanda à cesser d'apporter son soutien au groupe armé M23, qui opère dans la province du Nord-Kivu, en République démocratique du Congo (RDC). (...) Le Conseil doit condamner la violation présumée de l'embargo sur les armes par le Rwanda et prendre des mesures concrètes afin de prévenir toute nouvelle violation du droit international humanitaire et relatif aux droits humains"*.

Mu itangazo ryo ku wa 19 Ugushyamba 2012, "AMNESTY" yanditse igira iti : *"En juillet 2012, Amnesty International a rassemblé des informations indiquant que le M23 comptait dans ses rangs des recrues rwandaises et utilisait des armées fournies par ce pays. L'organisation a également recensé un très grand nombre de violations du droit international humanitaire et d'atteintes aux droits humains commises par le groupe armé, y compris le recrutement forcé d'enfants. (...) Bien que le Rwanda et l'Ouganda aient tous deux enfreint l'embargo de l'ONU sur*

²⁰⁰ I.C.G., "L'EST du Congo: Pourquoi la stabilisation a échoué", Rapport Afrique No 91, 4 octobre 2012, p.1

²⁰¹ nanojv.wordpress.com/.../mark-schneider-comite-affaires-etrangeres/, consulte le 9 janvier 2013

²⁰² RFI, 20 novembre 2012; <http://www.alqarra.tv/2012/12/10/entretien-avec-thierry-vircoulon-chercheur-pour-international-crisis-group/>

*les armes, le Conseil de sécurité des Nations unies n'a pas encore pris de mesure concrète pour faire pression sur ces deux pays afin qu'ils cessent de soutenir ce groupe armé.*²⁰³

Ibikorwa by'imiryango yose itari iya Leta tumaze gutangaho ingero muri iki cyiciro ubisanga no mu yindi miryango myinshi nka "Reporters Sans Frontieres", "GLOBAL WITNESS", "International Rescue Committee", n'indi. Kuba iyi miryango yibasira u Rwanda igihe cyose kandi ishingiyeye ku bintu bidafite ukuri byerekana ko hari izindi gahunda zayo bwite cyangwa z'abayikoresha zihishe inyuma y'ibikorwa byayo.

ICYICIRO CYA KANE : URUHARE RW'IZINDI NZEGO MPUZAMAHANGA

Uretse Umuryango w'Abibumbye n'abawukoresha mu nyungu zabo, bimwe mu bihugu bikomeye n'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta, hari n'ibindi bice by'ingeri nyinshi byagize uruhare rwo gusebya u Rwanda no kubangamira politiki y'imiyoberere myiza yarwo kandi bikagenda byuzuzanya ku buryo bigaragara ko hari umugambi umwe ukoreshwa n'abantu benshi, mu nzego zitandukanye. Uko gukomatanyiriza u Rwanda no gukwiza ibinyoma byatangiyeye jenoside ikirangira akaba ari nabyo bigenda bigaruka, ariko bigafata indi sura. Nicyo gituma dusanga ari ngombwa kugaragaza uruhare rw'izindi nzego z'amahanga muri icyo gikorwa.

Igice cya mbere : Ubutabera bw'ibihugu by'amahanga

Ubutabera bwa bimwe mu bihugu by'amahanga buri mu nzego zabaye ku isonga yo gukoreshwa mu buryo bwo guharabika u Rwanda no gutesha agaciro abayobozi bakuru b'igihugu. Aho byagaragaye cyane ni mu Bufaransa no muri Espanye ariko no mu bindi bihugu hagiye habaho ibikorwa byo kugerageza kujyana mu nkiko bamwe mu bayobozi bakuru b'u Rwanda babashyira mu kigero kimwe n'abateguye kandi bagashyira mu bikorwa jenoside yakorewe abatutsi muri 1994.

1. Anketi ya politiki y'umucamanza Jean-Louis BRUGUIERE

Ku itariki ya 17 Ugushyingo 2006, nyuma y'imyaka cumi n'ibiri jenoside ibaye, nibwo uwo mucamanza yakoze impapuro zo gufata abayobozi bakuru icyenda b'ingabo z'u Rwanda²⁰⁴. Yabashinjaga ngo kuba barateguye kandi bagashyira mu bikorwa umugambi wo kwica Perezida HABYARIMANA n'abaderevu b'abafaransa batwaraga indege ye. BRUGUIERE

²⁰³ Amnesty International, Communiqué du 19 novembre 2012.

²⁰⁴ Ishingiro ry'izi mpapuro zanzwe n'abantu batagira ingano barimo abahanga mu mategeko. Reba Tafsir DIALLO, Recusation du mandat d'arrêt de BRUGUIERE contre le RWANDA, L'Harmattan, 2007.

yakoze izo nyandiko ashingiye ku kirego yari yagejejweho n’umukobwa wa Jean Pierre MINABERRY, umwe mu baderevu b’iyo ndege waguye muri iyo mpanuka.

Icyo kirego cyatanzwe ku itariki ya 31 Kanama 1997 naho BRUGUIERE atangira anketi ye mu kwezi kwa Werurwe 1998. Kugira ngo atangire iyo Anketi, BRUGUIERE yabitewe nuko mu gihugu cy’Ubufaransa muri uko kwezi, hari hatangiye gusohoka inyandiko nyinshi mu binyamakuru “LE FIGARO” zanditswe na “Patrick DE SAINT EXUPERY” n’iza “Le MONDE” zanditswe na Remy OURDAN zigaragaza ibimenyetso bishya byerekana uruhare rukomeye rwa Guverinoma y’Ubufaransa n’ingabo z’icyo gihugu mu ntambara no muri jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994.

Muri icyo gihe kandi, ku itariki 3 Werurwe 1998, itsinda ry’impuguke zitandukanye zo mu Bufaransa zirimo abarimu ba Kaminuza n’abashakashatsi bakomeye, banditse ibaruwa ifunguye inyuzwa mu itangazamakuru, isaba ko habaho komisiyo yigenga yo gucukumbura no kugaragaza uruhare nyarwo rw’Ubufaransa mu ntambara no muri jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda²⁰⁵. Ku mugoroba w’iyo tariki, Depite Paul QUILES wari Perezida wa Komisiyo y’ububanyi n’amahanga mu Nteko Ishinga Amategeko y’Ubufaransa yatangaje ko Inteko ishyizeho Komisiyo idasanzwe yo gusuzuma icyo kibazo, ariko ikaba ari Komisiyo idafite ububasha bwose bwo gukora icukumbura risesuye nko kubaza inzego z’ubutasi, iza gisilikare, n’izindi nk’izo, nta ruhushya rutanzwe na Guverinoma.

Uruhurirane rw’ibyo bikorwa, rwatumye BRUGUIERE atangira huti huti iperereza yari yaranze gutangira kuva yagezwaho ikirego. Impamvu yaritangiye kwari ukugira ngo ahagarike abo bose basabaga ko habaho anketi isesuye. Amategeko agenga imigendekere y’ibikorwa by’iperereza ku manza nshinjabyaha yo mu Bufaransa ateganya ko iyo umucamanza ushinzwe dosiye (Juge d’instruction) atangiye iperereza, niryo rihabwa agaciro ku bindi bikorwa byose birebana n’icyo gikorwa. Kuva rero BRUGUIERE atangaje ko atangiye iperereza, byatumye Komisiyo y’Abadepite iyobowe na Paul QUILES hari ibikorwa idashobora kugira icyo ikoraho kuko byitwaga ko biri mu bubasha bw’umucamanza, ndetse n’abasabaga ko hajyaho indi Komisiyo isesuye babura icyo bongera gushingiraho kuko basubizwaga ko dosiye iri mu bucamanza.

Mu mikorere ye, BRUGUIERE yakoze anketi iri mu rwego rwa politiki kandi ntiyagira ihame na rimwe yubahiriza rigenga imigendekere y’iperereza ku manza nshinjabyaha, cyane cyane izirebana n’ihanuka ry’indege. Ndetse yirengagije no gukurikiza amategeko yo mu gihugu cye agenga imigendekere y’anketi, kandi ayo mategeko agomba gukurikizwa uko ari bitaba ibyo anketi igaseswa²⁰⁶. Ibyo byerekana ko yishe amategeko abigambiriye, ku mpamvu za politiki kuko nyuma byaje no kugaragazwa n’inyandiko z’ibanga zasohowe na

²⁰⁵ Libération, 3 mars 1998

²⁰⁶ Code de procedure penale francais, article 11, 60, 67, 71, 74, 81, 102, 105, etc...

“WIKILEAKES” ku kiganiro BRUGUIERE yagiranye n’Ambasaderi wa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika mu Bufaransa, Craig STAPLETON.

Iyo nyandiko y’ibanga yanditswe na Ambasaderi STAPLETON ayigeneye abayobozi be igaragaza imirongo migari y’ikiganiro yari yagiranye na BRUGUIERE. Ambasaderi STAPLETON yerekana ko BRUGUIERE yasohoye impapuro zifata abayobozi b’u Rwanda abyemeranyijweho na Perezida Jacques CHIRAC w’Ubufaransa²⁰⁷, kandi ko umugambi wabo wari uwo kubuza amahoro Perezida Paul KAGAME w’u Rwanda:

“ Bruguière a confirmé qu’il avait consulté le GoF (le gouvernement français) sur l’émission de mandats d’arrêt dans les affaires portées contre neuf proches collaborateurs du Président Kagame pour l’assassinat du Président Habyarimana et de trois français membres de l’équipage de l’avion ». « Il a dit qu’il avait présenté sa décision à des officiels français, y compris au président Chirac » et qu’il a « choisi de les consulter parce qu’il était convaincu de la nécessité de coordonner cela avec le gouvernement ». « Il a dit qu’il n’était pas surpris par la réaction officielle du Rwanda et a déclaré que le GoF était préparé à une réponse violente contre des ressortissants français. Il s’est félicité de sa propre décision d’aller de l’avant, ajoutant que la communauté internationale avait une certaine responsabilité morale ». « Bruguière a présenté son affaire d’une façon très professionnelle, mais il n’a pas caché son désir personnel de voir le gouvernement Kagame isolé. Il a averti que des liens plus étroits entre les Etats-Unis et le Rwanda serait une erreur ».

2. Umucamanza Fernando ANDREU-MERELLES

Umugambi wa politiki waranze Juge BRUGUIERE mu Bufaransa ni nawo waranze umucamanza wo muri Espanye Fernando ANDREU MERELLES. Aho BRUGUIERE yakoreshejwe n’inzego nkuru za Leta, uyu mucamanza we yakoreshejwe n’amashyirahamwe yiganjemo abayoboze bakomeye ba Kiliziya gatorika bo muri Espanye mu karere ka Catalogne bahakana jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda. Ayo mashyirahamwe yitabaje ay’abanyarwanda bahunze igihugu muri 1994, bamwe muri bo bakaba barashinze amashyaka ya politiki irwanya Leta y’u Rwanda n’imiryango ikwiza ingengabitekerezo ya jenocide mu Burayi kimwe no gupfobya no guhakana jenocide yakorewe abatutsi. Ishyaka riri ku isonga gukorana n’iyi Forum ni FDU-INKINGI, naho Ishyirahamwe rifatanyaga nabo cyane ni “Centre de lutte contre l’impunité et l’injustice au Rwanda” riyoborwa na Joseph MATATA i Bruxelles, hamwe n’andi mashyirahamwe bahuje ibitekerezo n’imikorere byo guharabika Guverinoma y’u Rwanda na FPR²⁰⁸.

²⁰⁷ <http://cablegate.wikileaks.org>

²⁰⁸ Andi mashyirahamwe y’Abanyarwanda bafatanyije ni : Assistance aux victimes des conflits en Afrique Centrale (Belgique), Organisation pour la paix, la justice et le développement au Rwanda (USA), Association de victims Pro Justitia (Pays Bas), etc.

Umucamanza MERELLES yatangiye anketi ye ku itariki ya 26 Gashyantare 2006 ashingiye ku kirego cyatanzwe ku itariki ya 25 Gashyantare 2005 n'ishyirahamwe ryitwa "FORUM INTERNATIONAL POUR LA VERITE ET LA JUSTICE DANS LA REGION DES GRANDS LACS". Iryo shyirahamwe rigizwe n'imwe mu miryango ifite abantu bayo 9 biciwe mu Rwanda no muri Kongo, barimo abihaye Imana n'abakoreraga imiryango itari iya Leta, cyane cyane abo muri "Medecins du Monde". Mu kirego cyabo, iryo shyirahamwe ryari ryishingikirije ikindi kirego cyari cyatangiwe muri Espanye gukurikiranwa n'umucamanza witwa Balthazar GARZON wari washoboye gufatisha Jenerali Augusto PINOCHET wari mu rugendo mu Bwongereza waregwaga ibyaha yakoreye muri Chili akiri Perezida w'icyo gihugu. Ibyo byatumye GARZON amenyekana cyane nk'umucamanza w'igihangange kandi w'umuhanga.

MERELLES nawe kuba yifuje kuba igihangange nka mugenzi we GARZON bituma atangiza iperereza ku basilikare b'u Rwanda 69 ku byaha byakorewe muri Kongo no mu Rwanda hagati ya 1990 na 2002. Mu myanzuro ye yatangaje ku itariki ya 26 Gashyantare 2008 aribwo yahise asohora n'inyandiko mpuzamahanga zifata bamwe mu basilikare bakuru b'u Rwanda, MERELLES yemeje ko abasirikare bakuru mirongo ine, barimo 11 bari mu rwego rwa Jenerali, bagomba gukurikiranwa n'ubucamanza bwa Espanye. Yabashinje icyaha cya Jenocide, ibyaha byibasiye inyoko muntu n'iterabwoba. MERELLES yanongeyeho ko na Nyakubahwa Perezida wa Repuburika y'u Rwanda yagombye gufatwa ariko ko kubera imirimo ye, amasezerano mpuzamahanga atabyemera, bituma adasaba ko yafatwa. Twakwibutsa ko BRUGUIERE we yari yasabye urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda kuba arirwo rwafata Perezida KAGAME ariko ruramuhakanira.

MERELLES yakoze anketi ye n'imyanzuro ye ashingiye ku mpamvu za politiki kuko nta tegeko na rimwe rigenga imigendekere y'iperereza yubahirije. Mu myanzuro ye hagaragaramo ibirego n'ingingo za politiki gusa byerekanwa na bimwe muri ibi bikurikira:

- mu ntangiriro y'ikirego cye, MERELLES, yemeza ko FPR yatangiye urugamba nta kindi igamije uretse gushyira mu bikorwa umugambi wo kumara abahutu : *"le FPR, un groupe à structure politico-militaire, fortement armé et organisé qui a entamé une série d'activités à caractère criminel sur le territoire rwandais à partir d'Ouganda depuis octobre 1990 jusqu'à ce jour. (...) dans le but de réaliser des opérations d'élimination systématique de membres de l'ethnie hutu, intellectuels et dirigeants hutu ainsi que les religieux et missionnaires considérés comme étant des collaborateurs des Hutu"*²⁰⁹ ».
- guhakana Jenocide yakorewe Abatutsi avuga ko n'abishwe n'Interahamwe byatewe no kwirwanaho kubera intambara yashojwe na FPR *"le massacre des personnes tutsi qui n'avaient pas quitté le pays en 1959, était prévisible. Ce massacre prévisible des*

²⁰⁹ Ordonnance d'accusation, Merelles, p.3-5

Tutsi allait être commis en réaction contre la guerre du FPR²¹⁰”. Uyu ni n’umwe mu myanzuro yatanzwe na BRUGUIERE aho yemeza ngo “Le général Paul KAGAME avait délibérément opté pour un modus operandi qui, dans le contexte particulièrement tendu du Rwanda (...) ne pouvait qu’entraîner en réaction des représailles sanglantes. »

- gufata ubwicanyi bwakozwe n’Interahamwe na EX-FAR bukitirirwa ingabo za FPR, harimo n’abantu bishwe ku mugaragaro nka BUCYANA Martin, umuyobozi wa CDR wiciwe I Butare ku manywa y’ihangu²¹¹.
- kwitirira FPR kuba yarateze mines ahantu hatandukanye mu gihugu byabaye hagati ya Nyakanga 1991 na Nzeri 1992, kandi bizwi ko aho hantu hagenzurwaga na Guverinoma ya Perezida HABYARIMANA n’ingabo zayo²¹².
- Kubeshya ko ibitero by’abacengezi byo muri 1997-1998 bitigeze bibaho ko ahubwo ari amayeri yahimbwe n’ingabo z’u Rwanda kugira ngo zibone uko zica abahutu²¹³.
- Mu myanzuro ye, Fernando Andreu MERELLES yemeza ko yakoranye bya hafi na BRUGUIERE mu gushaka ibimenyetso n’abatangabuhamya²¹⁴, bikagaragaza ko aba bacamanza bombi bakoresheje uburyo bumwe n’umugambi umwe kugira ngo bagere ku cyifuzo cyabo.

Igice cya kabiri : Impuguke z’Urukiko Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda

Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rwagiye rukoresha n’abarwanya Leta y’u Rwanda bagambiriye kuyobya amateka ya jenocide yakorewe abatutsi no kujyana mu nkiko abayobozi b’u Rwanda bahagararitse jenocide. Ibyo byagaragariye mu nyandiko zakozwe n’impuguke zifashishwa n’abakurikiranywe n’urwo Rukiko ku byaha bya jenocide bakoreye mu Rwanda. Benshi muri bo ni abiyita impuguke ku Rwanda, bumva ko ukuri kose kureba igihugu cy’u Rwanda aribo bakuzi. Ku birebana n’ibibazo by’umutekano muke mu Burasirazuba bwa Kongo, bamwe muri izo mpuguke nka Filip REYNTJENS na Andre GUICHAOUA, bafashije za ONG mpuzamahanga gukwiza ibinyoma byanditswe na Steven HEGE n’itsinda rye.

Iyo myemerere n’imyumvire y’abo bantu igaragazwa no guhakana jenocide yakorewe abatutsi no guharanira ko abayobozi ba FPR bajyanwa mu rukiko mpuzamahanga niyo ituma bakora ibishobotse byose bagasebya u Rwanda kandi bagakwiza ibinyoma no guharabika u Rwanda iyo babonye icyo buririraho nk’intambara ya Kongo na raporo ya Steven HEGE. Ni

²¹⁰ Ibidem

²¹¹ Ibidem, p.6

²¹² Ibidem, p. 6

²¹³ Ibidem, p.17

²¹⁴ Ibidem, p. 55

abantu bagaragaje iteka ryose urwango kuri FPR-INKOTANYI n'ubuyobozi bw'u Rwanda buyobowe nayo, ikaba ari nayo mpamvu ari ngombwa kubagararaza muri ubu bushakashatsi kuko ari bamwe mu bakwiza poropaganda y'ibinyoma ku Rwanda, bishingikirije imyemerere yabo, kandi bakuririra kuri raporo nka MAPPING, iya Steven HEGE n'izindi zose zimeze nkazo. Ingero :

1. Filip REYNTJENS

Filip REYNTJENS ni umwarimu w'amategeko muri Kaminuza zitandukanye zo mu Bubiligi. Yigize impuguke ku Rwanda akaba yandika buri mwaka agatabo ka politiki ku bihugu by'Akarere k'Ibiyaga Bigari kitwa "L'Afrique des Grands Lacs en Crise". REYNTJENS ni umuntu wagize uruhare rubi mu mateka y'u Rwanda. Niwe wateguye Itegeko Nshinga ry'u Rwanda ryo muri 1978 ryagenderaga ku ihame ryo kuvangura abanyarwanda no kubangamira Demokarasi aho ryemeraga ko hagomba kubaho ishyamba rya politiki rimwe gusa mu gihugu kandi abanyarwanda bose bakaba ariryo bajyamo. Iryo Tegeko Nshinga ryaje kuvugururwa muri 1991 riba ariho ryemera amashyamba menshi. Nyuma ya Nyakanga 1994, Filip REYNTJENS nibwo yigaragaje cyane mu mugambi mubi wo gusebya u Rwanda, Umuryango wa FPR/INKOTANYI na Perezida Paul KAGAME.

Dutange ingero zimwe na zimwe muri nyinshi zihari :

- muri Kamena 1995, Filip REYNTJENS yakoze inyandiko ayohereza Urukiko Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda ruri Arusha, arumenyesha ko ubuyobozi bw'u Rwanda bukoresha jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda mu buryo bwa politiki, bugamije guhishira ubwicanyi bwakoze no kuyobya uburari ku iterabwoba riri mu buyobozi bwabwo : « *Pour le régime actuel de Kigali, le génocide contre les Tutsi est devenu un atout politique qui sert à faire admettre par la Communauté internationale ses propres violations du droit humanitaire et à légitimer une gestion dictatoriale.*²¹⁵ »
- muri uwo mwaka wa 1995 kandi, Filip REYNTJENS yashishikarizaga impunzi z'abanyarwanda kudataha mu Rwanda, atangaza ko ziramutse zibeshye zikaza mu Rwanda, ko FPR yazirasira ku mupaka zitararenga umutaru : « *On les tirerait à vue dès leur apparition à la frontière*²¹⁶ ». Nyamara byagaragaye ko u Rwanda rwa nyuma ya jenocide rutigeze rugira abana b'igihugu ruheza inyuma y'igihugu cyabo.
- ku itariki ya 14 Ukwakira 1997, mu rubanza rwa Georges RUTAGANDA, REYNTJENS yavugiye imbere y'abacamaza ba TPIR ko FPR ifite uruhare muri jenocide yakorewe

²¹⁵ S. DESOUTER, F. REYNTJENS, « *Les violations des droits de l'homme par le FPR/APR. Plaidoyer pour une enquête approfondie* », Anvers, Juin 1995, p.4

²¹⁶ Servilien M. SEBASONI, Le Rwanda. Reconstruire une nation, Editions Rwandaises, Kigali, 2007, p.90

abatutsi kimwe n'urw'abandi : "Le FPR est 'politiquement co-responsable' (...) "S'il n'y avait pas eu la guerre, il n'y aurait pas eu de génocide"²¹⁷.

- mu kiganiro yahaye ikinyamakuru POLITICS, ku wa 25 Nyakanga 2005, REYNTJENS yaravuze ngo : « Kagame a délibérément développé une stratégie de la tension : c'est lui qui a mis les extrémistes Hutus sur le sentier du génocide ; l'extermination des Tutsis résidant au Rwanda n'était pour lui qu'un calcul tactique pour qu'il puisse prendre le pouvoir. Une confirmation de cette hypothèse rendrait le FPR et son chef juridiquement responsable du génocide de 1994²¹⁸ ».
- ku itariki ya 3 Gicurasi 2007, Filip REYNTJENS yatanze ubuhamya mu rubanza rwa major Bernard Ntuyahaga wari ukurikiranyweho kwica abasirikare icumi b'ababiligi bahoze muri MINUAR. Umwunganizi mu mategeko uburanira Ntuyahaga yamubajije niba hari ibimenyetso byerekana ko jenocide yateguwe, asubiza muri aya magambo: "par définition, nous n'aurons pas de preuve d'une planification car il n'y a pas de PV de réunions ou de témoignages, à ce jour convaincants, de personnes qui auraient fait partie d'une structure de commandement parallèle."
- yongeyeho ko we yemera ko FPR yakoze ibyaha bikomeye mu Rwanda na jenocide muri Kongo: *Le FPR a commis des « crimes de guerre et des crimes contre l'humanité »* au Rwanda, et un « *génocide*²¹⁹ » au Zaïre (RDC) en 1996-1997.
- ku itariki ya 30 Ugushyingo 1999, REYNTJENS yahamagawe nk'impuguke mu rubanza rw'umwe mu bakuru b'INTERAHAMWE ku rwego rw'igihugu, Georges Rutaganda. Yasabye urukiko ko u Rwanda rutagombye kugira uruhagarariye muri urwo rukiko ngo kuko abayobozi barwo nabo bashobora kuzazanwa kuhaburanira: "pareil représentant n'aurait jamais dû être accrédité, puisque des autorités de l'Etat rwandais pourraient à l'avenir faire l'objet de poursuites²²⁰".

2. André GUICHAOUA

Andre GUICHAOUA ni umwarimu mu mibanire y'abantu (sociologie) muri Kaminuza i Paris akaba yarabayeye impuguke yifashishijwe inshuro nyinshi n'Urukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda kuva muri 1996, cyane cyane mu rubanza rwa NYIRAMASUHUKO na bagenzi be batanu. GUICHAOUA yanditse inyandiko nyinshi n'ibitabo ahakana ko jenocide yakorewe abatutsi yatewe n'ihanuka ry'indege, ndetse anenga Urukiko rwa Arusha

²¹⁷ AFP, 14 octobre 1997

²¹⁸ Politics, Kinshasa, 25 juillet 2005

²¹⁹ Hirondelle, 3 mai 2007, RWANDA/BELGIQUE - NTUYAHAGA N'A PAS AGI PAR HASARD

²²⁰ Hirondelle, 30 novembre 1999, « UN EXPERT RECOMMANDE AU TPIR DE SURSEoir AU JUGEMENT RUTAGANDA »

kuba rudakurikirana abayobozi ba FPR. Ibyo bitekerezo yabisohoye mu nyandiko nyinshi yanditse mu binyamakuru “Le Monde” na “Libération”, ariko cyane cyane bikubiye mu gitabo cye cyasohotse ku wa 25 Gashyantare 2010 cyitwa « *De la guerre au génocide, les politiques criminelles au Rwanda* ».

GUICHAOUA kandi arwanya ko abakoze jenocide bari mu mahanga bakoherezwa mu Rwanda, kimwe n’inyandiko zibitswe n’Urukiko rwa Arusha, avuga ko abayobozi b’u Rwanda nta burenganzira bafite bwo gusaba ibyo bintu kuko bagombye gukurikirwanwa n’urukiko : « *En revendiquant le transfert au Rwanda des archives du tribunal et des accusés encore non jugés ou non arrêtés (...) les actuelles autorités rwandaises entendent s’appropriier le travail et la légitimité du TPIR alors qu’elles figuraient elles-mêmes parmi les cibles de la politique pénale de poursuite* ». « *Jusqu’où le TPIR peut-il accepter de se soumettre à l’obligation de réalisme politique que l’actuel régime rwandais impose à tous les interlocuteurs internationaux au nom de leur défection devant les massacres et le génocide de 1994 ?*²²¹ ». Guhera muri 2010, GUICHAOUA yagize uruhare runini mu gukwiza ibinyoma biri muri Raporo MAPPING n’iya Steven HEGE mu itangazamakuru no mu nzego za Leta y’Ubufaransa n’Imiryango mpuzamahanga ikunze kumwifashisha nk’impuguke²²².

3. Padiri Serge DESOUTER

Serge DESOUTER ni Umupadiri wo mu Bamisiyoneri b’Afurika (Abapadiri bera) w’Umubiligi wabaye mu Rwanda hagati ya 1968 na 1983. Asubiye mu Bubiligi yayoboye Urugaga rw’imiryango yose y’abamisiyoneri b’iburayi iri mu Bubiligi kuva muri 1993 kugeza muri 2002. Mu kwezi kwa Mutarama 1996, yagiye mu nkambi z’abanyarwanda i Bukavu (2-10 Mutarama 1996), ni umwe mu bashinze ishyamba rya RDR. Ahavuye yakomereje urugendo mu nkambi zo muri Tanzania²²³.

Serge DESOUTER umwe mu biyita impuguke ku Rwanda no mu karere k’ibiyaga bigari, akaba yanga urunuka FPR n’ubuyobozi bw’u Rwanda bwubatswe nayo, arangwa no gushyira imbaraga mu bikorwa byo kubeshyera u Rwanda no kurukomanyiriza mu Miryango mpuzamahanga no mu bihugu by’iburayi. Ubuyobozi bwa Leta y’u Rwanda abwita ko ari ubw’abatutsi gusa²²⁴. Ni umwe mu bahakanyi bakomeye ba jenocide yakorewe abatutsi, akaba umwe mu ba mbere babitangaje ku mugaragaro mu itangazamakuru²²⁵.

²²¹ Iyi nyandiko yasohotse mu binyamakuru byo mu Bufaransa muri 2008

²²² Guichaoua yasohoye inyandiko nyinshi mu binyamakuru Le Monde na Liberation zisebya u Rwanda, zikwiza propagande ya Jenocide ebyiri, nkuko byanditse muri Mapping Report.

²²³ Ibi bikubiye muri CV ye yahaye Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda.

²²⁴ Le régime tutsi de Kigali entretient la désinformatiion, in Dimanche matin N° 180, 10 novembre 1996; Un missionnaire belge accable le régime rwandais devant le Tribunal international d’Arusha, in CIP n ° 5433 du 13 août 1998.

²²⁵ La Liberte, Fribourg, 5 Aout 1994

Ku itariki ya 4 Mata 2006, yatanze ubuhamya mu rukiko rw'Arusha nk'impuguke ifasha ababuranira BAGOSORA, NSENGIYUMVA, NTABAKUZE na KABILIGI²²⁶. Yatangarije Urukiko ko nta mugambi wa jenocide wigeze ubaho, ko ijamba jenocide ryahimbwe na FPR, ko ngo ari ikosa rikomeye kuvuga ko ex-FAR bateguye jenocide : « *Mon point de vue général est qu'on n'a pas prouvé un plan, quand il a été fait, qui l'a fait et comment, et ce qu'il y a dedans* ». *Le terme génocide a été utilisé par le FPR « à des fins politiques et économiques, en amassant des fonds qui lui permettaient de maintenir une armée surdimensionnée* ». « *Il n'est pas correct de dire que les FAR ont préparé un génocide depuis longtemps comme si l'invasion (du FPR) n'était qu'un aspect anodin* ».

DESOUTER yongeyeho ko FPR yaharaniye ko jenocide yemerwa kugira ngo yibagize ibyo yakoze mbere n'ibyo yateganyaga gukora mu myaka ine muri Kongo : « *Le FPR a réussi à faire admettre qu'il y a eu génocide au Rwanda 'pour faire oublier ce qu'il a fait durant les quatre années de guerre, et ce qu'il allait faire plus tard, notamment dans le Kivu'* ».

Mu gitabo yanditse muri 2007, Padiri DESOUTER yemeje ko nta jenocide yakorewe abatutsi yabayeho, ko niba yaranabaye, uwayiteye kandi wayikoze nta wundi ni FPR : « *les massacres étendus et tragiques de 1994 ne résultaient pas d'un plan orchestré par les autorités gouvernementales ou par les FAR dans leur ensemble. (...) S'il y a eu une planification et une orchestration d'un génocide, il faut les chercher au sein du FPR qui en est l'ultime responsable*²²⁷ ». « *Les leaders du FPR savaient que des tueries de grande ampleur résulteraient inévitablement de leurs actions*²²⁸ ».

Ku itariki ya 11 Gashyantare 2002, Padiri DESOUTER na none yatanze ubuhamya mu rukiko rw'Arusha nk'impuguke mu rubanza rwa Pasitoro Elizaphan Ntakirutimana. Yabwiye abacamanza ko muri 1990 nta mpamvu n'imwe yari ihari yo gutuma FPR itangiza urugamba, bivuze ko ibyabaye nyuma guhera icyo gihe na nyuma yabwo byose byabazwa FPR : « *la guerre qui a commencé en 1990 avait été une catastrophe* ». « *Il n'y avait aucune raison pour faire la guerre au Rwanda* ».

4. Bernard LUGAN

Bernard LUGAN ni Umufaransa akaba umwarimu w'amateka muri Kaminuza ya Lyon III no mu mashuri atandukanye ya gisilikare yo mu Bufaransa. Yigishije muri Kaminuza nkuru y'u Rwanda kuva muri 1972-1983. Nawe yifashishijwe n'Urukiko rw'Arusha nk'impuguke mu manza zitandukanye zirimo urwa Emmanuel NDINDABAHIZI, wari minisitiri w'imari muri Guverinoma y'abatabazi, Théoneste BAGOSORA (colonel), Tharcisse RENZAHO (colonel),

²²⁶ Hirondelle, 05.04.06 - TPIR/MILITAIRES I - PAS DE PREUVE D'UN PLAN DE GÉNOCIDE EN 1994

²²⁷ S. Desouter, Rwanda : le procès du FPR. Mise au point historique, L'Harmattan, 2007, pp.195-196.

²²⁸ S. Desouter, Op. cit, p. 194

Protais ZIGIRANYIRAZO, Innocent SAGAHUTU (capitaine), Augustin BIZIMUNGU (général) na Edouard KAREMERA.

Muri izo manza, Bernard LUGAN yemeje ko jenocide itateguwe, ko HABYARIMANA yabeshyewe agaharabikwa ku busa, ko kandi abahamijwe n'urukiko rwa Arusha kuba barateguye jenocide barenganyijwe n'urwo rukiko : « *la thèse de la planification du génocide ne pouvait plus être soutenue (...) le président HABYARIMANA a été victime d'une énorme campagne de diabolisation*²²⁹ ». « *Certains accusés furent condamnés, le plus souvent à la prison à perpétuité au nom du postulat de la préméditation du génocide* ».

Bernard LUGAN ni umwe mu banditsi b'abafaransa bari ku isonga yo gukomeza kwemeza ko indege ya Perezida HABYARIMANA yahanuwe na FPR, akabikora agamije gupfobya amateka ya jenocide yakorewe abatutsi, guhishira uruhare rwa Leta y'Ubufaransa muri jenocide no kwangisha amahanga ubuyobozi bw'u Rwanda bwahagaritse jenocide bugasubiza igihugu isura nziza y'imibanire myiza mu Banyarwanda n'iterambere ry'igihugu²³⁰.

5. Madeleine RAFFIN

Madeleine RAFFIN ni umufaransakazi wabaye mu Rwanda imyaka 28, i Butare no ku Gikongoro. Yirukanywe mu Rwanda muri 1997 kubera ibikorwa by'amacakubiri n'ivangura yabibaga mu banyarwanda. Ubu ni umuyobozi wungirije w'Ishyirahamwe ryitwa France-Turquoise rihuje abasirikare b'abafaransa babaye mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994, barimo abagaragajwe na Raporo MUCYO ko bagize uruhare muri jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda.

Mu kwezi kwa Ukwakira 2009, Madeleine RAFFIN yatanze ubuhamya mu rukiko mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ruri Arusha, mu rubanza rwa NTAWUKURIRYAYO Dominique wari superefe wa Gisagara muri Butare, arengera uwo mutegetsu wamaze abatutsi yari ashinzwe kurinda. Muri ubwo buhamya, Madeleine RAFFIN yagaragaje urwango rukomeye afitiye FPR avuga ko ariyo yateye ibibazo u Rwanda guhera muri 1990 kugeza na n'ubu²³¹. Iyi ni imwe mu mvugo zikoreshwa n'abantu bahakana jenocide yakorewe abatutsi.

Madeleine RAFFIN aherutse gusohora igitabo kivuga ku mateka n'imiyoborere y'ubu y'u Rwanda. Yagishyizeho ibendera rya kera mu buryo bwo kugaragaza aho abogamiye. Muri icyo gitabo, yerekana ko ibyanditswe byose kuri jenocide yakorewe abatutsi bigaragaza uko

²²⁹ John PHILIPOT, « Le procès de Zigiranyirazo ou la fin du mythe de l'Akazu », L'Afrique réelle, p.11-12

²³⁰ Bernard LUGAN: "Rwanda : à travers l'affaire dite des « missiles Mistral » Kigali veut une nouvelle fois faire chanter Paris", 01/06/2012, RWANDA : MISE AU POINT DE B. LUGAN SUR LE RAPPORT DES JUGES TREVIDIC ET POUX : L'IMPLICATION DU FPR MISE A NU (Medias **France** Libre 19/01/2012), <http://madraffin.centerblog.net/>;

²³¹ Hirondelle, 12.10.09 - TPIR/NTAWUKULILYAYO - UNE FRANCAISE A LA RESCOURSSE DE L'ANCIEN SOUS-PREFET NTAWUKULILYAYO

yateguwe n'abayikoze ko atari byo, akikoma cyane FPR na Perezida Paul KAGAME abitirira ibinyoma n'ibyaha bikomeye bitigeze bibaho²³².

Madeleine RAFFIN ni umwe mu bashyigikiye Interahamwe zikomeye ziri mu Bufaransa nka Liyetena Koloneli Marcel BIVUGABAGABO, Dr Eugène RWAMUCYO, n'abandi. Madeleine RAFFIN agaragaza gushyigikira ibikorwa bibi bya INGABIRE UMUHOZA Victoire no gushyigikira abarwanashyaka be baba mu Burayi nka major Jacques KANYAMIBWA, NKIKO NSENGIMANA, Eugène NDAHAYO, n'abandi. Madeleine RAFFIN akoresha blog ye n'urubuga rwa Interineti rwa "France Turquoise" akwiza inyandiko zose zisebya u Rwanda²³³.

6. Dr Helmut STRIZEK

Helmut STRIZEK ni umudage, wakoreye Umuryango w'Ibihugu by'iburayi mu Rwanda kuva 1980 kugeza 1983. Nyuma yakoze mu Rwanda mu ishami ry'ubudage rishinzwe iterambere (GTZ). Yatanze ubuhamya bwinshi nk'impuguke mu rukiko rw' Arusha mu manza za Ferdinand NAHIMANA, Jean-Bosco BARAYAGWIZA, Hassan NGEZE na Colonel Anatole NSENGIYUMVA. Ku itariki ya 8 Gicurasi 2003, afasha abunganira NAHIMANA, yatangarije urwo rukiko ko KANGURA nta kibi yari ifite kandi ko nta ruhare yagize muri Jenocide : "*J'ai des doutes, mais je ne peux pas m'étendre là-dessus parce que cela fait partie du procès*²³⁴".

Yongeyeho ko HABYARIMANA atateguye jenocide, anatsindagira ko jenocide itateguwe : "*D'après ce que je sais, il n'a jamais fait un pas pour préparer le génocide*²³⁵". "*Personnellement je ne partage pas la thèse de la planification du génocide par le régime Habyarimana*".

Icyo gihe yashyikirije Urukiko raporo ndende yanditse agaragaza ko FPR ariyo nyirabayazana w'ibyabaye mu Rwanda muri 1994 : « *La brutalité de la machine militaire du FPR a eu des répercussions sur la façon de réagir par la population hutu. Certains hutu ont faussement pensé qu'en infligeant de lourdes pertes aux tutsi, cela pourrait persuader le FPR à arrêter les hostilités.* » (...) *Il est contre toute logique de supposer que des personnes qui ne pouvaient connaître les plans secrets de la communauté internationale étaient assises ensemble pour planifier le génocide comme le prétend le Procureur*²³⁶.»

²³² Madeleine Raffin, *Rwanda, un autre regard: trois décennies à son service*, Collection « Mémoire collective, Editions Sources du Nil, 2012

²³³ Ibi byose bigaragarira mu nyandiko nyinshi yanditse ziboneka kuri blog ye : <http://madraffin.centerblog.net/>

²³⁴ Hirondelle, « *Un expert de la défense estime que KANGURA n'a pas incité au génocide* », 08 mai 2003

²³⁵ Hirondelle, 6 mai 2003, « *Habyarimana n'a pas planifié le génocide selon un témoin* ».

²³⁶ Dr Helmut STRIZEK, « *Rapport d'expertise dans le procès d'Anatole Nsengiyumva devant le Tribunal Pénal International pour le Rwanda* »

Igice cya gatatu : Abashakashatsi banditse “REMAKING RWANDA”

Mu kwezi kwa cyenda 2011, itsinda ry’abashakashatsi 27 bishyize hamwe, babifashijwemo na “Human Rights Watch”, bahuriza hamwe inyandiko zitandukanye zishyirwa mu gitabo cyiswe “*Remaking Rwanda: “State Building and Human Rights after Mass Violence” (Critical Human Rights) kiyoborwa n’abarimu babiri, Scott Straus na Lars Waldorf, bo muri Kaminuza ya “Visconsin-Madison” muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.*

Icyo gitabo cyanditswe mu buryo bwo kwibuka Alison DESFORGES, abacyanditse bakaba barakimutuye. Mu ntangiriro no mu nyandiko zo kuri Interineti zimenyekanisha icyo gitabo, abacyanditse bacyita igitabo cya ngombwa kandi gisumba ibindi byose, ku muntu wese ushaka kumenya, kwiga no gukorana n’u Rwanda. Bongeraho ko kugeza ubu nta kindi gitabo nk’icyo cyigeze cyandikwa ku Rwanda : « *This is a mandatory book on current Rwanda-by far the best informed treatment written so far. It is a book that nobody who works in Rwanda in development, diplomacy, information technology, health, education, etc. Should neglect : it will allow them to understand far more about this fascinating country than they could get from any other source. In short, it is a must-read for all.* »

Batangaza ko mu banditse icyo gitabo, harimo abashakashatsi benshi bakiri bato, ariko bakaba ari inzobere mu mateka, mu bumenyi bwa politiki, mu mategeko no mu mibanire y’abantu. Bakomeza bavuga ko abo banditsi babaye mu Rwanda bahakorera ubushakashatsi mbere na nyuma ya jenocide, bakaba rero bazi neza u Rwanda. Mu by’ukuri, abo bashakashatsi bato bavugwa ni abanyeshuri bigishijwe n’abakuru basanzwe banga u Rwanda, bakaba barabashyizemo ibitekerezo byabo ngo bazabikomeze mu bigo biyoborwa na bariya bakuze, bakazabasimbura kandi bagakomeza ibitekerezo byabo mu gihe bazaba bafashe ikiruhuko cy’izabukuru.

Muri icyo gitabo cya “REMAKING RWANDA”, buri mwanditsi, yafataga imwe mu nkingi z’iterambere z’u Rwanda akerekana ko ibitangazwa na raporo za Guverinoma y’u Rwanda n’Imiryango mpuzamahanga, zishima iterambere u Rwanda rwagezeho, ko bidahuye n’ukuri. Icy’ingenzi abo banditsi bagarukaho ni ukwerekana ko mu Rwanda hari intambwe koko yatewe nyuma ya jenocide mu kubaka igihugu. Ariko, nubwo bemera iyi ntambwe, batsindagira ko uburenganzira bwa muntu bubangamiwe, ko FPR igera kuri ibyo bikorwa ikoresheje igitugu mu miyoborere yayo no muri porogaramu zayo. Abo banditsi bibanda kuri porogaramu zose z’iterambere ry’u Rwanda ndetse no ku mateka y’igihugu. Izo banenga cyane ni izijyanye no kuvugurura ubuhinzi, uburezi, ubumwe n’ubwiyunge, kwegereza ubuyobozi abaturage, imihigo, kurwanya ubukene, ubwisungane mu kwivuza, kurengera ibidukikije, Inkiko Gacaca, gutura mu midugudu, n’izindi.

Bemeza ko ishyirwa mu bikorwa ryabyo rikorwa nabi, ko harimo ubuswa no gukoresha ingufu. Ngo ibyo byose bikaba bitandukanye n'isura Guverinoma y'u Rwanda igaragaza mu mahanga ku bikorwa by'iterambere ivuga ko imaze kugeraho. Aba bashakashatsi birengagiza ko izi gahunda banenga zitagerwaho abaturage batabigizemo uruhare ngo babigire ibyabo. Izo gahunda abanyarwanda bagizemo uruhare zatumye bigeza ku iterambere mu bikorwa bitandukanye nkuko bigaragazwa n'ingero zikurikira²³⁷ :

UBUKUNGU		
	2005/2006	2010/2011
Umusaruro w'umuturage ku mwaka (GDP per capita)	USD333	USD 540
Ijanisha ry'ubukene (Poverty rate)	56.7%	44.9%
Ikegeranyo kerekana ubusumbane mu bukungu (Gini Coefficient)	0.522	0.49
Ijanisha ry'abanyarwanda batunze Telefoni zigendanwa	6.2%	45.2%
Ijanisha ry'abagezweho n'umuriro w'amashanyarazi	4.3%	10.8%
IMIBEREHO MYIZA		
Ubwitabire bw'abanyeshuri mu amashuri abanza	86.6%	91.7%
Ijanisha ry'abakoresha amazi meza (% with safe drinking water)	70.3%	74.2%
Ipfu z'abana (Infant mortality)	86/1000	50/1000
Abana bapfa batarageza imyaka itanu	152	76
Abagore bapfa babyara	750/100000	487/100000

Hakwibutswa ko izi gahunda zashyizweho zagiye ziterwa inkunga n'abafatanyabikorwa banyuranye kandi bakaba bishimira imikoreshereze y'inkunga batera u Rwanda.

Ikindi nuko muri icyo gitabo jenocide yakorewe abatutsi, ingaruka yateye u Rwanda n'uburyo u Rwanda rwakoresheje ngo ruhanganane nazo, nta mwanya bihabwa n'abo bashakashatsi kugira ngo

²³⁷ Rwandan Household Living Conditions Survey

n'utazi u Rwanda ashobore kubona aho rwavuye, aho rugeze n'aho rugana. Kunenga politiki y'u Rwanda wirengagije Jenoside kandi ari ryo pfundo rinini ry'ibibazo u Rwanda rwahuye nabyo ni uguta umurungo w'ubushakashatsi nyabwo no kugaragaza isura idafite aho ihuriye n'ukuri. Uwo mugambi utari mwiza w'abo bashakashatsi ugaragarira no mu nyito y'igitabo kuko bahisemo kwirinda ijamba Jenoside barisimbuza ubwicanyi nyamwinshi (mass violence). Gupfobya jenoside ni aho bitangirira.

Ikigaragara nuko icyo gitabo cyanditswe kigambiriye gusebya u Rwanda no kurwangisha amahanga mu gihe rwiteguraga amatora ya Perezida wa Repuburika yo muri 2011. Mu bacyanditse, harimo abagize uruhare muri raporo MAPPING nka Keneth ROTH, bakaba bari bafite umugambi wo gukoresha urwego rw'ubushakashatsi ngo baheshe agaciro inyandiko z'ibinyoma zitigeze zigahabwa mu buryo bwa politiki na diplomasi mu Miryango mpuzamahanga. Bizeraga ko u Rwanda ruzakomanyirizwa kandi abaterankunga bagashyira igitutu ku buyobozi bw'u Rwanda ku birebana n'ingingo zose abo banditsi bari banenze. Ubu ngubu, bamwe muri abo banditsi ba **"REMAKING RWANDA"** bari mu bashyigikiye imyanzuro ya Steven HEGE; Aho kugirango bo nk'abashakashatsi biyita inzobere mu mateka, politiki no mu mibanire y'abantu bacukumbure bavuge ikibazo nyakuri Kongo ifite, bamufashije gukwirakwiza ibinyoma biri muri raporo ye.

Ubu igitabo **"REMAKING RWANDA"** gikoreshwa na HRW mu kwereka abaterankunga b'u Rwanda ko rudakurikiza amahame yemewe ku rwego mpuzamahanga muri politiki, mu kubahiriza uburenganzira bwa muntu no mu iterambere, kugira ngo ruhabwe inkunga. Iyi myifatire n'iki cyifuzo, HRW yayigaragaje mu ibaruwa yandikiye umuyobozi mukuru wa Banki y'isi wungirije ushinzwe Afurika, Makhtar DIOP, ku wa 5 Nzeri 2012 isaba Banki y'isi guhagarika inkunga yageneraga u Rwanda²³⁸.

Igice cya kane: Itangazamakuru mpuzamahanga

Abanyamakuru bamwe babaye ibikoresho by'imiryango mpuzamahanga itari iya Leta nka HRW, bakandika inyandiko ziturutse mu makuru bahawe n'iyi miryango, batiriwe bacukumbura ngo bashakishye ukuri. Itangazamakuru ryakoreshejwe kuva muri jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, ibinyamakuru bimwe, cyane cyane ibyo mu Bufaransa, bifata umurungo weruye wo kuyihakana: "MARIANNE", "Afrika International", n'ibindi. Bamwe muri abo banyamakuru bamamaye mu gusebya u Rwanda, guhakana jenoside yakorewe abatutsi, gufata u Rwanda nka nyirabayazana w'ibibazo bya Kongo bahora kuri za Televiziyo babiba urwango n'ibinyoma. Barimo abazungu n'abanyafurika : Pierre PEAN²³⁹, Charles ONANA, Marie-Roger BILOA²⁴⁰,

²³⁸ HRW, "Rwanda : Lettre au Vice-président de la Banque mondiale pour la Région Afrique concernant le Rwanda. Préoccupations relatives à la situation des droits humains au Rwanda et au soutien militaire rwandais au groupe armé M23 en RD Congo", 5 septembre 2012

²³⁹ Mu gitabo cye Noires Fureurs blancs menteurs, 2005, Fayard, Pierre PEAN yanditse ko « Abatutsi bafite muri kamere yabo umuco w'ububeshyi n'uburiganya = la culture du mensonge et de la dissimulation, kandi ngo abagore b'Abatutsikazi bakaba bazi guhitamo abo baryamana nabo mu Miryango mpuzamahanga kugira ngo bakoreremo politiki » = choisir des lits appropriés pour infiltrer certaines organisations internationales).

Stephen SMITH (France)²⁴¹, Peter VERLINDEN (Belgique)²⁴², Robin PHILPOT (Canada)²⁴³,... Muri iyi ntambara ibera mu Burasirazuba bwa Kongo, ikinyamakuru THE GUARDIAN cyo mu Bwongereza nacyo cyafashe umurongo wo kwandika gusa inyandiko zivuga nabi u Rwanda.

Iyo abo banyamakuru bativugiye ibitekerezo byabo nyirizina, batumira abitwa impuguke twavuze haruguru zituruka muri za ONG cyangwa muri za Kaminuza ariko babogamye, bagatanga ibiganiro mu binyamakuru, kuri radiyo na za televiziyo, nyuma bigashyirwa ku mbuga za Interineti z'ibyo binyamakuru, bigakomeza gukwiza ibinyoma. Ku kibazo cy'umutekano muke uri mu burasirazuba bwa Kongo, radiyo nyinshi na televiziyo z'iburayi zifashishije abantu nka Filip REYNTJENS na Andre GUICHAOUA kandi bamaze imyaka irenga icumi badakandagira mu Rwanda.

Abandi banyamakuru bagenda batumira abayobozi ba za ONG zikorera mu Karere k'ibiyaga bigari, nka Thierry VIRCOULON wa ICG, Anecke Van WOUDEBERG wa HRW, abahagarariye "AMNESTY INTERNATIONAL", "GLOBAL WITNESS",... icyo aba bantu bo muri za ONG bakoze ni ugusubiramo no gutsindagira ibirego byanditswe na Steven HEGE. Nta na rimwe bagaragaje ibisubizo u Rwanda rwatanze kuri buri kirego, uretse kuvuga gusa ko ibisubizo by'u Rwanda nta reme bifite, ko nta cyizere bifitiwe. Itangazamakuru rya nyaryo ryagombye gusuzuma ibirego

Ibinyamakuru bitagira ingano byo mu Burayi, cyane cyane mu Bufaransa byamaganye icyo gitabo : Le Nouvel observateur, 24 novembre 2005 ; Le Soir, 26 novembre 2005 ; Liberation, 29 novembre 2005 ; La Libre Belgique, 1^{er} décembre 2005 ; Le Monde 3 & 9 décembre 2005 ; Jeune Afrique, 4 décembre 2005 ; Le Figaro, 7 décembre 2005 ; La Croix, 12 décembre 2005 ; etc.

²⁴⁰ Charles ONANA na M. R. BILOA ni Abanyakameruni bafite ubwenegihugu bw'Ubufaransa. ONANA yanditse ibitabo bitandukanye ku Rwanda birimo ibinyoma biteye agahinda : *Les secrets du génocide rwandais. Enquete sur les mysteres d'un president* (Duboiris, 2002); *Les Secrets de la justice internationale: enquêtes truquées sur le génocide rwandais* (préface de Pierre Péan), Duboiris, 2005; *Silence sur un attentat*, Duboiris, 2005; *Ces tueurs tutsi au cœur de la tragedie congolaise* (préface de Cynthia McKinney), Duboiris, 2009. Marie BILOA ayobora ikinyamakuru cyitwa Africa International. Bombi bahakana jenocide yakorewe abatutsi, bagashinja Perezida w'u Rwanda, Paul KAGAME, ngo kuba ariwe wishe Juvenal HABYARIMANA. Bavuga ko KAGAME ategukeshaga igitugu, ngo akaba yarakoze jenocide ku mpunzi z'abahutu muri Kongo kandi ngo akaba atera Kongo agamije kwigarurira ubukire bwayo no kwagura ubutegetsi bw'abatutsi n'abahima mu karere.

²⁴¹ Stephen SMITH yabaye umunyamakuru wa « Le Monde » na « Liberation » mu Bufaransa. Mu nyandiko ze nyinshi yanditse akwiza ibinyoma ku Rwanda nko kwerekana ko ngo FPR ariyo yishe Perezida HABYARIMANA, ngo FPR yakoze jenocide muri Kongo. Urugero : « Liberation, 10 mars 1997 », « Zaire, un témoin raconte les massacres ». Iyi nyandiko isubiramo ibinyoma byakwijwe n'umupadiri wera witwa Laurent BALAS wabayer uwa mbere mu guhimbira ingabo z'u Rwanda kwica impunzi muri Kongo. Nyamara, Musenyeri wa Goma, NGABU Faustin we yarabibeshyuje : « Mgr NGABU combat l'esprit de vengeance », La Croix, 12 Mars 1997.

²⁴² Peter VERLINDEN ni umunyamakuru w'Umubiligi ukorera Televiziyo y'abafalama yitwa VRT. Ahakana jenocide yakorewe abatutsi, akitirira FPR ibibi biri mu Rwanda.

²⁴³ Robin PHILPOT ni umunyamakuru wo muri Canada (Quebec). Ahakana jenocide yakorewe abatutsi, akerekana ko ibintu byose bimeze nabi mu Rwanda kuva muri 1994 kandi ngo bikaba biterwa na FPR. Kimwe mu gitabo yanditsemo ibyo binyoma muri 2003 cyitwa : « *Ça ne s'est pas passé comme ça à Kigali* ». Afatanyaga muri ibyo bikorwa bye n'umuvandimwe we witwa John PHILPOT uburanira abakoze jenocide mu rukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda.

ariko rikanareba ibisubizo u Rwanda rwatanze kuri buri kirego, rikabigaragariza abasomyi babyo cyangwa se abumva radio na televiziyo.

Muri make, ku bijyanye n'intambara hagati ya M23 na FARDC, itangazamakuru ryo mu mahanga ryibanze mu kwamagana u Rwanda na M23 rikoreshejwe na zimwe muri ONG mpuzamahanga n'itsinda rya Steven HEGE. Urugero: "The Guardian" yo ku wa 30 Nyakanga yabeshyeye Ambasaderi w'Amerika Stephen RAPP ko yavuze ko Perezida KAGAME ashobora kuzakurikiranwa n'urukiko mpuzamahanga rwa La Haye kubera uruhare rwe mu gishyigikira M23. Ibinyamakuru byinshi byahise bikwiza iyo nkuru kandi yari ikinyoma. icyakora, hari ibinyamakuru nka "The Time" yo muri Afrika y'epfo na "Libération" byo mu Bufaransa byageze aho imirwano ibera bitanga amakuru yuko basanze ibintu byifashe, badashingiye kuri raporo yatanzwe na Steven HEGE²⁴⁴.

Hari n'abandi banyamahanga kandi bajijukiwe n'ikibazo cy'intambara muri Kongo bashoboye gushishoza no gushakisha ukuri bakanenga raporo ya Steven HEGE. Urugero: Jendayi FRAZER wahoze ari umuyobozi wungirije ushinzwe Afurika muri Perezidansi ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika yaganiriye na television ya "Aljazeera" ku wa 3 Ukuboza 2012 ayisobanurira icyo atekereza ku birego biri muri raporo ya HEGE :

"Impuguke za Loni zitunga agatoki ntizigeze na rimwe zifasha mu gukemura ikibazo cyo mu karere k'Ibiyaga Bigari. Ikintu kimwe kizafasha ni uko Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya USA ishyingikira umugambi w'inama y'abakuru b'ibihugu bigize ICGLR. (...) Nasomye raporo ya Loni. Ntabwo ntekereza ko ibimenyetso byagaragajwe muri raporo byafatwa nk'ukuri. Byongeye kandi sinzi n'impuguke zakoze raporo izo ari zo. Hari byinshi mu bibusanye ku byerekeye abo izi mpugukeye ari zo ndetse na gahunda yabo iyo ari yo. Ariko icyo nzi ni uko muri aka karere hari ibibazo bibangamiye ikiremwa muntu." (...) Igisubizo cyanjye ni uko nasomye raporo ya Loni insigira gushaka kumenya ibimenyetso. (...) Ibimenyetso byo muri raporo ya Loni byatanzwe n'abantu batazwi binsigira kubyibazaho."

Umunyamakuru yakomeje amubaza ati : *"Abandi bo muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga nka Johnnie Carson, Umunyamabanga wungirije ushinzwe Afurika, na R. Barrie Walkley, intumwa yihariye mu karere k'Ibiyaga Bigari, bose bavuze ko bakeka ko Perezida Paul Kagame afite uruhare muri M23. Loni, u Bwongereza byavuze ku mugaragariko ko hano harimo ikibazo...uravuga ko aba bose bihuriye gutanga umwanzuro nta gihamba ifatika bafite?".* Igisubizo cya FRAZER : *"Ni ryari Barrie Walkley na Johnnie Carson baheruka i Goma ?... Ryari ?"*²⁴⁵!

Icyo FRAZER anenga nuko abantu bicara kure mu mahanga bakavugaga u Rwanda nk'aho baba barurimo, iteka bagendeye ku makuru y'ibinyoma baba basomye muri za raporo zikorwa

²⁴⁴ Liberation, 28 novembre 2012, "Dans le Nord-Kivu, le M23 abandonne Goma"; 6 Décembre 2012, "Rwanda : Les assaillants étaient vetus d'uniformes congolais"; 10 décembre 2012, "Goma survit à portée des rebelles"; Les pourparlers engagés en Ouganda sont boycottés par le M23 dès le deuxième jour de discussions";...

²⁴⁵ www.igihe.com

n'abanyamahanga, bikingiriza izina ry'impuguke, baba batakoze ubushakashatsi bunonosoye kandi bwujuje ibyangombwa byose bikenewe muri ako kazi.

Radiyo z'amahanga zivugira mu Rwanda, cyane cyane BBC ishami muri porogaramu zayo z'ikinyarwanda na "VOICE OF AMERIKA" mu Kinyarwanda no mu gifaransa²⁴⁶, ndetse na zimwe muri zo z'abanyarwanda, nazo zigira uruhare mu guha urubuga abantu bavuga amakuru atariyo. BBC na VOA zikunze gutumira abantu b'abanyarwanda baba mu mahanga, badaheruka kuza mu Rwanda no mu karere k'ibiyaga bigari, bakaba aribo basaba gukora isesengura ry'ibibazo by'umutekano muri Kongo.

Naho Radiyo zimwe na zimwe, ndetse na bimwe mu binyamakuru byandikwa byo mu Rwanda bigira ubunembwe bwo gushaka amakuru ya nyayo ugasanga zivuga ibyo zivanye kuri Interineti zitabanje gutekereza no gusesengura ukuri kw'ayo makuru n'ingaruka afite ku Rwanda.

Igice cya gatanu : Amashyirahamwe n'amashyaka y'abanyarwanda bo mu mahanga

Mu bihugu bimwe by'amahanga, cyane cyane mu Burayi, muri Amerika no muri Canada, hari amashyaka ya politiki yashinzwe n'abanyarwanda, amwe akaba yaragiye azima, andi akaba agikomeza. Ayo mashyaka yuririra iteka ku kibazo icyo aricyo cyose kibaye mu Rwanda no mu karere, agamije gutesha agaciro politiki nziza igihugu gifite, kugisebya no kugikomanyiriza mu mahanga, kandi akenshi akurikiranye inyungu zayo bwite.

Hari n'amashyirahamwe menshi nayo ahuje abanyarwanda, barimo abakoze jenocide, ariko mu by'ukuri akora ibikorwa bya politiki nubwo aba yambaye uruhu rwo kwitwa ishyirahamwe. Ayo mashyaka n'ayo mashyirahamwe akoresha ibikorwa bitandukanye byo gusebya u Rwanda, birimo gukoresha inama mbwirwaruhame, kwandikira abayobozi bakuru b'ibihugu babamo, kwandikira no gusaba imibonano n'abadepite b'ibihugu barimo bakabaha amakuru y'ibinyoma, kwiyegereza no gukorana na za ONG mpuzamahanga nazo bakaziha amakuru y'ibinyoma kandi bakazikoresha mu nyungu zabo, etc.

Amwe muri ayo mashyirahamwe ni ayitwa AVICA (Assistance aux Victimes des Conflits en Afrique centrale); CLIIR (Centre de Lutte contre l'Impunité et l'Injustice au Rwanda) en Belgique, Pro Justitia Rwanda (Pays-Bas); Justice et Réconciliation, Ibukabose (France), Collectif des Victimes des crimes de masse commis dans la Région des Grands Lacs Africains "COVIGLA" (France), FEIDAR = Fédération Internationale des Associations Rwandaises (France), etc ...

²⁴⁶ Voice of Amerika mu makuru yayo y'igifaransa yerekeye intambara ibera mu burasirazuba bwa Kongo hagati ya FARDC na M23, cyane cyane ahita 7h30 za mu gitondo abogamira ku buryo bugaragara ku ruhande rwa Guverinoma ya Kongo. VOA yagiye iha ijambo gusa abayobozi ba Kongo n'abagize sosiyete sivile ya Kongo, bagatuka u Rwanda, ariko nta na rimwe yahaye ijambo abayobozi b'u Rwanda.

Ku itariki ya 26 Gashyantare 2009, abiri muri ayo mashyirahamwe, CLIIR ihagarariwe na Joseph MATATA na FEIDAR ihagarariwe na JMV NDAGIJIMANA²⁴⁷ batanze ikirego mu rukiko mpuzamahanga rwa La Haye barega bamwe mu bayobozi b'u Rwanda n'aba Kongo, bise ko bakoze ubwicanyi ku mpunzi z'Abahutu i Kasiki na Lubero muri Kongo. Abo ni Général Major John NUMBI, Général KABAREBE James, Thambwe MWAMBA na Bwana SAYINZOGA Jean.

Batanze Kopi mu Muryango w'Abibumbye, muri za ONG zisanzwe zikorana nabo kandi zibashyigikiye nka HRW na "Fondation S'OLIVAR" yo muri Espanye, ikaba ari imwe muri za ONG zifasha FDLR ziyishakira inkunga iburayi. Ikindi nuko "S'OLIVAR" ikorana n'umucamanza MERELLES wakoze impapuro zo gufata abayobozi bakuru b'ingabo z'u RWANDA. Iyo ONG kandi ni imwe mu zishyigikiye ishyaka rya FDU-INKINGI n'umuyobozi wayo INGABIRE-UMUHOZA Victoire. Mu by'ukuri bariya bayobozi ba Kongo n'u Rwanda bikomwe na CLIIR na FEIDAR ni abari bafatanyije mu gikorwa cyo kurwana FDLR mu gikorwa cya UMOJA WETU.

Ku bijyanye n'amashyaka ya politiki, hagiye habaho menshi, ariko amenshi muri yo yarahagaze, icyo asigaranye ni amazina gusa²⁴⁸ kuko nta n'abayoboze afite. Muri iyi myaka ibiri ishize (2010-2013) amashyaka agenda asakuza mu bihugu by'iburayi n'Amerika ni FDU-INKINGI na Rwanda National CONGRES.

Ku itariki ya 18 août 2012, aya mashyaka yajyanye ikirego mu rukiko mpuzamahanga rwa La Haye ngo arega Perezida w'u Rwanda²⁴⁹. Itangazo ritanga icyo kirego ryashyizweho umukono na

²⁴⁷ Jenocide yakorewe Abatutsi ikimara guhagarikwa muri nyakanga 1994, Bwana NGAGIJIMANA JMV yagizwe Minisitiri w'ububanyi n'amahanga muri Guverinoma ya mbere y'u Rwanda yiswe INZIBACYUHO. Mu kwezi kwa Ukwakira 1994 yoherejwe mu butumwa bw'akazi muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika aiyana na Perezida Pasiteri BIZIMUNGU. Bitewe nuko Banki zari zitaratangira gukora neza mu Rwanda nyuma ya jenocide, Bwana NDAGIJIMANA yagiye ahawe amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi Magana abiri by'amadolari y'Amerika akenewe Ambasade z'u Rwanda i Washington na New York. Ageze yacitse Perezida BIZIMUNGU ahungira i Paris atwaye ya mafaranga yose y'u Rwanda. Icyo gikorwa cy'ubusambo cyamaganywe na Minisitiri w'Intebe w'icyo gihe, Bwana Faustin TWAGIRAMUNGU (AFP, 23 octobre 1994, "Le ministre des affaires étrangères est un voleur, affirme le premier ministre"); Le Soir, 18 octobre 1994; New York Times October 19, 1994 : "Foreign Minister of Rwanda is reported Missing in New York".

²⁴⁸ Amashyaka yagaragaye y'Abanyarwanda mu mahanga ni : RDR (Rassemblement Républicain pour la Démocratie au Rwanda) ; FRD (Forces de Résistance pour la Démocratie) ; Forces de résistance-Haguruka ; Parti Banyarwanda ; RPR/ARPR Inkeragutabara (Rassemblement Populaire pour la libération du Rwanda, ariyo yashinze umutwe wa gisilikare witwaga Armée du Rassemblement Populaire pour la libération du Rwanda) ; Mouvement Nation-Imbaga y'Inyabutatu ; FDLR (Forces Démocratiques de Libération du Rwanda) ; URD (Union des Rwandais pour la République et la Démocratie) ; ARENA (Alliance Rwandaise pour la Renaissance de la Nation) ; CNA-Ubumwe (Convention Nationale Ubumwe) ; PDN (Pacte Démocratique National) ; Congrès National Inteko ; CDA (Congrès Démocratique Africain) ; RUD-Urunana (Ralliement pour l'Unité et la Démocratie) ; PDR-Ihumure (Parti pour la Démocratie au Rwanda) ; Parti Amahoro-PC (People's Congress) na MPDD (Movement for Peace Democracy and Development).

²⁴⁹MEMORANDUM DES PARTIS POLITIQUES FDU-INKINGI ET RNC A L'OCCASION DU DEPOT DE PLAINTÉ AU-PRES DE LA COUR PENALE INTERNATIONALE CONTRE LE PRESIDENT RWANDAIS LE Gal PAUL KAGAME POUR LES CRIMES COMMIS AU RWANDA ET EN REPUBLIQUE DEMOCRATIQUE DU CONGO.

NKIKO NSENGIMANA ku ruhande rwa FDU-INKINGI na Théogène RUDASINGWA²⁵⁰ ku ruhande rwa RNC. Muri icyo kirego, FDU-INKINGI na RNC nta kintu gishya bavuga uretse gukusanya ibyo bavanye muri raporo za HRW, “AMNESTY INTERNATIONAL”, “REPORTERS SANS FRONTIERES”, “GLOBAL WITNESS”, “International Crisis Group”, n’izindi nk’izo.

Igice cya gatandatu: Sosiyete sivile ya Kongo

Kuva muri 1994 nyuma y’aho ex-FAR n’interahamwe bagereye muri Kongo, ariko cyane cyane mu bihe by’intambara zitandukanye zabaye muri icyo gihugu, Sosiyete sivile ya Kongo yafashe umurongo wa politiki wo gusebya u Rwanda no kurwitirira ibibazo biri mu burasirazuba bw’icyo gihugu. Ndetse n’amashyirahamwe y’abanyekongo bo mu mahanga yafashe iyo ntero, yo kwikoma u Rwanda no kuruharabika.

Aho imirwano ya M23 itangiriye, iyo myifatire yafashe intera ndende, kugeza aho bamwe mu Banyekongo bakorera ibikorwa by’urugomo abanyarwanda, birimo ubwicanyi. Nubwo kugeza ubu anketi zigikomeza mu gihugu cy’Ububiligi ku Banyarwanda bahuye n’ibikorwa by’urugomo ndetse umwe muri bo bikamuvuramo gupfa, ariko ababikoze bakaba bataratangazwa kimwe n’impamvu zabibateye, ntawabura gutekereza ko bifitanye isano n’ibirego byatanzwe na Steven HEGE bishinja u Rwanda kuba ruri muri Kongo.

Ibyo bikorwa bibi, umuntu yabigereranya n’urundi rugomo bamwe mu Banyekongo bagiye bakorera abanyarwanda mu bihugu by’iburayi nko mu Bufaransa muri 2011, igihe Nyakubahwa Perezida wa Repuburika yakoreraga urugendo muri icyo gihugu. Icyo gihe abanyekongo bateze abanyarwanda i Paris barabakubita, bamwe barahakomerekerera bikabije. Urwo rwango ruturuka akenshi ku makuru akwizwa na Sosiyete sivile ya Kongo n’itangazamakuru ryo muri icyo gihugu.

Muri iki gihe, amashyirahamwe y’abanyekongo yo mu mahanga afatanye n’ay’abanyarwanda barwanya u Rwanda, bagasebya u Rwanda ku rwego mpuzamahanga, haba mu Muryango w’Abibumbye, mu Muryango w’Ibihugu by’iburayi, n’ahandi. Naho Sosiyete sivile ikorera imbere mu gihugu cya Kongo ivuga ijwi rimwe rya politiki nk’irya Guverinoma yabo, kandi igakwiza ibinyoma no kubiba urwango hagati y’abaturage b’ibihugu byombi. Iki ni ikibazo gikomeye gikwiye kwitonderwa n’amahanga kuko kwanganisha abaturage bishyira biganisha ku rwango rukomeye rushobora kuvamo ubwicanyi bw’indengakamere.

²⁵⁰ Théogène RUDASINGWA wahoze ari majoro mu ngabo z’u Rwanda, yahunze igihugu acika gukurikiranwa mu butabera kubera ubujura n’ibindi byaha bikomeye. Ku itariki ya 14 Mutarama 2011, Urukiko Rukuru rwa Gisilikare rwaciriye urubanza Jenerali KAYUMBA NYAMWASA, Majoro Théogène RUDASINGWA, Coloneli Patrick KAREGEYA na Gerald GAHIMA rubahamya icyaha cyo guhungabanya umudendezo wa Leta, kurema umutwe w’abagizi ba nabi, ivangura n’amacakubiri, gutukana no gusebanya no gutoroka igisilikare.

1. Amashyirahamwe y'abanyekongo bo mu mahanga

Aya mashyirahamwe ashya imbaraga nyinshi mu kwangisha u Rwanda ibihugu birutera inkunga, harimo Umuryango w'ibihugu by'iburayi. Urugero rw'ishyirahamwe ryitwa APARECO rigaragaza imbaraga zishyirwa muri icyo gikorwa. Ku itariki ya 13 Nzeri 2010, ishyirahamwe ry'abanyekongo ryitwa "Alliance des patriotes pour la refondation du Congo" (APARECO) rifite icyicaro i Bruxelles ryakoze ubukangurambaga mu Nteko Ishinga Amategeko y'Ibihugu by'iburayi (Parlement européen) bikoresheje ibaruwa ifunguye yandikiwe Abadepite²⁵¹. Iryo shyirahamwe rigaragaza ko icyo rigamije ari uguhuza andi mashyirahamwe yose aharanira kurwanya abigaruriye Kongo, ibikorwa by'urugomo, ubusahuzi bw'amabuye y'agaciro no kurwanya icikamo ibice bya Kongo : *"plate-forme politique contre le processus d'occupation, les violences, les pillages et la balkanisation de la République démocratique du Congo (RDC)"*.

Muri iyo baruwa, abo banyekongo baravugaga ko icyo bagamije ari ukugira ngo bakangurire abadepite b'ibihugu by'iburayi kumenya no gutanga ubufasha mu kumenyekanisha ibikubiye muri raporo Mapping yagombaga gusohoka ku itariki ya 1 Ukwakira 2010. Bakerekana ko ibikubiye muri raporo MAPPING ari icyegeranyo cy'izindi raporo zakozwe kuri Kongo cyane cyane iza Emma BONINO (wahoze ari Komiseri mu Muryango w'Ibihugu by'iburayi ushinzwe ubutabazi), Roberto GARRETON (wahoze ari intumwa idasanzwe ya ONU ishinzwe uburenganzira bwa muntu muri Kongo), Aldo AJELLO (wahoze ahagarariye Umuryango w'Ibihugu by'iburayi muri Kongo) na za ONG z'uburenganzira bwa muntu.

Bagaruka ku birego by'ingenzi bikubiye muri raporo MAPPING, bagamije gukwiza ibinyoma bibeshyera u Rwanda no kurwitirira ibyaha bikomeye rutakoze. Barabivugaga muri aya magambo : *"Ledit rapport décrit une décennie de damnation, une période sombre de l'histoire de l'humanité en RDC. Bien que qualifiant les actes commis des crimes de guerre et contre l'humanité, et ou de génocide, il est souligné: 'aucun rapport ne peut suffisamment décrire l'horreur de ce que les populations civiles au Zaïre devenu République démocratique du Congo ont vécu'. Mais malgré cela, le sort des millions des victimes congolaises et des milliers des victimes hutus rwandais n'avait jusqu'à présent ému personne, ni l'ONU, ni l'Union Européenne."*

Bakomeza basaba ko Abadepite b'ibihugu by'iburayi, bafasha iryo shyirahamwe ry'abanyekongo kugira ngo igihe raporo MAPPING izaba yatangajwe, izatume hafatwa icyemezo cyo gushyiraho urukiko mpuzamahanga rwa Kongo rwo gukurikirana abavugwa muri Raporo MAPPING : *"Nous sommes d'avis, la publication officielle dudit rapport constituera, sans aucun doute, un moment important dans la lutte contre l'impunité généralisée existant dans la région des Grands Lacs africains. Aussi, nous vous adressons, aujourd'hui, un appel solennel en votre qualité de député européen, afin de soutenir la demande du peuple congolais de mise sur pied d'un Tribunal spécial"*

²⁵¹ RDC: Lettre Ouverte aux Députés Européens: Le Peuple Congolais demande Justice. 13 septembre 2010.

international, ad hoc, pour la RDC, à l'instar des Tribunaux pour le Rwanda, la Sierra Leone, l'ex Yougoslavie et le Liban. L'heure est, en effet, venue pour que les vraies valeurs de l'Union Européenne triomphent sur l'indifférence, l'injustice, le laxisme et l'impunité ayant prévalu jusqu'à présent dans le traitement du drame congolais. Ainsi, nous pensons que le Parlement européen, creuset de la démocratie et des valeurs humanistes, gardien du respect des droits fondamentaux de l'homme, ne restera pas indifférent face à ces atrocités et fera des recommandations appropriées en ce sens au Conseil européen."

Ibaruwa ya APARECO ikomeza igaragariza Abadepite b'iburayi akamaro n'ubwihutirwe bwo gushyiraho urukiko mpuzamahanga rwa Kongo, bavuga ko abakoze ibyaha ndengakamere bari ku butegetsi mu Rwanda ndetse no muri Kongo. Ibaruwa igasaba Abadepite b'iburayi kutabeshywa n'ibisobanuro bitangwa n'u Rwanda na Kongo : *"La nécessité d'un Tribunal pénal international s'explique, par ailleurs, comme cela ressort clairement du rapport de l'ONU, que tous les principaux responsables des crimes exercent actuellement les plus hautes fonctions politiques ou militaires dans leurs pays respectifs. L'agacement et les pressions de Kigali, ainsi que les considérations politico-juridiques émises par le gouvernement congolais démontrent, si besoin en était, l'implication directe des autorités de ces pays. Le peuple congolais est, néanmoins, convaincus que toutes ces pressions n'entameront pas votre soutien personnel et celui du Parlement européen."*

Ibaruwa ya APARECO irangiza ibwira Abadepite b'iburayi ko nubwo Jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda muri 1994 ari icyaha cy'indengakamere, ko icyo cyaha kitagombye gutuma amahanga aba nk'impumyi ngo yirengagize uruhare rw'ingabo z'u Rwanda mu byaha byabereye muri Kongo, ko Jenocide yabaye mu Rwanda itaruta ubundi bwicanyi bwabaye ahandi hose ku isi harimo Kongo. Abo banyekongo bagabanya nkana umubare w'abatutsi bishwe muri 1994, noneho bakazamura umubare mpimbano w'abantu bapfiriye muri Kongo, washyizwe imbere na ONG yitwa "International rescue Committee", kugira ngo bumvikanishe ko urukiko mpuzamahanga rwa Kongo ari ngombwa ko kandi rwihutirwa:

"Nous estimons aussi, loin de minimiser les responsabilités d'autres pays mis en cause, que l'émotion combien compréhensive suscitée par l'horreur du génocide rwandais de 1994, ne peut pas continuellement aveugler le monde civilisé sur les agissements de l'armée rwandaise en sol congolais, car il n'y a pas de bonnes et mauvaises victimes. En effet, pourquoi, les millions des morts congolais et les milliers des morts hutus rwandais devraient simplement être relégués dans un compte de perte et profit? Pourquoi, ce qui a été entrepris pour l'ex Yougoslavie (400 milles morts), la Sierra Leone (200 milles morts), le Rwanda (800 milles morts) et le Liban (assassinat du Premier ministre Hariri) ne serait pas possible pour les morts congolais (4 à 5 millions) et hutu (des milliers)?

Pourquoi, les crimes commis au Darfour et au Sud Soudan, seraient-ils plus répréhensibles que les crimes de génocide, de guerre et contre l'humanité perpétrés en RDC? Pourquoi, le génocide

rwandais de 1994, serait-il plus condamnable que les massacres commis contre les congolais et hutu Rwandais?"

Biraboneka ko ikigamijwe atari ukugaragaza impamvu n'imiterere y'ibibazo bitera umutekano muke muri Kongo n'igituma intambara zihora zigaruka mu Burasirazuba bw'icyo gihugu. Ntabwo aba Banyekongo bashaka kurebana ubwitonzi n'ubuhanga, impamvu n'umuti w'ibyo bibazo. Bahisemo gufunga amaso n'amatwi, bahitamo kwitirira ibibazo byabo u Rwanda n'abayobozi barwo, bagamije kubakoza isoni mu mahanga no kubakomanyiriza, kugeza ku cyifuzo cyo kubajyana mu nkiko mpuzamahanga. Igitangaje kandi kibabaje nuko inyinshi muri icyo miryango yashyizweho n'abantu ku giti cyabo bagamije kuyishakamo amaramuko, ariko mu by'ukuri nta bantu ihagarariye, kandi ugasanga ihabwa ijamba kuri radiyo mpuzamahanga no mu buhamya bwakirwa na ONG.

2. Sosiyete sivile yo mu Burasirazuba bwa Kongo

Amashyirahamwe agize Sosiyete sivile yo mu Burasirazuba bwa Kongo, yagaragaje urwango rukomeye ku Rwanda kandi ariyo yagombye gufasha icyo gihugu mu gushaka umuti nyawo w'ibibazo bitera umutekano muke. Bitewe nuko ayo mashyirahamwe ariyo akorera mu karere imirwano iberamo, abayagize bakaba ariho bakomoka, bagombye kuba bazi impamvu nyazo zitera intambara, bakanamenya inzira yakoresheye mu kubikemura burundu, aho kugendera kuri raporo zikorwa n'abanyamahanga.

Ikindi nuko ayo mashyirahamwe atandukira inshingano zayo zo kutabogama no gushaka umuti nyawo wafasha abatwaga b'abanyekongo, agahitamo guharanira inyungu za politiki, akoresheje ibinyoma no kubiba urwango ku Rwanda n'abanyarwanda. Ibyo amashyirahamwe y'abanyekongo ari mu mahanga akora ni nabyo ari imbere mu gihugu akora, n'uburyo bakoresheye bukaba bumwe bwo kwitirira u Rwanda ibibazo bya Kongo bifatwe n'abaturage ba Kongo kubera ubuyobozi bw'icyo gihugu butashoboye cyangwa butashatse kubikemura. Ingero:

- Ku itariki ya 13 Nyakanga 2012, Sosiyete sivile ya "Maniema" yakoresheje imyigaragambyo mu mujyi wa Kindu bagaragaza ko icyo bagamije ari ukwamagana intambara yashojwe n'u Rwanda mu Burasirazuba bwa Kongo: *"l'agression du Rwanda dans l'Est de la RDC"*²⁵². Kuri uwo munsi, imirimo yarahagaze mu mujyi wa Kindu, byerekana ko n'abategetsi b'Intara ya "Maniema" bari bashyigikiye icyo gikorwa cya Sosiyete sivile.
- Ku itariki ya 31 Kanama 2012, itangazo ryashyizweho umukono n'umuyobozi wungirije wa Sosiyete sivile y'amajyaruguru ya Kivu, Omar KAVOTA, ryatangaje ibaruwa icyo

²⁵² <http://www.africamission-mafr.org/journalpac198.pdf>. Consulté le 10 janvier 2013

sosiyete sivile yari imaze kwandikira Inama ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye iyisaba kwihutisha gufatira ibihano u Rwanda, aho gusaba ihagarikwa ry'imirwano. Itangazo ryavugaga ko niba bitagenze uko sosiyete sivile ibisaba ngo bizatuma abanyekongo bafata icyemezo cyo kwikemurira ikibazo cy'iyi ntambara. Iyi mvugo iragaragaza ko Sosiyete sivile ya Kongo nta bushake ifite bwo gushaka umuti w'ibibazo bireba igihugu cyabo: *“Le Conseil de sécurité devrait sanctionner le Rwanda au lieu de lui demander de cesser son soutien à ces rebelles. Cette position de l'ONU risque de pousser les Congolais à se prendre en charge face à l'agression²⁵³»*.

- Ku itariki ya 9 Nzeri 2012, Omar KAVOTA yakwije ikinyoma kivuga ko ingabo z'u Rwanda zari zarakambitse i Rutshuru ku bwumvikane na Kongo mu gikorwa cyo kurwanya FDLR zitatashye mu Rwanda nkuko byatangajwe ko ahubwo zivanze n'iza M23 : *“Plusieurs témoignages renseignent que ces troupes auraient quitté Rutshuru pour se relocaliser vers d'autres localités comme Bunagana, et d'autres seraient partis à Ishasha” (...).« Nous sommes également alertés du renforcement des effectifs des éléments rwandais en appui au M23 dans plusieurs localités²⁵⁴»*.

Twibutse ko abo basilikare b'ingabo z'u Rwanda bari baragiye muri Kongo kuva muri Gashyantare 201, ku bwumvikane bw'ibihugu byombi kugira ngo bafatanye guhashya FDLR kandi ibikorwa byabo byari byishimiwe n'abaturage ba Kongo kubera ko bari barashoboye kubagarurira umutekano usesuye utari warigeze uboneka muri icyo gihugu²⁵⁵. Abasirikare bose b'u Rwanda batahutse ku mugaragaro ku itariki ya 31 Kanama 2012²⁵⁶ kandi Guverinoma ya Kongo ubwayo yarabyemeje. Minisitiri w'ingabo wa Kongo, Alexandre Luba Ntambo, yasobanuye ko abo basilikare b'u Rwanda bari baragiye muri Kongo ku buryo buzwi kandi buziranyweho n'ibihugu byombi²⁵⁷.

- Ku itariki ya 17 Nzeri 2012, abagore bibumbiye mu mpuzamashyirahamwe ya Sosiyete sivile ya Kivu y'Amajyaruguru igizwe n'amashyirahamwe arenga 20, yanditse ibaruwa ifunguye igenewe Perezida w'Ihuriro ry'ibihugu 11 byo mu Karere k'Ibiyaga bigari (ICGLR) ivuga ko batemera ibiganiri hagati ya Guverinoma ya Kongo na M23 ko kandi bamaganye intambara u Rwanda rwashoje muri Kongo²⁵⁸.

²⁵³Nord-Kivu : la Société civile accuse l'ONU de laxisme envers le Rwanda. <http://www.africamission-mafr.org/journalpac198.pdf>.

²⁵⁴ Radio OKAPI, “Nord-Kivu: des militaires des forces spéciales rwandaises se rallient au M23, selon la société civile”, 7 septembre 2012 : <http://radiookapi.net>

²⁵⁵ Ikiganiri Itsinda ryagiranye na Minisitiri w'ingabo w'u Rwanda, Jenerali James KABAREBE

²⁵⁶Radio OKAPI, 3 septembre 2012, “[Retrait des forces spéciales rwandaises de Rutshuru](#)”

²⁵⁷ Radio OKAPI, 2 septembre 2012, “RDC: le départ des forces rwandaises de l'Est du pays soulève des questions”

²⁵⁸ Radio OKAPI, 18 Septembre 2012, “RDC: des organisations féminines du Nord Kivu s'opposent au dialogue entre le Gouvernement et le M23”

- Ku itariki ya 12 Ugushyingo 2012, abagize Komite nyobozi za Sosiyete sivile z'intara enye : Kivu y'Amajyaruguru, "Maniema" , "Province orientale", Katanga na Kivu y'Amajyepfo bakoreye inama y'iminsi ibiri i Goma basuzuma ibibazo by'intambara biri mu burasirazuba bwa Kongo n'uburyo bwakoreshwa ngo hashakwe umuti wabyo. Itangazo risoza iyo nama ryasomwe na John Masimango uhagarariye sosiyete sivile ya "Maniema"²⁵⁹, ryagaragaje ko abayirimo basaba ko Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano kuri Kongo yahana u Rwanda, kuko ngo ruregwa kuba rwarateye Kongo, rukaba rwaranigaruriye agace k'ubutaka bwa Kongo : « *Le comité des sanctions doit adopter des sanctions conséquentes à l'endroit des autorités rwandaises impliquées dans l'agression de la RDC, obliger l'armée rwandaise de se retirer sans délais du sol congolais sans conditions et voter une résolution demandant la CPI à poursuivre les responsables des graves violations des droits de l'homme et des crimes de guerre* ».

Basabye kandi ko Komite y'Umuryango w'Abibumbye yakongerera MONUSCO manda kugira ngo ishobore guhangana n'imitwe yitwaje intwari, harimo M23 : "*le comité des sanctions de l'ONU devra également élargir le mandat de la MONUSCO en faisant de sa mission celle d'imposition de la paix en vue de la charger d'éradiquer dans un bref délai le groupes armés opérant en RDC comme le Mouvement du 23 mars, (M23), les rebelles rwandais des FDLR, la rébellion ougandaise d'ADF/NALU et les autres milices locales.*" John MASIMANGO yongeyeho ko abarwanyu ba M23 bagombye kujyanwa mu rukiko mpuzamahanga rwa La Haye kugira ngo bacirwe imanza ku byaha bakoze.

Mu by'ukuri, MONUSCO isanzwe ifite iyi manda yo gukoresha imbaraga ikarengera abasivile. Nta kintu gishya ikeneye ko cyongerwa muri manda isanganywe kugirango ishobore cyangwa itinyuke kurengera abasivile, ihangana n'imitwe yitwaje intwari ikorera muri Kongo. Birasaba gutinyuka gusa no koherezayo abasirikare bafite ubushake n'ubushobozi bwo kuzuzanya ibikubiye muri manda MONUSCO ifite.

Iyo tariki ya 12 Nzeri 2012 Sosiyete sivile yahisemo kugira ngo ikore inama kandi isohore itangazo ryamagana u Rwanda ifite icyo isobanura. Ni kuri uwo muni, Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano kuri Kongo yagombaga guterana kugira ngo isuzume raporo zirebana na Kongo, kandi ifate ibyemezo bikenewe. Bwari mu buryo bwo gushakira uburyo Komite ya ONU yaha agaciro amakuru n'ibyifuzo bya sosiyete sivile ya Kongo, cyane cyane ko yanashyize imbaraga nyinshi mu kubikwiza mu binyamakuru mpuzamahanga kugira ngo birushaho kugira agaciro no kugera ku bantu benshi²⁶⁰.

²⁵⁹ Radio Okapi, 12 novembre 2012, « [RDC : la société civile de l'Est appelle l'ONU à sanctionner le Rwanda](#) »

²⁶⁰<http://radiookapi.net/actualite/2012/11/11/rdc-les-acteurs-de-la-societe-civile-exigent-des-sanctions-contre-le-rwanda/>

3. Sosiyete sivile yo mu zindi Ntara za Kongo

Umuvuduko wakoreshajwe na Sosiyete sivile yo mu Burasirzauba bwa Kongo ndetse n'iyi mu mahanga mu bikorwa binyuranye byo kubeshyera u Rwanda no kurukomanyiriza mu miryango mpuzamahanga n'ibihugu by'amahanga, ni nawo wakoreshajwe na Sosiyete sivile yo mu zindi Ntara zose za Kongo. Dutange ingero ebyiri gusa muri nyinshi zishoboka:

Ku itariki ya 9 Nyakanga 2012, impuzamashyirahamwe y'urubyiruko rwo muri Kongo (Collectif d'organisations des jeunes solidaires du Congo-Kinshasa = Cojeski) yasohoye itangazo rigaragaza ko bamaganye icyo bise uguceceka kw'Umuryango w'Abibumbye n'ukwa Guverinoma ya Kongo, ku cyo bise *"intambara yashojwe n'u Rwanda"* ndetse ngo hari na *"jenocide ikorerwa muri Kivu y'Amajyaruguru, bikoze n'u Rwanda"*²⁶¹.

Imiryango 140 ya Sosiyete sivile ya Kongo yishyize hamwe ifata icyemezo cyo gukora ibishoboka byose igafasha Guverinoma ya Kongo guhangana n'u Rwanda no kurukomanyiriza mu rwego rwa diplomasi na politiki mpuzamahanga. Ku itariki ya 16 Nyakanga 2012, iryo Huriro ryandikiye Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ibaruwa ndende isaba ibihugu bigize uwo muryango gufatira ibihano u Rwanda, ndetse no gusaba ibindi bihugu bitari mu Nama ishinzwe Amahoro ku Isi ko nabyo byakurikiza urwo rugero. Impamvu itangwa n'iryo huriro ngo nuko u Rwanda arirwo rushyigikiye inyeshyamba za M23, akaba ari narwo rukurura intambara n'ubwicanyi muri Kongo.

Iyo baruwa ikubiyemo amagambo akarishye kandi y'ibinyoma bikomeye, avanze n'urwango ruteranya u Rwanda n'ibihugu by'amahanga, cyane cyane ibigize Inama ishinzwe Amahoro ku Isi. Kubera uburemere bw'ibinyoma n'ubukana bukoreshwa muri iyo baruwa, hagamijwe kwereka abagize Inama ishinzwe Amahoro ku Isi ko u Rwanda rwamaze abantu muri Kongo, ko kandi niba rudahanwe by'intangarugero nta muti uzaboneka wo guhagarika intambara no kugarura amahoro mu Burasirzauba bwa Kongo, turasanga ari ngombwa kwerekana byinshi mu bikubiye muri iyi baruwa ndende ya Sosiyete sivile ya Kongo dukoresheje amagambo yabo ubwabo :

"Une fois de plus, des atrocités sont commises sur le sol de notre pays, la République démocratique du Congo (RDC). La population congolaise est victime d'attaques d'un groupe armé soutenu par le Rwanda : le M23."

²⁶¹ 9 juillet 2012, *"Mutinerie du M23: l'ONG Cojeski condamne le silence du gouvernement et du Conseil de sécurité"* : <http://www.africamission-mafr.org/journalpac198.pdf>

(...) Nous, organisations de la Société civile congolaise, dénonçons et nous insurgeons contre cette situation. Nous vous demandons, ainsi qu'à votre gouvernement, de prendre des mesures immédiates pour mettre fin à tout soutien du Rwanda au M23.

Les recherches effectuées par nos propres organisations ainsi que celles menées par le groupe d'experts des Nations unies, par la mission de maintien de la paix de l'ONU (MONUSCO) et par l'organisation internationale Human Rights Watch, apportent des preuves irréfutables démontrant le soutien du Rwanda au M23.

Ce soutien comprend la livraison d'armes et de munitions et l'envoi de recrues venant du Rwanda, en violation des résolutions des Nations unies. Des responsables rwandais sont impliqués, dont le ministre de la Défense. Nous avons également reçu des rapports crédibles que les soldats de l'armée rwandaise ont participé à des opérations contre l'armée congolaise, aux côtés des forces du M23, y compris au cours de la récente offensive à Bunagana, durant laquelle un Casque bleu des Nations unies a été tué. C'est aussi erroné de parler d'un réseau mafieux qui soutiendrait le M23 à partir du Rwanda, si en effet des militaires et officiers rwandais sont impliqués.

Nombre de nos organisations ont reçu des témoignages du soutien au M23 à partir du Rwanda. Nous n'avons donc aucun doute quant à son existence. Le soutien du Rwanda à la rébellion du M23 contribue à déstabiliser la RDC en dépit de tous les efforts consentis par les Congolais et la communauté internationale pour rétablir la paix dans les provinces du Nord-Kivu et du Sud-Kivu et développer l'économie du pays de façon durable."

(...) Nous vous demandons, ainsi qu'à votre gouvernement, d'appeler publiquement le gouvernement du Rwanda à mettre un terme à son appui à la mutinerie du M23. Pour prouver que les appels de votre gouvernement et ceux du Conseil de sécurité des Nations unies sont sérieux, nous espérons que vous serez prêts à suspendre l'aide au Rwanda ou à lui imposer des sanctions si le soutien au M23 ne cesse pas immédiatement.

(...) Les dirigeants des communautés congolaises tutsi et hutu, y compris les dirigeants militaires, politiques et hommes d'affaires, se trouvent sous une forte pression exercée par les dirigeants rwandais pour qu'ils rejoignent le mouvement ou le soutiennent. Certains d'entre eux ont été la cible de menaces de mort et beaucoup ont l'impression qu'ils n'ont pas d'autres choix que de se joindre au mouvement.

Au cours de deux dernières décennies, la population de l'Est de la RDC a souffert d'innombrables atrocités pendant les occupations et les rébellions soutenues par le Rwanda. Des centaines de milliers de civils congolais ont été tués lors de ces conflits et des millions d'autres ont été déplacés, blessés, violés ou torturés. Les rébellions de l'AFDL, du RCD et du

CNDP ont toutes bénéficié du soutien d'officiels rwandais, y compris de soldats de l'armée rwandaise qui ont souvent été déployés dans l'Est de la RDC et ont participé aux atrocités.

À de nombreuses reprises, la communauté internationale s'est montrée réticente à admettre le rôle du Rwanda dans les fléaux qui affectent la RDC, et peu de gouvernements ont pris les mesures nécessaires pour inciter le Rwanda à mettre fin à son soutien aux groupes armés présents dans l'Est de la RDC.

(...) Cacher ou ignorer la vérité sur le soutien du Rwanda aux rébellions dans l'Est de la RDC ne nous a jamais permis d'avancer ni vers la paix, ni vers la stabilité, ni vers la fin des cycles de violence et de l'impunité tant attendue. Plus la communauté internationale attend avant d'exercer sa pression sur le gouvernement rwandais, plus le M23 aura le temps de recruter de force nos enfants et d'étendre les territoires sous leur contrôle pendant que des milliers de personnes seront forcées de fuir. Nous sommes las d'être utilisés par les dirigeants rwandais dans la poursuite de leurs plans machiavéliques.

Nous vous demandons de faire tout pour mettre fin à ces ambitions belliqueuses, pour endiguer le soutien rwandais aux forces rebelles actuellement présentes dans l'Est de la RDC, pour engager davantage la MONUSCO dans la défense des populations civiles, et pour soutenir les efforts du gouvernement de la RDC dans la lutte contre le M23 et cette agression du Rwanda à peine voilée.²⁶²

Umuntu wese wasoma ibaruwa nk'iyi atazi ukuri nta mpamvu yatuma atihutira gusabira ibihano u Rwanda no gukora ibishoboka byose ngo u Rwanda rwamaganwe, kandi rukomanyirizwe nkuko Sosiyete sivile ya Kongo ibisaba. Ikibazo nuko ibyemezo nk'ibi bidashobora na rimwe gukemura ikibazo cy'umutekano muke wabaye akarande mu Burasirazuba bwa Kongo, igihe cyose habayeho kwigiza nkana no kwirengagiza impamvu nyazo zituma intambara zihora zigaruka muri kariya karere.

Igice cya karindwi : Abanyamadini bo muri Kongo

Abanyamadini bo muri Kongo nabo bagize uruhare rumwe n'urwa Sosiyete sivile, bikoma u Rwanda kandi bashyira imbaraga mu kurukomanyiriza mu rwego rw'amahanga. Bakoresheje ibiganiri mbwirwaruhame byamagana u Rwanda, bakoresha imyigaragambyo mu gihugu hose, bahura n'abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga muri Kongo, bajya no mu Nama ishinzwe Amahoro ku Isi no mu Nteko Zishinga Amategeko za bimwe mu bihugu bikomeye basaba ko u Rwanda rufatirwa ibihano bikaze. Ingero :

²⁶² <http://www.lepotentielonline.com> : " Soutien au M23 : Des ONG locales saisissent le Conseil de securite".

- Ku itariki ya 9 Nyakanga 2012, Padiri Léonard SANTEDI, umunyamabanga mukuru w'inama y'abasenyeri ba Kiliziya gaturika ya Kongo (Conférence épiscopale nationale du Congo =CENCO), yakoresheje ikiganiro n'abanyamakuru nyuma y'inama yari imaze guhuza abasenyeri bose. Ikiganiro cyabereye muri "Centre inter diocésain" i Kinshasa. Yatangaje ko mu myanzuro yafashwe, Abasenyeri bamaganye intambara ibera muri Kivu y'amajyaruguru na Kivu y'amajyepfo n'umugambi wo kwigarurira uburasirazuba bwa Kongo kandi ko bahamagariye abaturage bose ba Kongo guhaguruka bakarwanya umwanzi: *"Ces serviteurs de Dieu ont exprimé leur profonde consternation sur la guerre qui sévit encore dans les Nord et Sud-Kivu qui illustre le plan de balkanisation maintes fois dénoncé de la RDC. Ils ont appelé le peuple congolais au sursaut populaire pour sauver la patrie en danger"*²⁶³.

Padiri SANTEDI yongeyeho ko abasenyeri biyemeje gukomeza ibikorwa byo gukangurira abaturage babereka ko igihugu cyabo cyatewe kandi iyo ntambara ikaba yica inzirakarengane, ko bagomba rero guhaguruka bakayirwana: *« La guerre qui sévit dans l'Est tue des paisibles citoyens congolais. Nous menons une sensibilisation pour que les peuples se rendent compte que notre pays est en guerre et défendent le moindre centimètre de notre territoire national »*. Yasobanuye ko biyemeje gukora ibikorwa byo kubimenyesha Umuryango mpuzamahanga ko hari umugambi wo gucamo Kongo ibice : *"Il faut mener des actions pour que la communauté internationale se rende compte que le peuple congolais se lève comme un seul homme pour dire non à ce plan macabre de balkanisation de la RDC et d'émiette de notre pays"*²⁶⁴.

- Ku itariki ya 12 Nyakanga 2012, abakuru b'amadini atandukanye bakoreye inama i Kinshasa batangiza ikusanya ry'amasinyatire byibura angana na miliyoni rigamije kwamagana u Rwanda na M23 babita ngo ni abanyabyaha b'akarande bahungabanya umudendezo wa RDC : *"les éternels criminels en RDC."* Muri icyo nyandiko igenewe umunyamabanga mukuru wa ONU, Ban KI MOON, abakuru b'amadini barasaba ko ngo ibyaha byakozwe n'u Rwanda muri Kongo bishyikirizwa inkiko, kandi abanyabyaha bose bashakishwa n'Urukiko mpuzamahanga rwa La Haye bagafatwa bakajyanwayo. Padiri Donatien SHOLE, umunyamabanga wungirije w'inama y'abasenyeri ba Kiliziya gaturika ya Kongo, akaba n'umuvugizi w'ihuriro ry'amadini, wasomye itangazo ry'imyanzuro y'iyi nama yabitangaje muri aya magambo :

"Les églises congolaises exigent que le gouvernement arrête une fois pour toute l'invasion de la RDC, le pillage de ses richesses et le viol de la femme congolaise. Le peuple congolais exige la mobilisation des forces de la Monusco pour appuyer les FARDC, ainsi que des

²⁶³ Africa Mission, 9 Juillet 2012, *"Mutinerie du M23 : les évêques catholiques dénoncent le plan de balkanisation de la RDC"* : <http://www.africamission-mafr.org/journalpac198.pdf>.

²⁶⁴ Ibidem

poursuites judiciaires contre tous les criminels de guerre cités nommément dans différents rapports des Nations unies, des auteurs de tous les crimes de guerre perpétrés en RDC et de tous les autres criminels qui circulent en RDC et les pays voisins²⁶⁵”.

- Ku itariki ya 21 Nyakanga 2012, Padiri SANTEDI yongeye gukora irindi tangazo avuga ko Kiliziya gaturika iteganya gukora ibindi bikorwa byo kwamagana u Rwanda guhera mu mpera z’uko kwezi, ko kandi ibyo bikorwa bizaba bigenewe abantu benshi bafite ijambo muri Kongo no mu rwego mpuzamahanga :

“L’Église catholique projette de mener plusieurs actions, à partir de la fin du mois de juillet, pour exprimer sa désapprobation de la guerre qui sévit actuellement dans l’Est du pays. Les évêques catholiques vont organiser le 1er août prochain une marche de protestation pour dénoncer la déstabilisation et la balkanisation du pays. Les évêques catholiques vont faire un plaidoyer en faveur de la paix en RDC auprès des acteurs nationaux et internationaux influents²⁶⁶”.

- Ku itariki ya 5 Nzeri 2012, ihuriro ry’amadini ryo muri Kongo (MOUVEMENTS RELIGIEUX DE LA RÉPUBLIQUE DÉMOCRATIQUE DU CONGO), ryohereje intumwa 32 mu Muryango w’Abibumbye ziyobowe na Monseigneur Dieudonné Mbaya Tshiakany (Modérateur national de l’Église du Christ au Congo). Izo ntumwa zari zishyiriye Umunyamabanga Mukuru wa ONU ubutumwa buherekejwe n’amasinyatire yakusanyijwe muri Kongo, Amaze gutangaza ko intambara zabaye muri Kongo ngo zahitanye Abanyekongo miliyoni esheshatu²⁶⁷, ubwo butumwa bukaba bugizwe n’ingingo eshatu z’ingenzi :
 - Gusaba ko u Rwanda rwamaganwa ku mugaragaro kubera uruhare rufite mu ntambara yo muri Kongo;
 - Ko abantu bose bavugwa muri za raporo zose za ONU bashyikirizwa inkiko ngo kubera uruhare rwabo mu gusahura umutungo wa Kongo n’ibindi byaha;
 - Gukora ibishoboka bakabuza u Rwanda kwinjira mu Nama y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi.

²⁶⁵ Radio OKAPI, 12 juillet 2012, “RDC : des chefs religieux lancent une pétition contre les négociations avec les criminels”.

²⁶⁶ Radio OKAPI, 21 juillet 2012, “RDC: l’église catholique va organiser une marche pour dénoncer la balkanisation du pays”.

²⁶⁷ Uyu ni umubare wahimbwe hashingiwe ku byatangajwe ku wa 15 Mata 2003 na ONG yitwa International Rescue Committee ku bijyanye n’imfu ziterwa n’imibereho mibi iterwa n’intambara. Abarimu b’inzobere mu by’imiturire (demography) bo muri Kaminuza ya Louvain mu Bubiligi berekanye ko uwo mubare udashoboka kandi ko International Rescue Committee itakoze ubushakashatsi nyabwo. Reba Andre LAMBERT et Louis LOHLE, La surmortalité au Congo Durant les troubles de 1998 – 2004 : une estimation des décès en surnombre, scientifiquement fondée à partir des méthodes de la démographie, octobre 2008.

Nyuma y'ibiganiro byakozwe n'izo ntumwa, Umuryango w'Abibumbye wasohoye itangazo rigenewe abanyamakuru rishyirwa ku rubuga rwa Interineti rwa ONU²⁶⁸. Iryo tangazo ritangaza ibi bikurikira :

« Après six millions de morts directes et indirectes, et un million de femmes violées depuis 1999, et alors qu'une nouvelle guerre se prépare à l'est du Congo, toutes les congrégations religieuses de la République démocratique du Congo ont décidé de passer à l'action pour faire entendre la voix et la douleur du peuple congolais », a déclaré Monseigneur Dieudonné Mbaya Tshiakany, Modérateur national de l'Église du Christ au Congo.

Au cours d'une conférence de presse tenue au Siège de l'ONU à New York, et parrainée par la Mission de la République démocratique du Congo (RDC), M. Mbaya a indiqué qu'il faisait partie d'une délégation de 32 représentants de tous les mouvements religieux congolais venus remettre une pétition au Secrétaire général des Nations Unies et au Conseil de sécurité. Il a précisé que cette pétition, qui contient trois éléments clefs, exigeait notamment une action forte de la communauté internationale incluant une condamnation du Rwanda pour son ingérence en RDC et pour l'appui apporté par les autorités rwandaises au Mouvement M23 et à d'autres milices responsables d'exactions dans l'est de la RDC”.

(...) Monseigneur Mbaya a également indiqué que la pétition déposée ce jour exigeait aussi que toutes les personnes citées dans les rapports de l'ONU, et reconnues responsables de pillages et d'exactions en RDC, soient traduites en justice.

La pétition exige enfin que tout soit mis en œuvre pour empêcher le Rwanda de devenir l'an prochain un membre non permanent du Conseil de sécurité. Monseigneur Mbaya a jugé inacceptable qu'un pays qui ne respecte pas la Charte des Nations Unies et menace l'intégrité territoriale et les vies des citoyens d'un pays voisin, au vu et au su de toute la communauté internationale, puisse devenir membre du Conseil de sécurité. (...) Alors que le rapport S/2012/343 des experts de l'ONU reconnaît clairement l'implication du Rwanda dans la création du M23 et l'appui logistique apporté à ce groupe, a-t-il dit, il serait inacceptable et impensable que l'ONU ne s'oppose pas à l'entrée du Rwanda au Conseil de sécurité.”

Asubiza ibibazo by'umunyamakuru wari umubajije icyo atekereza ku mpamvu zigaragazwa n'u Rwanda zerekeye abahungabanya umutekano w'u Rwanda baturutse muri Kongo, Musenyeri MBAYA na bagenzi be bashubije ko ibyo ari urwitwazo rw'u Rwanda :

²⁶⁸ Nations Unies : Communiqué de presse, 05/09/2012. CONFÉRENCE DE PRESSE DES MOUVEMENTS RELIGIEUX DE LA RÉPUBLIQUE DÉMOCRATIQUE DU CONGO SUR LE THÈME: « LA PAIX EST TOUJOURS POSSIBLE ENTRE LA RDC ET LE RWANDA »

“Répondant à la question d’un journaliste, les intervenants ont estimé que la soi-disant porosité de la frontière congolaise et les impératifs de sécurité qu’invoquent les autorités du Rwanda n’étaient qu’un alibi fallacieux qu’utilise le Gouvernement rwandais pour s’immiscer dans les affaires de la RDC. (...) Les représentants des mouvements religieux congolais ont estimé que l’instabilité créée par les actions du Rwanda et de ses affidés, caractérisée par le déplacement de deux millions de Congolais dans les Kivus, servait les intérêts économiques rwandais et permettait le pillage des ressources naturelles de la RDC, notamment le colombo tantalium (coltan) et les diamants²⁶⁹.”

Birababaje kuba aba banyamadini bivanga muri politiki bakayobya abantu bakoresheje idini, aho kuvugisha ukuri kugira ngo bafashe mu gukemura ikibazo nyakuri Kongo ifite.

Igice cya munani : Inzego z’ubuyobozi bwa Kongo

Kuva Umutwe wa M23 utangiye imirwano, inzego zitandukanye z’ubuyobozi za Kongo zaranzwe n’ibikorwa byo gutoteza abanyarwanda, cyane cyane mu mijyi ya Goma na Bukavu. Itangazamakuru rya Leta (Radiyo, Televiziyo, n’ibinyamakuru byandikwa) ryarakoreshejwe mu kugaragaza ko umunyarwanda ari umwanzi kandi ko abanyekongo bagomba kumurwanya. Guverinoma ya Kongo kandi yirengagije ikibazo cy’impunzi z’abanyekongo bari mu Rwanda kuva muri 1996 kugeza n’ubu. Ibikorwa bibi byakorewe abanyarwanda muri Kongo byari bizwi n’Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta ikorera muri Kongo ndetse na MONUSCO, ariko ntibigeze babyamagana.

1. Guhohotera no kwica Urubozo abanyarwanda

Mu rwego rwo gushakisha ibimenyetso byo kubeshyera u Rwanda ngo rwohereza abanyarwanda gufasha abarwanyi ba M23, inzego z’iperereza (agence nationale de renseignements), polisi n’ingabo za Kongo zagiye zifata abanyarwanda bari muri Kongo, kandi binjiyeyo bafite impapuro z’inzira zemewe, bagafungwa, bagakubitwa, bagatotezwa, bamwe muri bo bikabaviramo gupfa.

Benshi mu bagiye bafatwa ni urubyiruko rwabaga rwagiye muri Kongo ku mpamvu zitandukanye. Hari ababaga bagiye kwiga, gukorayo imirimo itandukanye, gusura imiryango yabo, maze bagafatwa bagahatirwa kwemera ku gahato ko ari abasirikare b’u Rwanda boherejwe kurwana muri M23 cyangwa se abatasi b’u Rwanda. Abo bantu bakorewe ibikorwa bibi byinshi by’agashinyaguro nko kubakatisha inzembe ku mubiri, kubatwikisha amashanyarazi ku bitsina, kubicisha inzara, ku bambura ibyabo, gusinyishwa ibyo batazi ku gahato, n’ibindi.

²⁶⁹ Ibidem

Guverinoma y'u Rwanda yagiye igaragariza Guverinoma ya Kongo mu nyandiko impungenge itewe n'ihohoterwa rikorerwa abanyarwanda muri Kongo, ndetse inerekana n'ibindi bikorwa binyuranyije n'amategeko mpuzamahanga n'amasezerano ya CEPGL, ariko Kongo igahitamo kubiyhorera no kudakosora ibigenda nabi²⁷⁰.

2. Kwica urubozo.

Guhera mu kwezi kwa Gatatu 2012, abanyarwanda b'ingeri zitandukanye, barimo abana bafatiwe muri Kongo, bategekwa kwemera ku gahato ko ari abarwanyu ba M23. Muri ibyo bakorerwaga, bakorewe iyica rubozo ku buryo butandukanye, hari bamwe babyemeraga ngo barebe ko barekeraho kuzambaguzwa, bakajyanwa ahantu hatazwi. Abihanganye bakanga kwemera ibinyoma bakorerwaga ibikorwa byinshi bibi kugeza nubwo bamwe muri bo bapfuye. Umwe mu batangabuhamya byabayeho ufite imyaka 17 utuye mu Murenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu yabitubwiye muri aya magambo:

“Nafashwe n'abasirikare batanu, baranzirika. Umwe yicara ku maguru, undi yicara ku mutwe, abandi bicara ku gice cyo hagati. Baramfata umwe agiye kuniga ndihindukiza muruma ukuboko arataka cyane ngo ndamurumye abandi bahita bandeka. Noneho barankubita, bongera kumbaza niba ndi umusirikare w'u Rwanda, bakambwira ko ndi umunyarwanda kandi abanyarwanda bakorana na M23 kandi ko tuzapfira muri Kongo”. “Hashize hafi ukwezi, kubera inkoni n'imigiri n'ibyo bikorwa by'ihohoterwa nakorerwaga umunsi ku wundi, hari umwe mubo twari dufunganywe wapfuye witwaga Masengesho Daniel”.

Undi mutangabuhamya ufite imyaka 23, uturuka mu Murenge wa Cyanzarwe, Akarere ka Rubavu, asobanura muri aya magambo iyicwarubozo yakorewe: *“Narakubiswe, ngasabwa kurara mfashe kuri sharupanti y'inzu amaguru anaganitse, nananirwa nahanuka hasi bakankubita. Ibyo byarambirana, bakamboha amaguru n'amaboko. Umuyobozi wese wa gisirikare wazaga kundeba, yarambwiraga ngo ninemere ko ndi umusirikare woherejwe n'u Rwanda kuza gufasha Jenerali Ntaganda, ngahakana. Ubundi hari **benshi bemeraga ko ari abasirikare bitewe n'izo nkoni**, hari umugabo nasizeyo yari yarabeshye kubera inkoni ko yari yaravuye mu gisirikare cy'u Rwanda, uwo rero bari baravuze ko badateze kumurekura ko bazamubana mpaka. Namusizeyo ntabwo yatashye kuko ibyo banamukoreraga byari birenze ibyacu, we banamukataga bagafata urutoki gutya bakarutsindagira hasi bakamutwika gutya ari kureba!”*

²⁷⁰ Republique du Rwanda, Ministère des affaires étrangères et de la coopération, Note No 426/09.01/CABMIN/12, Kigali, 22 Juin 2012; Note No 641/09/01/CABMIN/12, Kigali 20 novembre 2012.

Abemeraga ko ari abasirikare bitewe no gukorerwa iyicwa rubozo bahitaga babambika imyenda ya Gisirikare, bakabafotora, bakabatwara ahantu hatazwi.

Abanyarwanda kandi bafashwe banafungwa ku buryo bunyuranije n'amategeko, bafungwa igihe kirerekire nta dosiye. Hari abafunzwe igihe kirenze amezi atandatu mu buryo bubi cyane nko kutabaha ibiribwa no kutabaha imiti iyo babaga barwaye. Ntibashoboraga kumenya aho babariza ibijyanye n'ikurikiranwa ryabo. Bagiye bafungirwa ahantu habi hatandukanye ku buryo bunyuranye.

3. Gushakwaho ku gahato ibimenyetso byo gushinja u Rwanda

Ubundi mu mategeko, umuntu asinyira ibyo yasomye, cyangwa yabwiwe azi neza icyo agiye gusinyira. Siko byagenze ku banyarwanda bafatiwe muri Kongo n'ingabo ndetse na polisi yaho. Basabwe gusinya ku gahato inyandiko zitandukanye, batazi ibyo basinyiye, abandi basinyishwaga impapuro ziriho ubusa, ku buryo bafite impungenge z'uko inzego za gisirikare, polisi n'iperereza bya Kongo bakoreshaga izo mpapuro babuzurizaho ibintu mpimbano bigamije gushaka ubuhamywa bwo gushinja u Rwanda. Umutangabuhamywa ufite imyaka 31 y'amavuko, ukomoka mu Murenge wa Bugeshi, Akarere ka Rubavu, yabitubwiye muri aya magambo:

"Ntabwo ari ibanga, hari raporo badukoreshaga z'ibinyoma zerekeranye no gushinja u Rwanda, ibyo babidukoreshaga ku ngufu. Twabazwaga ibibazo n'abantu benshi barimo abakozi ba MONUC b'abaKongomani, tukabazwa na FARDC nayo ubwayo. Hari n'ubwo badushyiraga abanyamakuru b'abazungu batandukanye."

"Igihe cyarageze bakajya badusinyisha no ku mpapuro zitanditseho, bakazana impapuro bakambwira ngo ninandike izina ryanjye hasi ngo noneho nsinyeho, impapuro bakazitwara. Ibyo twabikoreshwaga ku ngufu, umuntu yarasinyaga. Jyewe nasinye ku mpapuro enye. Na bagenzi banjye hari izindi bagiye basinyaho kuko bahamagaraga umwe umwe bakamukoresha ibyo bamukoresha mu cyumba, noneho bakongera bagahamagara undi gutyo gutyo. Ibyo badukoreshaga ntabwo ari imirimo, ni ibyerekeranye n'imvugo, ibyo umuntu yavuze. Mbese buriya cyane cyane icyo nabonyemo nk'igitangaza ni uko gusinya umuntu asinyira ibintu atazi ubundi umuntu asinya afite ibyo asinyiye. Noneho ikindi nabonye nk'igishya, twavugaga mu Kinyarwanda bo bakandika mu gifaransa ni ukuvuga ngo ibyo yabaga yanditse ntabwo ari byo nabaga navuze, noneho hasi yaho nkabisinyira ntabwo ari byo."

4. Kwicishwa inyota, inzara n'iyicwarubozo.

Nyuma yo kwicwa urubozo, abanyarwanda bahohoterewe muri Kongo, bicishijwe inyota n'inzara, ndetse bamwe bibaviramo gupfa. Aho babaga bafungiwe, Camp Katindo, Munzenze

n’ahandi, bafungwaga urw’agashinyaguro, ubundi bakabicisha inzara ku buryo. Igihe cyose bamaze bafunzwe bari batunzwe no kurya ibyabaga byatakaye hasi abasirikare babaga bamaze kurya, nabwo ntibabibahe buri munsu.

Iyo basabaga amazi yo kunywa, abasirikare ba Kongo bahitaga babanyaraho, bakababwira ngo nibasame banywe izo nkari. Abandi babirizaga kuzuba inyota ikabica, batari bugaburirwe. Nkuko byumvikana muri aya magambo twahawe n’umutangabuhamya ufite imyaka 18, ukomoka mu Murenge wa Kanama Akarere ka Rubavu :

“Iyo babaga bansohoye muri ako kazu, banyirizaga ku zuba, inyota n’inzara bikanyica, ntibampe ibyo kurya, habe n’amazi. Bwakwira sindyame, nararaga nicaye, bantoteza ngo mvuge ko abanyarwanda ari abajura baza kwiba imari ya Kongo.” Undi mutangabuhamya ufite imyaka 14 ukomoka mu Murenge wa Rambura, Akarere ka Nyabihu yongeyeho ibi bikurikira:

“Iryo joro, Daniel yapfuyemo baraye badukubita budukeraho. Bucyeye, baransohoye nkeka ko bagiye kumpa amazi yo kunywa kuko hanze yari ahari kandi numva meze nabi mfite inyota, ariko ntibayampa! Baranshorera, ngendesha ibirenge kuko inkweto bari barazinyatse nkinjira, nari nambaye udushwangi imyenda yanjye bayinyatse, ngenda nta gatege nikubita hasi kubera inzara ariko ntazi aho nerekeza, aho nciye abaturage bagenda banshungera kubera ukuntu nari meze nabi²⁷¹.”

²⁷¹ Ku mugereka w’iyi Raporo murahasanga bumwe mu buhamya burambuye bw’abanyarwanda bakorewe ihohoterwa muri Kongo bazira intambara ya M23 kandi ntaho bahuriye nayo.

Amwe mu mafoto agaragaza uburemere bw'ibikorwa by'itotezwa n'iyicarubozo ryakorewe abanyarwanda muri kongo



Uyu musore bamutwikishaga amasegereti. Uyu bamuhondaguye ibyuma Umubiri wose.



Uyu musaza afite ibikomere kubera ingoyi ukuboko kwaravunitse.



Uyu musore bamukatishaga inzembe umubiri amaboko aboheye inyuma.

5. Kwamburwa amafaranga n'ibindi bya ngombwa

Abanyarwanda kandi bahohoterewe ku butaka bwa Kongo bambuwe ibyo bari bafite ntibabisubizwa. Hari abamburwaga amafaranga, imyenda, ibyangombwa by'inzira n'ibyo babaga bahashye muri rusange nkuko tubisanga muri ubu buhamya twahawe n'Umunyarwanda ufite imyaka 31 ukomoka mu Karere ka Rubavu umurenge wa bugeshi wafatiwe muri Kongo kandi akahafungirwa :

“Ngeze i Kibumba nafashwe n'abasirikari b'abakongomani ahagana saa ine (10h) za mu gitondo, bansaba ibyangombwa basanga mbifite byuzuye ndi umunyarwanda. Ngifatwa banyatse amafaranga ibihumbi ijana na birindwi by'amanyarwanda (107,000 Frw) nari mfite. Hari ahantu nari mvuye kuyafata nyitwaje, cyane ko hariya muri Kongo ari ahantu twari dusanzwe twisanzuye kuko umurenge wa Bugeshi wegeranye n'umupaka, twari dusanzwe tuhagenda nta kibazo, tujya gukorera amafaranga.”

Undi mutangabuhamya ufite imyaka 20, ukomoka mu karere ka Musanze, Umurenge wa Kinigi nawe abivuga muri aya magambo:

“Bakimara kumfata bambajije ibyangombwa hejuru y'uko navugaga ikinyarwanda. Mbahereza ibyangombwa by'u Rwanda byuzuye. Basanze ndi umunyarwanda ubwo ako kanya nta kindi bankoreye, barankubise, banyambura ibyo nari mfite byose, banyambura amafaranga ahwanye n'ibihumbi 75,000 frw. Banyambura n'ikoti nari nambaye n'umupira nari nambariyeho banyambura n'inkweto. Ako kanya baramboha bambohera inyuma, bahise, bahamagara imodoka iranjyana bajya kumfungira i Rutshuru mu kigo cya gisilikare.”

6. Ihohoterwa ryakorewe Abanyekongo hashingiwe ku bwoko bwabo

Ihohoterwa ry'abanyekongo rikorwa n'imitwe yitwaje intwari, cyane cyane Nyatura-Vutura na RAIA Mutomboki, FDLR n'indi ikorera muri Kongo ifatanyije na FARDC. Hari abagore bafashwe ku ngufu, abana n'abantu bakuru bishwe ku buryo butandukanye, bamburwa n'ibyabo bazira kuba bavuga ikinyarwanda, kuba ari abatutsi no kubitirira ko bashyigikiye M23.

Iryo hohoterwa ryakorwaga mu gihe Steven HEGE nabo bafatanyije bashakishaga amakuru ajyanye n'ihohoterwa ry'ikiremwa muntu mu Burasirazuba bwa Kongo. Nyamara iri hohoterwa ntabwo Steven HEGE nabo bafatanyije bigeze barigaragaza muri raporo bashyikirije Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi.

Ikigaragara nuko, aba bahohotewe bose bahungiyeye mu Rwanda berekanye ko ari abanyekongo bafite ibisekuru birenga 12 muri Kongo. Bamwe muri bo bakaba bakomoka muri Katanga, abandi Kivu y'Amagepfo na Kivu y'Amajyaruguru. Nyamara ababahohotera bababwiraga ko ngo bagomba gusubira iwabo mu Rwanda. Ibi bigaragaza urwango

rukomeye ruriho rubibwa muri Kongo rugakurikirwa no kuvutsa abantu uburenganzira bwabo ku gihugu hashingiwe ku rurimi rw'ikinyarwanda no ku bwoko bw'abatutsi kandi abo bose ari abaturage ba Kongo buzuye.

Iki kibazo cyo kutemera ko abanyekongo bavuga ikinyarwanda, ari abanyekongo kavukire kikaba aricyo kiri mu mizi ihora itera intambara z'urudaca n'ubuhunzi bw'abanyekongo bahora bahungira mu Rwanda, muri Uganda no mu bindi bihugu.

Ikibabaje nuko iri hohoterwa ry'abanyekongo bavuga ikinyarwanda, cyane cyane abo mu bwoko bw'abatutsi, ryakajije umurego kuva muri 1994 nyuma yuko interahamwe zigeze muri Kongo, rirakomeza kugeza na n'ubu. Ibyo bikorwa byose by'akarengane byabayeye mu gihe MONUC yaje kuba MONUSCO yari yarageze muri Kongo, ifite ishingano y'ibanze yo kurinda abasivile ibikorwa byose bibi bakorerwa n'imitwe yitwaje intwari n'abandi bose bahungabanyaga amahoro n'umutekano wabo²⁷².

Bimwe mu bikorwa bakorewe by'agashinyaguro :

Gufatwa ku ngufu, kwicwa, kwamburwa ibyabo, gusigara iheruheru, kuraswa no guterwa ibyuma bamwe bibaviramo gupfa, abandi bibaviramo ubumuga bukomeye.

Ku bijyanye n'ihohoterwa ry'abagore byabaviriyemo ingaruka nyinshi muri zo harimo : Ihungabana rihoraho, gusama inda z'ababafashe ku ngufu, bakaba bafite ikibazo cyo kurera abana bazavuka, ubumuga n'ubusembwa buhoraho n'ibindi.

Abanyekongo bose b'impunzi baganiriye n'abagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda batanze ibyifuzo bikurikira :

- Ubuvugizi ku rwego mpuzamahanga kugirango bashobore gusubizwa iwabo muri Kongo, kandi bakabona umutekano uhagije;
- Ubuvugizi kuri Guverinoma ya Kongo kugirango bazaze kubasura barebe ubuzima bubi barimo bazabafashe gusubira mu byabo;
- Kwitabwaho birushijeho kugirango imibereho yabo irusheho kwitabwaho mu gihe bakiri mu buhunzi.

I Kinshasa naho hagaragaye ibikorwa by'urugomo byikomye abanyarwanda n'abanyekongo b'abatutsi. Mu kwezi kwa Nyakanga 2012, kuri Televiziyo ya Leta ya Kongo havugiwe amagambo ahamagarira abanyekongo kurwanya abatutsi, bituma abahagarariye abanyekongo b'abatutsi bayobowe na Azarias RUBERWA na Senateri Moise NYARUGABO,

²⁷² Document S/RES/1925 (2010)

basaba kubonana na Minisitiri w’umutekano, Bwana Richard MUYEJ MANGEZ, ku itariki ya 11 Nyakanga 2012.

Bagisohoka muri icyo kiganiro, Azarias RUBERWA yatangarije abanyamakuru ko Minisitiri w’umutekano yabijeje ko agiye gusaba ba Guverineri bose gucunga umutekano w’abanyekongo b’abatutsi: *“Le ministre de l’Intérieur nous a assuré qu’il va communiquer à travers les gouverneurs de toutes les provinces pour éviter que les gens soient tués. C’est extrêmement injuste et dangereux de viser une communauté comme si elle était moins citoyenne que les autres.”*²⁷³

Ayo magambo ahamagarira abanyekongo kurwanya abatutsi yari yatangajwe kuri Televiziyo na bamwe mu bayoboze b’ishyamba riri ku butegetsi muri Kongo, “Parti du peuple pour la reconstruction et la démocratie” (PPRD). Icyakora, Minisitiri ushinze itangazamakuru yafashe icyemezo cyo kwirukana ku kazi umuyobozi wa Radio na Televiziyo bya Leta yari yavugiweho ayo magambo²⁷⁴.

7. Kwirengagiza uburenganzira bw’impunzi z’abanyekongo ziri mu Rwanda

Ikibazo cy’impunzi z’abanyekongo ziri mu Rwanda kimaze imyaka irenga cumi n’itanu. Impunzi za mbere zageze mu Rwanda muri 1996. Kuva imirwano hagati ya FARDC na M23 yatangira, umubare w’impunzi wariyongereye ugera ku bihumbi mirongo itandatu na bitatu magana ane makumyabiri n’icyenda (63,429) kugeza ku itariki 17 Mutarama 2013. Nta kintu kigaragara Guverinoma ya Kongo yakoze kugira ngo ikemure icyo kibazo, bityo abavanywe mu byabo bashobore guhabwa uburenganzira bwo kubisubiramo.

Ikindi nuko iki kibazo kibangamiye umutekano mu karere, kubera ko kutagikemura no kutagishakira umuti urambye, ari imwe mu mpamvu ituma urubyiruko rwavukiye mu buhungiro rukanahakurira, rushobora kwitabira ibikorwa by’intambara kugira ngo rusabe iyubahirizwa ry’uburenganzira bwabo ku gihugu rukomokamo n’ibindi bijyana nabwo.

Iki kibazo ni umuzigo kuri Leta y’u Rwanda kubera impamvu zikurikira :

- ni umutwari ku ngengo y’imari;
- bisaba imbaraga nyinshi zo kurinda umutekano mu nkambi no mu nkengeri zazo;
- kwita ku burere bw’abana n’urubyiruko;

²⁷³ <http://www.africamission-mafr.org/journalpac198.pdf>

²⁷⁴ <http://www.africamission-mafr.org/journalpac198.pdf>; Radio Okapi, 12 Juillet 2012

- kubonera imirimo abagejeje ku myaka yo gukora;
- kwivuriza mu mavuriro yo mu Rwanda ubushobozi bwayo bukaba buke kubera ubwiyongere bw'abarwayi n'ubushobozi bwo kubitaho bukagabanuka;
- kubashakira ibibatunga;
- gushaka ibyumba by'amashuri by'inyongera;
- ingaruka zinyuranye ku bidukikije ndetse no gukurikirana ibindi bikorwa bibi bishobora gukorerwa mu nkambi kubera ubucucike bw'abantu benshi kandi biganjemo uruburako.

Ibi byose biragaragaza ko u Rwanda nta nyungu n'imwe rufite mu guteza umutekano muke muri Kongo nkuko rubiregwa kuko bigira ingaruka mbi nyinshi ku gihugu cy'u Rwanda.

Kubona STEVEN HEGE nabo bafatanyije baraje mu Rwanda ntibashake gusura impunzi z'abanyekongo ziri mu nkambi zitandukanye mu gihugu, kugirango birebere ubuzima bugoye barimo, bumve akababaro kabo, cyangwa babahe amakuru y'ihohoterwa ryabo, bigaragaza ko mu mikorere yabo batari bafite ubushake bwo gushaka amakuru ku mpande zose. Birerekana ko batari bashishikajwe no kugaragaza ukuri kw'ikibazo uko giteye; bakoze ayo makosa nkana, bagambiriye gusenya u Rwanda no kuyobya amahanga.

UMUTWE WA GATATU: URUHARE RW’U RWANDA MU KUBAKA UMUTEKANO URAMBYE MU KARERE NO MURI KONGO

Nta nyungu u Rwanda rushobora kuvana mu mutekano muke w’igihugu cy’abaturanyi, cyane cyane igihugu cya Kongo gifitanye amateka akomeye n’u Rwanda. Nkuko twabyerekanye mu Mutwe wa mbere w’iyi raporo, ayo mateka ashingiye ku bintu byinshi birimo imiturire, ururimi, umuco, ubuhahirane no ku bibazo bimwe, cyane cyane ibituruka kuri jenocide yakorewe abatutsi, n’ibindi.

Igishishikaje u Rwanda ni ugukora ibishoboka byose kugira ngo ibihugu byombi bigirane umubano uhamye, kandi habeho amahoro, umutekano, ubucuruzi n’ubuhahirane ku buryo burambye. Nicyo cyatumye u Rwanda rutarahwemye kugaragaza ubushake n’uruhare rwo kubaka amahoro arambye mu karere k’ibiyaga bigari muri rusange no hagati y’u Rwanda na Kongo by’umwihariko.

ICYICIRO CYA MBERE: INGAMBA N’IBIKORWA BYAGARAGAJWE N’U RWANDA MU KUBUNGABUNGA AMAHORO N’UMUTEKANO MURI KONGO

U Rwanda rwagize uruhare mu kubyutsa no gutanga inkunga mu Miryango yo mu karere k’ibiyaga bigari hagamijwe gushaka amahoro arambye no kubaka ubufatanye n’ubutwererane hagati y’ibihugu byo mu karere, birimo na Kongo. U Rwanda kandi rwafatanyije na Kongo gushaka uburyo ikibazo cya FDLR cyarangira kugira ngo umutekano muke uterwa n’uwo mutwe n’indi bifatanyije uhagarare.

U Rwanda rwafashije Kongo kugirana ibiganiro n’abo bahanganye mbere yuko imirwano hagati ya M23 n’Ingabo za Leta itangira irubisabye. No kuva igihe iyo mirwano itangiriye, u Rwanda rwafashije Kongo gushaka umuti w’icyo kibazo, ndetse rugira n’uruhare rukomeye ku rwego rw’Akarere k’ibihugu bituriye ibiyaga bigari, ku rwego rw’Afurika, no mu Muryango w’Abibumbye kugira ngo hashakwe umuti nyawo wo gukemura vuba ikibazo cy’intambara no kugarura amahoro.

Igice cya mbere: Uruhare rw’u Rwanda mu kubaka amahoro mu Karere

Kuva Ihuriro ry’ibihugu bigize Akarere k’ibiyaga Bigari ryajyaho (ICGLR), hagashtirwaho amasezerano arigenga ku itariki ya 15 Ukuboza 2006, u Rwanda rwashyize umukono kuri ayo masezerano, rwitabira buri gihe ibikorwa byose by’uwo Muryango kandi rwubahiriza ingamba zifatirwa mu nama zitandukanye zawo. U Rwanda rutangira amafaranga yarwo ku

gihe ku buryo nta kirarare na kimwe rufite muri uwo muryango, bityo bikawufasha kubona uburyo bwo gusohozza inshingano zawo.

Ihuriro ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari ryemeje gushyiraho amategeko agenga ubucukuzi n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro abikomokamo, kugira ngo bifashe mu gukumira ubucukuzi n'ubucuruzi bwa magendu. U Rwanda nicyo gihugu cya mbere cyashyizeho itegeko²⁷⁵ nk'iryo, mu buryo bwo kubahiriza icyifuzo cy'Ihuriro ry'ibihugu kandi hagamijwe kunyuzwa mu mucyo ubucukuzi n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro hagati y'ibihugu bigize Akarere k'ibiyaga bigari.

U Rwanda rwagize uruhare mu kubyutsa imirimo y'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari (CEPGL) kuko wari warahagaze muri 1994, bitewe n'ingaruka za jenocide yakorewe abatutsi mu Rwanda, wongera kubyutswa muri 2007.

Twakwibutsa inshingano zuwo muryango arizo:

- guteza imbere ubufatanye mubyo ubukungu;
- urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu;
- umutekano wo mu karere;
- gufasha ibikorwa bihuriweho n'imishinga y'iterambere mu bihugu bigize uwo muryango.

U Rwanda rwitabira ibikorwa byose by'uwo Muryango hagamijwe kureba uko wakora neza kugira ngo ubashe kugera ku nshingano zawo. Nkuko bigaragazwa na Raporo y'ubunyamabanga nshingwabikorwa bya CEPGL y'umwaka wa 2011, kuva CEPGL yasubukura imirimo yayo, u Rwanda rwuzuzwa neza inshingano zarwo zo gutangira ku gihe umusanzu warwo.

²⁷⁵ Reba igice cya gatatu cy'iyi raporo

Imbonerahamwe igaragaza uburyo ibihugu bigize CEPGL bitanga umusanzu.

UMWAKA	UMUSANZU KU GIHUGU (Euro)	UMUSANZU WATANZWE			IBIRARANE		
		BURUNDI	RDC	RWANDA	BURUNDI	Kongo	RWANDA
2007	67.732,30			67.732,30	67.732,30	67.732,30	0
2008	250.000	114.995,26		250.000	135.004,74	250.000	0
2009	480.000	114.419,49		480.000	365.580,51	380.000	0
2010	480.000	120.341,99	100.000	480.000	359.658,01	320.909,49	0
2011	480.000	105.220,94	159.090,51		320.909,49	320.909,49	480.000
TOTAL	1.757.732,3	454.977,68	259.090,51	1.277.732,3	1.302.754,62	1.498.641,79	480.000
%	100	25,88%	14,74%	72,69%	74,12%	85,26%	27,31%

Ibi bikorwa byose by'u Rwanda bigaragaza ubushake n'imbaraga rushyira ku mahame yo kubaka amahoro, umutekano, ubuhahirane n'ubufatanye mu bihugu bigize akarere k'ibiyaga bigari. Nta kuntu rero igihugu kigaragaza ubushake nk'ubu, cyahindukira ngo abe aricyo gifata iya mbere mu guhungabanya amahoro.

Igice cya kabiri : Uruhare rw'u Rwanda mu gufasha Kongo kurwanya Imitwe yitwaje intwaro.

Mu Burasirazuba bwa Kongo higanje Imitwe myinshi yitwaje intwaro za gisilikare. Harimo Imitwe ikomoka ku Banyekongo hakaba n'ikomoka ku byanyamahanga, uzwi cyane ni uwa FDLR/FOCA, RUDI-URUNANA, LRA (lord resistance Army). Mu mitwe y'abanyekongo twavugaga : APCLS, "Front patriotique pour la libération du Congo" = FPLC, "Front des patriotes pour le changement" = FPC, M23, PARECO nindi mitwe yibumbiye muri MAI MAI : Fifuafua, Kirikicho, Simba, Sheka, Banyamiriri, Cobra, Mai Mai FAC, Bahati, Luoboto, Ameno, , Raïa Mutomboki, Nyatura,..., ,...Ikibazo cya FDLR cyakunze gutera ubwumvikane buke hagati y'u Rwanda na Kongo, ariko muri 2008 habayeho ubwumvikane bituma ibihugu byombi bifatanye mu kuwurwanya.

1. Gufatanywa na Kongo mu bikorwa byo kurwanya FDLR n'indi Mitwe

Uruhare rwa FDLR mu guhungabanya amahoro n'umutekano muri Kongo no mu Rwanda ni ikibazo kimaze igihe, kandi kitashoboye gukemurwa na Kongo na MONUSCO. Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi n'iterabwoba bya FDLR bibangamiye ku buryo bukomeye abaturage b'ibihugu byombi, bikaba ikibazo ku bukungu, ubuhahirane n'umudendezo w'abaturage. Ni muri urwo rwego, bimaze kugaragara ko Kongo na MONUSCO bitashoboye gukemura burundu ikibazo giterwa na FDLR, nindi mitwe bihujwe imyumvire n'ibikorwa, u Rwanda rwagiranye ibiganiri na Kongo hafatwa ibyemezo bitandukanye bigamije gufatanywa mu buryo bwo guhangana na FDLR.

2. Inkunga mu gukemura ikibazo cy'intambara ya CNDP

Guhera mu mwaka wa 2007, ibihugu byombi, U Rwanda na Kongo, byasinye amasezerano atandukanye yo kugirana ubufatanye bwo kugarura amahoro mu karere, kandi abakuru b'ibihugu byombi bahura inshuro nyinshi, bafatira hamwe ingamba zo gukemura ibibazo bibangamiye amahoro n'umutekano mu karere.

- **Ku itariki ya 9 Ugushyingo 2007** ibihugu byombi byasinye itangazo rya Nairobi ryemeza ihame ry'ubwo bufatanye;
- **Ku wa 23 Mutarama 2008** Hemejwe amasezerano ya Goma (Actes d'engagement) agaragaza uburyo ibyemeranyijweho i Nairobi bizashyirwa mu bikorwa;
- **Ku itariki ya 28 Ukwakira 2008, no ku ya 30 Ukwakira 2008**, ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu byombi barongeye barahura, i Kigali n'i Kinshasa bategura ibizashyikirizwa abakuru b'ibihugu;
- **Ku itariki ya 7 Ugushyingo 2008**, abakuru b'ibihugu bahuriye Nairobi bemeza ko hagomba kujyaho ibikorwa bya politiki na gisilikare bihuriweho n'ibihugu byombi kugira ngo bikemure burundu ikibazo cy'umutekano muke giterwa na EX-FAR/INTERAHAMWE na FDLR n'indi mitwe yitwaje intwari za gisilikare ikorera mu Burasirazuba bwa Kongo. Niho hemerejwe ko ba Perezida Olesegun OBASANJO wari uhagarariye Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye na Perezida Benjamin MKAPA wari uhagarariye Afurika yunze Ubumwe, baba abafasha mu mishyikirano hagati ya Guverinoma ya Kongo na CNDP, kandi u Rwanda rugatanga inkunga ishoboka. Ni muri urwo rwego u Rwanda rwafashe umukuru wa CNDP, Jenerali Laurent NKUNDA ku itariki ya 23 Mutarama 2009.

3. Iyagezweho mu gikorwa cya "UMOJA WETU"

3.1. Ibihe by'ingenzi byaranze UMOJA WETU

- **Ku itariki ya 5 Ukuboza 2008**, Abaminisitiri b'Ububanyi n'Amahanga ba Kongo n'u Rwanda, Alexis Thambwe Mwamba na Rosemary Museminali bahuriye i Goma basinya itangazo rivuga ko hagiye gushyirwaho ibikorwa bya gisilikare byiswe UMOJA WETU, bihuriweho n'ibihugu byombi, hagamijwe kurwanya FDLR kandi hagatangira imishyikirano hagati ya Guverinoma ya Kongo na CNDP;
- **Ku itariki ya 30 Ukuboza 2008**, Minisitiri w'ingabo wa Kongo, Charles MWANDO na Minisitiri w'ingabo w'u Rwanda, Jenerali Marcel GATSINZI, bahuriye Gisenyi baganira ku ruhare rw'ingabo z'u Rwanda muri icyo gikorwa cya Umoja Wetu;

- **Ku itariki ya 8 Mutarama 2009**, umugaba mukuru w’ingabo z’u Rwanda, Jenerali James KABAREBE yagiye Kinshasa abonana na mugenzi we wa Kongo, Jenerali Didier ETUMBA ndetse anabonana na Perezida KABILA mu rwego rwo kuganira ku bijyanye n’ubufatanye mu by’umutekano hagati y’ibihugu byombi;
- **Ku wa 9 Mutarama 2009**, Liyetona Jenerali John NUMBI BANZA TAMBO, wari umuyobozi w’ibikorwa bya gisilikare mu Burasirazuba bwa Kongo, na Jenerali James KABAREBE bashyize umukono ku masezerano akena imiterere y’ubufatanye hagati y’ingabo za Kongo n’u Rwanda mu guhashya FDLR no kuyicyura mu Rwanda²⁷⁶. Iyo nyandiko igaragaza mu buryo bunonosoye ko EX-FAR-INTERAHAMWE-FDLR ari umutwe ugizwe n’abarwanyi bari hagati ya 7000 na 8000. Umugambi wabo ni uguhirika ubuyobozi buriho mu Rwanda no gukomeza umugambi wa jenocide mu Rwanda no mu karere. EX-FAR-INTERAHAMWE-FDLR kandi ifite ibikoresho bya gisilikare bikomeye kandi bagahabwa inkunga ivuye hanze itangwa n’abanyarwanda babashyigikiye baba mu mahanga.

Ayo masezerano akomeza yerekana aho FDLR yiganje muri Kivu y’Amajyaruguru, Amajyepfo, Ituri,... Ahambere ni mu mashyamba ya Walikale, Mwenda na Shabunda. Ahandi ni mu bice bya Walikale-Masisi : Nyabiondo, Katoyi na Kibua; mu bice bya Kanyabayonga muri zone za Lubero, Kanyabayonga na Rutshuru; mu bice bya Hombo muri Zone ya Shange. Inyandiko yemeje ko ibikorwa bimaze kwemeranwaho bizatangira.

- **Ku itariki ya 19 Mutarama 2009**. Nyuma y’ayo masezerano, ubuyobozi bwa gisilikare bwa FDLR bwabonye ko hagati y’u Rwanda na Kongo habaye imikoranire myiza, kandi bakaba bazi ubushobozi bw’ingabo z’u Rwanda, nabwo kwasuzumye uko bugomba kwifata imbere y’iyo ntambwe nshya yari imaze kugerwaho muri UMOJA WETU;
- **Ku itariki ya 5 Mutarama 2009**, ubuyobozi bw’ingabo bwa FDLR bwateraniye ahitwa Kibua muri Kivu y’Amajyaruguru, bafata icyemezo ko batazahangana n’ingabo za “UMOJA WETU” ko ahubwo abarwanyi babo bagomba gutatana mu dukipe dutoya tw’abantu bake bakihisha ingabo za FARDC na RDF ziri muri UMOJA WETU, bakajya gusa baziteraho udutero shuma. Ibi byerekana ko “UMOJA WETU” yagize akamaro kuko yatumye habaho amahoro mu bice byose ingabo zayo zagenzuraga bitewe nuko FDLR yahahunze, naho bamwe mu barwanyi bayo bagataha mu Rwanda;

²⁷⁶ Plan operationnel – FC contre les EX-FAR/INTERAHAMWE – FDLR, 9 janvier 2009 / JTF Operation plan against EX-FAR/INTERAHAMWE – FDLR 09 January 2009. Muri ibyo bihe, byari byagaragaye ko EX-FAR/INTERAHAMWE-FDLR bateguraga kugaba ibitero mu Rwanda. FDLR yari yamaze gushyiraho umutwe wa gisilikare udasanzwe witwaga CRAP (=commandos de reconnaissance et d’action en profondeur) ufite inshingano zo gukora ibikorwa by’ubutasi mu Rwanda no kwangiza ibikorwa by’ubuyobozi. FDLR kandi yari yatangiye ibikorwa bya politiki na dipolomasi I Burayi no muri Amerika bigamije kwangisha ibyo bihugu abayobozi b’u Rwanda, abanyapolitiki n’abakuru b’ingabo z’u Rwanda.

- **Ku itariki ya 25 Gashyantare 2012**, igikorwa cyo gusoza imirimo ya UMOJA WETU, cyabereye i Goma kiyoborwa na ba Minisitiri b’Ingabo za Kongo n’u Rwanda, hari na ba Minisitiri b’Ububanyi n’Amahanga b’ibihugu byombi, umukuru wa MONUSCO Alan DOSS na ba Ambasaderi bahagarariye ibihugu biri mu Nama y’Umuryango w’Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi.

3.2. Umusaruro watanze na UMOJA WETU

Mu ijamba rye ryo gusoza imirimo ya UMOJA WETU, Jenerali NUMBI wayoboye ibikorwa bya “UMOJA WETU” yatangaje ko mu gihe ubwo bufatanye bwamaze, hakozwe ibikorwa bishimishije byo guhashya FDLR. Yasobanuye ko hishwe abarwanyi ba FDLR 153, hakomereka 13, hafatwa 37, naho 103 bava mu birindiro byabo bataha mu Rwanda ku bushake, banyuze muri MONUSCO. Yongeyeho ko ku ruhande rw’abasirikare ba UMOJA WETU, hapfuye 8 naho 12 barakomereka kandi asobanura ko nta musivile n’umwe wapfuye kubera imirwano uretse abantu 32 bishwe na FDLR.

Twavugaga ko mu barwanyi ba FDLR bafashwe cyangwa bakicwa muri UMOJA WETU, harimo bamwe mu bayobozi bakuru ba gisirikare nka Komanda wungirije wa Brigade ya mbere yari i Kibua muri Masisi, Liyetona coloneli Anaclet HITIMANA alias GASASIRA KABUYOYA wishwe ku itariki ya 28 Mutarama 2009. Mu ntangiriro za Gashyantare 2012, umuvugizi wa FDLR, Liyetona coloneli Edmond NGARAMBE yarafashwe azanwa mu Rwanda.

Jenerali NUMBI yashoje agaragaza ko umwanzi atashoboye guhashywa burundu, ariko ko yacitse intege kandi ko igikorwa cyo kumurwanya kizakomeza : *“L’ennemi n’a pas été totalement détruit, mais sa capacité de nuisance a été réduite au maximum. Après le départ des soldats rwandais, les FARDC vont poursuivre l’opération de ratissage²⁷⁷”*. Biraboneka ko ubufatanye bw’ibihugu byombi mu guhangana n’imitwe yitwaje intwari bwagize akamaro, kuko nk’iki gikorwa cya “UMOJA WETU” cyamaze iminsi 35 gusa, ariko gitanga umusaruro ushimishije. Ibikorwa nk’ibi by’ubufatanye hagati y’ibihugu byombi nibyo byonyine u Rwanda rushyira imbere.

Bukeye bwaho, (itariki ya 26 gashyantare 2012), MONUSCO yatangaje ko hagati y’**itariki ya 01 Mutarama 2009 na 26 Gashyantare 2012**, yakiriye abarwanyi ba FDLR 512 n’abantu 805 bo mu miryango yabo. Muri icyo gihe kandi, Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku mpunzi ryatangaje ko ryaherekeje abanyarwanda 3689 b’abasivile bataha mu Rwanda baturutse muri Kongo; umubare wose w’abanyarwanda batahutse ukaba waranganaga na 5006 kuva mu ntangiriro z’umwaka wa 2009 kugeza ku itariki “UMOJA WETU”

²⁷⁷ Radio OKAPI, février 25, 2009, “Goma : fin de l’opération « Umoja Wetu »”.

yashorejweho. MONUSCO yatangaje ko umubare w'abanyarwanda batashye wikubye inshuro icumi ugereranyije n'ibiyari byaragezweho mu mwaka wa 2008²⁷⁸.

Iyi mibare yerekana ko "UMOJA WETU" yatanze umusaruro ukomeye mu buryo bubiri: kugabanya ubushobozi bwa FDLR bwo guhohotera abanyekongo no kubuza abanyarwanda gutaha, no kwigiza ubuyobozi bwa FDLR n'intagondwa zabwo mu misozi no mu mashyamba ya kure y'abaturage aho batari bagifite ubushobozi bwo gukomeza kubahohotera. Nyuma y'icyumweru kimwe gusa "UMOJA WETU" itangiye, FDLR yari imaze kwirukanwa mu Ntara za Rutshuru na Masisi, benshi mu barwanyi bayo bahungiyeye muri Pariki ya Virunga, abandi bakomeje mu Ntara za "Maniema" na "Province orientale", bikaba byerekana ko "UMOJA WETU" yagiriye akamaro abaturage. N'aho FDLR yongeye kwigarurira, yahaje ingabo z'u Rwanda zarahavuye nyuma ya UMOJA WETU²⁷⁹.

3.3. Ingorane "UMOJA WETU" yahuye nazo

Nubwo ubufatanye muri "UMOJA WETU" bwari bufite akamaro ku mutekano w'u Rwanda na Kongo, ntibwashyigikiwe n'abantu bose. Harimo ibibazo bitatu, bibiri muri byo bikaba bikomoka kuri Kongo naho ikindi kibazo kihariye kigakomoka kuri MONUSCO.

²⁷⁸ ICG, Rapport Afrique No 151, p.10

²⁷⁹ Ibidem

3.3.1. Ingorane zatewe na Kongo

Abari mu buyobozi bukuru bwa Kongo ntabwo bose bumvaga kimwe ubufatanye hagati y'ingabo z'uRwanda niza Kongo, mu gikorwa cya "UMOJA WETU". Hari abari babushyigikiye nka Perezida Kabila ubwe, ariko umugaba mukuru w'ingabo akaba ku gice cy'abatari bashyigikiye ubwo bufatanye. Ibi bigaragaza ko mu buyobozi bw'ingabo za Kongo, harimo abumvaga ko FDLR itagomba kurwanywa, cyane cyane Umugaba mukuru w'ingabo za Kongo. Nicyo cyatumye amasezerano ya "UMOJA WETU" asinywa na John NUMBI.

Amashyaka atavuga rumwe n'ubuyobozi (political opposition) yo muri KONGO yumvaga ko Perezida KABILA yakoze amakosa yo gufatanya n'u Rwanda, batangira no kubigira ikibazo cyo kumurwanya. Muri Kongo harimo ikintu cya "anti Rwanda sentiment" ku buryo umunyapolitiki wese ushaka amajwi ayizamura kugira ngo abone abayoboze. Iki kibazo nacyo cyaragaragaye muri UMOJA WETU.

Hari n'ibikorwa byagiye biba mu ibanga, ubuyobozi bw'ingabo za Kongo bukabikora mu bwiru buhishe Guverinoma. Urugero : Vital KAMERHE wari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko yatangaje ko atemera ubufatanye hagati ya Kongo n'u Rwanda bituma iba imwe mu mpamvu zo gusezera ku mwanya we, ku itariki ya 21 Mutarama 2009²⁸⁰.

Ikibazo kindi gikomeye nuko muri Kongo, abayobozi baho bose badakora nk'abahagarariye ubuyobizi (Institution), ahubwo bagakora nk'aho ari abantu ku giti cyabo. Muribo harimo igice cyumva cyakorana n'u Rwanda, abo bakaba banaza mu Rwanda uko babyifuza, hakaba n'abandi banangiye badashaka u Rwanda. Amakimbirane ari hagati yabo bayobozi ba Kongo agira ingaruka ku Rwanda kuko usanga abanga u Rwanda aribo bashyigikiye FDLR. Urugero ni Jenerali AMISI wahaga intwari imitwe nka Mai Mai.

Iki kibazo gikunda kugora u Rwanda. Niyo mpamvu hari n'ibyemezo bimwe byemeranwagaho n'intumwa z'ibihugu byombi, ariko bimwe ntibyubahirizwe kubera ayo makimbirane ari hagati y'abayobozi ba Kongo. Urugero ni igihe CEPGL ibyutswa, u Rwanda rwifuje ko igice kireba umutekano na gisilikare kitabwaho ariko bamwe mu banyekongo bakabyanga ikaba ari nayo mpamvu na n'ubu icyo cyiciro cya CEPGL kireba umutekano na gisilikare cyiri inyuma ugereranyije n'izindi porogame za CEPGL.

²⁸⁰ Rapport I.C.G. : Congo, l'enlèvement du système démocratique, 2009

3.3.2. Ingorane zatewe n’Umuryango w’Abibumbye

Ikibazo cya kabiri nuko MONUSCO by’umwihariko, n’Umuryango w’Abibumbye muri rusange, ntibashyigikiye ubufatanye hagati ya Kongo n’u Rwanda muri “UMOJA WETU”. Ku birebana n’amahanga, MONUSCO yagaragaje ubushake buke mu gushyigikira ubu bufatanye bw’ibihugu byombi. MONUSCO yakomeje ahubwo gushaka ibirego, ntiyumvaga ko hari ikintu kiza u Rwanda rwahuriraho na Kongo.

Iyo myitwarire yo kwanga u Rwanda no kurwangisha amahanga, ni nayo yifashishwa n’abanyepolitiki bo muri Kongo batavuga rumwe na Perezida Joseph Kabila. Iyo bashaka kwikundisha ku baturage, bemeza ko Leta ya Kongo yakoze amakosa akomeye, kuko yemeye gufatanya n’u Rwanda muri “UMOJA WETU” yo kurwanya FDLR. Gusa birengagiza ko hari ibikorwa byo guhohotera uburenganzira bwa muntu byakorerwaga abanyekongo ubwabo, kandi ahanini bikoze n’abo muri FDLR, bityo “UMOJA WETU” ikaba yaragize uruhare rukomeye, rwo kugarura amahoro, yafashije abaturage ba Kongo.

4. Itsinda ry’iperereza rihuriweho n’ibihugu byombi (Joint Intelligence Team)

Kuva muri 2009 mu gihe cya “UMOJA WETU” kugeza muri 2012, u Rwanda na Kongo byakoranye neza mu nzego zose. Habaye inama zigera kuri 30 mu rwego rw’iperereza na gisilikare. Ibihugu byombi byashyizeho ubufatanye mu rwego rwo guhana amakuru arebana n’umutekano no kuyashakira hamwe. Iryo tsinda ryakoreye i Goma rihuje abakozi b’u Rwanda n’aba Kongo.

Ku itariki ya 20 Kamena 2010, mu nama ya ba Minisitiri b’ingabo ba Kongo n’u Rwanda bakoreye inama i Rubavu, bagaragaza ko, uko amahoro agenda aboneka mu karere ari nako abayahungabanya bishyira hamwe bagamije kuburizamo ibikorwa byiza byagezweho. Hagaragajwe ko hari imitwe muri Kongo no mu Rwanda itegura ibikorwa bibi mu mahanga ariko igafatanya n’abari imbere muri Kongo, cyane cyane muri Kivu y’Amajyaruguru. Iyo nama yagaragaje ko iyo mitwe y’ingenzi igizwe na FDLR/FOCA, RUD, FPLC, Mai Mai TCHEKA, KIFUAFUA, APCLS, AKILO, JEREMIE na YAKUTUMBA yo mu Majyaruguru ya Kivu, hakaba na FRF yo mu Majyepfo ya Kivu.

Inama yerekanye ko guhera mu mwaka wa 2010, iyo Mitwe yatangiye ubufatanye, hanyongeraho gukorana n’itsinda rya Jenerali majoro Faustin KAYUMBA-NYAMWASA, watorotse igisilikare cy’u Rwanda, ajya muri Afurika y’epfo ku itariki ya 27 Gashyantare 2010. Inama yagaragaje ko iyo mitwe y’abashaka guhungabanya amahoro mu bihugu byombi yakoze inama zitandukanye, zitegura ibikorwa bibi mu Rwanda no muri Kongo.

Hanagaragajwe ko Jenerali KAYUMBA NYAMWASA na Koloneli Patrick KAREGEYA bagiranye imishykirano na bamwe mu basilikare ba Kongo bahoze muri CNDP batari bishimiye uko bari bafashwe nyuma yo kwinjizwa mu ngabo za Kongo. KAYUMBA na KAREGEYA, hagamijwe kubashishikariza gufatanya nabo bakarwanya u Rwanda na Kongo. Banabonye n'abahagarariye indi mitwe yitwaje intwari, barimo FPLC na FDLR, kandi MONUSCO yamenye ibyo bikorwa byose bya KAYUMBA ariko ntiyagira icyo ibikoraho²⁸¹.

Muri gahunda zabo, bateganyaga kwigarurira igice cy'Uburasirazuba bwa Kongo kugira ngo bakigire indiri yabo izabafasha kugaba ibitero mu Rwanda. Bifuzaga kubikora vuba kugira ngo bahungabanye imigendekere myiza y'amatora mu Rwanda ndetse n'ayo muri Kongo yagombaga gukurikiraho. Ayo makuru yose niyo yatumye inzego z'umutekano z'ibihugu byombi zishyiraho uburyo bwo guhana amakuru ku bikorwa byose bishobora guhungabanya umutekano muri Kongo no mu Rwanda.

Inama ya Rubavu yo ku wa 20 Kamena 2010 yashyizeho ingamba zizakurikizwa mu rwego rwa politiki na dipolomasi, zirimo kuganira n'ibihugu abo bantu bashaka guhungabanya umutekano bakunda kunyuramo n'ibibacumbikiye, gukora ibishoboka hakaba ibiganiro hagati y'ubuyobozi bukuru bw'ibihugu byo mu karere kugira bamwe mu bayobozi bakuru bashyigikiye abakuriye iyo mitwe bareke ibyo bikorwa, no kugenzura abantu baha amafaranga iyo mitwe bakabuzwa uburenganzira bwo gutembera mu karere. Hafashwe kandi ingamba z'ubufatanye mu rwego rw'iperereza rya gisilikare, harimo ko abakuriye izo nzego bajya bahura byibura rimwe mu kwezi bagakora isuzuma ry'imiterere y'umutekano mu bihugu byombi.

Mu buryo bwo kunoza icyo gikorwa no kugiha umurongo kigenderaho, hashyizweho Itsinda ry'abagize inzego z'iperereza rya gisilikare ryashyizweho itariki ya 09 Nzeri 2011 batoranyijwe na buri gihugu. Iryo tsinda ryashyize amashami mu Rwanda no muri Kongo, ku mupaka w'ibihugu byombi i Rubavu na Goma na Bukavu na Rusizi (Joint Intelligence Team). Rifite inshingano zikurikira :

- Ihererekanya ry'amakuru (Information sharing);

²⁸¹ International Crisis Group ibyandika muri aya magambo : *“Un rival de Kagame, le général Faustin Kayumba Nyamwasa, a fui le 27 février 2010 pour trouver refuge en Afrique du Sud. Cet ancien chef d'état-major et directeur des services de renseignements a longtemps collaboré avec des Tutsi congolais proches de Nkunda et continue de bénéficier de réseaux de soutien au sein de l'armée rwandaise. La MONUC est informée que Kayumba a pris contact avec des personnalités du CNDP, avec les FDLR, et avec une nouvelle milice dirigée par le Tutsi Gad Ngabo, le Front patriotique pour la libération du Congo (FPLC). Le 2 juin 2010, en coordination avec les FDLR, le FPLC attaque un important dépôt d'armes à Burungu dans une partie du Masisi contrôlée par le CNDP. De mars à juin 2010, un front armé anti-Kagame au Kivu avec des relais potentiels dans les forces de sécurité rwandaises est en voie de constitution.”* Cf. ICG, Rapport Afrique NO 165, 16 Novembre 2010

- Guhererekanya amakuru ku gikorwa cyumvikanweho (Joint intelligence led operations against specific targets);
- Kuburizamo isoko n' inkomoko y'amafaranga n'umutungo by'umwanzi(Disruption of enemy financial resources);
- Kuburizamo amashami n'ibytso by'umwanzi (Neutralisation of enemy antennas);
- Gushaka no gufata abanzi n'ababakorera, bakabashyikiriza ibihugu bakomokamo (Identify and apprehend enemy agents and hand them over to either country of origin);
- Gufata intwari zitemewe n'amategeko, ibiyobyabwenge n'ibikoresho by'umwanzi binyuzwa mu bihugu bimwe na bimwe. (Impounding illicit arms, ammos and drugs and any illegal enemy logistics in transit in either country).

Iryo tsinda ryakoze akazi gashimishije ko gukurikirana ibijyanye n'umutekano, kandi ibikorwa bigamije kuwuhungabanya byashoboye kumenyekana no kwirindwa. Iri tsinda ryakoraga ridashyigikiwe n'inzego zose z'ubuyobozi bukuru bwa Kongo. Nubwo amasezerano ashiraho iri tsinda yasinywe na minisitiri w'ingabo wa Kongo bwana Charles Mwando Nsimba ntabwo ryari rishyigikiwe n'umugaba mukuru w'ingabo. Byemerwaga gusa n'abakuru b'inzego z'iperereza za Kongo na Perezida wa Repubulika Joseph Kabila. Yemerwaga na "Intelligence" ariko "chef d'Etat major" atayishyigikiye nkuko byari biteye muri "UMOJA WETU".

Ingaruka z'iyi myifatire ya Kongo nuko raporo z'ibikorwa by'iri tsinda zahabwaga agaciro gusa n'inzego za Kongo zibishyigikiye. Kubera ko iri tsinda rihuriweho n'ibihugu byombi ryagiye rikorana burigihe, nta kuntu ritari kumenya amakuru ajyanye no gutegura ibitero n'intambara uRwanda ruregwa.

Kugeza ubu iri tsinda ntirirashinja uRwanda kugira uruhare urwo arirwo rwose mu ntambara ibera muri Kongo.

Nyuma yaho ibirego bitangiriye, u Rwanda na Kongo byarumvikanye, byongera kunoza uburyo bw'ubufatanye mw'iperereza n'umutekano.

Hanashyizweho, mu bwumvikane, hagati y'ibihugu bigize Ihuriro ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari, itsinda rihuje abantu bakomoka muri ibyo bihugu byose bashinzwe igenzura n'iperereza ku mupaka w'u Rwanda na Kongo. Iri tsinda ririmo ibihugu 11, rishinzwe gukusanya amakuru arebana n'umutekano. Ibyo bihugu ni :

Angola, Burundi, Repubulika ya Centre Afurika, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Zambia, Sudani, Uganda, Congo Brazaville, Kenya, u Rwanda na Tanzaniya.

Muri raporo iryo tsinda ry'ibihugu 11 ritanga, ntabwo ririgera rirega u Rwanda na rimwe. Amasezerano ashiraho iri tsinda yashyizweho umukono na ba Minisitiri b'Ingabo b'ibihugu byose bigize "ICGLR".²⁸²

5. Umutwe w'abasirikare wihariye wahuriweho n'u Rwanda na Kongo

Nyuma yo gushyiraho itsinda ry'ubufatanye mu iperereza, ku bwumvikane bw'ibihugu byombi, hagiyeho itsinda ry'ingabo z'ibihugu byombi zigizwe n'abasirikare 250 b'u Rwanda na 250 ba Kongo bajya muri Kongo barahakorera kuva 2011. icyo cyemezo cyatewe nuko byari bimaze kugaragara ko nyuma ya UMOJA WETU, abarwanyi ba FDLR n' indi mitwe bari barongeye, bagaruka muri bimwe mu birindiro bari barirukanywemo na "UMOJA WETU", bika rero byari ngombwa gushyiraho uburyo bwo kubashya.

Uwo Mutwe udasanze w'abasirikare ba Kongo n'u Rwanda wagiye hamwe, ugira ubuyobozi bumwe, ndetse ubuyobozi bw'izo ngabo buhabwa Kongo. icyicaro gikuru kijya i Rutshuru. M23 itangira imirwano, aba basirikare bose barabanaga bafatanyaga kurwanya FDLR. Abasirikare b'u Rwanda bavuyeyo ku mugaragararo mu kwezi kwa Kanama 2012, baza baherekejwe n'ingabo za Kongo kugeza ku mupaka w'u Rwanda na Kongo i Goma. icyo gikorwa cyakurikiranwe na MONUSCO n'abanyamakuru.

Icyakora ya makimbirane yari hagati y'ubuyobozi bwa Kongo muri "UMOJA WETU" yagize n'ingaruka ku mikorere y'uyu mutwe udasanze. Perezida KABILA yabaga awushyigikiye ariko umugaba mukuru w'ingabo atawushyigikiye. Uyu mutwe udasanzwe w'abasirikare nti wemerwaga n'ubuyobozi bukuru bw'ingabo za Kongo kandi Perezida KABILA awemera.

MONUSCO ubwayo nayo, ntiyawushyigikiye, kandi ntiyishimiye kutagira uruhare mu ishingwa n'imikorere yawo. Hari n'ubwo MONUSCO yatangaje amakuru y' ibinyoma kuri uwo mutwe, ivuga ko ari ingabo z'u Rwanda zinjiye muri Kongo rwihishwa; kandi atari byo kuko zari zihari ku bwumvikane bw'ibihugu byombi. Byagaragaye ko abaturage aho uwo mutwe udasanze wari uri, hari hagarutse umutekano uhagije kandi abaturage babyishimiye, mu ntara za Rucuru na Masisi.

Igice cya gatatu: Inkunga y'u Rwanda mu gukumira no guhagarika intambara muri Kongo

Mbere yuko M23 itangira imirwano, no hagati mu ntambara, u Rwanda rwakoze ibishoboka byose kugira ngo amahoro ashyigikirwe kandi habeho icyatuma intambara ihagarara.

²⁸² Report of the ICGLR Ministers of Defence on Negative forces in the Great Lakes Region 9 september 2011.

Ku itariki ya **5 Gashyantare 2012**, Perezida Joseph Kabila yohereje intumwa mu Rwanda ziyobowe na Nyakwigendera KATUMBA MWANKE zigizwe na Kalev MULOND na Coloneli Jean Claude YAV. Zaje zivuga ko Kongo yifuza ko u Rwanda ruyifasha mu bibazo ifite mu gice cy' i Burasirazuba. icyo gihe, intumwa za Kongo zabwiye u Rwanda ko zifite ibibazo bibiri zifuza ko u Rwanda rufashamo icyo gihugu.

1) Zavuze ko Kongo ikomeje kwotswa igitutu n'Umuryango w'Abibumbye cyo gufata Jenerali Bosco NTAGANDA, agashyikirizwa Urukiko mpuzamahanga rwa La Haye;

2) Ikindi zavuze n'uko Perezida KABILA yifuzaga kwimura abasirikare bahoze muri CNDP bavuye ikinyarwanda bakajyanwa mu bindi bice bitandukanye bya Kongo.

Kuri iki kibazo, izo ntumwa zagaragaje ko bamwe mu basirikare bo mu ngabo zahoze muri CNDP zanze iryo yimurwa, zigasaba gukomeza kuba mu Burasirazuba bwa Kongo. Intumwa za Perezida KABILA zikaba zarifuzaga ko u Rwanda rufasha Kongo kumvisha abo basirikare kwemera kwimurwa.

Icyo kibazo cyari gisanzwe kizwi kuko mu bufatanye bwagiye buba hagati y'ingabo za Kongo n'iz'u Rwanda, hagaragayemo ibice bibiri : abashyigikiye FDLR n'abatemera FDLR.

Aho CNDP na PARECO bamaze kwinjirizwa mu ngabo za Kongo, igice cya CNDP nicyo cyagaragazaga ubushake bwo kurwanya FDLR. Benshi mu bandi basirikare bagize ingabo za Kongo, bakunze ahubwo gufatanya na FDLR. Niyo mpamvu abasirikare bashyizwe mu ngabo za Kongo bavuye muri CNDP bagaragazaga impungenge ko nibimurwa bakajyanwa mu zindi province za Kongo, bizatuma FDLR itarwanywa nkuko bisanzwe kandi ikabona ubwisanzure bwo gukomeza ibikorwa byayo by'ubugome. Intumwa za Guverinoma ya Kongo zashubije ko iryo yimurwa Perezida KABILA yifuza ritazabuza ingabo zayo gukomeza igikorwa cyo kurwanya FDLR. Kongo yiyemezaga ko izazana izindi ngabo zikarwanya FDLR, ndetse ko bazafatanya n'u Rwanda.

Ku itariki 30 Werurwe 2012, Perezida KABILA yongeye kohereza mu Rwanda intumwa ye yihariye Bwana Kalev MULOND. Yabwiye u Rwanda ko Kongo yifuza kuzazana mu Rwanda na bamwe mu bayobozi b'ingabo zahoze muri CNDP bakeka ko aribo bayobora abandi kugira ngo u Rwanda rufashe kubumvikanisha na Kongo. Kongo yongeyeho ko uruhare ikeneye ari ukugira ngo u Rwanda rushyireho uruhare rwarwo kubera ubufatanye busanzwe buri hagati y'ibihugu byombi.

Ku itariki 8 Mata 2012, Intumwa za Kongo zigizwe na Kalev MULOND na Coloneli Jean Claude YAV zazanye na bamwe muri ba ofisiye bahoze muri CNDP, bambukana umupaka i Rubavu. Haje Colonel Sultani Makenga (Ubu ni Jenerali), Colonel Innoncent Zimurinda, Colonel Faustin MUHINDO. Hari hitezwe ko bazana na Jenerali NTAGANDA ariko ntiyaza kuko yari amaze kumenya ko ashobora gufatwa bituma ahungira mu isambu ye i Masisi.

Muri icyo nama, intumwa z'u Rwanda zari ziyobowe na Jenerali James KABAREBE, zabahaye umwanya baraganira. Muri ibyo biganiriro, hagaragaye ko harimo ubwumvikane buke bushobora no kuteza intambara.

Ubwo bwumvikane buke, bwari bushingiye kuri ibi bibazo bikurikira byagaragajwe n'abasirikare bahoze muri CNDP:

- Gukorerwa ivangura mu gisilikare;
- Kutagira imishahara imwe mu ngabo za Kongo;
- Peloto y'Abasirikare bahoze muri CNDP boherejwe I Dungu bakicirwayo n'ingabo za Kongo muri 2009 bakihagera kandi ntihakorwe iperereza kuri ubwo bwicanyi;
- Ingabo za Kongo zifitanye ubufatanye na FDLR;
- Kwoherezwa mu bindi bice bya Kongo bizashoboka igihe imiryango y'abasirikare ikiri mu buhungiro mu Rwanda izaba yarashibijwe mu byabo.

Intumwa z'u Rwanda zabagiriye inama yo gukomeza ibiganiriro runemera ko ruzabafasha mu nzira zose zo kumvikana. U Rwanda rwagaragaje ko hari hamaze guterwa intambwe ishimishije hagati y'u Rwanda na Kongo kuva aho CNDP na PARECO n'indi mitwe ya Mai Mai binjiriye mu ngabo za Kongo. U Rwanda rwagaragaje ko ruzanatanga ubufasha mu kubumvikanisha. U Rwanda rwatsindagiye ko mu bibazo nk'ibi, ababyungukiramo ari FDLR kuko irakoreshwa, ikinjizwa mu mirwano, igahabwa intwari, ikangiza umutekano w'abaturage. Intumwa za Kongo zavuze ko zizagaruka zikongera kuganira n'abo ba basirikare bakuru bahoze muri CNDP bahagarariye bagenzi babo kugira ngo basuzume ikibazo cy'uburenganzira bwabo mu ngabo za Kongo.

Icyo gihe inama u Rwanda rwabagiriye ku itariki 8 Mata 2012 ntibayubahirije, ahubwo Kongo yahise igaba ibitero byo gufata Jenerali NTAGANDA ku ngufu za gisilikare, imirwano iba iratangiyeye. Ntabwo u Rwanda rwarekeye aho gukorana na Kongo, rwakomeje guhura n'abayobozi b'icyo Gihugu mu rwego rw'ububanyi n'amahanga, urwa gisilikare n'umutekano bakorana inama nyinshi zaganiriyeye ku bibazo biri mu burasirazuba bwa Kongo. Twavugaga izi zikurikira:

- ku itariki ya 02 Gicurasi 2012, habaye inama y'abakuru b'ingabo yabereye i Rubavu;
- ku itariki ya 03 Gicurasi 2012, Inama ya ba Minisitiri b'ingabo n'ab'ububanyi n'amahanga i Rubavu;
- ku itariki ya 12 Gicurasi 2012, Inama ya ba Minisitiri b'ingabo yarongeye iraba ibera Rubavu. Muri iyi nama Guverinoma ya Kongo yasabaga u Rwanda kongera kujyana na FARDC muri Kongo bagafatanyaga kurwanya M23, nkuko bafatanyije mbere. U Rwanda ntirwabyanze ahubwo rwasabye ko icyo gikorwa cyafatanyaga no guhangana na FDLR kuko yari yaramaze kwigarurira uduce twinshi twa Masisi bariho baza ku mupaka w'u Rwanda. Kongo ntiyabyemeye isaba ko u Rwanda rwaza rugahera Runyoni aho

M23 yari iherereye. U Rwanda ntirwumvaga impamvu Kongo irusaba gutangirira buri gihe aho ifite ikibazo cyayo gusa;

- 18-19 Gicurasi, inama yabereye i Kigali ihuza inzego z'ububanyi n'amahanga n'umutekano;
- 27 Gicurasi 2012 na none habaye inama nk'iyi i Kigali;
- 29 Gicurasi 2012 yabereye i Kigali;
- 18-19 Kamena 2012, inama i Kinshasa;
- 28 Kamena 2012
- 9 Nyakanga 2012, n'izindi.

Kuri iyi tariki ya 28 Kamena 2012, nibwo Kongo yatangiye kuzana ibirego bireba u Rwanda, kandi bitarigeze bigaragazwa mu nama nyinshi zabaye mbere y'iki gihe. Ni nabwo u Rwanda rwagejweho ibirego byanditswe na Kongo mu ibaruwa ya Minisitiri w'Intebe yohereje Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi ku wa 14 Kamena 2012.

Igice cya kane : Uruhare rwihariye rw'Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda

Mu buryo bwo gushaka umuti wo guhagarika intambara, Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda, Nyakubahwa Paul KAGAME, yagaragaje ubushake n'ibikorwa byo gufatanya n'inzego zose zaba iz'Umuryango w'Abibumbye, iz'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe, mu Ihuriro ry'Ibihugu by'Akarere k'Ibiyaga Bigari, n'izahuje abakuru b'ibihugu by'u Rwanda, Uganda na Kongo. Yitabiriye inama z'abakuru b'ibihugu. Yitabiriye nizo mu Muryango w'Abibumbye, cyane cyane inama yihariye yatumiwe n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Bwana Ban KIMOON. Yitabiriye inama z'umutekano z'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, n'izindi nyinshi zidasanzwe, hagamijwe gushaka umuti w'ikibazo cy'intambara.

Mu nama zabereye mu Karere zitabiriwe na Nyakubahwa Perezida w'u Rwanda, twavugaga iyo ku wa 15 Nyakanga 2012, ku wa 7-8 Kanama 2012 zabereye i Kampala. Iyo ya nyuma niyo yashyizeho itsinda rya ba Minisitiri b'Ingabo b'ibihugu 11 bigize Ihuriro ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari basabwa gufatanya, bagasuzuma vuba uburyo intambara yahagarara, amahoro akagaruka kandi bakagaragaza uburyo Umutwe w'ingabo uhuriweho n'ibyo bihugu watangira ibikorwa byawo mu Burasirazuba bwa Kongo.

Ku wa 7-8 Nzeri 2012, habaye indi nama i Kampala y'abakuru b'ibihugu yasuzumiwemo Raporo y'iri tsinda yari yakozwe n'abaminisitiri b'ingabo. Muri iyi nama ya Kampala, abakuru b'ibihugu basabye Umuryango w'Abibumbye ko mu nama yawo kuri Kongo yagombaga kuba ku wa 27 Nzeri 2012, gutera inkunga ibikorwa by'Ihuriro ry'ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari kugira ngo ibyemezo bafashe bishyirwe mu bikorwa vuba.

Usibye kwitabira inama zinyuranye, Umukuru w'Igihugu kandi yasobanuriye kandi mu bihe bitandukanye abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda ndetse n'abanyamakuru uko ikibazo giteye n'icyo u Rwanda rukora kugirango umutekano mu Burasirazuba bwa Kongo ugaruke.

Iyaba u Rwanda rwari rufite uruhare mu ntambara ya M23, ntabwo Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda yari kuvunika yitabira imirimo y'izi nama zose, kandi agaragaza ubushake bwose bushoboka bwo gutanga inkunga igamije gushaka umuti wo kurangiza ikibazo cy'intambara mu Burasirazuba bwa Kongo.

ICYICIRO CYA GATANU: IBIREGO BISHINGIYE KU MABUYE Y'AGACIRO YA KONGO

Mu birego bikunze kuvugwa n'abashinje u Rwanda ngo kuba rwivanga mu bibazo bya Kongo, harimo ibijyanye n'amabuye y'agaciro. Ibyo birego byitirirwa u Rwanda ko rushoza intambara muri Kongo kugira ngo rubone uko rusahura ayo mabuye²⁸³.

Igice cya mbere: Amategeko agenga ubucukuzi n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro

Ikiri ukuri nuko u Rwanda rwashyizeho amategeko agendeye ku byemezo by'ihuriro ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari. U Rwanda nicyo gihugu cya mbere mu bigize ihuriro ry'ibihugu byo mu karere k'ibiyaga bigari (ICGLR) cyashyizeho amategeko anoze²⁸⁴ ndetse n'amabwiriza yihariye agenga ibijyanye n'icukura n'icuruzwa ry'amabuye y'agaciro, kandi ayo mategeko u Rwanda rugenderaho ari ku rwego mpuzamahanga²⁸⁵. Akaba akurikije ibikubiye ku byemezo byafashwe n'abakuru b'ibihugu bigize ICGLR mu nama yabereye i Rusaka muri 2010 ku itariki ya 15 ukuboza 2010, amabwiriza y'umuryango w'ibihugu by'i Burayi ushinzwe Ubufatanye n'Iterambere (OECD).

U Rwanda rwashyizeho ingamba kugira ngo amabuye y'u Rwanda acukurwa mu Rwanda cyangwa azajya acuruzwa ahavuye, azajye aherekezwa n'icyemezo cyemejwe n'ihuriro ry'Ibihugu 11 by'Akarere b'Ibiyaga Bigari (ICGLR). Ikindi nuko mu gihe icyemezo cy'ihuriro ry'Ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari kitari cyatangira gutangwa, Minisitiri y'umutungo kamere y'u Rwanda yamaze gukora MoU (*Memorandum of Understanding*) na RBS (*Rwanda Bureau of Standards*), kugira ngo hakorwe icyemezo cy'u Rwanda by'umwihariko, ariko cyikazajya kigenzurwa na ICGLR.

Kuva muri 2010, Igihugu cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika gishyizeho itegeko ryo gukumira amabuye aturuka mu Karere k'ibiyaga bigari aba yabonetse mu buryo butemewe n'amategeko, u Rwanda rwashyizeho amabwiriza n'amahame yo kugenzura inkomoko y'amabuye y'agaciro yinjira mu gihugu. Ni muri urwo rwego u Rwanda rusubizayo amabuye y'agaciro rwafashe atubahirije amategeko. Urugero ni toni zirenga mironko inani zasubijwe muri Kongo, nyamara zimaze kugerayo zirigiswa n'abayobozi ba Kongo.

²⁸³ Nations Unies, Rapport du groupe d'experts des N.U. sur l'exploitation illégale des ressources naturelles et autres richesses de la RDC, New york 12 Avril 2012; Nations Unies, additif au Rapport du groupe d'experts des N.U. sur l'exploitation illégale des ressources naturelles et autres richesses de la RDC, New york 13 Novembre 2001; Nations Unies, Rapport interimaire du groupe d'experts des N.U. sur l'exploitation illégale des ressources naturelles et autres richesses de la RDC, New york 22 Mai 2002; Nations Unies, Rapport du groupe d'experts des N.U. sur l'exploitation illégale des ressources naturelles et autres richesses de la RDC, New york 16 Octobre 2001; Nations Unies, Nouveau Rapport du groupe d'experts des N.U. sur l'exploitation illégale des ressources naturelles et autres richesses de la RDC, New york 23 Octobre 2003;

²⁸⁴ Itegeko N0 37/2008 ryo ku wa 11/05/2008 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

²⁸⁵ Amabwiriza ya Minisitiri N0 002/2012/MINIRENA yo ku wa 28/03/2012 agena uburyo bw'iyubahirizwa ry'ubuziranenge bw'amabuye y'agaciro mu karere.

U Rwanda rwageze naho rufunga ikawa iva muri Kongo mu buryo bwo kwirinda kwinjira kw'amabuye y'agaciro, yakwinjira mu buryo bwa magendu.

Nubwo hariyeho izo ngamba, Imiryango itegamiye itari iya Leta nka GLOBAL WITNESS ivuga ko ibirombe by'u Rwanda byiberamo umucanga gusa, ko amabuye u Rwanda ruvuga ko rucukura aha muri Kongo, ariko rukaba rudashaka kugaragaza aho anyuzwa. Mu Rwanda, ubu abashinzwe gukumira ubwo bucuruzi bw'amabuye bwa magendu bahawe ibikoresho byose ku buryo mu gihugu cyacu ntaho byanyura.

Hari abantu bo muri sosiyete ITRI (International Tin Research Institute) bakomeje kotsa igitutu u Rwanda, bashaka kugaragarizwa uko amabuye y'agaciro y'u Rwanda asa kugira ngo bajye bashobora kuyagereranya n'ava ahandi, ariko bakirengagiza ko ibuye rimwe rishobora gusohoka ridasa n'irindi kandi byavuye mu gihugu kimwe, mu birombe bitandukanye.

Icyo u Rwanda rugenderaho nuko nta nyungu iri mu gucuruza amabuye atemewe, kubera ko n'ubundi bituma hazamo akajagari mu bucuruzi bwayo, kandi bigatuma amasosiyeti y'u Rwanda acukura amabuye adatera imbere, bikaba byanatera ibindi bibazo kurushaho. Amwe mu mabuye y'agaciro u Rwanda rucukura ni Gasegereti, Wolfram, Coltan na Zahabu, Amenshi aha mu Turere turi kure y'umupaka w'u Rwanda na Kongo, kandi ayo mabuye aho acukurwa harazwi, hamwe muri ho haranacukurwaga kuva ku gihe cy'abakoloni, bikaba rero bitumvikana impamvu hari abavugaga ko u Rwanda nta mabuye y'agaciro rufite, kandi hari kariyeri nyinshi rufite nkuko bigaragazwa n'ikarita iri ku mugereka w'iyi raporo.

Igice cya kabiri: U Rwanda rufite amabuye y'agaciro kuva kera

Imiryango mpuzamahanga ikunze kubeshya ko u Rwanda rufite amabuye y'agaciro, ko rutunzwe n'ava muri Kongo. Ibyo ni ukwirengagiza ukuri nkana. Amabuye y'agaciro yatangiye gucukurwa mu Rwanda ku gihe cy'Ababiligi muri 1929. Muri uwo mwaka nibwo hatanzwe uburenganzira bwa mbere bwo kuyacukura, kandi amasosiyete ya mbere atangira kujyaho. Habanje "MINETAINE" i Rutongo muri 1930. Nyuma iyo sosiyete yakoreye ubucukuzi muri Nyungwe (1936) na Musha (1937). Hakurikiraho SOMUKI muri 1933.


Nyuma ya "MINETAINE", haje "GEORWANDA" na "COREM" muri 1940 na 1946. Amabuye yacukurwaga ni gasegereti, zahabu, "coltan", "ambrygonite" na "beryl". Umusaruro wose wanganaga na toni 2523 muri 1949, toni 4364 muri 1954, toni 5525 muri 1955 na toni 4900 muri 1960. Mine nyinshi zacukurwagamo ayo mabuye ziri Gatumba, Mushishiro, Rwinkwavu, Rutongo, etc.

Sosiyete z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro zo mu Rwanda zakoresheye abantu bari hagati y'ibihumbi 15 na 16 mu myaka ya 1954-1955. Imari yavaga muri ubwo bucuruzi

bw'amabuye y'agaciro yafashije mu kuzamura igihugu ku ngoma y'umwami RUDAHIGWA : gukora imihanda, kubaka amavuriro n'ibindi²⁸⁶.


Abatangaza ko mu Rwanda nta mabuye y'agaciro ahari baba birengagiza ko yahacukuwe kuva mu gihe cy'abakoloni, ko kandi ayo mabuye atarangiranye nuko Ubukoloni burangiye. Ikarita zikurikira zirerekana ahantu hari amabuye y'agaciro mu Rwanda.

New Target Areas for Exploration: tin, tungsten, tantalum, gold, lithium, Nickel, etc



²⁸⁶ Antoine MUGESERA, Les progrès du Rwanda sous RUDAHIGWA : Avancées et retards, DIALOGUE NO 188, p.76

Rwanda Geological map 1/250,000



Mineral map of Rwanda



ICYICIRO CYA GATANU: INGARUKA MBI ZA RAPORO YA STEVEN HEGE

Byagaragajwe muri iyi raporo ko inyandiko ya Steven HEGE yagejejwe ku nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi (UN Security Council) yagize ingaruka nyinshi ku nzego zitandukanye.

Uburemere bw'ingaruka bw'iyi raporo bwatangiyeye kwigaragaza mu ihungabana rya politiki, ubukungu, umutekano, imibereho y'abaturage ndetse n'imibanire n'ubufatanye bw'ibihugu byo mu Karere k'ibiyaga bigari muri rusange, cyane cyane ku Rwanda na Repebulika ihanira Demokarasi ya Kongo.

Iyo raporo kandi yagize ingaruka zidashimishije k'Umuryango w'Abibumbye ubwawo, ndetse n'abahagarariye ibihugu byabo mu nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi.

Igice cya mbere : Ingaruka kuri Kongo

Kubera raporo y'ibinyoma yagize ingaruka ziteye impungenge mu baturage bo mu Burasirazuba bwa Kongo. Ingero zigaragara ni uko raporo y'itsinda rya Steven HEGE yirengagije impamvu nyazo ndetse n'imizi miremire y'amateka y'imitwe yitwaza intwari yo muri Kongo, aho kwerekana aho ibibazo biri bijyanye n'imiyoborere mibi yabayeho akarande muri Kongo. Steven HEGE we yagaragaje ko u Rwanda ari rwo ntandaro y'ibibazo bya Kongo, ibi bikaba byaratumye abanyekongo, bahunga ukuri ntibishakemo umuti wasubiza ibibazo byabo ku buryo burambye, ahubwo bagakomeza gushakira ibisubizo by'ibibazo byabo hanze y'igihugu cyabo bitwaza u Rwanda.

Indi ingaruka mbi ni uko imiryango n'amashyirahamwe bitandukanye byo muri Kongo, harimo Sosiyete Sivili, abanyamadini n'itangazamakuru byahagurukiye rimwe mu gukwirakwiza urwango hagati y'u Rwanda na Kongo. Ibyo babikora birengagije inshingano zabo z'ibanze zo kubera abaturage urumuri no kubafasha kubona umuti nyawe w'ibibazo bafite; ahubwo bagashyira imbere ibinyoma bishingiye kuri politiki mbi. Hakwibutswa ko mbere y'isohoka rya raporo ya Steven HEGE nabo bafatanyije u Rwanda na Kongo byari bimaze kunoza umubano mu rwego rwa gisirikare, mu bukungu n'ubuhahirane.

U Rwanda na Kongo kandi byari bimaze gushyiraho ingamba zo kurwanya umutwe w'iterabwoba wa FDLR no gukemura ibibazo by'indi mitwe yitwaza intwari muri Kongo kandi bikaba byari bimaze gutera intambwe ishimishije. Raporo y'ibinyoma ya HEGE yashubije inyuma ibikorwa byari bigamije kugarura amahoro no kubaka umutekano muri Kongo no mu Karere k'ibiyaga Bigari muri rusange.

Raporo ya Steven HEGE kandi yabibye urwango mu banyekongo bikoma abanyarwanda, kugera aho abantu bamwe b'intagondwa, nk'umunyadini wiyise Bishop Elyse, ku itariki ya 10 Kanama 2012 yahamagariye kuri "internet" kwica abatutsi aho bari hose ku isi.

Igice cya kabiri: Ingaruka ku Rwanda

1. Gukingira ikibaba ibikorwa by'iterabwoba bya FDLR

Raporo ya Steven HEGE yatumye umutekano muke wiyongera mu burasirazuba bwa Kongo, bituma umutwe w'abicanyi wa FDLR uboneraho umwanya wo kwisunganya kugira ngo ukaze umurego wo guhungabanya umutekano w'u Rwanda. Ibi byagaragaye ubwo FDLR yagabaga ibitero inshuro ebyiri mu Rwanda mu kwezi kw'Ugushyamba n'Ukoboza 2012, ndetse bigahitana ubuzima bw'abanyarwanda baturiyeye umupaka wa Kongo.

Hari n'ibindi bikorwa bifitiye gihamya bigaragaza ko FDLR yagiye ifatanyaga na FARDC ndetse na MONUSCO mu Burasirazuba bwa Kongo. Ibyo bikaba bizakomeza guhungabanya umutekano mu Karere k'Ibiyaga Bigari muri rusange, ndetse by'umwihariko u Rwanda kuko ubuyobozi bwa FDLR bukomeje kugaragarwaho ingengabitekerezo ya jenocide yo kurimbura abatutsi, baba abari muri Kongo b'abanyekongo cyangwa abari mu Rwanda. Uwo mwihariko wa FDLR kandi wanagaragajwe na ONU ubwayo mu byemezo byinshi yagiye ifata, ariko kugera na n'ubu bikaba bidashyirwa mu bikorwa uko bikwiye²⁸⁷.

²⁸⁷ Conseil de securite, Resolution 1804, 13 mars 2008

2. Ingaruka ku iterambere ry'u Rwanda n'ubuhahirane mu Karere

Raporo ya Steven HEGE yagize ingaruka ku rwego rw'ubukungu, ubucuruzi, ishoramari n'ubuhahirane byari bimaze gutera intambwe ishimishije hagati y'u Rwanda na Kongo.

Iyi raporo kandi yadindije iterambere u Rwanda rwari rugamije kugeraho mu rwego rwo kuzamura imibereho myiza n'iterambere ry'abanyarwanda.

Mu rwego rw'ubufatanye bw'ibihugu bigize Umuryango w'Ubukungu bw'Ibihugu by'Ibiyaga Bigari (CEPGL), raporo ya HEGE yatumye ibikorwa by'ishoramari n'ubundi bufatanye bihagarara, ku buryo inama yari iteganyijwe y'abakuru b'ihugu yari kuba ihuje Kongo, Uburundi n'u Rwanda itagihuye nk'uko byari byateganyijwe.

Raporo ya Steven HEGE yashingiweho n'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi, kugira ngo ifate ibihano byo guhagarika inkunga u Rwanda rwabonaga. Ibi nabyo bifite ingaruka ku gihugu cy'u Rwanda n'abaturage bacyo kuko bigiye kudindiza imishinga y'iterambere itandukanye u Rwanda rwari rwarateganyije hafatanyijwe n'abaterankunga .

3. Gusebya abayobozi bakuru b'u Rwanda

Hari n'indi ngaruka itari nziza yatewe na raporo ya Steven HEGE, kuko yateye ubusembwa ubuyobozi bw'u Rwanda ndetse n'abayobozi bamwe b'ingabo z'igihugu bakaba barasabiwe ibihano bitari ngombwa mu Muryango w'Abibumbye. Aha twakwibutsa ko abayobozi b'ingabo z'u Rwanda basabiwe ibihano muri raporo ya Steven HEGE, batanze ibisubizo binyomoza ibyo bavuzweho, bishyikirizwa Umuryango w'Abibumbye ariko ntiwabyitaho, naryo rikaba ari ikosa rikomeye ribangamiye amwe mu mahame y'ibanze y'uburenganzira bwa muntu, ateganya ko umuntu aba ari umwere igihe cyose icyaha kitaramuhana burundu.

4. Kubangamira amasezerano y'uruja n'uruza rw'abantu n'ibintu

Raporo ya HEGE yahungabanyije ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya CEPGL ku birebana n'uburenganzira bw'abatuye ibihugu bigize uwo muryango bwo kujya no kuva mu Rwanda no muri Kongo igihe cyose babyifuje.

Kubera raporo ya Steven HEGE, Kongo yafashe icyemezo cyo kugabanya amasaha yo kwambuka umupaka bigira ingaruka ku baturage b'ibyo bihugu: abanyeshuri, abacuruzi, urubyiruko rugiyemo mu myidagaduro, abakozi bakora i Goma cyangwa Bukavu bagataha mu Rwanda, n'abandi, ntibagishobora kujya no kuva muri Kongo mu masaha ya nyuma ya saa kumi n'ebyiri z'umugoroba, bikaba ari imbogamizi kuri bo.

Igice cya 3 : Ingaruka ku Muryango w'Abibumbye

Umuryango w'Abibumbye wari uzwiho kutabogama no gukorana ubushishozi mu mirimo itandukanye, cyane cyane mu rwego rwo kurinda no kubungabunga umutekano ku Isi wongeye gutakarizwa icyizere cy'abanyarwanda kubera ko imyanzuro rwafatiwe ishingiyeye kuri raporo ibogamye ya Steven HEGE.

Iki kibazo kiyongera ku cyizere abanyarwanda batakarije ONU, igihe ibatererana muri Mata 1994. icyo gihe abasirikare bayo bari muri MINUAR²⁸⁸ baretse inshingano zabo zo kurengera no kurinda abasivile bicwaga mu gihe cya jenocide yakorewe abatutsi. icyemezo cyo gucyura abasirikare ba MINUAR cyafashwe n'Inama ishinzwe Amahoro ku Isi ishingiyeye kuri raporo y'ibinyoma yari yagejejweho n'intumwa yihariye yari ihagarariye, umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, Jacques Roger Booh-Booh. Ibyo byose bikaba byaratewe kandi bigakomeza guterwa na raporo zidafite ukuri zigezwa ku Nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi.

Kubera raporo ya Steven HEGE, abahagarariye ibihugu byabo mu Nama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Amahoro ku Isi, barayobejwe bageza ku bihugu byabo inyandiko zishingiyeye kuri raporo y'ibinyoma binaba intandaro ku bihugu bimwe na bimwe yo gufatira ibyemezo u Rwanda, harimo kuruhagarikira inkunga.

Biraboneka ko imikorere mibi y'impuguke zoherejwe na ONU igira ingaruka mbi ku baturage b'ibihugu izo mpuguke zakoreyeho raporo, kandi bigatera isura mbi ibyo bihugu ndetse n'Umuryango w'Abibumbye wabohereje.

²⁸⁸ Mission des Nations Unies pour l'assistance au Rwanda

UMUSOZO

Ubu bushakashatsi bwakozwe n'itsinda ryashyizweho n'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, bugaragaza ko u Rwanda rwagiriwe akarengane k'uruhurirane hashingiwe ku bibazo by'umutekano muke biri mu burasirazuba bwa Kongo. Abari inyuma y'ako kagambane ni abantu bibumbiye mu ngeri nyinshi kandi bakoresha uburyo butandukanye: politiki, dipolomasi, itangazamakuru, amadini, sosiyete sivile, abashakashatsi, ubucamanza, Imiryango mpuzamahanga ihuje ibihugu, Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta (NGOs/ONG), n'ibindi...

Gahunda yabyo ni ukwangisha abanyarwanda ubuyobozi bwiza buri mu gihugu no gutesha agaciro imiyoborere myiza iri mu Rwanda.

Kuva muri 1994, u Rwanda rwagiye rwikomwa kenshi n'abantu batandukanye, bagakoresha za raporo mpuzamahanga batandukiriye inshingano bafite kandi bagashaka gukoresha Imiryango mpuzamahanga mu nyungu zabo bwite. Abandi bakoresheje dosiye zo mu bucamanza, Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta, itangazamakuru, ubushakashatsi muri za Kaminuza, amadini, kuyobya Inteko Zishinga Amategeko z'ibihugu bikomeye, n'ubundi buryo bwose kugira ngo bakomanyirize u Rwanda, ariko ukuri kukagenda kuganza.

Muri ibi bihe, ako karengane katangiye muri 1994 nyuma ya jenocide yakorewe abatutsi, kamaze gufata intera yo gushyira ingufu mu gukoresha Umuryango w'Abibumbye n'inkiko mpuzamahanga kugira ngo haboneke imbaraga zihuriweho n'amahanga zo gukomatanyiriza u Rwanda aho bitari byarashobotse. Ni muri ubwo buryo, hashingiwe ku bibazo bwite bya Kongo, u Rwanda rwagizwe nyirabayazana w'ibyo bibazo kandi inkomoko yabyo nta huriro ifitanye n'ubuyobozi buriho mu Rwanda muri iki gihe.

Iyi myitwarire y'amahanga yo kwikoma u Rwanda yafashe intera ndende mu gihe u Rwanda na Kongo byari byaratangiye ubufatanye mu nzego za gisilikare, iperereza, ubukungu n'ibindi, hagamijwe gushaka amahoro n'umutekano birambye. U Rwanda na Kongo byari bifatanyije mu gikorwa cyo guhashya imitwe yitwaje intwari ikorera mu Burasirazuba bwa Kongo, kandi ubwo bufatanye butanga umusaruro ushimishije ku baturage bari barabujijwe amahoro n'iyi mitwe.

Aho Umuryango w'Abibumbye ntiwaba waratewe isoni no kubona u Rwanda na Kongo bigera kuri icyo gikorwa kandi byari byarananiye MONUSCO, imaze muri Kongo imyaka irenga icumi kandi itwara amafaranga atagira ingano y'amadolari? Aho raporo ya HEGE na bagenzi be ntiyaba yarateguwe igambiriwe kugira ngo ifashe ababifitemo inyungu mu guhishira ugutsindwa kwa MONUSCO no kunanirwa inshingano ishinzwe? Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda niko ibibona.

Biraboneka ko raporo zimwe na zimwe z'Umuryango w'Abibumbye zikoma u Rwanda zandikwa mbere yo gukora ubushakashatsi n'iperereza ryimbitse. Igikorwa cyo gutoranya abitwa impuguke gikorwa hagamijwe kugera ku myanzuro iba izwi mbere ariko itarandikwa, bagakora gusa akazi ko kuyishyira mu nyandiko no kuyishyikiriza abayishaka. Iki nicyo kibazo u Rwanda rwahuye nacyo muri iki gihe, aho rwitirirwa ibibazo bireba Kongo n'ubuyobozi bwayo. Iyo mikorere mibi y'Umuryango w'Abibumbye, hari abatinyutse kuyishyira ahagaragara nubwo atari benshi.

Muri Gicurasi 2005, ikinyamakuru cyo mu Bufaransa cyitwa "Le Nouvel Afrique Asie" cyasohoye inyandiko irimo ubuhamya bwahawe BBC na William CHURCH, umunyamerika wakoreraga itsinda ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe gukora ubushakashatsi ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro ya Kongo n'uburyo bukoreshwa mu gukwiza intwari muri icyo gihugu. William CHURCH yavuze ko raporo zandikwa n'impuguke za ONU haba hari abaziri inyuma, zikandikwa ku buryo bwo gushimisha abo bantu. icyakora yirinze gutangaza abo bantu baba bari inyuma y'izi raporo²⁸⁹.

Ikigaragara nuko isesengura ry'imikorere mibi y'impuguke z'Umuryango w'Abibumbye yagaragajwe muri iyi raporo, uhereye kuri Roberto GARRETTON ukagera kuri Steven HEGE, yerekana ko William CHURCH yavuze ukuri. Iyo mikorere mibi ya ONU cyangwa iy'abantu bakoresha ONU iracyahari kugeza na n'ubu. U Rwanda rukaba rukomeje guhura n'ingorane ruterwa nayo kubera ibibazo biri muri Kongo.

Igihe kirageze ngo akarengane gakorerwa u Rwanda karangire, kandi Kongo n'ibihugu by'amahanga biyishyigikiye byemere uruhare rwabyo, hafatwe ingamba nyazo zo gukemura ikibazo aho kukitirira u Rwanda cyangwa abandi baturanyi ba Kongo. U Rwanda ruzakomeza gufatanyana n'andi mahanga gushaka umuti urambye w'ibibazo byo mu Karere ariko ibyo ntibishobora kugerwaho neza igihe u Rwanda ari cyo gihugu kigirwa intandaro y'ibibazo by'umutekano muke biri muri Kongo.

²⁸⁹ Iyo nyandiko ya Le Nouvel Afrique Asie twayikuye mu gitabo cya Servilien M. SEBASONI, Rwanda, *Reconstruire une nation*, Op. cit., p. 89

IMYANZURO

- 1) Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda irashima Guverinoma kubera ubwihangane n'ubushishozi yagize mu karengane u Rwanda rwatewe n'abakwije ibinyoma bituruka ku kibazo cy'intambara n'umutekano muke bihora mu Burasirazuba bwa Kongo;
- 2) Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda irashima Guverinoma uruhare ikomeje kugaragaza mu gushaka umuti wo gukemura burundu ikibazo cy'intambara n'umutekano muke bihora mu Burasirazuba bwa Kongo;
- 3) Inteko Ishinga Amategeko irashima abanyarwanda uburyo bitwaye muri iki kibazo no mu ngaruka zacyo, bagaragaza urukundo n'ishyaka bafitiye igihugu cyabo no kwimakaza umuco wo kwigira, kwihesha agaciro no kwishakamo ibisubizo;
- 4) Inteko Ishinga Amategeko irashima inshuti z'u Rwanda zikomeje kurufasha guharanira ukuri no kukumenyekanisha, igashimira kandi abantu bose bakomeje gushaka kumenya ukuri nyako aho kugendera ku binyoma byinshi byakwije mu nzego zose n'abagamije kwanduza isura y'u Rwanda mu mahanga;
- 5) Inteko Ishinga Amategeko iboneyeho kandi umwanya wo kwamagana abanyarwanda bashyira imbere inyungu zabo bwite n'abandi bagizwe ibikoresho bagaharabika igihugu cyabo.

A. Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinze Amahoro ku Isi

- 1) Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku mpamvu zitera intambara zihoraho mu Burasirazuba bwa Kongo mu rwego rwo gushaka umuti urambye, aho gukomeza kuzitirira u Rwanda.
- 2) Kunoza imitangire y'akazi gahabwa impuguke zoherezwa mu Burasirazuba bwa Kongo, hagashakwa izibifitiye ubushobozi kandi z'inyangamugayo, no gushyiraho uburyo buhamye kandi bwizewe bwo kugenzura imikorere yazo no gusuzuma ibikubiye muri Raporo z'izo mpuguke;
- 3) Gufatira ibihano abakozi/impuguke ba ONU batubahiriza amategeko abagenga mu kazi kabo, bamena amabanga akubiye muri raporo mbere yuko zishyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha rw'Umuryango w'Abibumbye;
- 4) Kwamagana ivangura rikorerwa abenegihugu ba Kongo bavuga ururimi rw'ikinyarwanda, cyane cyane abo mu bwoko bw'abatutsi bibasirwa na FDLR n'indi

mitwe yitwaje intwaro ndetse n'ingabo za Kongo, aho bateshwa agaciro bakamburwa uburenganzira bwabo bikabaviramo guhora bahunga;

- 5) Guhindura abagize itsinda ry'impuguke za ONU zishinzwe gukora ubushakashatsi ku mitwe yitwaje intwaro muri Kongo, bariho muri iki gihe kuko bagaragayeho amakosa akomeye mu mikorere yabo. Bijyane no kutinjiza Bernard LELOUP muri iryo tsinda kuko ari umuntu ubogamye, wanga u Rwanda na Perezida warwo nkuko yabigaragaje mu nyandiko nyinshi;
- 6) Guhagarika politiki y'urwango ku banyarwanda n'ingengabitekerezo ya jenocide ikwirakwizwa na bamwe mu bayobozi bakuru ba Kongo;
- 7) Gusaba Kongo gufungura no kugarura mu Rwanda abanyarwanda bose yafungiyeye ubusa kubera intambara ya M23;
- 8) Kwirinda gushingira gusa kuri raporo z'Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta nka "Human Rights Watch", "Amnesty International", "GLOBAL WITNESS", "International Crisis Group" n'indi nk'iyo, kuko akenshi ziba zishingiye ku nyungu zihariye z'iyo Miryango;
- 9) Gusuzuma ku buryo bwimbitse imikorere ya MONUSCO, kumenya impamvu nyazo zituma itagera ku nshingano zayo no gufata ingamba zatuma bihinduka;
- 10) Kwihutira gukemura ikibazo cy'impunzi z'Abanyekongo bari mu bihugu by'akarere k'ibiyaga bigari muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko.

B. Ibihugu by'Amahanga

- 1) Kubahiriza amasezerano y'ubufatanye n'ubutwererane ibihugu bifatanye n'u Rwanda, cyane cyane ihame ryo kuganira ku bibazo igihe bivutse;
- 2) Kwitondera guha agaciro raporo zikorwa n'imwe mu Miryango mpuzamahanga itari iya Leta, iz'amashyirahamwe y'abanyekongo, iz'abanyarwanda barwanya Leta y'u Rwanda, n'abandi bose bigaragara ko ibikorwa byabo bigamije kwangiza isura y'u Rwanda;
- 3) Kudatambamira inkunga n'inguzanyo bitangwa n'ibigo mpuzamahanga by'imari bigenewe ibikorwa by'iterambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

C. Imiryango Mpuzamahanga itari iya Leta

- 1) Imiryango mpuzamahanga itari iya Leta, cyane cyane "Human Rights Watch", "Amnesty International", "Reporters Sans Frontieres", "GLOBAL WITNESS", "EURAC" n'indi ikora

raporo ku Rwanda, irasabwa kwirinda ibikorwa byo gusebya u Rwanda no kurukomanyiriza mu mahanga hakoreshwa uburyo ubwo aribwo bwose budashingikiye ku kuri;

- 2) Kureka ibikorwa byo kurengera bamwe mu Banyarwanda bakora ibyaha mu gihugu bitwaje uburenganzira bw'itangazamakuru, ubwa politiki n'ibindi;
- 3) Kureka gukoresha no gukorana n'amashyirahamwe y'Abanyarwanda, ay'Abanyekongo n'abandi bagamije gusenya amahoro no kubiba ingengabitekerezo ya Jenocide mu karere k'ibiyaga bigari;
- 4) Kwirinda uburyo bugayitse bwo gushaka amakuru ashinja u Rwanda hakoreshejwe guha abatangabuhamya amafaranga n'izindi ndonke izo ari zo zose bibashyira mu mutego wo guhimba amakuru y'ibinyoma.

D. Guverinoma y'u Rwanda

- 1) Gushyikiriza inama y'umuryango w'abibumbye ishinzwe Amahoro ku isi, Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe, Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi, Ihuriro ry'ibihugu byo mu karere k'ibiyaga bigari (ICGLR) n'abaterankunga b'u Rwanda, ibikubiye muri ubu bushakashatsi mu rwego rwo gukomeza kumenyekanisha ukuri ku miterere y'ikibazo kiri mu burasirazuba bwa Kongo, no gufatanya kugishakira umuti;
- 2) Gushyiraho itsinda ry'Abashakashatsi rihoraho kandi ribifitiye ubumenyi n'ubushobozi rishinzwe kwiga no gutanga inama ku birebana na politiki mpuzamahanga muri rusange n'iy'akarere k'ibiyaga bigari by'umwihariko.

E. Inteko Ishinga Amategeko

- 1) Gushyiraho ingamba ku rwego rw'igihugu zo kumenyeshya Abanyarwanda uko ikibazo cyo mu burasirazuba bwa Kongo giteye n'imibanire y'u Rwanda n'ibihugu ndetse n'imiryango mpuzamahanga;
- 2) Kugeza iyi raporo ku Nteko Ishinga Amategeko Nyafurika (Panafrican parliament), Ihuriro ry'Inteko zishinga amategeko ku isi (InterParliamentary Union), Union parlementaire africaine, Inteko Ishinga Amategeko y'ibihugu by'Iburayi (European Parliament), East African Legislative Assembly, Forum des parlements des Etats de la Conference Internationale sur la Region des Grands Lacs, n'indi Miryango mpuzamahanga ihuje abagize inteko zishinga amategeko mu rwego rwo kumenyekanisha ukuri ku miterere y'umutekano muke mu burasirazuba bwa Kongo.

F. Sosiyeti sivili n'Itangazamakuru

Kumenya ukuri ku mpamvu zitera umutekano muke mu burasirazuba bwa Kongo no kurushaho kugira uruhare mu kubisobanurira Abanyarwanda.

IMIGEREKA

UMUGEREKA WA 1 : INSHINGANO Z'ITSINDA (TERMS OF REFERENCES)

I. ISOBANURAMPAMVU

Ku wa kabiri, tariki ya 4/12/2012, mu rwego rwo kumenya imiterere y'ikibazo cy'amahoro n'umutekano mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) n'ingaruka bifite ku Rwanda, Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, yagiranye ikiganiro nyunguranabitekerezo na ba Minisitiri bakurikira,:

- Minisitiri w'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane;
- Minisitiri w'Ingabo;
- Minisitiri w'Imari n'igenamigambi.

Muri icyo kiganiro, Abaminisitiri bose bagaragaje ko bimwe mu bibazo bikomeye bituma hakorwa raporo za ONU zibeshyera u Rwanda, ndetse n'ibisubizo bitanzwe na Leta y'u Rwanda ntibyitabweho n'Imiryango mpuzamahanga na bimwe mu bihugu bitera u Rwanda inkunga, biterwa n'uruhare rwa "Negatives forces" zikoresha iyo Miryango n'ibyo bihugu. Ibyo bigaturuka ku nyungu zitandukanye harimo iza politiki, ubukungu, ubucuruzi n'izindi.

Hagaragajwe ko Abagize Inteko Ishinga Amategeko bagomba kwiga no gusesengura mu mizi imiterere y'icyo kibazo.

Umwe mu myanzuro yafatiwe muri iyo nama urasaba Inteko Ishinga Amategeko gushyiraho uburyo bwo kwiga no gusesengura impamvu nyazo zituma ukuri kuvugwa n'u Rwanda ku bibazo biri mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) kutemerwa n'amahanga.

Kubera imiterere y'umwihariko y'ikibazo cy'amateka ya kera n'aya vuba areba u Rwanda n'Uburasirazuba bwa Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) akaba ari nayo kugeza ubu atera uruhurirane rw'ibibazo u Rwanda rufite ku bijyanye n'amahoro n'umutekano;

Kubera umwihariko w'uruhare rwa ONU, urw'Imiryango mpuzamahanga cyane cyane itegamiye kuri Leta nka Human Rights Watch, Amnesty International, Reporters Sans Frontieres, European Network for Central Africa (EURAC), n'iyindi yose yanditse ku Rwanda;

Kubera uruhare rwa bamwe mu bashakashatsi b'abanyamahanga, impuguke, abanyamakuru, abanyapolitiki, abanyamadini n'abandi bagiye bagize ibyo bandika cyangwa bavuga ku Rwanda;

Inteko Ishinga Amategeko ishyizeho itsinda ry'Abadepite n'Abasenateri ryo gusesengura icyo kibazo, imyanzuro ikazashyikirizwa Inteko Rusange ihuje Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

II. INSHINGANO Z'ITSINDA

- Kugaragaza umwihariko w'uburasirazuba bwa DRC n'isano yawo n' u Rwanda hashingiwe ku mateka ya kera n'aya vuba : ubukoroni, imiyoborere, uburenganzira bwa muntu,...;
- Kugaragaza ingaruka z'ibibazo biterwa na Jenocide yakorewe Abatutsi ku bijyanye n'amahoro n'umutekano biri mu Burasirazuba bwa DRC cyane cyane uruhare rwa FDLR rukunze kwibagirana no kwirengagizwa na ONU, Imiryango mpuzamahanga na bimwe mu bihugu bikomeye;
- Kwegeranya no gusesengura inyandiko zose zirebana n'ikibazo cy'amahoro n'umutekano muri DRC zifitanye isano n'ibyo u Rwanda ruhanganye nabyo muri iki gihe : izakozwe n'ibihugu, Imiryango mpuzamahanga (ONU, African Union, European Union,...), Imiryango itegamiye kuri Leta, abanyapolitiki, amashyaka, abashakashatsi,...
- Kugaragaza no gusesengura imikorere ya ONU, cyane cyane MONUSCO, n'indi Miryango mpuzamahanga ku byerekeye amahoro, umutekano n'ibindi... mu burasirazuba bwa DRC no ku Rwanda;
- Gusesengura imikorere y'impuguke zishyirwaho na ONU, uburyo izo mpuguke zitoranywa, ubumenyi bwazo, abakorana nazo, abazigezaho amakuru, uko akorerwa isuzumwa, n'ibindi,...
- Gusesengura amakosa agaragara muri raporo zakozwe n'impuguke za ONU n'ihuriro ryayo n'izindi raporo zasohowe ku Rwanda;
- Kwerekana abihishe inyuma ya ONU, Imiryango mpuzamahanga yaba ihuza za Leta n'itegamiye kuri Leta n'abandi bose bakwiza ibinyoma ku Rwanda, imiterere y'abo bantu, uburyo bakora, icyo bagamije, abo bakorana cyangwa bakoresha, n'ibindi,...
- Gukorera raporo Inteko Rusange ihuje Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko.

III. ABAGIZE ITSINDA

1. Senateri Dr. BIZIMANA Jean Damascène, Umuyobozi w'itsinda;
2. Depite UWIMANIMPAYE Jeanne d'Arc, Umwanditsi w'itsinda;
3. Senateri. Prof.KARANGWA Chrysologue ;
4. Senateri MUKABALISA Donatille ;
5. Senateri MUKASINE Marie Claire ;
6. Depite KAYINAMURA Gedeon ;
7. Depite BAZATOKA Adolphe ;
8. Depite MUKAYUHI RWAKA Constance.

IV. INGENGABIHE

Itsinda rihawe igihe cy'amezi abiri atangira kuva tariki 11/12/2012 kugeza tariki 10/2/2013.

Bikorewe i Kigali, kuwa 6/12/2012.

UMUGEREKA WA 2.1. : IBIBAZO N'INYANDIKO ITSINDA RY'ABASENATERI N'ABADEPITE RIKENEYEHO UBUFASHA MU NZEGO ZA LETA

MINAFFET

1. INYANDIKO

A. Kugezwaho inyandiko n'ibyemezo bikurikira :

- Ibyavuye mu nama zahuje Abakuru b'Ibihugu kuva M23 itangiye imirwano;
- ibyemezo byafashwe ku rwego rwa ICGLR;
- Ku rwego rw'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe;
- Ku Rwego rw'Umuryango w'Abibumbye;
- Iby'ingenzi byagezweho n'abahuza bashyizweho mbere yuko M23 ivuka mu gufasha kugarura amahoro arambye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, Perezida OBASANJO na MKAPA;
- Izindi nyandiko n'andi makuru MINAFFET ibona ko yafasha Itsinda ry'Abasenateri n'Abadepite.

B. Inyandiko u Rwanda rwakoze rusobanura imiterere y'ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa DRC n'umuti wacyo :

- Izandikiwe DRC igihe Abanyarwanda bahohoterwaga i Goma, Bukavu n'ahandi mu duce twa DRC hitwajwe imirwano ya M23;
- Amabaruwa yandikiwe Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye;
- Ayandikiwe Komisiyo ishinzwe ibihano kuri DRC;
- Raporo y'impuguke zifashishijwe n'u Rwanda ;
- Amadosiye yohererejwe ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu bigize ICGLR,... n'ibindi byagiye bikorwa.

2. IBIBAZO

- Dushingiye ku nzitizi zavuzwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu kiganiro yagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, ku itariki ya 04 Ukuboza 2012, ni izihe nyungu za politiki, ubukungu, n'izindi ibihugu bimwe bifite muri DRC bituma zitumva ukuri ku mpamvu zitera umutekano muke mu Burasirazuba bw'icyo gihugu? Ni ibihe bihugu biri inyuma y'iki kibazo?

- Ni iyihe Miryango Mpuzamahanga ibifitemo uruhare ? Ku zihe nyungu? Iyo miryango ikora ite? Ikoresha ba nde? Muri make, kugaragaza imiterere y'akagambane (Conspiracy international) gakorerwa u Rwanda kuri iki kibazo.
- Uruhare rw'izindi nzego mpuzamahanga ku kibazo cyo kubeshyera u Rwanda ni uruhe? Abashakashatsi, Amadini, Abanyapolitiki,...
- Ni gute itangazamakuru mpuzamahanga ryabaye indi ntwaro mu gukomeza cyangwa gutuma ikibazo cyo mu Burasirazuba bwa DRC kitumvikana uko kiri? Ni izihe ngamba zafasha mu guhindura ibitangazamakuru mu buryo bwo gukosora ibyavuzwe bitari byo ?
- Mu mishyikirano n'inama zagiye zihuza intumwa z'u Rwanda n'ibihugu n'Imiryango mpuzamahanga itandukanye, byaba byaragaragaye ko ibyo bihugu n'iyo miryango byerekana ko byakiriye neza ibisubizo u Rwanda rutanga ariko mu mikorere yabyo nyuma y'inama no mu byemezo bafata, bakanyuranya n'ibyo baba bagaragaje mu gihe cy'ibiganiro ?
- Haba hari impamvu MINAFFET ibona zituma ku mupaka w'u Rwanda na DRC ariho hari ikibazo gusa kandi DRC ihana imbibi n'ibihugu 9 ariko ugasanga ku mupaka wayo na Uganda n' u Rwanda ariho hari ikibazo cy'umutekano muke gikunze kugaruka ?
- Guhabwa amakuru ku bagize "Group of Experts" (abitwa impuguke) b'Umuryango w'Abibumbye. Inshingano zabo nyazo ni izihe? Hari amakosa yagaragaye ku ruhanda rwa ONU mu gutoranya izi mpuguke? Zujuje ibyangombwa bisabwa kugira ngo zihabwe akazi k'impuguke ku rwego mpuzamahanga? ONU isubiza iki iyo igaragarijwe n'u Rwanda amakosa yakozwe n'izi mpuguke ndetse n'ayayo ubwayo ajyanye n'ubushobozi n'imikorere y'aba bitwa impuguke ?
- Ibindi bihugu byo bitekereza iki kuri aya makosa yo guha inshingano zikomeye impuguke zifite ubushobozi buke cyangwa zigaragaraho imyitwarire idahwitse n'izindi nenge zitagombye kugaragara ku bakozi bafite inshingano nk'izabo?
- Ni izihe nenge MONUSCO yagaragaje mu mikorere yayo ugereranyije n'inshingano zayo? Kuki ibyo u Rwanda runenga MONUSCO bitakirwa neza n'amahanga kandi bifite ishingiro?

- Ni uruhe ruhare ambasade z'u Rwanda zagize mu gusobanurira amahanga ikibazo kiri mu Burasirazuba bwa RDC ?

MINADEF

1. INYANDIKO ZIKENEWE

- Guhabwa inyandiko za ngombwa ku ruhare rw'u Rwanda mu kubungabunga amahoro n'umutekano hagati y' u Rwanda na DRC;
- Guhabwa inyandiko z'ibikubiye mu biganirwa byabaye hagati y'Intumwa za DRC n'u Rwanda uko byagiye bikurikirana mu rwego rw'umutekano;
- Guhabwa izindi nyandiko zafasha kumva neza imiterere y'ikibazo.

2. IBIBAZO

- Gusobanurirwa imikoranire mu rwego rwa gisilikare n'umutekano hagati ya DRC n' u Rwanda hagamijwe kubungabunga amahoro, kurangiza ikibazo cya FDLR n'uruhare cyangwa imyifatire y'amahanga kuri ubwo bufatanye (UMOJA WETU, ...)?
- Ni iyihe sano iri hagati y'umutekano muke muri DRC n'umutekano w'u Rwanda kugira ngo humvikanishwe ko u Rwanda nta nyungu rwagira mu ntambara ibera muri Kongo ?
- Guhabwa ibisobanuro byuzuye byerekana ko GOE ishakisha amakuru ku buryo butari bwo. Urugero : gufata abantu bakabatoteza, kugira ngo babavanemo ubuhamyi ku gahato bwemeza ko batorotse M23. Itsinda ry'Abasenateri n'Abadepite ririfuza kuganira na bamwe mu bahuye n'iki kibazo. Kuduha izindi ngero (niba zihari zitari) muri Raporo y'igisubizo u Rwanda rwagejeje kuri ONU;
- Guhabwa amakuru yuzuye ku bitero FDLR yagabye mu Rwanda, icyo u Rwanda rwakoze ngo rumenyekanyishe icyo kibazo, ibimenyetso byerekana ko abanyamahanga babwiwe aya makuru batayahaye agaciro n'impamvu zaba zibitera;

MINECOFIN

- Amakuru arambuye MINECOFIN yahawe n'abaterankunga ku mpamvu zatumye bafata ibyemezo byo guhagarika inkunga bahaga u Rwanda cyangwa kuyifunga igihe kitazwi rutabigizemo uruhare, kandi hari amasezerano hagati y'ibihugu byombi;
- Amakuru ku myifatire itanoze y'abaterankunga nko gukoresha bamwe mu Banyarwanda nka ba experts kandi ari abantu bahunze igihugu kubera imyitwarire mibi bagize mu Rwanda kandi amahanga abizi;
- Ese igikorwa cyo gukata inkunga zihabwa u Rwanda gikorwa Inteko zishinga amategeko z'ibyo bihugu zibizi cyangwa zibigizemo uruhare?
- Imyitwarire y'Imiryango mpuzamahanga y'imari (World Bank, African Development Bank, International Monetary Fund,...) yifashe ite ku bijyanye n'inguzanyo n'imfashanyo zigenewe u Rwanda nyuma y'aho GOE isohoreye Raporo irega u Rwanda ?
- Andi makuru n'izindi nyandiko za ngombwa.

MINIRENA (Minisiteri y'Umutungo Kamere)

- Guhabwa amakuru kw'iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza agenga ubucukuzi n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro hagati y'u Rwanda na DRC no ku rwego rw'ibihugu bigize ICGLR muri rusange. Ibyemeranyijweho hagati y'ibyo bihugu ni ibihe? Imikoranire n'ubucuruzi bw'ayo mabuye buteye bute?;
- Hari amabuye y'agaciro u Rwanda ruvuna muri DRC? Ni ayahe? Bica mu zihe nzira ? Agurishwa hehe ? Na bande?
- Ibibazo bigaragara muri ubwo bucuruzi ni ubuhe?
- U Rwanda ruvuga iki ku birego byagiye bitangwa na ONU n'imwe mu miryango mpuzamahanga bavuga ko rucuruza binyuranyije n'amategeko amabuye y'agaciro aturuka muri DRC bikaba ngo byaba ari byo bitera intambara mu Burasirazuba bwa DRC ?

- Byashoboka kumenya amasosiyete y'amahanga akorera imirimo y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Kivu ? Akomoka mu bihe bihugu? Acukura ubuhe bwoko bw'amabuye ? Mu bihe bice bya Kivu?
- Ni ayahe masosiyete y'u Rwanda akora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri DRC ? Ahabwa ibya ngombwa na nde? Akora ate? Ni ibihe bibazo afite n'ingorane ahura nazo?

UMUGEREKA WA 3 : UBUHAMYA BW'ABANYARWANDA BAHOTEREWE MURI REPUBULIKA IHARANIRA DEMOKARASI YA KONGO

UMUTANGABUHAMYA WA 1

Mfite imyaka 31 y'amavuko, ntuye muri aka Karere ka Rubavu, Umurenge wa Bugeshi, Akagari ka Nsherime. Nageze muri Kongo mu kwezi kwa gatatu k'uyu mwaka wa 2012. Nari ngiye gusurayo umwana wa mwene nyina w'umugore wanjye, wari urwariye ahitwa i Kibumba mu bitaro, muri Kongo. Noneho ngeze aho i Kibumba nza gufatwa n'abasirikari b'abakongomani ahagana saa ine (10H00) za mu gitondo, bansaba ibyangombwa basanze ndi umunyarwanda, baramfata barangumana.

Ngifatwa banyatse amafaranga ibihumbi ijana na birindwi by'amanyarwanda (107,000 Frw) nari mfite. Hari ahantu nari mvuye kuyafata nyitwaje, cyane ko hariya muri Kongo ari ahantu twari dusanzwe twisanzuye, kuko umurenge wa Bugeshi wegeranye n'umupaka, nsanzwe mpagenda nta kibazo.

Bamfata bavuze ko bafashe umurwanyu wa M23, banjyana ahari ibirindiro by'abasirikare, bambaza uburyo nageze aho ngaho muri Kongo ndabubabwira. Abanzanye bavuga ko ngo babonye ndi umusirikare, ngo nashakaga kubambura imbunda, mbese ibibazo barabikaza. Niriwe aho, noneho nka saa moya n'igice z'umugoroba haza Colonel, n'i "Convoi" y'abasirikare bamubwira ko bafashe umusirikare wa M23, we nta kintu yambajije, noneho baramboha banshyira mu modoka, abasirikare bagenda banyicayeho banjyana I Goma muri gereza ya Munzenze aho nafungiwe. Nagiye kubona mbona imodoka iraparitse mu rupangu, bankuramo banshyira aho abandi bari bari.

Mbere yo kwinjira muri gereza, banyambuye imyenda nari nambaye banyambika imyenda ya gisirikare, bamfungira hamwe n'abandi bari bamaze iminsi bafashwe. Muri iyo gereza twari turi nka 32, turi abanyarwanda n'abakongomani bavuga ikinyarwanda ariko ni bo bari bake. Abo Bakongomani nabo bafatwaga nk'abanyarwanda bitewe n'uko bavugaga ikinyarwanda kuko baturukaga i Masisi, ntabwo bari bazi igiswahili, ni yo mpamvu twari turi kumwe na bo. Ntabwo bemerwaga nk'abakongomani, bavugaga ko nta mukongomani utazi igiswahili.

Aho ngaho nahamaze ukwezi, mbayeho nabi cyane, ntabwo naryaga, ntabwo nanywaga. Bankubitaga inkoni buri muni, cyane cyane saa sita z'amanywa ni ho bakundaga kunsohora bakankubita. Iyo byarangiraga bansunikiraga, muri gereza bakanterereza izindi mfungwa akaba ari zo zinkubita. Bangaburiraga hashize nk'iminsi itatu ariko na bwo bazanaga

umufuniko w'indobo akaba ari wo bashyiraho impungure imfungwa zose zikazihuriraho uko zingana, urumva uko ntabwo ari ukurya kuko zabaga ari nke cyane.

Nta mazi yo kunywa bigeze bampa. icyari kintunze ni uko nerekezaga intoki mu madirishya ngasaba abagenzi b'umutima mwiza, bakampereza nk'amafaranga magana abiri ya Kongo nkagura za "jus". Ni uko byari bimeze nari naramenyereye buriya uwambonye, nari nteye ubwoba!

Hari ibintu bankoreshaga by'iterabwoba bitewe n'uko bavugaga yuko ndi umurwanyari wa M23; banyambitse imyenda ya gisirikare, bantegeka kujya mvuga ko ndi umusirikare w'u Rwanda, kandi ko nintabikora banyica. Ibyo nanze kubikora, mara icyumweru ntarya, nkubitwa. Nyuma haje abazungu ba Croix Rouge, mbasobanurira ikibazo mfite uko cyifashe, ni bo bahankuye banjyana mu kigo cya MONUSCO ahitwa kuri DDR.

Noneho ngeze muri icyo kigo, nanone nasanze ari abakongomani bagikoramo n'abasirikari ba FARDC bazamo, na bo basa n'aho bakora muri icyo kigo. Namazemo amezi atandatu (6). Haje abandi bazungu muri icyo kigo, bankorera ibintu bibi cyane byakomeje kuntera ubwoba kugeza ubu. Bankoreshaga ku ngufu raporo z'ibinyoma zerekeranye no gushinja u Rwanda. Nabajijwe ibibazo n'abantu batandukanye kandi mu gihe gito barimo abakozi ba MONUC b'abakongomani, ba FARDC nayo ubwayo, n' abanyamakuru b'abazungu batandukanye. Barazaga tukabasobanurira, bo bakabasemurira ibyo tutavuze. Ubwo bamaraga kugenda bakamerera nabi cyane; bicaraga badushinyagurira bavuga ngo turi abanyarwanda baje gufasha M23, mbese twari nk'innyamaswa muri bo. Nta bwisanzure, twabanaga nk'umwanzi babitse.

Hari igihe bantegekaga kuvuga ko NTAGANDA aba mu Rwanda, ngo abazungu nibaza mbe ari ko mvuga ngo nintabikora baranyica. Ibyo byabaye igihe MONUSCO yashyize mu modoka, inzana mu Rwanda bavuga ko ndi M23 u Rwanda ruranyanga n'abandi twari duhujwe iki kibazo. Ubwo ni bwo bantegekaga kujya mvuga ko NTAGANDA aba mu Rwanda ngo nintabivuga baranyica ngo kuko ndi mu maboko yabo.

Igihe cyarageze bansinyisha impapuro zitanditseho, bakazana impapuro bakambwira ngo ninandike izina ryanjye hasi ngo noneho nsinyeho, impapuro bakazitwara bamaze kuzinsinyisha ku ngufu. Nasinye ku mpapuro enye. Na bagenzi banjye hari izindi bagiye basinyaho kuko bahamagaraga umwe umwe, bakamukoresha ibyo bamukoresha mu cyumba, noneho bakongera bagahamagara undi gutyo gutyo. Ibyo badukoreshaga ntabwo ari imirimo, ni ibyerekeranye n'imvugo, ibyo umuntu yavuze. Mbese icyo nabonyemo nk'igitangaza ni icyo gikorwa cyo gusinya umuntu atazi ubundi umuntu atazi ibyo asinyira. Noneho ikindi nabonye nk'igishya, navugaga mu Kinyarwanda bo bakandika mu gifaransa ni ukuvuga ngo ibyo babaga banditse ntabwo nashoboraga kumenya niba ari byo nabaga navuze noneho hasi yaho nkabisinyira ntanabyumva ntabizi.

Icyo numva ari cyo kintu kiremereye mu buzima bwanjye. Ntabwo namenyaga ibyanditseho kandi babikopororaga mu “ma computer”.

Abandi bazaga muri icyo kigo bo ntibahatindaga keretse uwageragamo ari umunyarwanda we bamubuzaga gusohoka. Benshi barazaga bakagenda bakahansiga, n’abandi bakaza bakagenda bakahansiga. Kugira ngo mare igihe kingana gityo (amezi atandatu) muri icyo kigo, nababajije impamvu bamfunze, n’impamvu batandekura ngo ntahe nk’abandi bakayibura. Bavugaga yuko ngo njye ndi M23, ngo u Rwanda rwanyohereje nk’imfashanyo yo gufasha M23 ngo none bazandekura ari uko ibibazo bya M23 birangiye.

Kugira ngo bandekure ntahe, navuga ko ari nk’Imana yabikoze. Igihe cyarageze, ndibuka ko twakoze imyigaragambyo nk’inshuro enye, ku nshuro ya nyuma hari ku isabato kandi muri week-end muri icyo kigo ntabwo bakora, hari abakozi bakeya basa n’aho bagize ingufu nke, abarimo babona ko nta kundi byagenda baraturekura turagenda buri wese yirwanaho. Mu by’ukuri si ukuturekura ahubwo twarwanye n’abakozi bagira intege nke turabacika.

Ngeze ku mupaka w’u Rwanda nafashwe nk’umuntu wambutse atagira ibyangombwa, nsobanurira abamfashe ibyambayeho, mbabwira ko nambukiye iruhande rwa “petite barriere”, kuko nari nzi ko nta byangombwa mfite kuko Kongo bari barabinyatse. Mbabwira ko nari nambutse nk’ ukiza amagara, kuko nari nzi ko nanone abakongomani nibamfata bansubizayo cyangwa bakanyica.

Nyuma yo kuva muri Kongo, nta kibazo kindi nigeze ngira uretse ko ariya mafaranga banyambuye nari narayakuye mu kimina, byatumye umugore wanjye agira umutekano mukeya ku mpamvu z’ayo mafaranga.

UMUTANGABUHAMYA WA 2

Navutse mu w’1995, ntuye mu Kagari ka Mahoko, Umurenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu. Nagiye muri Kongo mu kwezi kwa gatandatu 2012, kureba Papa ngo mwake amafaranga y’ishuri ryari ryansabye kuko nigaga mu mwaka wa kabiri w’amashuri yisumbuye muri “Groupe Scolaire Rusongati”. Papa yari asanzwe abayo, ariho yororera inka. Ngezeyo nasanze Papa yaraje mu Rwanda biba ngombwa ko ngaruka.

Mu gihe ndikugaruka ngeze hano i Goma, abasirikare ba Kongo baramfata. Bambaza ibyangombwa ndabibaha baranshorera, bambwira ko banjyanye muri Monuc (MONUSCO) ngo ari yo ishinze kuzancyura iwacu. Nababajije impamvu bakomeza kunshorera kandi mfite ibyangombwa, mbabaza n’impamvu banjyanye muri Monuc aho kundeka ngo ntahe. Ibyo nabasabye byose barabyanga, ntibansubiza. Nta kindi nari gukora ndemera baranjyana ! Baranjyanye bangeza mu kigo cya gisirikare cya Camp Katindo, banyinjiza ahantu mu kazu, kuko nabonaga hadasobanutse nababajije niba ariho Monuc ikorera ntibansubiza, ahubwo baramfata baranzirika. Aho muri ako kazu nahasanze abandi bana bane, nabo bafunzwe, nkeka ko ari nje mukuru wari ubarimo.

Maze kugezwa muri ako kazu kari mu kigo cya gisirikare baramboshye maze bambaza ibibazo, bashaka kunshinja ibyaha bakambaza bati: Nturi umusirikare? Ndabahakanira ariko ntibabyemera barambwira ko niba ntari we ndi Umunyarwanda, ngo ubwo noherejwe n’u Rwanda, ngo kandi abanyarwanda bafasha M23. Bansabye gutuka abanyarwanda, bakansaba gusubiramo ko abanyarwanda ari abajura, nanjye nkabisubiramo ariko kubera ubwoba. Ibyo kwemera ko ndi umusirikare byo nanga kubisubiramo, ndabahakanira mbambwira ko niyo banyica nta kwemera icyaha ntakoze.

Nafashwe n’abasirikare batanu icyo gihe, baranzirika, bari bashatse kunyica muri make : umwe yicara ku maguru, undi yicara ku mutwe, abandi bicara ku gice cyo hagati. Baramfata, umwe agiye kuniga ndihindukiza muruma ukuboko, arataka cyane ngo ndamurumye abandi bahita bandeka. Noneho barankubita, bongera kumbaza niba ndi umusirikare w’u Rwanda, bakambwira ko ndi umunyarwanda kandi abanyarwanda bakorana na M23 kandi ko tuzapfira muri Kongo. Buri muni, haba ku manywa haba nijoro, ushatse wese yarazaga akansanga muri ako kazu (muri Camp Katindo) akankubita inshyi, imigeri, bakansaba kubyimbisha amatama ngo babone uko bankubita inshyi bityo mbabare kurushaho.

Iyo babaga bansohoye muri ako kazu, banyirizaga ku zuba, inyota n’inzara binyica ntibampe ibyo kurya habe n’amazi; bwakwira sindyame, nkarara nicaye, bagakomeza kuntoteza ngo mvuge ko abanyarwanda ari abajura baza kwiba imari ya Kongo.

Hashize hafi ukwezi, kubera inkoni n’imigeri n’ibyo bikorwa by’ihohoterwa, jye na bagenzi banjye, twakororwaga umunsi ku wundi, hari umwe mubo twari dufunganywe wapfuye witwaga **Daniel Masengesho**. Daniel yishwe n’inkoni kuko bamukubise agera aho acika

ibisebe mu kanwa, kubera ingaruka z'imigeri yo mu mutima yakubiswe agera aho ananirwa no guhumeka aza gupfa.

Daniel yapfuye, baraye badukubita, budukeraho. Nyuma baradusohora muri icyo kigo (Camp Katindo) baratuzengurutse. Nsohotse baranzengurukije mbona ngeze mu muhanda, mpuriramo n'umumotari wumva ikinyarwanda, mutekerereza ibyambayeho, musaba ko yanjyana kuri Monuc kuko numvaga bo bamfasha mu byo gutaha. Ngeze kuri Monuc banga kunyakira bambwira ko bakira gusa FDLR. Muri ako kanya mbura iyo nkwirwa, n'icyo gukora, ndamwinginga ngo noneho angeze kuri "Grande Barriere".

Mbere yo kugera kuri "Grande Barrière" hari umwe mu bo twari dufunganywe, nawe wari utashye, yavuye kuri moto agwa mu muhanda, ntiyabasha kubyuka kubera ko yari ameze nabi. Mfatanya n'abari aho turamuterura mu maboko. Tugenda twerekeza kuri bariyeri (barrière) tumurambika kuri "Immigration" n'ubuyobozi bwaho buhita bubizamo.

Aho gukomeza ngo ntahe bahise bongera baramfata, abo bayobozi babonye uburyo nari meze kubera inzara n'inkoni nakubiswe, batinya kundekura ngo ntahe. Uwungirije Guverineri ambonye yafata icyemezo cyo kubanza kumvuzura no kunyondora. Uwo Muyobozi yanjyanye kumvuzura ku bitaro bya "Heal Africa" (mu kwezi kwa karindwi) maramo ibyumweru nka 2. Ngeze mu bitaro, bancisha mu cyuma (X- ray) bambwira ko basanze mu mbavu harangiritse ngo amaraso yaviriye imbere, banyandikira imiti. Aho mu bitaro ho barangaburiraga. N'ubwo nivurije aho kuri "Heal Africa", ubu nta mpapuro mfite z'uko nivuje, barazinyatse ngiye gutaha, kandi na Monuc ibyo byose yarabibonye ntacyo yamvugiye, nabonaga ikorana n'abo bayobozi.

Muri ibyo bitaro hari abakozi ba Monuc barimo abazungu babiri umwirabura umwe ubasemurira n'Abakongomani, bambazaga uko byagenze kuko bashakaga kumenya niba hari Dosiye nakorewe igihe nafatwaga. Mbahakaniye ko ntazo bankoreye nibwo Visi Guverineri afashe icyemezo cyo kujya kuntangira ikirego arega abasirikare babo bamfunze. Mu ibazwa aho mu bitaro, nasinye impapuro (eshatu) zanditse mu rurimi rw'igifaransa. Unsemurira yansobanuriraga mu Kinyarwanda ibyanditse mu gifaransa ngapfa gusinye izo mpapuro kandi ntumva ururimi zanditsemo.

Uwungirije Guverineri yatangiyeye ikirego muri "Auditorat Militaire" kuko ari we, wari wariyemeje gukurikirana ikibazo cyanjye. Mu gihe cyo kuburana najyaga kubona nkabona araje akanjyana kuburana. Mbere yo gutangiza urubanza, abadufunze babwiye ko nibatsindwa bazanyishyura amadolari ibihumbi cumi (10.000 \$). Nagiye kuburana inshuro zigera kuri enye, nkaburana mu gifaransa bakansemurira mu Kinyarwanda. Uwadufungishije yabazwaga icyo yamfungiye, agashinjwa ko yafunze umwana, bakamubaza dosiye akazibura. Akiregura avuga ko yafunze abafite imyaka 30, ko yafunze abagabo bakuze. Nubwo nta bimenyetso yashoboraga kubona yakomezaga kwemeza ko yafunze M23.

Umwanditsi w'uwo musirikare ufite ipeti rya majoro, nawe n'ubwo atari we watanze amabwiriza yo kumfunga, namushinjaga ko ari we wakundaga kungeraho kenshi agategeka ko bankubita. Mu rubanza nagiyeye nyamwa kuburana rimwe ngasiba. Iyo nabaga mpari baransemuriraga cyangwa nkamenya uko byagenze mpawe amakuru n'umunyarwanda (John) ukora muri "Immigration" ya GOMA. Nyuma yo kuburana, baje gukatira uwamfungishije, imyaka itanu. Bansezeranya ko nzataha.

Navuye mu bitaro, aho gutaha, nagarutse aho nari mfungiwe kuri DGIM bandindisha umupolisi nabwo akankubita kubera gutera amahane nshaka gutaha. Aho kuri DGIM, ku manywa bamfungiranaga mu kazu kugira ngo hatagira nuzakambona, kubera ukuntu nari meze nabi.

Hashize hafi icyumweru, bampaye umubyeyi uvuga ikinyarwanda w'ishyirahamwe ryitwa "Children Voice" wari kuzamfasha kunshakira ibyangombwa no gutaha. Mpageze nje namuhaye numero za mushiki wanjye baravugana abasobanurira ko bazacyura. Hashize iminsi, kuri uwo mubyeyi haje abazungu ba CICR barimo umwirabura n'umukongomani bambwira ko baje kuncyura ariko banjyana ahantu hafungiyeye abakongomani. Aho mpageze mbonye ko bambeshye ntera amahane cyane bambwira ko ntahemera niyo bashaka banyica ko n'ubundi napfuye kare, mbasaba ko bansubiza kuri wa mubyeyi wo muri "Children Voice". icyo gihe bibayobeye bangaruyeyo.

Nyuma yaho hazabakongomani nabo bashakira kunjyana ariko ndabananira, bari banshyize mu modoka nyivamo ngenda n'amaguru, nyagirwa umuhanda wose ngana kuri "Grande Barriere" kuko nabonaga ari ukungambanira. Abo bakongomani barankurikiye bashakira kungarura kwa wa mumama, ariko nabwo ndanga mbemeza ko ntasubira aho mvuye. Babuze uko bagira barancumbikira bandindisha umuzamu w'umupolisi, kuko babonaga bwije, bambwira ko no mu Rwanda batanyakira ariko banyizeza ko bazanyambutsa bukeye. Mu gitondo cy'umunsi ukurikiyeho, nasubiye kwa wa mudamu ngo ampe ibyangombwa banyambutse, ariko byasabye ko bancisha kwa Visi Meya ngo babivuganeho mbere yo kunjyana kuri "Grande Barrière".

Ku nshuro ya kabiri ngeze ku mipaka barahanyiriza bitinze baravugaga ngo abanyarwanda banyanze ngo bansubije aho nabaga. icyo cyemezo cyo kongera kunsabizayo ncyumvise nongera gutera amahane mvugaga ko ntasubirayo ariko baranga banshyira mu modoka, bambeshya ko ngiyeye kwambuka aho kuncyura bansubiza ku Biro bya Visi Guverineri muri Kongo. Ngezeyo banyinjiza mu kazu ku ngufu bankubita cyane kuko nari nanze kwinjiramo. Ngezemo mfatanyije n'abo nasanzemo dukora imyigaragambyo, umusore twari dufunganywe witwaga **Byiringiro** baramukubita bamumena impyiko abandi tugira ubwoba turinjira.

Nyuma y'iminsi ibiri, Byiringiro yaje kuremba, araraba tumusukaho amazi, biba ngombwa ko bamusubiza kwa muganga; ariko abapolisi bagira ubwoba batelefona Guverineri bamubwira ko abanyarwanda bishwe n'inzara nuko noneho baduha ibyo kurya.

Aho muri ako kazu, baradufungiranaga, bakankubita. Naje kugera aho nkora imyigaragambyo, ibiryo byabo ndabyanga, mbabwira ko mbirambiwe. Bahamagara CICR iraza inyizeza kuncyura, ntiyabikora. Ariko haciye kabiri, nongera gutera amahane, noneho CICR iraza inkura aho inshyira ahantu mu gipangu. Mpageze nigize umwana mwiza mbereka ko nta kibazo. Nacunze, igihe abakozi ba CICR bari baryamye, bibwira ko ntatoroka, nsohoka mu gipangu batumva. Naragiye nyura indi nzira kubera Goma nari nsanzwe mpagenda. Naje guhura n'umudamu w'umunyarwanda ubayo, anyereka akayira ncamo ntanyuze kuri "barrière" y'Abakongomani mpinguka kuri "Barriere" y'abanyarwanda nka saa yine mpasanga umugabo anshyira mu nzu yo kuri "Petite barrière".

Nyuma banjyanye mu kigo cya gisirikare, bambaza ibyo nahuye nabyo ndabibasobanurira. Mu rwego rwo kumpuza n'umuryango wanjye, batumaho Papa mudogo, kuko Papa yari yarapfuye araza arantwara.

Icykora ubu hari ibibazo mfite:

- Nagarutse nta byangombwa mfite,
- Nahagaritse amashuri uretse ko nizeye kuzayakomeza;
- Mba numva nsa naho namugaye, kuko ubu mba numva ijwi ryanjye rishira iyo nteruye ngo mvuge;
- Amafaranga y'amande (10000 \$) urukiko rwavugaga ko azacibwa abampohoteye sinayahawe;
- Nagarutse nambaye udushwanjye, imyenda yanjye bayinyambuye.

UMUTANGABUHAMYA WA 3

Navutse mu w'1982, ndi ingaragu, ntuye mu Karere ka Burera, Umurenge wa Nemba. Nagiye muri Kongo, ku itariki 8/04/2012, nyuze kuri "Petite Barriere" kuko nari mfite ibyangombwa: "Laisser passez". Nari ngiye gusura abantu tuziranye b'inshuti zanjye batuye ahitwa i Ngungu. nafashwe ngaruka mvayo bajyana muri pirizo. Ndi muri pirizo, namaze hafi ukwezi nta muntu ungezeho n'uwaje yampereje ibyo kurya, nititwavuganye, nabwo kugira ngo yinjire yahaye abarinzi amadorali. Bashatse kumufunga, atanga amadorali 70 yo kugombora ibyangombwa bye. Buri wese wazaga kundeba bamusabaga amafaranga, bamwizeza ko bandekura.

Kuva nafatwa, ibibazo byose bambazaga, bashakaga kunyemeza ko ndi umunyarwanda watumwe muri Kongo, ko ndi umusirikare w'u Rwanda. Ibimenyetso byose natangaga ntibashakaga kubyumva bakumva ko mbabeshya. Bankekeraga kuba M23, ngo nkaba nkorana n'iyi mitwe yitwaje intwaro.

Igihe nageraga kuri Polisi, ibyo kwisobanura byo ntibigeze babijyamo, bahise banyinjiza mu cyumba cya mbere, banyaka igikapu cyanjye baragisaka, bankuramo inkweto, banyambika amapingu. Kuva navuka bwari ubwa mbere nambara amapingu cyangwa se mfatwa n'inzego z'umutekano. Nagerageje kwisobanura mu gifaransa kuko ari cyo abenshi bumvaga ariko ntararangiza umwe ansaba kuvuga mu Kinyarwanda akajya asemura bigeze hagati bankura muri icyo cyumba banjyana mu kindi.

Baje kugenda banyimura mu byumba banjyana mu kindi ngeze mu cyumba cya gatatu niho bambajije noneho bandika. Mu mwanya muto, hahise haza undi avuga ko dosiye bayiterura, bahita banyuriza imodoka yerekeza kuri bariyeri, nibwira ko bancyuye, ariko ngiye kubona mbona barankatanye banyinjije mu gipangu.

Ngeze aho banyinjije mu kazu, bambaza ibibazo binyuranye, batangira kumbwira nabi, no kuntera ubwoba bashakaga ko nemera ko ndi intasi y'u Rwanda. Uko bambazaga ibibazo nkabisubiza uko biri, kandi atari byo bashaka kumva, bararakaye cyane bambwira ko mbabeshya.

Umupolisi witwa Bahati Nyarugeta, ava aho nabarizwaga, ajya mu ka biro ke kari hafi aho, agarukana akuma bafatisha abantu ku mashanyaranzi, ambwira ko noneho nimbeshya ari ko karibumfashe kuvugisha ukuri. Akampatira ko ngomba kwemera ko natumwe n'u Rwanda, kandi ko nimbyemera bazambikira ibanga.

Narabahakaniye mbabwira ko byo ntabyemera, ko ntashobora kubeshyera igihugu. Yararakaye ahita yatsa ako kuma, kamyasa inshuro 3, agiye kukanshyira ku gitsina ngira ubwoba! Ndasimbuka! Ndasakuza cyane! Mbira icyuya. Mpita mvuga ko kuvuga mu gifaransa

binaniye. Ibyo nabikoze kuko icyo byagendaga bityo bazanaga usemura nkeka ko yamfasha kubyoroshya, nabonaga byabaye birebire.

Muri ako kanya bahamagaza uwitwa Eugène wasemuraga ikinyarwanda ahita aza asanga icyuya cyandenze mubwira ko numva meze nabi. Eugène yambajije uko bimeze ndamubwira, nawe afata igihe cyo kubasobanurira biratinda, kuko we nabonaga bumva ibyo avuga, biza kugera aho bavuga ko bwije, ko tubisubika bakazongera kumbaza ku muni ukurikiyeho.

Nageze muri icyo kasho bwije, nsangamo abakongomani 2 n’abanyarwanda 3. Ubwo twari tugezemo turi abanyarwanda 4. Harimo abasore 2 bazanywe babakuye I Rushuru bari abashumba 2, umwe yari umuturage waje gusura nyirakuru wari uhatuye. Babakuye Rushuru babajyana TD, babakurayo babazana aho badusanze, kuko bari banze kwemera ko ari abasirikare. Nyuma bakingura akandi kumba karimo imbere ninjira ahari abanyarwanda batatu, hameze nabi hatagerwa, hari umwijima uteye ubwoba!

Bukweye nasubiye kubazwa ngo nuzuze “statement”, mbazwa noneho wa musemuzi adahari. Mu bibazo bambajije bongeye gushaka kumenya icyanzanye, isano mfitanye na M23; cyokora noneho ibyo mbabwiye mbahakanira ko ntacyo nzi kuri M23, mbona barabyemeye.

Ndangije gukora “statement”, bambajije icyifuzo cyanjye mbabwira ko icyo nkeneye ari ugutaha kuko icyari cyanzanye cyarangiye. Maze kubasubiza ibyo, bahita bansubiza muri Pirizo.

Hashize iminsi cumi n’ine nta gisubizo cya dosiye yanjye. Mbonye birambiranye naje kubaza uwankoresheje “statement” aho dosiye yanjye igeze, n’iherezo ry’ikibazo cyanjye. Ansubiza ko imeze neza mu magambo make ati : “Ton dossier evolue bien”. Uwo mushefu nahise mubwira ibibazo mfite, ko nta sabune, n’ibindi bikoresho arabyumva arigendera ntiyagira icyo abikoraho!

Nyuma y’iminsi 40, nongeye kubaza ikibazo cya dosiye yanjye uwari wungirije shefu ambwira ko dosiye yoherejwe i Kinshasa bategereje igisubizo. Numva ndababaye no mu mutwe birayagara! Numva ndihebye, ndicara ndatuza kuko numvaga bifashe indi ntera kuvana dosiye Goma ikajyanwa i Kinshasa aho byari bigeze byari bitacyoroshye! Nyuma y’amezi atatu, nongeye kubabaza bambwiye ko bamaze kwandika inshuro eshatu basaba igisubizo cya dosiye yanjye ariko ko batarabasubiza.

Guhera mu kwezi kwa mbere kugeza mu kwezi kwa gatatu, kuva nafungwa, nibura rimwe mu kwezi, hazaga abazungu ba CICR tukavugana. Mu kwa mbere baraje turavugana; bagarutse mu kwa kabiri kuko bari bambajije niba nakwemera ko bamenyesha ambasade y’u Rwanda ko mfungirwe aho mbabwira ko numva byamfasha kuko nari nagiyeyo ku buryo

bwemewe n'amategeko. Nyuma baje kugaruka bavuga ko abayobozi banze ko babibwira Ambassade y'u Rwanda .

Mu kwezi kwa 4 abazungu, bagarutse kuko nari narababwiye ko hari abandi dufunganywe bansabye kuza guhura nabo. Mu biganiro nagiranye nabo nababwiraga ibibazo mfite: "kudakaraba, gusa nabi n'imisatsi yanyereyeho, kwambara ibyanduye nta guhindura kuko nta yindi myambaro, iyanjye bari barayinyatse. Abo bazungu ba CICR bemera ko bansabira abayobozi bakampa isabune, bakananyogoshesha. Mu kwezi kwa 5 nibwo bagarutse, ariko ntibambona kuko batinye kunsohora ntogoshwe nsa nabi kurusha uko bansize. Nyuma baje kongera bagaruka bambwira ko abayobozi baho badashaka gukemura ibibazo byanjye ko bagiye kubishyikiriza "ANR" (Agence Nationale de Renseignement) Kinshasa ko wenda yo yatanga igisubizo. Baragiye ntibagaruka, ukwezi kwa gatanu kurashira.

Mu ntangiro z'ukwa 6, ku itariki 20/6/2012, M23 iza kurwana mu mujyi wa Goma. Muri icyo gihe namaze muri Gereza, nari narashatse ubucuti n'abacunga gereza n'abakozi bato baho, abakingaga n'abakinguraga. Umunsi umwe "samedi", mu gitondo, naje kumva bavugira kuri telefoni ko amakuru y' i Goma ari mabi ko M23 yageze i Kibumba, umusore wagombaga kuza kwirirwa, kandi akarara akaba yari inshuti yanjye. Icyo gihe nashatse kumenya amakuru y'uko intambara imeze, nawe ambwira ko M23 yageze i Kibumba, ariko ishobora gufata Goma kandi ko ingabo zayo zishobora kurara ziyifashe (Goma). Uwo wari uturinze ambwira ko nibagera i Goma ari we waraye izamu azadukingurira. Ni ubwo yari inshuti yanjye sinamwizeraga ijana ku ijana, kuko hari ubwo yashoboraga kwisubiraho wenda akatwica, ariko mbifata ntyo.

"Samedi" na "Dimanche" nta muyobozi wo hejuru wahageze, hafi ya bose baraye bahunze. "Dimanche" amasasu aba menshi begera Goma. Bukeye, "Lundi" haza abayobozi bo hejuru 2 ba "OPJ", hari n'imodoka ya "CARITAS" n'izindi modoka zipakiye bigaragara ko bari guhunga n'abandi bantu bari bahafungiyeye.

Umwe muri abo bagabo, mbere yuko agenda atanga "briefing" kuri wa wundi w'inshuti yanjye (yakomokaga mu bwoko bw'abalega yari atunze umugore w'umunyarwandakazi akavuga ko ari muramu wacu) amusaba ko nibajya kugenda basiga bishe abadetenu (abafungwa).

Uwo musore yaje kuvugana n'umusaza w'umurokore wari inshuti yanjye ati : "Baliisha kukupatia "mot de passe" ? Undi aramusubiza ati : bariisha nipatia lakini mimi siwezi kufanya hayo". Ibyo wa musore w'inshuti yanjye yarabimbwiye ariko anyizeza ko we atatwicira ubusa.

Muri ako kanya, mbwira bagenzi banjye twari dufunganywe, turicara dutangira kwiga ukuntu twaza kwirwanaho mu gusohoka, cyangwa kwirwanaho tukarwana nuwaza

kutwicira muri gereza, twumva ko abagabo 11 batagombye kwicwa barebera (Abanyekongo 3 n'Abanyarwanda 8).

Umwe azana igitekerezo cy'uko hanze mu kazu bitaga "la Garde vie" hari ipiki, ko aribuyizane tukaza kuyifashisha. Umugambi tumaze kuwunoza, acunga bakiri muri ako kayubi (panique) ayihambira mu myenda yari avuye kwanura, arayinjirana avuye guteka, atuzanira n'igiti kirekire cyadufasha.

Kuwa kabiri amasasu agenda asatira aho twari dufungiwe. Uko ibintu bigenda bikomera hanze, twaje kubona hashize iminota nka 40 nta muntu ucaracara. Ni ukuvuga ko umupolisi nawe yari yagiye. Twiyemeza kwica urugi dukoresheje ya piki. Turwana n'urugi turarwica turasohoka.

Ngeze hanze mpasanga abarinzi, bari bahagaze bacanganyikiwe, biteguye bose guhungira muri Monusco, igihe byaba bikomeye. Ngeze hanze abapolisi bambajije niba ndi umunyarwanda ndabibemerera. Abacongomani bo twari dusohokanye bahise bivanga muri bagenzi babo. Jyewe banyeretse umuhanda ugana kuri DDR, ndawukomeza nerekeza Monusco ngo bamfashe. Ngezeyo banze kumfasha bavuga ko bimeze nabi, ko nabo bari guhungisha abakozi babo.

Umuhungu umwe wari hafi aho, aza kumburira ko ngomba guhita mpava. Ambwira ko ingabo za FARDC zivanze n'abaturage zambaye "civile" ku buryo nizinyumva mvuga ikinyarwanda zinyica. Kubera ntari kumenya iyo ngana niyemeza kuguma hamwe kuko ntari kumenya icyerekezo zitarimo ngo abe aricyo ngana cyangwa simpure n'amasasu.

Nicaye aho nabuze aho nerekeza nza kubona umuntu wavugaga ikinyarwanda kivanzemo igiswahiri, mubaza inzira yaho nanyura simpure na FARDC, anyobora aho nanyura manuka umuhanda wose ngera kuri "Grande Barriere". Nyuma, nyura kuri "Petite barrière", ntaha mu Rwanda mbatekerereza ibya mbayeho baranyakira. Nari maze igihe kirekire nta cyizere cyo kuzakandagira mu Rwanda. Nari narabajije niba nta butabera buhaba, narahebye, nagarutse ku itariki 20 z'ukwa cumi na kumwe muri 2012.

Ariko, ndi muri gereza, hari akana k'agashumba bari bafashe gafite nka "15 ans" kahageze gafite uducupa katoraguye mu ntoki, bakavuga ngo ni umusirikare wa M23, ngo ni umunyarwanda bafatiye mu mugwi! Akana bakajyanye gukaraba, bakambika imyenda ya gisirikare, bashaka kwemeza ko ari umusirikare w'u Rwanda uvuye muri M23. Uwo mwana yaranyibwiye, abo baturanye baramumenya ngo ni uwo kwa Kaboko i Kibumba, yaragiraga inka yavuyeyo aje kugura radiyo n'undi bari kumwe w'Umukongomani babasanze batoragura uducupa, umukongomani baramureka, basigarana uwo mwana. Yambwiye ko yari yaje mu gitondo, bigaragara ko rwose ari umushumba, agihumuraho n'amata.

Nyuma yaho bazanye abandi bantu babapfutse mu maso sinabashije kubamenya. Umusirikare umwe yaraje ahamagara Bahati (wa mwana), arakaraba bamwuriza imodoka. Naje kubaza aho bajyanye wa mwana, umupolisi wampaga amakuru ambwira ko noneho bitangaje ko barimo guhimbira no ku bana, ko abo bana babajyanye i Kinshasa. Uwo mupolisi yongeyeho ko we abona bigayitse ko n'amahanga azabikurikirana ko n'icyo ari ikimenyetso cyuko batsinzwe.

Iyo nangaga kuvuga ibyo bashaka, barankubitaga, bakankorera ibibi byose bishoboka. Icyo bashakaga ni ukubona izo "temoignagse" zishinja u Rwanda, ibindi ntibyabarebaga.

UMUTANGABUHAMYA WA 4

Navutse mu mwaka w' 1993, nkaba mvuka mu Karere ka Musanze, Umurenge wa Kinigi, Akagari ka Kaguhu. Navuye mu rugo ku itariki 03 z'ukwa Kane 2012, ngiye gusura nyogokuru ubyara mama witwa Daforoza utuye ahantu hitwa i Bunagana.

Kuva nkiri umwana sinigeze menya Papa, na Mama yaje gupfa kandi nari naravutse ndi ikinege. Nza kwibwira nti uwazajya gushaka Nyogokuru. Naje kubaririza bandangira inzira. Ubwo naje kwambuka njya muri Kongo. Ngezeyo mfata akazi ko guhinga kuko nyogokuru ari umuhinzi. Mba aho ngaho mbana nawe.

Igihe kimwe, naje gutembera njya mu "ga-centre" ku itariki 26 z'ukwezi kwa Gatanu, ubwo umukwabu w'abasirikare ba FARDC uba uramfashe. Bakimara kumfata bambajije ibyangombwa ndabibaha. Basanze ndi umunyarwanda ako kanya nta kindi bankoreye, barankubise. Banyambura ibyo nari mfite byose, banyambura amafaranga ahwanye n'ibihumbi 75,000 frw, n'amafaranga nari nakuye mu mwenda nari naguze: amayero maganatanu (500€) n'amafaranga 200 y'amanyarwanda. Banyambura n'ikoti nari nambaye n'umupira nari nambariyeho, banyambura n'inkweto. Ako kanya bambohera amaboko inyuma, bahita bampagarika, bahamagara imodoka iranjyana, bajya kumfungira i Rushuru. icyo gihe bambohesheje igishangi, amaraso arahagarara umubiri wose urabyimba uhinduka umweru. Iyo natakaga ngo banyoroherenze baranyihoreraga, bakagenda bankubita ibibuno by'imbunda.

Nageze i Rushuru mu kigo cya gisirikare ndakubitwa, ndazambaguzwa bageze aho barambwira ngo ikintu ndimo kuzira, ni ugushinjwa umutwe wa M23. Bambwiraga ko umutwe wa M23 uri kubarwanya kandi barwanywa n'abantu bavuga ikinyarwanda, ko nanjye ndi umunyarwanda waje kubarwanya. Ndabahakanira, mbabwira ko mu by'ukuri ntaje kurwana, naje nje kwa nyogokuru, banga kubyemera, banyemeza ko niba ntafite umutwe wa gisirikare ndi kurwanamo naje nk'umuntu uje kuneka. Mbabwira ko mu by'ukuri ibyo kuneka atari byo byanzanye, mbasaba ko niba bashaka kumenya ukuri baza nkajya kubereka ahantu nyogokuru atuye, abo baturanye bakabaha ubuhamya bw'uko ndi umuhinzi.

Abasirikare bakomeje kwanga ibyo nasobanuraga. Bugiye gucya haza umuyobozi mukuru w'umusirikare anjyana hanze ndongera ndakubitwa ! Ndakubitwa cyane ashaka kunyemeza ku ngufu ko naje kuneka, nanga kubyemera. Inkoni zimaze kundembya, ambwira ko ikigiye gukurikiraho, bagiye kuncurika muri W.C bakantereramo bikarangira. Mbabwira ko mu by'ukuri nageze mu maboko yabo ariko ko ntari buze kwemera ikintu ntazi. Ndabatsembera mbabwira ko bakora ibyo bumva bashaka. Bararakara cyane bambwira ko bagiye kundasa nanjye mbasubiza ko nta kibazo. Ubwo ndakubitwa, abaturage barahurura, bahagarara mu

mihanda bareba ibyo ndi gukorerwa. Bitinze sinzi ukuntu bananiwe, barandeka ndongera nsubira mu kasho nari ndimo.

Mba aho, ubwo nari nagezemo ari ku isabato, nta biryo nabonaga, naje kurya ari ku wa kabiri ibiryo byari bizanywe n'itorero ry'abanyagaturika. Ibiryo batuzaniye abasirikare ni bo babyiririye baduhereza ibyo banenye (bumva batarya).

Maze kurya ibyo biryo naricaye bunkeraho. Bumaze gucya, baranjyana njya gukupakupa ikigo cya gisirikare. Ndimo gukupakupa noneho kubera kubura ingufu sinzi ukuntu natemye nabi kupakupa natemeshaga iba irancitse yikubise ku musirikare. Ubwo umusirikare yasubiye inyuma aramfata arandambika arankubita, aransambaguzi, nsaba imbabazi mu Kinyarwanda, sinari nzi ururimi rw'igiswahiri cyangwa ilingala kuko bo nizo bavugaga. Ibyo bavugaga mu Kinyarwanda barabyirengagizaga bagasa n'abatabyumva kandi harimo ababyumvaga bakomeza kunkubita bandenganya. Hari n'abo baboheshaga imbarasasa izi bamanikaho imyenda, bakababohera amaboko inyuma bakongera bakababoha no mu maguru.

Nahamaze iminsi itandatu, iyo minsi yose nayimaze ntarya keretse wa muni umwe. Ku muni wa karindwi baje kunkura muri iyo gereza y'ikigo cya gisirikare cya Rushuru banjyana i Goma, banjyanana n'abandi basore twari turi kumwe.

Ku muni wo kuza kudufata ngo batujyanye i Goma, bari bavuganye n'abazungu b'i Goma, ngo baze kudushyikira. Njye abo bazungu ntabwo bari banzi. Imodoka yaje kudushyikira, ingezeho baraza ngo FDLR irimo bayizane, bayitware, abandi bababwira ko nta FDLR irimo ko ahubwo harimo umunyarwanda. Uwari uje kudufata ntiyihutiye kunjyana ahubwo yabanje gusubirayo kubaza niba banjyana, bamubwira ko agomba kugenda akanzana.

Icyaje kwiyongeraho ni uko banjyana i Goma bagendaga bankubita imbunda zo mu mutima no mu mutwe. Banjyana kuri TD, na ho mpageze barambaza ngo mba mu wuhe mutwe. Mbabwira ko jyewe ndi umuturage. Bambwira ko bo bazi ko barwanywa n'abanyarwanda, kandi ko nanjye ndi umunyarwanda. Bambaza aho nafashwe mvuye. Mbabwiye ko nari nturutse i Bunagana bumva ko ariho umutwe wa M23 utangirira iyo ugiye kurwana. Bashaka kunshinja iyo mitwe bakoresha ingufu ndakomeza ndabahakanira. Nahamaze iminsi 3 bari kunkoresha ibyo bashaka ngo nkunde nemere ko ndi M23, ndabahakanira, ubwo ninako bamfotoraga.

Babonye ko mbahakaniye ko ntari umusirikare, ntari na maneko baza kunyohereza ahantu hitwa kuri A.N.R (Agence Nationale de Renseignement) i Goma hafi y'umupaka. ANR ni nka maneko ya Kinshasa. Narahageze, naho bambaza ukuntu ninjiye muri Kongo ndabasobanurira mbabwira n'aho nturuka.

Nyuma y’aho naje kwinjira muri mabuso, ngezemo abo basirikare bankuramo imyenda, barankubita. Baravugaga ngo uri gusamba iyo uri kuburana, ni igifaransa bavuga kandi nta cyo nari nzi, ikindi bavuga ni ilingala n’igiswahiri. Bambaza indimi nzi mbasubiza ko nzi ururimi rumwe rw’ikinyarwanda. Ubwo hari umuntu wumvaga ikinyarwanda ni we wasemuraga. Mbasobanurira ukuntu ninjiye n’aho nturuka n’aho nafatiwe, Abagabo barandika.

Bongeye kuza kunsabira hanze kongera kunsambisha bwa kabiri, ariko ubwo imbere yanjye hari umuntu umfata amajwi. Hanyuma umu “OPJ” (Officier de Police Judiciaire) mukuru uhagarariye abandi ba “OPGs” na we araza aransambisha ambwira ko rwose icyo bashaka ari uko nababwiza ukuri ku kuntu ninjiyemuri Kongo kandi ko biza kumfasha kuba nasubira mu Rwanda vuba ko banyihutishiriza ikibazo. Ndashakwira ko kumfasha mbyemera kandi ko nanjye nshaka gutaha ariko ko ntari buze kwemera ikintu ntakoze kugira ngo banyure.

Ni uko maze gusamba, abagabo bambaza ikintu nifuzaga mu bintu byose bankorera? Narababwiye nti jyewe ndashakwira gutaha ngasubira iwacu mu Rwanda. Abagabo bambabwira bati nyuma y’iminsi 2 uzataha ntugire ikibazo wowe tubwize ukuri. Mbabwira ko mu by’ukuri njye nta mutwe n’umwe nzi. Bati none se, nta mutwe n’umwe uzi nta n’ubwo ushobora kuba warageze muri FDLR? Nti muri FDLR ntabwo nageze, nti n’ikimenyimenyi nabahereza numero mugahamagara mu rugo mukumva neza igihe naviriyeyo.

Barangije abagabo icyo bankoreye bakimara kundangiriza banyinjije muri kasho, nkigeramo abagabo bari barimo na bo bashakwira kunzambagura, nabo ntitwahuzaga ku rurimi. Iyo batavugaga igifaransa bavugaga ilingala. Ku bw’amahirwe harimo umusore wageragezaga kumva akanyarwanda gakeya ariko na we ntakivuge ngo wumve ko kiva mu kanwa. Akajya ansabira imbabazi gahoro gahoro bageze aho basa n’abatwihoreye.

Ni uko ngumaho, ndicara ndatuza mvuga nti wenda banyura baranga. Nkajya mbabwira ko bakwiye kundeka ngataha ko mbona nta cyaha mfite. Iyo byagenda gutyo bansubizaga ko nzava aho ngaho ari uko buri mukongomani wese wapfuye azutse. Nkabasubiza ko atari njye wabishe ko ntakagombye kuryozwa ibyaha ntakoze. Abagabo rero iyo babona umuntu abateye amagambo menshi, abahata ibibazo, bahitaga bakujyana mu kindi cyumba. Ubwo mba aho, ubuzima nsa n’ubumenyera. Ubwo naje gufatwa n’uburwayi, bakanzanira abaganga ariko nta muganga wabona aza afite ibipimo bifatika bakaza bakanjombagura inshinge, bakampereza ibinini ntazi ubwoko bwabyo, ubwo ku bw’amahirwe wahuza n’ishaba ukabona urorohewe.

Nyuma baza kuzanamo n’abana 2: umwana umwe akaba yari aturutse i Wawa, undi yari umwana w’umurobyi. Wa mwana w’umurobyi yari yaraturutse ku Ijwi. Kubera ubwoba, we bamubajije ko ari umusirikare arabyemera. Aho bahamara nk’amezi 2 bahita babohereza iGoma bababwira ko bagiye kubafasha bakabajyana mu Rwanda. Abana baraje bajya muri “immigration”, bageze basanzemo idosiye ya gisirikare bahita babohereza muri ANR.

Ni ho bansanze mbabaza aho baturutse kuko nabonaga ari batoya, umwe yari afite imyaka 16 undi afite 17. Wa mwana wavuze ko ari umusirikare, naganiriye nawe ambwira ko yabeshye ko ari umusirikare kubera ubwoba! Ambwira ko ari umuturage warobaga ku Ijwi.

Nyuma yaho naje kumenya ko bajyanywe I Kinshasa mu kwezi kwa cumi na kumwe. Bajyanywe n'umu-OPJ witwa DODO numvaga bavuga ko avuka muri Katanga. Nta yandi makuru yabo nongeye kumenya.

Hari umusore umwe waje kuza yari umukonvuwayeri, sinzi ukuntu yinyabije agiye gushaka ibyo kurya baba baramufashe. Ndumva yarafunzwe igihe kitari muni y'iminshi ine. Yavuyemo ari uko sebuja amutanzeho amadorali atari muni ya 500. Mbese ugasanga abanyarwanda turimo turarengana mu buryo butumvikana, ngo ni uko tuba tuvuye mu Rwanda, tukitirirwa umutwe wa M23.

Igihe nari mfunzwe, ahantu naryamaga ni ku isima. Iyo watakaga ko bagukubise ukavunagurika bagusubizaga ko nta wundi muti baduha usibye kurara ku isima. Nyuma y'aho ni bwo nabonye "pomade" ndikanda, wakumva utoye agatege ukagenda ugakanda mugenzi wawe gutyo gutyo. Nkanjye nahamaze hafi amezi arindwi abura nk'iminsi 15.

Twabaye aho, ngira ngo M23 batangiye kurwana nko hagati yo ku wa gatatu no ku wa gatanu, bararwana, bigeze nko ku cyumweru twumva basatiriye ikibuga cy'indege. Ubwo ku wa mbere na bwo barongera bararwana, bigeze ku wa kabiri M23 irabarwanya baza kuvamo barirukanka. Nyuma twaje gusohoka ari uko duciye urugi. Iyo tutayica hari n'igihe bari kutwiciramo.

Twahise tugenda twerekeza kuri MONUSCO, abaturage twabazaga baratubwiraga ngo tugende nituhagera ni ho batwakira. Tuhageze twababwiye ko dushaka ubuhungiro. Batubaza aho duturutse tubabwira ko tuvuye kuri A.N.R, batubaza niba baturekuye tubabwira ko baturekuye ariko ko twabonye kwambuka ku mipaka byatugora kuko hari abasirikare ba Kongo kandi nta byangombwa dufite ko twahisemo guhungira ahangaha mukadufasha.

Muri MONUSCO batubwiye ko kugira ngo badufashe ari uko twakwemera ko turi abarwanyani ba M23 bakabona kutwinjiza kuko ngo barimo kwakira abantu bakorana mu kazi gusa. Bakimara kutubwira gutyo, hari umugabo wari uhari, ako kanya afata telephone n'ubwo tutari tuzi abo yavuganaga na bo. Naje kubwira bagenzi banjye ko uwo mugabo ari budutange, kandi bari batubwiye ko niduhura n'abasirikare ba Kongo batwica, hejuru y'uko turi kuvuga ikinyarwanda. icyakurikiyeho ni uko twagiye umugambi, twiyemeza kwicara aho imbere yabo, uwo mutwe wa Kongo waramuka uhadusanze ukatwicira imbere yabo bikagira inzira.

Tucyicaye aho tugitegereje haje kuza umudamu uvuga ikinyarwanda aje kureba bene wabo bari aho, ngo baze batahe mu rugo ngo kuko M23 yahafashe. Twahise tumubaza niba ako gace nta basirikare ba FARDC barimo atubwira ko ntabarimo ko nitugenda tugera iwacu mu Rwanda. Ubwo nyine twaraje tubona turambutse. Mu by'ukuri ukabona ko abanyarwanda iyo twinjira muri Kongo, tugerayo tukabanukira, sinzi ukuntu biba byifashe. Mwazashaka uburyo namwe mwazabikurikirana, ku buryo ufite umuryango muri Kongo yajya ajyayo, akaba atajya arengana mu buryo nk'ubwo ngubwo. Jyewe ho sinshobora gusubira muri Kongo, ntibishoboka narahahuzwe, narahahuzwe!

UMUTANGABUHAMYA WA 5

Navutse mu mwaka w' 1989, nturuka mu Karere ka Rubavu, Umurenge wa Cyanzarwe. Nkaba ndi umuturage w'umuhinzi.

Hari mu kwezi kwa Kane muri uyu mwaka wa 2012, twari abantu batatu, twagiye muri Kongo kuko dusanzwe dukorayo. Twari tugiye kugurayo inkweto. Aho guhitira ku isoko ryo mu Birere twatekereje kubanza guca mu Munigi kureba ko twabonayo akazi. Ubusanzwe twajyaga dukorayo akazi ko guhura ibishyimbo cyangwa guhinga.

Tugeze aho mu Munigi turambuka, duhise kuri pozisiyo y'abasirikare, aho muri Kongo mu Munigi baradufata badusaba kwerekana ibyangombwa turabibereka, barangije baravuga bati muze, batujyana kuri pozisiyo. Bamaze kutujyana kuri pozisiyo batubajije aho tugiye tubasobanurira ko tugiye kugura inkweto muri Kongo.

Bahise batuboha bavuga ko turi abasirikari ba Ntaganda. Bamaze kutuboha bategereza umukuru wabo araza, ariko ibyangombwa n'amafaranga n'inkweto byose babitwatse, tugenda twambaye ibirenge. Umukuru wabo yahise abasaba kutubohora, baratuzitura. Hanyuma batubaza aho tujya, tubasubiza nanone ko tugiye kugura inkweto ariko bo bakatwemeza ko tugiye kwa Ntaganda, ngo ko ari u Rwanda rwatwohereje muri Kongo gushakayo amakuru.

Banze kubyemera, bahita batumanura muri Camp Katindo mu Kigo cya gisirikare. Twasanzeyo abayobozi na bo babanza kutubaza baranatwandika, batujyana muri pirizo tumarayo icyumweru n'igice, tutarya, tutanywa, bakajya birirwa badukubita batwambika n'ubusa, bakatumanika hejuru bakadutwikisha "bougies" ngo tuvuge ko turi abasirikare ba Ntaganda, hari n'abo bakebeshaga n'inzembe. Bakidufata twari 3, tugeze muri pirizo bakajya bazana abandi tuba 11.

Icyumweru n'igice twamazemo ni ko twakubitwaga buri muni mu gitondo no ku mugoroba ngo tuvuge ko turi abasirikare, ngo ntacyo badutwara, natwe tukabasubiza ko rero ntabyo kwemera ikintu utazi, ntitwigeze tuba umusirikare, nta n'iby'imbunda tuzi, tuti ntabwo wakwemera icyo utazi.

Bati mwebwe ni Perezida KAGAME wabatumye ko mugomba kujya gutarayo amakuru hanyuma mujyana mu Rwanda. Twarabahakaniye tuvuga ko ntabyo tuzi kandi n'uwo Perezida ntitumuzi, kandi koko ntaho ndahurira na Perezida uretse kumureba ku isura ku mafoto, none se mbeshye ngo ndamuzi? Oya, nababwiye ko ntawe nzi ko ntajya gushinja umuntu icyaha, icyo atantumye. Naravuze nti ahubwo mudukoreshe icyo mushaka, niba ari ukutwica, niba ari ukuturekura muturekure dutahe."

Barangije baratubwira bati rero, hari umuntu ugiye kuza hano, niyemera kubatwara murataha, niyanga ni ukubica. Yaraje tubona ni Aseseri, Croix Rouge, yari umwirabura,

araza agera muri pirizo, ntacyo yavuze usibye ko jye namubonye mpita mvuga ikibazo cyanjye ntiyanansubiza arigendera.

Hageze nk'ejo mu gitondo tubona imodoka iraje, convoyi y'abasirikare iraza kudutwara. Bakajya baza bagaterura, ntiwashoboraga kuva nk'aha ngo ugere hariya ni ukuza bagaterura bagapakira nk'uri gupakira ibitoki. Barangije baraduterura badushyiramo batuujyana ku TD (ikigo cya gisirikare.)”

Ubundi hari benshi bemeraga ko ari abasirikare bitewe n'izo nkoni. Hari umugabo twasizeyo yari yaravuze ko yari yaravuye mu gisirikare cy'u Rwanda ko yari yarahawe demob, uwo rero bari baravuze ko badateze kumurekura, ko bazamubana mpaka. Baramubajije ngo wari uje gukora iki? Barangije baravuga bati wowe wari ugiye mu gisirikare cya Ntaganda, agahakana, bakamwemeza ko kuba yarahoze mu gisirikare cyo mu Rwanda ko bamwohereje mu gisirikare cya M23 kugira ngo aze kurwanya Kongo. Twamusizeyo turaza ariko ntabwo yatashye kuko ibyo banamukoreraga byo byari birenze ibyacu, we baranamukataga bagafata urutoki gutya bakarutsindagira hasi bakamutwika gutya ari kureba; natwe twararebaga kuko twese twari hamwe muri pirizo imwe y'igihuruture.

Harimo umwe wavugaga ikinyarwanda gisobanutse kitarimo n'amakosa ukumva ashaka no kuturusha ikinyarwanda. Ubundi umukongomani akubwiye ikinyarwanda wahita umenya ko ari umukongomani ko atari umunyarwanda ariko we cyarumvikanaga. Yavugaga ikinyarwanda ukacyumva nta n'ikosa ririmo. Yaratubwiraga ati : “umva rero nta n'icyo tubatezeho muri abanyarwanda, mwitonde, mutadukosereza, mugasanga turabakubise noneho tugashaka kubica. Nta mazi y'itara tubasabye, mwitonde bazabacyura nibatabacyura muzagume hano”. Uwo yari umusirikare wo muri Kongo w'umukongomani uvuga ikinyarwanda yambaye n'imyenda y'igisirikare, yitwaga Innocent.

Aho ku TD twahamaze nk'iminsi 2. Twagezeyo nka saa kumi n'imwe niba atari saa kumi n'ebyiri, turicara baratwakira baduha amazi, baduha ibyo kurya. Nta n' ibibazo batubajije kuko twagezemo tugasangamo abantu bavuga ikinyarwanda bahita batubwira bati ubwo nta kundi mwatashye.

Ubwo baduhereza abasirikare baratuujyana, batuujyana kuri position hafi yo mu Rwanda. Aho ni ho banditse impapuro baravuga ngo zimwe ziraza ino izindi zijye I Kinshasa. Twahamaze iminota mike bamaze kutwandikira bahita batwinjiza mu modoka tubona tugeze hano kuri bariyeri y'u Rwanda.

Twageze ku mupaka mu Rwanda, kuko tutashoboraga gutaha batuujyana mu bitaro bya hano ku Gisenyi kutwondorerayo. Cyakora, ubu nta kintu nakora, nta n'umuzigo nakwikorera n'igare se nkubwire ngo narishobora, ntabwo narishobora bitewe n'uko badukubitaga. Barakunamishaga nka gutya ukunama, umuntu agaturuka hejuru akagukubita urushyi rwo

mu mugongo ugahita ugwa wubanye, abandi bakaza bagaterura. Abo bantu bose bo twajyanye nkeka ko nta muntu muzima n'umwe urimo. Jyewe aho mbabara ni mu mutima, buno nta kintu nakwikorera. Cyokora muri Kongo ntabwo nasubirayo. Guhera icyo gihe twahise ducikayo. Ubundi najya gukorayo iki? Najyagayo ngiye gukora akazi, none ubu ntako nashobora.

UMUTANGABUHAMYA WA 6

Mfite imyaka 14, ntuye mu Murenge wa Rambura, Akarere ka Nyabihu. Nagiye muri Kongo mu kwezi kwa Gatandatu 2012, ngiye gusura marume utuye i Rubaya (Kongo) witwa HAZICİYAREMYE.

Ndikugenda ngana i Rubaya nafashwe n’abasirikare ba Kongo bambaza ibyangombwa ndabibaha. Bamaze kubibona barabibitse bahita bansaba kubajya imbere, barashorera iyo bari banjyanye simpazi. Nababajije impamvu bamfashe ntibansubiza. Baranjyanye bangeza mu kigo cya gisirikare cya Camp Katindo, bansaba kwinjira mu kazu nabonaga kadasobanutse nanga kwinjiramo!

Maze kugezwa muri Camp Katindo, igihe bankubitaga bampanahana, nabajijwe ibibazo bitandukanye. Umwe akambaza ikibazo, naba ntaramusubiza undi akaba nawe abajije ikindi. Bose bari kunyemeza ko ndi umusirikare w’u Rwanda waje gufasha M23. Iyo banyemezaga ko ndi umu-M23 narabihakanaga, bakarushaho kumbabaza n’inkoni, bakambwira ko bazareka kunkubita ari uko mbyemeye cyangwa nshizemo umwuka.

Abo basirikare bangejeje mu kigo cya Gisirikare cya Camp Katindo, nanga kwinjira mu kazu banyinjizagamo, bamereye nabi cyane. Narakubiswe cyane mbere y’uko ninjiramo ngera aho numva ubwenge burisibye, banyinjiza muri ako kazu ntumva ntabona. Aho muri ako kazu nahasanze abandi bafunzwe batanu, nabo bakubitwaga cyane, ku buryo bukabije.

Aho nahamaze nk’ukwezi, nkorerwa ibikorwa by’agashinyaguro. Igihe icyo aricyo cyose, uko byabaga bibajemo najyaga kubona nkabona umusirikare araje, ansohoye muri ako kazu, naba ndi jyeneyine cyangwa ndi kumwe n’abandi, bakaba badusohoreye rimwe bakadukubita by’intangarugero. Bananirwa bakongera bakatwinjizamo twabaye intere! Kubera ibikorwa by’iyicarubozo twakororwaga, nta kurya nta kunywa. Hari umwe witwaga MASENGESHO Daniel wapfuye yishwe n’inkoni.

Iryo joro Daniel yapfuyemo baraye badukubita budukeraho. Hari hashize ukwezi dufunzwe, dutunzwe n’iby’abasirikare bamega. Muri icyo gitondo abasirikare baransohoye nibwira ko bagiye kumpa amazi yo kunywa kuko hanze yari ahari kandi numva meze nabi mfite inyota, ariko ntibayampa! Baranshorera, ngendesha ibirenge kuko inkweto bari barazinyatse, nari nambaye udushwangi imyenda yanjye bayinyatse, ngenda nta gatege nikubita hasi kubera inzara ariko ntazi aho nerekeza, aho nciye abaturage bagenda banshungera kubera ukuntu nari meze nabi. Si nanjye jyeneyine wari umeze nabi na bagenzi banjye byari uko twari twarahinduye isura dusa nabi cyane.

Mu gihe bari baturekuye byo kwanga ko dukomeza kubagwaho, ngeze mu nzira naje gufashwa n’umumotari wampaye “lift” muganyiye ko ntashobora kugera no ku mupaka. Uwo mumotari yaranjyanye angeza kuri “ Grande Barriere”. Mpageze nsobanura ibibazo nahuye

nabyo nkibwira ko bagiye guhita bandeka ngataha ariko si ko byagenze! Ubuyobozi bushinzwe abinjira n’abasohoka bwa Goma bumbonye, bwatinye kundeka ngo nkomeze kubera ukuntu nasaga, bunjyana kwa muganga byo kwikiza banshyira mu bitaro bya Heal Africa. Muri ibyo bitaro marayo hafi ukundi kwezi. Nyuma y’aho baje kunkurayo, banjyana ku Biro bya DGIM naho mfungirwayo mpahurira nanone n’abandi twari dufunganywe muri cya kigo cya Camp Katindo. Ubuyobozi bwa DGIM, bwatugiriye inama yo kurega abasirikare ba camp Katindo kubera ukuntu baduhohoteye n’iryo fungwa. Ubuyobozi bwa DGIM budufasha gutanga ikirego muri “Auditorat General Militaire” ya Kongo. Igihe cyo kuburana kigeze, kubera ko tutari tuzi igifaransa baduhaye umusemuzi mu iburana biza kurangira dutsinze abadufunze, banategekwa kuzatwishyura amadolari ibihumbi icumi ku muntu ariko ayo mande ntayo baduhaye.

Igihe cyarageze, jyewe n’abo twari dufunganwe batujyana muri CICR, batubwira ko aribo bazadufasha gutaha. Aho kuri CICR twahabaye iminsi itari mike, twasaba gutaha bakatwizeza ko bazaducyura ariko ntibabikore. Mu ijoro rimwe badupakiye imodoka shishi itabona batugeza ku mupaka bwije, turahatinda ntutuzi ibyo bavuganaga n’abayobozi baho birangira bidashobotse ko dutaha badusubizayo, batwemeza ko u Rwanda ngo rwatwanze.

Muri icyo kigo cya CICR tumaze kuhamenyera, twafashe icyemezo cyo gutoroka, tubacunga ku jisho, ntawamenya ibyo babaga bahugiyemo, dusohoka batatwumva buri wese yirwanaho ashaka aho agana ashakisha inzira imucyura mu Rwanda. Jyewe naje guhingukira kuri “Petite Barrière”, kuwa 22 Nzeri 2012, mfatwa n’abasirikare b’u Rwanda kuko nari ninjiye nta byagombwa mfite. Maze kugera mu Rwanda nabasobanuriye ibyambayeho, baranyakira, bamfasha kongera guhura n’umuryango wanjye.

Umwanditsi :

Umuyobozi w’Itsinda :

Depite UWIMANIMPAYE Jeanne d’Arc

Senateri Dr BIZIMANA Jean Damascène